# Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

## Umwaka wa 1

Igitabo cy'umwarimu

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa mbere, ikiciro rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri

bakorera mu ishuri.

- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda, gukundisha abanyeshuri ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize, kugira ngo bakurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB**

## GUSHIMIRA

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze kugira ngo iki gitabo gishobore gukosorwa.

Ndashimira kandi abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo gukosora iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD**

# Ishakiro


**IJAMBO RY'IBANZE** .................................................... iii

**GUSHIMIRA** .................................................... v

Imbonerahamwe z'imitwe y'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye.................................................... xx

**Umutwe wa 1: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango** .................... 1

Umwandiko: Inshingano z'abagize umuryango....................................3

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ....................................3

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko....................................7

Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ....................................8

Igice cya kane: Ikibonezamvugo .................................... 10

Izina.................................... 10

Izina mbonera .................................... 10

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .................................... 13

Igice cya kabiri: Gusoma no Gusesengura umwandiko.................................... 17

Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .................................... 18

Igice cya kane: Ikibonezamvugo .................................... 19

Inteko z'amazina.................................... 19

Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere .................................... 25

Ubumenyi bw'inyongera: .................................... 25

Isuzuma risoza umutwe wa mbere .................................... 25

Imyitozo nzamurabushobozi. .................................... 29

**Imwitozo nyagurabushobozi:** .................................... 30

**Umutwe wa 2: Ibiyobyabwenge mu rubyiruko**.................................... **31**

Umwandiko: Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko.................................... 33

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .................................... 33

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.................................... 37

Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .................................................. 38
Igice cya kane: Ikibonezamvugo .......................................................................... 40
Uturemajambo tw'izina: ...................................................................................... 40
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umuvugo .................................................. 45
Igice cya kabiri: Gusoma no Gusesengura umwandiko .................................. 49
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .................................................. 50
Igice cya kane: Umuvugo ....................................................................................... 51
Ubumenyi bw'inyongera ........................................................................................ 53
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri ......................................................... 53
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri ........................................................................ 54
Umwitozo nyagurabushobozi.................................................................................. 58
**Umutwe wa 3 : Ibidukikije.......................................................................59**
Umwandiko: Amazi n'akamaro kayo..................................................................... 60
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ............................................. 60
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.................................. 65
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .................................................. 66
Igice cya kane: Amabwiriza y'imyandikire: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.67
Umwandiko: Inyamaswa zo mu mazi.................................................................... 71
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ............................................. 71
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.................................. 75
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .................................................. 76
Igice cya kane: Imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze ...................................... 78
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatatu........................................................ 80
Ubumenyi bw'inyongera: ........................................................................................ 81
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu........................................................................ 81
Imyitozo nzamurambaho. ........................................................................................ 83
Umwitozo nyagurabushobozi.................................................................................. 84
**Umutwe wa 4 : Umuco w'amahoro..............................................................85**

Umwandiko: Imibanire y'abantu ........ 87
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........ 87
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ........ 91
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 92
Igice cya kane: Ikibonezamvugo: ........ 93
Amoko y'amagambo ........ 93
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........ 97
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ........ 100
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 101
Igice cya kane: Ikibonezamvugo: Isanisha ry'amagambo mu nteruro n'interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo. ........ 102
Isanisha ry'amagambo mu nteruro ........ 102
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane ........ 107
Ubumenyi bw'inyongera ........ 107
Isuzuma risoza umutwe wa kane ........ 109
Imyitozo nzamurabushobozi ........ 111
Umwitozo nzamurabushobozi. ........ 111
**Umutwe wa 5: Ubuzima ........ 112**
Umwandiko: Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo ........ 114
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........ 114
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ........ 118
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 120
Igice cya kane: Amoko y'imyandiko ........ 121
Umwandiko: Munezero na mugenzi we ........ 131
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........ 131
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ........ 135
Inkuru ngufi: ........ 136
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 137

Igice cya gatanu: Ibiganiro mpaka....138
Ubumenyi bw'inyongera: ....141
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatanu....141
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ....142
Imyitozo nzamurabushobozi. ....144
Umwitozo nyagurabushobozi....145
**Umutwe wa 6 : Umuco nyarwanda....146**
Umwandiko: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda....148
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ....148
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko....151
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ....153
Umwandiko: Kwakirana urugwiro abakugana ....154
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ....154
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko....158
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ....159
Igice cya kane: Ikibonezamvugo: ....161
Ntera, izina ntera n'igisantera ....161
Umwandiko: Umukobwa wo mu gisabo....169
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ....169
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko....172
Igice cya gatatu: Umugani muremure....174
Umwandiko: Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ....175
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ....175
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko....178
Igice cya gatatu: Ihinamwandiko....179
Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatandatu....182
Ubumenyi bw'inyongera: ....182
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu ....183

Imyitozo nzamurabushobozi......185
Imwitozo nyagurabushobozi......186
**Umutwe wa 7: Itumanaho......187**
Umwandiko: Itumanaho......188
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko......188
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko......192
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro......193
Igice cya kane: Ibaruwa isanzwe n'ubutumwa bugufi......194
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi......198
Ubumenyi bw' inyongera......198
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi......199
Imyitozo nzamurabushobozi......201
Umwitozo nyagurabushobozi......201
**Umutwe wa 8: Imyidagaduro......202**
Umwandiko: Imikino n'akamaro kayo......204
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko......204
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko......207
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro......209
Igice cya kane: Ibisakuzo n'urwenya......210
Umwandiko: Igitaramo nyarwanda......215
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko......215
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko......218
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro......219
Igice cya kane: Ikinyazina nyereka......220
Igice cya gatanu: Ibyivugo, uturingushyo n'amagorane......226
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi......231
Ubumenyi bw' inyongera......231
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi......232

Imyitozo nzamurabushobozi .......... 234
Umwitozo nyagurabushobozi .......... 234
**Umutwe wa 9: Iterambere ry'urugo. .......... 235**
Umwandiko: Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa .......... 237
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .......... 237
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko .......... 240
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 242
Igice cya kane: Ubutinde bw'imigemo .......... 243
Umwandiko: Akamaro k'imboga .......... 246
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .......... 246
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko .......... 249
Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 250
Igice cya kane: Ikinyazina ngenera .......... 252
Umwandiko: Akarima k'igikoni .......... 255
Igice cya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko .......... 255
Igice cya kabiri: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 258
Igice cya gatatu: ikinyazina ngenga .......... 259
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda .......... 264
Isuzuma risoza umutwe wa kenda .......... 264
Imyitozo nzamurabushobozi .......... 266
Imyitozo nyagurabushobozi .......... 267
**Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe .......... 273**

## Intangiriro

Imbonezamasomo muri iki gitabo, igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi. Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa; ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro, ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho by'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

### 1. Imiterere ya buri gice n'imbonezamasomo zayo

Iki gitabo kigabanijwemo imitwe ikenda kandi buri mutwe ukurikiwe n'umubare w'amasomo arimo. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha ayo masomo uhereye ku ntera enye zishingiye ku ngingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni izi zikurikira:

### 1.1 Igice cya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

#### a) Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iki gice ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye ari na ko bayakoresha mu nteruro ngo bagaragaze ko yumvikanye neza mu mvugiro runaka. Muri iki gice, abanyeshuri baboneramo ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo, ubushakashatsi, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

#### b) Imbonezamasomo muri iki gice

Iyi ntera yo kumva no gusobanura umwandiko umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko no gukorera mu matsinda.

#### 1. Ivumburamatsiko

Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko, umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko, agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko, ku majwi cyangwa amashusho yafashwe ku byuma by'ikoranabuhanga cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru,

indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

**2. Gusoma**

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu buryo bubiri: gusoma bucece no gusoma baranguruye.

**Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye atanategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza utubazo two gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

**Gusoma baranguruye**

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baraguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho, bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma, agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Abo abona batabyitabira, agakora uko ashoboye akaba ari bo ahitamo kugira ngo abatinyure basome. Iyo umwandiko urangiye, bose batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo basome umwandiko. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma, akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Abo kandi, ni na bo yibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

**Gukorera mu matsinda**

Iyo gusoma baranguruye birangiye, umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atari munsi ya bane kandi atarengeje abanyeshuri batandatu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Ni amatsinda arimo abanyeshuri batandukanye; ab'ibitsina byombi, ab'intege nke n'abari imbere mu myigire... Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda, bishakamo umuyobozi w'itsinda, n'uwandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Nk'uko amatsinda agenda ahinduka, ni nako n'abayobozi n'abanditsi bayo bagenda bahinduka, ku buryo buri munyeshuri izi nshingano zo mu itsinda zimugeraho. Iyo bari mu matsinda, umwarimu agenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha akabubaha.

## Ibikorerwa mu matsinda

### 3. Ibibazo byo kumva umwandiko

Umunyeshuri yateganyirijwe ibibazo byo kumva umwandiko, bikaba bigaragara no mu gitabo cy'umwarimu hiyongereyemo ibisubizo byabyo. Bene ibi bibazo, bitondetse ku buryo bigenda birutana mu ntera ku buryo hari ibyo ahita abonera ibisubizo mu mwandiko, ibindi akabibonera ibisubizo abanje gukoresha ubundi bumenyi asanganywe ku giti ke. Ibi bibazo na byo, umwarimu ashobora kongeraho ibindi mu gihe abona hari ingingo nsanganyamasomo ashobora kongera mu zigaragara mu zo twamuteganyirije muri iki gitabo.

Imbonezamasomo y'iki gitabo, iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye, amatsinda nk'abirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye, umuyobozi w'itsinda amurika ibisubizo byakorewe mu itsinda rye.

### 4. Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri bongera gusoma umwandiko, bagashakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye ateganyijwe mu gitabo cy'umunyeshuri ndetse n'andi atarimo bo bahuye na yo igihe basomaga bucece. Babishakisha bifashishije inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo. Muri iki gice, umunyeshuri azajya asobanura ijambo mu magambo ye, arisobanure atanga irindi bisobanura kimwe (impuzanyito) cyangwa arisobanure atanga iryo bivuguruzanya mu gisobanuro (imbusane) ibi bibazo by'inyunguramagambo bisubije muri iki gitabo cy'umwarimu ariko biziyongeraho ibibazo ku by'ayandi magambo azagaragazwa n'abanyeshuri igihe basoma.

Iyo bamurika ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kunoza inyito batanze maze akabasaba kuyakoresha mu nteruro kugira ngo barusheho kuyumva bayakoresha mu mvugiro ikwiye.

## Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda

Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akamurikira bagenzi be ibyakorewe mu itsinda. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe, cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kumurika ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo, amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje, andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyamuritswe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorerwa mu matsinda.

### 1.2 Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Muri iki gice cya kabiri, dusesengura umwandiko duhereye ku bikorwa by'umunyeshuri byo gusesengura umwandiko biba bigaragara mu nteganyanyigisho nko gushaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zivugwa mu mwandiko, kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko cyangwa guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe kimwe no gushaka ibice bigize umwandiko. Uyu mwitozo hose muri iki gitabo, abanyeshuri bawukorera mu matsinda. Muri uyu mwitozo abanyeshuri bahabonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo n'ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi. Imbonezamasomo y'iyi ntera igaragaza ibice bibiri: isubiramo no gusesengura.

## Isubiramo

Mu isubiramo, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma n'ibyari biwukubiyemo. Urugero: Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Havugwagamo iki muri rusange? ...

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, akanabasaba kubyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome. Mbere yo kujya mu matsinda, umwarimu ashobora kubaha ibindi bibazo byabafasha neza kugera ku bisubizo bikwiye.

## Gusesengura

Muri iki gice, umunyeshuri yasabwe kugaragaza ingingo z'ingenzi n'ingereka zikubiye mu mwandiko, kugaragaza ibice bigize umwandiko no kwerekana isomo akuye mu bivugwa mu mwandiko. Ibi byateguwe kugira ngo umunyeshuri yumve umwandiko ku buryo bwimbitse, acengerwa neza n'insanganyamatsiko yateguriwe cyanecyane ko ibyigwa bishingiye ku nsanganyamatsiko zarobanuwe ngo umwana w'Umunyarwanda aziteho by'umwihariko.

Imbonezamasomo y'iki gice isaba umwarimu kubanza gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bize bakawusomera mu matsinda. Akabasaba kugerageza gukorera hamwe, mu itsinda, bagerageza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Iyo abanyeshuri bari mu matsinda, umwarimu agendagenda mu matsinda yose kugira ngo atange ubufasha ku babukeneye. Iyo igihe yabahaye kigeze asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze. Akabafasha kunoza ibisubizo bitangwa maze, ibisubizo byumvikanyweho bikandikwa ku kibaho.

### 1.3. Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo/Kujya impaka/Guhanga umwandiko/Kuvuga umuvugo/ Kwitoza kuvugira mu ruhame...

Muri iki gice ya gatatu hakubiyemo umwitozo w'ubumenyi ngiro utuma abanyeshuri bashobora kuvuga, kwandika no guhanga. Ni muri uyu mwitozo, abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo no gusabana mu Kinyarwanda cyanecyane ko baba bahuza ibyo biga n'ibyo babona bikorwa mu buzima bwa buri munsi. Ni muri iki gice kandi abanyeshuri bigira ingingo nsanganyamasomo

bazijyaho impaka bakanunguranaho ibitekerezo.

Iyo ari ukungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, akanabasaba kuwandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo, ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira azabibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo ,umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

Iyo ari ukujya impaka, umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kujya impaka. Mu rwego rwo gufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma icyo kibazo baranguruye ijwi no kucyandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka, akamusaba gutangiza ikiganiro mpaka no kukiyobora akurikije amabwiriza agenga ibiganiro mpaka. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya. Iyo barangije umwarimu afatanya n'abanyeshuri bajyaga impaka ndetse n'indorerezi gukora umwanzuro w'impaka ukandikwa ku kibaho.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwandika ku kibaho ikibazo gisaba guhanga kiri mu gitabo cy'umwarimu. Akibaha nk'umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa ugakorwa n'umuntu ku giti ke, akabaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda bagendeye ku turango tujyanye n'igihangano bahaweho umukoro. Icyo gihe, iyo igihangano kidasomwe cyandikwa ku kibaho, maze buri tsinda rikagaragaza uko ribona icyo gihangano ryerekana ibyiza bikirimo n'inenge igihe bihari, nuko umwarimu akabafasha kubikorera ubugororangingo. Umwarimu kandi ashobora kubikosora agenda agaragariza buri wese ibitagenda neza mu gihangano ke.

Iyo ari ugutora umuvugo, buri munyeshuri ahabwa igihe cyo kuwufata mu mutwe, nyuma akazajya imbere y'abandi akawutondagura, bagenzi be bagenda basuzuma niba yubahirije isesekaza n'iyitsa cyangwa niba atasimbukaga imikarago cyangwa ngo arye amagambo.

### 1.4 Igice cya kane: Ikibonezamvugo/ inshoza y'ubuvanganzo/ubumenyi bw'ururimi

Muri iki gice ni ho abanyeshuri bigira ikibonezamvugo, ubuvanganzo ndetse n'ubumenyi bw'ururimi. Nyuma yo kwiga ibirebana n'umwandiko ubwawo, abanyeshuri benderaho bakiga ikibonezamvugo cyangwa ubuvanganzo bakomora ingero muri iyo myandiko. Hari n'ubwo ikibonezamvugo n'ubuvanganzo byigirwa icyarimwe mu mwandiko umwe.

#### a) Ikibonezamvugo

Imbonezamasomo y'ikibonezamvugo cyangwa iy'ubuvanganzo muri iyi ntera igaragaramo ivumburamatsiko, gusesengura no kumurika ibyavuye mu matsinda.

**b) Ivumburamatsiko**

Mu ivumburamatsiko, umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga, zirimo amagambo yerekeza ku kibonezamvugo bagiye kwiga cyanecyane amagambo yandikishije ibara ry'umukara tsiri cyangwa aciyeho akarongo nyuma akababaza ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigwa.

**c) Gusesengura**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu amatsinda angana n'ibyigwa bikubiye muri icyo kibonezamvugo, akabagabanya ibyo bagomba gukora kuri buri kigwa. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, akanababwira aho bakorera ubwo bushakashatsi abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri ndetse no mu isomero. Nyuma yo kwegeranya ibyo bakuye mu bushakashatsi, abanyeshuri bamurika ibyavuye mu matsinda. Iyo itsinda rimwe rimurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo, andi matsinda afatanya n'umwarimu kubinonosora bikandikwa ku kibaho maze agasaba abanyeshuri bose kubyandika mu makayi yabo.

## Uburyo bwo gukora isuzuma

Amasuzuma aba mu ngeri nyinshi ushingiye ku bayakoresha. Muri iki gitabo twateguye gusa amasuzuma azategurwa n'umwarimu agenzura umunsi ku munsi imikorere, imyitwarire n'ubwitabire bwa buri munyeshuri mu gihe yiga, yaba ari mu itsinda na bagenzi be yaba asubiza ibyo abajijwe, asoma cyangwa se atora imivugo. Nyuma y'isuzuma ryo kwitegereza ukwitabira amasomo k'umunyeshuri ku giti ke cyangwa akorera mu itsinda, umwarimu azasuzuma umunyeshuri mu byiciro bibiri. Azakoresha imyitozo kugira ngo arebe niba intego z'isomo yatanze zagezweho, cyangwa atange isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize. Ni muri urwo rwego rero, umwarimu twamuteguriye imyitozo n'ibisubizo byayo akazajya ayiha abanyeshuri asuzuma ko ibyo yabigishije babyumvise neza uwo munsi tukanamutegurira isuzuma rikusanya ibyizwe mu mutwe wose, maze umwarimu akazajya aritanga mu rwego rwo kugenzura ko umunyeshuri yumva neza iby'uwo mutwe mbere y'uko batangira undi mutwe.

Iri suzuma risoza umutwe twarimuteguriye dushingiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mutwe, kandi rigaragaramo n'imyitozo ijyanye n'ubuzima bwa buri munsi umuyeshuri abamo ku buryo kubisubiza biba bimutoza umuco wo gukemura ibibazo runaka ashyira mu bikorwa ibyo yize.

**a) Imyitozo**

Iyi myitozo twayiteguye dushingiye ku ntego zihariye z'isomo zigaragara mu nteganyanyigisho. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iyo myitozo cyangwa akaba yabaha indi ariko ijyanye n'intego z'isomo. Iyo barangije kuyikora bayikosora bayobowe n'umwarimu bandika ku kibaho ibisubizo by'ukuri.

**b) Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize**

Iri suzuma riza inyuma ya buri mutwe riteguye hashingiwe ku bigenderwaho mu isuzuma bigaragara mu nteganyanyigisho. Ibibazo birikubiyemo bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri be. Nyuma yo gukosora

iri suzuma, umwarimu azereka buri munyeshuri urwego agezeho, maze ab'intege nke agerageze kubitaho by'umwihariko. Umwarimu ntagomba gutangira undi mutwe mu gihe ibisubizo by'isuzuma rusange bimwereka ko abanyeshuri batakenetse ibikubiye mu mutwe. Mu bibazo twabateguriye harimo ibibazo bijyanye no kwitegereza, ibyo basubiza bandika n'ibibazo basubiza bavuga.

### c) Imitegurire y'ibibazo by'isuzuma

Muri iki gitabo, ibibazo by'isuzuma twabiteguye dushingiye ku ntego zihariye z'isomo no ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe, bigaragara mu nteganyanyigisho. Ibibazo byinshi ni ibisaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize, si ibibazo bimusaba gufata mu mutwe gusa. Dukurikiranya ibibazo hashingiwe kuri buri rwego, mu nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom). Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) ni byo twahaye umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

## 2. Imfashanyigisho zikenerwa

Kuri buri ntera tugaragariza umwarimu imfashanyigisho yakoresha kugira ngo isomo ryumvikane neza. Izi mfashanyigisho si zo umwarimu azakoresha gusa kuko na we ashobora kuzakenera izindi mfashanyigisho zifatika zo kwifashisha ashingiye ku miterere y'ishuri n'abanyeshuri be. Ni ngombwa kandi ko habaho isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho cyane ko mu mbonezamasomo zijyanye n'intera ya kane dusaba umwarimu ko yakohereza abanyeshuri mu isomero akabarangira ibitabo bakoresha mu bushakashatsi bwabo. Muri iki gitabo hanateganyijwemo ko umwarimu azifashisha n'imfashanyigisho zisaba ibyuma by'ikoranabuhanga kugira ngo babashe kujyana n'aho Igihugu kigeze. Twateganyije ko umwarimu n'abanyeshuri bazifashisha nka terefoni cyangwa mudasobwa zifite interineti mu gihe bakora ubushakashatsi ku mbuga nkoranyambaga, bagakoresha imfashanyigisho z'iyumvabona (tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi (amajwi yafashwe) ndetse n'ibinyamakuru. Hakenewe kandi imfashanyigisho z'abafite ibibazo byihariye nk'abafite ubumuga bwo kutabona cyangwa kutumva neza n'abandi.

## 3. Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu mbonezamasomo y'iki gitabo, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Mu myigishirize igaragara mu ntera zinyuranye z'iki gitabo, tumwereka uburyo bumwe na bumwe yakwifashisha abitaho na we akazongera ubwe bitewe n'imbogamizi abonanye umunyeshuri umuri imbere. Ni ngombwa ko umwarimu akwiye no kugira amahugurwa ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zigenerwa abafite ibibazo byihariye kugira abashe kwita kuri buri munyeshuri aho ari hose.

## 4. Uburyo bwo kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe ku buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Ubushobozi bwo

gushakira ibibazo ibisubizo tubugaragariza cyane mu bibazo bimwe na bimwe byo kumva umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo abe yakemura ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize. Ahandi tubugaragariza ni mu bibazo byo gusesengura umwandiko, kujya impaka no kungurana ibitekerezo kuko ibibazo dukoresha ari ibituma abanyeshuri batekereza uburyo bakemura ikibazo runaka bahura na cyo.

Ubushobozi bwo guhanga udushya muri iki gitabo tubugaragariza mu myitozo inyuranye yo guhanga. Ubushakashatsi bwo tubugaragariza mu myitozo y'inyunguramagambo aho dusaba umunyeshuri gukoresha inkoranyamagambo ashaka ibisobanuro by'amagambo akomeye, tunabugaragariza kandi mu ntera ya kane, dusaba umunyeshuri kwitabira amasomero cyangwa imbuga nkoranyambaga, tukamuha ibibazo yakwifashisha kugira ngo asesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo bwigwa muri iyo ntera.

Gusabana mu Kinyarwanda tubigaragariza mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo aho dusaba umunyeshuri kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi be. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi, tubimushishikariza mu mikoro tugenda tumuha aba agomba gukora ari wenyine cyangwa abaza abo babana nyuma y'uko umwarimu ataha. Umwarimu rero, arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi igihe akoresha iyo myitozo.

### 5. Uburyo bwo kwimakaza ingingo nsanganyamasomo

Muri iki gitabo ingingo nsanganyamasomo zahawe agaciro cyanecyane ko imyinshi mu myandiko yateguriwe gusesengurwa no guherwaho mu kwiga ikibonezamvugo, ubumenyi bw'ururimi ndetse n'ubuvanganzo ari zo yagiye ishingiraho nk'uko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Si imyandiko gusa dusangamo ingingo nsanganyamasomo kuko twagiye tuzibandaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo.

Nk'uburinganire n'ubwuzuzanye buvugwa cyane mu myandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango mu mutwe wa mbere aho dusaba abanyeshuri kujya impaka ku kamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda. Iterambere ry'ubukungu ryibandwaho mu mutwe wa kenda uvuga ku iterambere ry'urugo. Kwimakaza umuco nyarwanda byo bikubiye mu mutwe wa gatandatu mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda haniyongereyeho n'ubukwe bwa gakondo. Inyigisho kuri jenoside umwarimu agomba kuzikomozaho mu gusesengura imyandiko yo mu mutwe wa kane, uvuga ku muco w'amahoro mu mwitozo wo guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe bagaragaza ibibazo bishobora gukurura no gutera amakimbirane. Insanganyamatsiko y'ibidukikije n'iterambere rirambye isesengurwa cyane mu mutwe wa gatatu aho dusaba umunyeshuri kurondora uburyo bunyuranye bwo kubungabunga amazi n'inyamaswa ziyabamo. Uburezi budaheza bukomozwaho mu mutwe wa kane, mu rwego rwo kungurana ibitekerezo hahuzwa insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe, ahasabwa kugaragaza ibyakorwa hagati y'abanyeshuri ubwabo kugira ngo bagaragaze ko hari

imibanire myiza, ubworoherane, kubahana no gufatanya hagati yabo.
Umwarimu arasabwa kuzibandaho cyane mu gihe akoresha imyitozo ikubiyemo izo ngingo nsanganyamasomo.

**Inyongera**

Mu intangiriro z'iki gitabo, umwarimu twamushyiriyemo umugereka ukubiyemo imbonerahamwe y'imitwe yo mu gitabo cy'umunyeshuri n'imbata y'isomo umwarimu yazagenderaho na we ategura andi masomo asigaye.

**a) Imbonerahamwe y'imitwe yo mu gitabo cy'umunyeshuri**

Umwarimu twamworohereje kumenya mu buryo bwihuse aho ashakira isomo runaka muri iki gitabo kugira ngo mu gihe akifashisha hamwe n'icy'umunyeshuri adatakaza umwanya arambura impapuro nyinshi arishakisha. Imitwe n'ibiyirimo twabishyize mu mbonerahamwe azareberamo akajya gushaka isomo azi aho riherereye, anazi ubushobozi umunyeshuri azaba yifitemo arangije kwiga iryo somo.

**b) Imbata y'amasomo**

Twamushyiriyemo urugero rw'imbata y'isomo riteguye, mu rwego rwo kumworohereza gutegura amasomo anyuranyije imiterere nko kumva umwandiko n'inyunguramagambo, gusesengura umwandiko, kwigisha imyandiko yihariye nk'imivugo cyangwa amabaruwa, ibiganiro mpaka, ubumenyi bw'ururimi nk'imyandikire y'Ikinyarwanda, ihinamwandiko n'ikibonezamvugo giteguwe ku kinyazina.

**c) Imyitozo y'inyongera.**

Ku mpera ya buri mutwe umwarimu twanamuteganyirije imyitozo y'inyongera, yazajya yifashisha mu gihe hari uwo abonye ukeneye indi myitozo imuzamura, nyuma yuko isuzuma ryagaragaje ko atarumva neza ibikubiye mu mutwe baba barangije kwiga. Hari kandi n'imyitozo igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi igihe bahari. Iyi myitozo mwarimu azayiheraho abe yashaka n'indi bitewe n'uko abona uwo ashaka gufasha ahagaze.

# Imbonerahamwe z'imitwe y'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye

| |
|---|
| **Umutwe wa mbere: Uburinganire n'ubwuzuzanye** |
| **Umubare w' amasomo: 15** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango.<br>– Gusesengura amazina no gukoresha mu nteruro amagambo yungutse yubahiriza isanisha rishingira ku nteko z'amazina. |
| **Umubare w'ibyigwa: 8** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>– Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu ngo, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha umwandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>– Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi  ngiro yo kungurana ibitekerezo.<br>– Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku izina: uturango tw'izina mbonera, izina bwite n'izina rusange, inteko z'amazina, ubumwe n'ubwinshi by'amazina. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya.<br>– Gushakira ibibazo ibisubizo no kugira ubushishozi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.<br>– Uburezi budaheza.<br>– Kugira uburezi ku bijyanye n'imyanya myibarukiro. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**<br>-Gusoma adategwa yubahiriza utwatuzo.<br>-Gusesengura umwandiko.<br>-Gutandukanya izina bwite n'izina rusange no kuyakoresha neza mu nyandiko.<br>-Gukoresha mu nteruro amagambo yunguts yungutse yubahiriza isanisha rishingira ku nteko z'amazina. |

| |
|---|
| **Umutwe wa kabiri:  Ibiyobyabwenge mu rubyiruko** |
| **Umubare w' amasomo: 12** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ivuga ku biyobyabwenge n'ingaruka zabyo.<br>– Gusesengura amazina no kugaragaza amategeko y'igenemajwi.<br>– Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo. |
| **Umubare w'ibyigwa: 8** |

**Imfashanyigisho zisabwa:**

- Imyandiko ivuga ku kwirinda ibiyobyabwenge, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**

- Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
- Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.
- Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku turemajambo tw'izina, amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi.
- Hifashishijwe umuvugo abanyeshuri (mu matsinda) bavumbura uturango tw'umuvugo.

**Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**

- Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
- Ubushakashatsi n'ubushishozi.
- Guhora yiyungura ubumenyi.
- Ubushobozi bwo gufashanya.

**Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**

- Uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Umuco wo kuzigama.
- Uburezi budaheza.

**Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**

- Gusesengura umwandiko.
- Gguhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.
- Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo.
- Gusesengura amazina agaragaza uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

**Umutwe wa gatatu: Ibidukikije**

**Umubare w' amasomo: 9**

**Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura umwandiko ku bidukikije.
- Kwandika yubahiriza utwatuzo n'imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

**Umubare w'ibyigwa: 8**

**Imfashanyigisho zisabwa:**

- Imyandiko ivuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda n'inkoranyamagambo.

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**
- Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
- Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.
- Hifashishijwe interuro zakoreshejwemo inyuguti nkuru n'utwatuzo tw'ibanze (akabago, akitso, akabazo n'agatangaro) abanyeshuri (mu matsinda) barazisuzuma bavumbura imikoreshereze itandukanye y'inyuguti nkuru ndetse n'utwatuzo tw'ibanze.

**Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**
- Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.
- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.
- Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**
- Kubungabunga ibidukikije.
- Uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Uburezi budaheza.

**Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**
- Gusesengura umwandiko
- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.
- Kwandika yubahiriza imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'iy'utwatuzo tw'ibanze.

**Umutwe wa kane: Umuco w'amahoro**

**Umubare w' amasomo: 6**

**Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**
- Gusesengura imyandiko ivuga ku muco w'amahoro.
- Gutandukanya amagambo ahinduka n'adahinduka no kuyakoresha mu nteruro mbonezamvugo yubahiriza isanisha.

**Umubare w'ibyigwa: 8**

**Imfashanyigisho zisabwa:**
- Imyandiko ivuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**
- Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
- Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.
- Hifashishijwe interuro zakoreshejwemo amagambo atandukanye, interuro zakoreshejwemo neza isanisha ndetse n'izidasanishije neza, abanyeshuri barazisuzuma bavumbura imiterere y'amagambo ahinduka n'adahinduka, amategeko agenga isanisha ndetse banatahure ibiranga interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

**Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**
- Ubushishozi.
- Ubushakashatsi.
- Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.
- Gushakira ibibazo ibisubizo.
- Guhanga udushya.

**Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**
- Kubungabunga ibidukikije.
- Uburinganire n'ubwuzuzanye
- Uburezi budaheza.

**Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**
- Gusesengura umwandiko.
- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.
- Kurondora no gutandukanya amagambo ahinduka n'adahinduka.
- Kugaragaza uruhare rw'inteko z'amazina mu isanisha ry'amagambo agize interuro.
- Kwandika interuro mbonezamvugo

**Umutwe wa gatanu: Ubuzima**

**Umubare w' amasomo: 16**

**Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**
- Gusesengura imyandiko ivuga kuri SIDA no kujya impaka ku buryo bwo kwirinda SIDA akurikiranya neza ibitekerezo.
- Gutandukanya amoko y'imyandiko ashingiye ku turango twayo.

**Umubare w'ibyigwa: 8**

**Imfashanyigisho zisabwa:**
- Imyandiko ivuga kuri SIDA, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona n'inkoranyamagambo.

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**
- Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
- Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.
- Hifashishijwe amoko atandukanye y'imyandiko, abanyeshuri (mu matsinda) barayasuzuma bagatahura uturango twa buri bwoko bw'umwandiko.
- Hakoreshejwe ishusho y'abari kujya impaka, abanyeshuri batahura imiterere y'ikiganiro mpaka n'imiyoborere y'ikiganiro mpaka.

| |
|---|
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**<br>– Ubushishozi.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Guhanga udushya.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**<br>– Ubuzima bw'imyororokere.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**<br>**Gusesengura umwandiko;**<br>- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;<br>- Kujya impaka atanga ibitekerezo bivuguruza cyangwa byunguruza;<br>- Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse;<br>- Kurondora no gutandukanya amoko y'imyandiko. |

| |
|---|
| **Umutwe wa gatandatu: Umuco nyarwanda** |
| **Umubare w' amasomo: 14** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura umwandiko uvuga ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.<br>– Gukora inshamake y'umwandiko yasomye.<br>– Gusesengura no gutandukanya ntera, izina ntera n'ibisantera. |
| **Umubare w'ibyigwa: 13** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>– Imyandiko ivuga ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>– Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.<br>– Hifashishijwe interuro zakoreshejwemo ntera, izina ntera n'ibisantera, abanyeshuri ( mu matsinda) barazisuzuma batahure uturango, intego n'amategeko y'igenamajwi.<br>– Bagendeye ku mwandiko haratahura ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka mu rwego rwo kwitoza gukora inshamake y'umwandiko.<br>– Bagendeye ku rugero rw'umugani muremere abanyeshuri (mu matsinda) barawusuzuma batahura uturango tw'umugani muremure. |

| |
|---|
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**<br>– Ubushishozi.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Guhanga udushya.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**<br>-Gusesengura umwandiko no kuwuhina.<br>- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.<br>- Gusesengura ntera, izina ntera n'igisantera.<br>- Kuvumbura mu nteruro ntera, izina ntera n'igisantera.<br>- Gutahura uturango tw'umugani. |

| |
|---|
| **Umutwe wa karindwi: Itumanaho** |
| **Umubare w' amasomo: 6** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ijyanye n'itumanaho no kwandika neza ibaruwa ya gicuti n'ubutumwa bugufi. |
| **Umubare w'ibyigwa: 4** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>– Imyandiko ivuga ku ikoranabuhanga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo, ibikoresho binyuranye by'itumanaho n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>– Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.<br>– Hifashishijwe urugero rw'ibaruwa ya gicuti ndetse n'ubutumwa bugufi bwanditse, abanyeshuri (mu matsinda) barazisuzuma batahure ibiranga ibaruwa ya gicuti n'imbata y'ibaruwa ya gicuti ndetse n'uko ubutumwa bugufi buba buteye. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**<br>– Ubushakashatsi.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo no gushishoza.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye<br>– Uburezi budaheza. |

| |
|---|
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**<br>- Gusesengura umwandiko;<br>- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.<br>- Kwandika ubutumwa bugufi cyangwa ibaruwa ya gicuti. |

| **Umutwe wa munani: Imyidagaduro** |
|---|
| **Umubare w' amasomo: 14** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ivuga ku myidagaduro.<br>– Gusesengura ibinyazina nyereka no gukoresha imvugo inoze mu gusabana n'abandi.<br>– Guhanga ikivugo, urwenya no gusoma vuba amagorane adategwa. |
| **Umubare w'ibyigwa: 9** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>– Imyandiko ivuga ku kamaro k'imikino, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo birimo ibisakuzo, ibyivugo, urwenya, uturingushyo n'amagorane, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>– Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi  ngiro yo kungurana ibitekerezo.<br>– Hifashishijwe ingero z'interuro zikoreshejwemo ibinyazina nyereka, ingero z'ibisakuzo, ibyivugo, urwenya, uturingushyo n'amagorane, abanyeshuri (mu matsinda) baragenda babisuzuma batahura uturango twabyo. Ku binyazina nyereka hagaragazwa intego n'amategeko y'igenamajwi akoreshwamo. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**<br>– Ubushakashatsi.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**<br>- Gusesengura umwandiko.<br>- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.<br>- Gusesengura ikinyazina nyereka no kugikoresha mu nteruro.<br>- Gusobanura uturango tw' ibisakuzo, ibyivugo urwenya, uturingushyo n'magorane.<br>- Guhanga ikivugo no guseruka yivuga. |

| **Umutwe wa kenda: Iterambere ry'urugo.** |
|---|
| **Umubare w' amasomo: 16** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura umwandiko werekanye iterambere ry'urugo.<br>– Gusesengura ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga.<br>– Gusoma no kwandika ubutinde bw'imigemo mu magambo. |
| **Umubare w'ibyigwa: 11** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>– Imyandiko ivuga ku buhinzi, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>– Kubaza ibibazo byibutsa ibyo basomye mu mwandiko no gusubirishamo umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi  ngiro yo kungurana ibitekerezo.<br>– Hifashishijwe ingero z'interuro zikoreshejwemo ibinyazina ngenera n'ibinyazina ngenga, ndetse n'interuro zirimo amagambo y'impuzashusho ariko atavugwa kimwe kubera ubutinde bw'imigemo imwe n'imwe, abanyeshuri ( mu matsinda) baragenda babisuzuma batahura imiterere n'uturango twabyo. Ku bijyanye n'ubutinde bw'imigemo haragaragazwa imyandikire y'imigemo itinda n'imigemo ibanguka na ho ku binyazina ngenera n'ibinyazina ngenga hagaragazwa intego n'amategeko y'igenamajwi akoreshwamo. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo bwibanzweho:**<br>– Ubushakashatsi.<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho:**<br>– Umuco wo kuzigama.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwakoreshejwe mu gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**<br>- Gusesengura umwandiko.<br>- Guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo.<br>- Gusoma no kwandika yubahiriza ubutinde bw'imigemo.<br>- Gusesengura ikinyazina ngenera, ikinyazina ngenga n'ikinyazina ngenera ngenga no kubikoresha mu nteruro. |

## Imbata y'isomo ntangarugero

Urugero rw'imbata y'isomo ku mutwe wa mbere

Izina ry'ishuri: G.S RAMIRO Amazina ry'umwarimu: SUGIRA Martin

| Igihembwe cya | Itariki | Inyigisho: | Umwaka wa | Umutwe wa | Isomo rya.... | Igihe isomo rimara: | Umubare w'abanyeshuri: |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **Ikinyarwanda** | **mbere** | **mbere** | **muri** | **Iminota 40** | **45** |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo:**<br>Abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo: 1<br>Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona neza:1 | | | | | | | |
| **Umutwe: wa mbere: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango**. | | | | | | | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**<br>Gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango.<br>Gusesengura amazina no gukoresha mu nteruro amagambo yungutse yubahiriza isanisha rishingira ku nteko z'amazina. | | | | | | | |
| **Isomo:** Umwandiko **"Inshingano z'abagize umuryango"**. | | | | | | | |

| | |
|---|---|
| **Intego ngenamukoro** | Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko yasomye, araba ashobora:<br>– Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko<br>– Gusobanura amagambo akomeye<br>– Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse. |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri. |
| **Imfashanyigisho** | Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, umwandiko uvuga ku nshingano z'abagize umuryango, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona... |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro rusange, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ibice by'isomo n'igihe buri gice kimara** | **Gusobanura muri make ibikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora:**<br>Umwarimu yifashishije umwandiko, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha (abanyeshuri) .<br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo, abafite ibibazo byihariye bakitabwaho. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1. Intangiriro: Iminota 5** | – Umwarimu arasaba abanyeshuri kwitegereza amashusho, akababaza ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Ahereye ku bisubizo by'abanyeshuri, arababaza insanganyamatsiko yaba ikubiye mu mwandiko, umwarimu arandika ku kibaho umutwe w'umwandiko bagiye kwiga maze abasabe kureba mu gitabo cy'umunyeshuri ahari umwandiko witwa **"Inshingano z'abagize umuryango".** | – Abanyeshuri bitegereza amashusho mvumburamatsiko beretswe bakanasubiza ibibazo babajijwe.<br>– Abanyeshuri barasubiza ikibazo kijyanye n'insanganyamatsiko.<br>– Abanyeshuri barareba ahari uwo umutwe w'umwandiko mu bitabo byabo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi<br>– Uburezi budaheza. |
| **Isomo nyirizina Iminota 25** | **Igikorwa cya mbere: Gusoma**<br>– Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gusoma umwandiko bucece no kwandika amagambo mashya nyuma akagenzura ko basomye abaza ibibazo.<br>– Umwarimu arasoma umwandiko aranguruye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. | – Abanyeshuri barajya mu matsinda bakurikije uko umwarimu abibabwiye, hanyuma barasoma umwandiko bucece, kandi bandika amagambo mashya ndetse basubize ibibazo bigaragaza ko basomye.<br>– Ubanyeshuri barateg amatwi ibyo umwarimu asoma. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Ubushobozi bwo gukora ubushakashatsi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Uburezi budaheza. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Igikorwa cya kabiri:**<br>– Umwarimu arasaba abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda baranguruye ijwi hanyuma bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko ndetse bagashakishiriza hamwe inyito amagambo badasobanukiwe afite mu mwandiko, kandi bagatanga ingero z'interuro ayo magambo yakoreshwamo.<br>– Umwarimu aragenzura ibikorerwa mu matsinda<br>– Umwarimu arabwira abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho mu matsinda. | – Abanyeshuri barasomera umwandiko mu matsinda baranguruye ijwi, hanyuma basubize ibibazo byo kumva umwandiko ndetse bashakishe ibisobanuro by'amagambo mashya. Baratanga kandi ingero z'interuro ayo magambo yakoreshwamo.<br>– Abanyeshuri baramurika ibyo bagezeho mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Gufashanya.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Uburezi budaheza. |
| **Umusozo w'isomo:**<br>**Iminota 10**<br>– **Ikomatanya:**<br>– **Isuzuma**<br>– **Umukoro** | – Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza ibisubizo byatanzwe no gukora inshamake y'ibyo bize.<br>– Umwarimu abaza ibibazo asuzuma niba hari icyo abanyeshuri basigaranye muri rusange ku mwandiko<br>– Umwarimu atanga umukoro | – Abanyeshuri baranoza ibisubizo kandi bakore inshamake y'ibyo bamaze kwiga.<br>– Abanyeshuri barasubiza umwarimu ibibazo ababajije bigaragaza ko hari icyo basigaranye ku mwandiko.<br>– Abanyeshuri bandika ibibazo by'umukoro. | |
| **Kwisuzuma (umurezi)** | Nyuma yo kubona uko abanyeshuri bashubije ibibazo babajijwe n'ubwitabire bwabo mu gutanga ibisubizo, umwarimu arasuzuma niba isomo ryumvikanye, akurikije intego yari yihaye, kugira ngo haramutse hari ikibazo cyagaragaye gishakirwe umuti. | | |

# 1 Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango

## (Umubare w'amasomo: 15)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango.
- Gusesengura amazina no gukoresha mu nteruro amagambo yungutse yubahiriza isanisha rishingira ku nteko z'amazina.

**Ubumenyi bw'ibanze:**

- Kuba umunyeshuri yarigeze kumva ibyerekeye uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku nyito z'ibintu, abantu n'ahantu.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku bumwe n'ubwinshi bw'ibintu bitandukanye.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

– **Uburinganire n'ubwuzuzanye**

Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.

– **Uburezi budaheza.**

Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**

- Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagize umuryango.
- Ubufatanye bw'umukobwa n'umuhungu
- Inshingano z'abagize umuryango.
- Imibanire y'abagize umuryango.

**Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye....

| | | |
|---|---|---|
| **Urutonde rw'ibyigwa rujyanye n'umubare w'amasomo:**<br><br>**Inshingano z'abagize umuryango**<br><br>Umwandiko: Inshingano z'abagize umuryango<br><br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | **Amasomo 3** | |
| Igice cya kabiri : Gusoma no gusesengura umwandiko | **Isomo 1** | |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | **Isomo 1** | |
| Igice cya kane: Ikibonezamvugo<br><br>Izina mbonera gakondo<br><br>Izina bwite n'izina rusange | **Amasomo2** | |
| **Imibanire y'abagize umuryango**<br><br>Umwandiko: Iwacu mu muryango<br><br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | **Amasomo2** | |
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | **Isomo 1** | |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | **Isomo 1** | |
| Igice cya kane: Ikibonezamvugo<br>Inteko z'amazina<br>Ubumwe n'ubwinshi by'amazina | **Amasomo2** | |
| Isuzuma risoza umutwe wa mbere | **Amasomo2** | |

## Umwandiko: Inshingano z'abagize umuryango

### Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 3 )

***Intego ngenamukoro:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo umunyeshuri adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

   Turabona umugabo uteruye umwana n'umugore utoranya ibishyimbo abishyira mu isafuriya.

2. **Ubundi se birakwiye ko umugabo aterura umwana?**

   Yego, birakwiye.

3. **Iyo muganiriye n'abantu bakuze bababwira ko na kera ari ko byari bimeze?**

   Oya. Batubwira ko kera wasangaga abagabo benshi batikoza abana; bakavuga ko abana ari ab'abagore.

4. **Naho kuri ubu mubona bimeze bite?**

   Muri iki gihe byarahindutse, hariho uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagize umuryango.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "Inshingano z'abagize umuryango". Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga kuri ba nde?**

   Uravuga ku bagize umuryango (umugabo, umugore n'abana).

2. **Ni ibiki ubavugaho?**

   Uravuga ku nshingano zabo.

3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga bibera he?**

   Bibera mu muryango.

4. **Byabaye ryari?**

   Hari ibyababagaho kera n'ibiriho kuri ubu.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda,bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni izihe nshingano umugabo yahabwaga n'umuco wa kera?**

   Mu muco nyarwanda, umugabo yari nyiri urugo. Yari umuyobozi w'umuryango akawuhagararira, akawuhahira (awushakira ibyo kurya n'ibyo kwambara),

akawitangira muri byose. Ni we wabazwaga ibyo kubaka, iby'ubuhinzi n'iby'amatungo maremare.

2. **Naho umugore we umuco wamugeneraga izihe?**

   Inshingano umugore yagenerwaga n'umuco ni ukubyara abana, kubarera, akabonsa, akabaheka, akamenya isuku yabo. Ni we wamenyaga imyitwarire y'abana mu mikurire yabo, akagenda abatoza imico myiza kugira ngo bazavemo abagabo cyangwa abagore bashimwa n'abantu. Usibye kurera abana, umugore yari afite inshingano yo gutegura amafunguro. Umugore rero agateka akagaburira umugabo n'abana. Ikindi yari ashinzwe ni isuku mu rugo. Agakubura,akamesa imyenda y'umugabo n'iy'abana, akabasasira. Umugore kandi yitaga ku matungo magufi.

3. **Niyihe mirimo yari igenewe abana?**

   Umuhungu yatozwaga imirimo ya kigabo, nko kuragira inka, kuzikama,gufasha se mu by'ubwubatsi n'iby'ubuhinzi. Umukobwa agafasha nyina kurera abana bato kuri we, kubuganiza no gucunda amata no gusobanura amavuta, akamufasha guteka ndetse no gusukura urugo.

4. **Wagereranya ute inshingano umuco wa kera wageneraga abagize umuryango n'uko bimeze ubu?**

   Kera wasangaga umuco ugenera buri wese ize nshingano;ugasanga hazamo n'ikandamizwa kuri bamwe; ndetse ugasanga ugenda ugira n'abo ukumira ku burenganzira bumwe na bumwe. Ariko kuri ubu abantu b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe n'uburenganzira bingana kandi bakuzuzanya hakurikijwe icyo buri wese ashoboye ndetse n'uko babyemeranyije.

5. **Ku bwawe wumva ute ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi?**

   Ni ihame riha uburenganzira bumwe ibitsina byombi. Bakareshya muri byose kandi bagahabwa amahirwe angana nta busumbane bubayeho. Ni ihame kandi rihamagarira ibitsina byombi kuzuzanya no gufashanya muri byose kugira ngo habeho iterambere mu muryango.

6. **Wavuga iki ku kemezo cyo gusiga urugo k'umwe mu bashakanye akajya kurushakira imibereho?**

   Ni ikemezo gikomeye ariko gikwiye kubaho kuko umuntu agomba gukunda umuryango we ku buryo yanawitangira. Impamvu yose yabaho ituma habaho gusiga urugo k'umwe mu bashakanye akarwitangira, agiye kurushakira ibirutunga, nta kibazo igomba gutera. Ndetse ibyo ntibigarukire aho, ahubwo umuntu akagera no ku rwego rwo kuba yakwitangira Igihugu ke ndetse n'isi muri rusange.

7. **Ukurikije ubuzima bwacu bwa buri munsi, twabuhuza dute n'ibivugwa mu mwandiko?**

Ubuzima bwacu bugomba guhura n'ibivugwa mu mwandiko. Abagize umuryango ( umugabo, umugore n'abana) bagombye kureshya no kungana muri byose, bakubahana ndetse bakuzuzanya batitaye ku gitsina gabo cyangwa gore, kugira ngo bateze imbere urugo rwabo n'Igihugu muri rusange.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Kwibasira:** kwitabira kugirira nabi umuntu cyangwa ikintu runaka.
   b) **Kugariza:** guhangayikisha; gushaka kugirira nabi.
   c) **Ihaho:** ibintu byo kugutunga uguze cyangwa uhaweho wabikoreye.
   d) **Gusobanura amavuta:** kuyatandukanya n'amata igihe bamaze gucunda.
   e) **Ku ruhimbi:** aho batereka amata, babika ibikoresho cyanecyane ibijyanye n'amata.
   f) **Kwibaruka:** kubyara
2. **Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:**
   a) **Abanyarwanda** ≠ abanyamahanga
   b) **Kera** ≠ ubu
   c) **Ribura** ≠ ribona
   d) **Kure** ≠ hafi
   e) **Isuku** ≠ umwanda
   f) **Winjiza** ≠ usohora
3. **Garagaza impuzanyito z'amagambo akurikira:**
   a) **Igateganywa**: ikagenwa
   b) **Ik'ibanze**: ik'ingenzi
   c) **Uretse**: usibye
   d) **Ibiribwa n'ibinyobwa**: amafunguro
   e) **Bitunganye**: binoze
   f) **Barushanwe**: bapiganwe

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu

mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

**Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe: *gushoramo*, *gusigana*, *ku isoko ry'umurimo*, *bibarutse.***

1. Umuntu ugiye gutangira umushinga w'ubucuruzi agomba kureba niba afite amafaranga ahagije yo **gushoramo.**
2. Umukobwa n'umuhungu bakuze bahabwa uburenganzira bumwe bakagira n'amahirwe angana **ku isoko ry'umurimo.**
3. Umuntu wese akwiriye kurangiza inshingano akareka **gusigana.**
4. Ni byiza ko abantu bose bagerageza kwita ku bo **bibarutse** babateganyiriza ibizabatunga.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

**(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 4 )**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

– Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Inshingano z'abagize umuryango.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Inshingano z'abagize umuryango.
3. **Izo nshingano zivugwaho iki mu bihe bitandukanye?**
   Uruhare rwa buri wese mu bagize umuryango mu kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Inshingano z'abagize umuryango"** bagerageza kuwumva neza cyane, bakabonerahо gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.**

   Inshingano zigenewe abagize umuryango mu rwego rwo kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye.

2. **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**

   Abagize umuryango (umugabo,umugore n'abana).

   Inshingano umuco wageneraga abagize umuryango.

   Uko umugabo n'umugore bakwiriye kuzuzanya.

3. **Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi.**

   Izi ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi kuko muri iki gihe hariho gahunda yo guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, bityo abagize umuryango bagomba kuzuzanya mu nshingano zabo batitaye ku byo umuco wavugaga usanga bitakijyanye n'igihe tugezemo.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 4 )

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga uvuga ku rihe hame?**

   Uvuga ku buringanire n'u bwuzuzanye.

2. **Ni bande bagomba kuringanira no kuzuzanya?**

   Ni abantu b'ibitsina byombi.

3. **Izo nshingano zivugwaho iki mu bihe bitandukanye?**

   Zagiye zihinduka uko ibihe byagiye biha ibindi.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

*Ingero z'ibitekerezo byatangwa*

**Insanganyamatsiko:**

a) **Ku bwawe wumva ute ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi?**

   Nge numva ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ari uburyo bwo kuba ibitsina byombi binganya amahirwe n'uburenganzira muri byose kandi byuzuzanya bigafashanya mu rwego rwo kwiteza imbere.

   Nge numva ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryaraziye igihe, kuko iyo urebye ukuntu abagore n'abakobwa bari barahejwe ku burenganzira bumwe na bumwe ku maherere usanga byari bibabaje. Ngo: "Nta bitekerezo byabo, ntibakwiriye gukora iki cyangwa kiriya..."Nyamara iyo witegereje usanga bashoboye, kandi ibyo bakora akenshi babikorana amakenga ndetse n'ubushishozi; tutibagiwe n'ubunyangamugayo.

b) **Ni izihe mbogamizi ubona cyangwa wumvana abandi zaba zibangamira iri hame, ndetse n'ingaruka zo kutubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango?**

Imbogamizi zirimo ni uko hari abagore bamwe babyumva nabi bigatuma bishyira hejuru bagasuzugura abagabo babo; abakobwa na bo bagasuzugura basaza babo bitwaje ngo ni uburinganire. Hari n'abagabo n'abasore na bo babitwara uko bitari bakavuga ko Leta ibasuzuguza abagore n'abakobwa.

Ingaruka zo kutubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye ni nyinshi: Kudindiza iterambere ry'umuryango n'Igihugu muri rusange, kuba intandaro y'amakimbirane mu miryango, guha intebe umuco w'ubusambo n'ibindi

c) **Ubona kwita ku bibazo by'umwihariko bya buri munyeshuri byateza imbere bite imyigire n'imyigishirize mu mashuri?**

Bituma umunyeshuri abona ko umwarimu amwitayeho amwumva mu bibazo ahura na byo akihatira na we kugira umurava wo kwiga. Na mwarimu amenya ibibazo byadindiza uwo munyeshuri akabona aho ahera amugira inama y'uko yabyitwaramo ngo ibibazo bye bitabangamirana n'imyigire ye. Kumenya ibi bibazo mbere bituma umwarimu amenya imfashanyigisho ategura zifasha isomo rye kumvikana no korohera abiga. Bituma kandi amenya uko yicaza abanyeshuri haba mu ishuri ubwaryo, haba mu gihe cyo gukorera mu matsinda.

Umwarimu ajyanye n'abadafite ibibazo gusa byateza igihombo gikomeye. Igihombo bagira ni uko umwarimu ajyanye n'abahanga abatabyumva neza bakeneye gufashwa no gusobanurirwa byimbitse bagira ubumenyi n'ubushobozi buke ntibababashe kugira umusaruro mwiza mu bizamini, maze akagawa n'abanyeshuri be, abayobozi n'ababyeyi arerera.

## Igice cya kane: Ikibonezamvugo

### Izina

### Izina mbonera

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 5 )

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'amazina, amazina bwite n'amazina rusange.
- Gutahura amazina mbonera, amazina bwite n'amazina rusange mu nteruro.
- Gukoresha neza mu nteruro amazina.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amazina mbonera n'atari mbonera, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bakanatahuramo amazina mbonera.

**Itegereze interuro zikurikira hanyuma uvuge niba amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri ari amazina mbonera.**

a) Nahuye n'umukobwa w'**umushoferi** wambaye **ishati** y'umweru afite na **terefoni**.

b) **Abakozi** b'abahungu na bo bakeneweho kunoza **imikorere** n'**imyitwarire**.

c) **Umunyeshuri** w'**umurwanashyaka** mu byo yiga bimugira **umunyamahirwe** mu buzima, yaba ari umukobwa akubahwa nk'**umwamikazi**.

d) **Umuryango** ugizwe n'umugabo**, umugore** we **n'abana.**

e) **Umugore** na we afite inshingano agenerwa n'**umuco**.

Muri izi nteruro harimo amagambo gakondo ndetse hari n'andi atari gakondo.

***Ingero:***

- **Umuryango, umugore, abana, umuco, umuhungu, inka** ni amazina mbonera gakondo.
- **umushoferi, ishati, terefone** ni amazina akomoka mu zindi ndimi.
- **Umurwanashyaka, umwamikazi** ni amazina agizwe n'inyunge z'amazina.

**Inshoza y'izina mbonera**

Mu Kinyarwanda izina ni ubwoko bw'ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n'ahantu, rikabiranga ndetse rikabitandukanya n'ibindi bihuje itsinda. Iyo dushingiye ku ntego y'amazina, dusanga Ikinyarwanda gifite amazina mbonera (afite uturemajambo dutatu aritwo indomo, indanganteko n'igicumbi) ndetse n'amazina y'urusobe (afite uturemajambo turenze utw'izina mbonera). Naho twashingira ku nkomoko y'amazina, tugasanga ururimi rw'Ikinyarwanda rugira amazina amwe akomoka mu ndimi z'amahanga n'andi y'umwimerere asanzwe mu Kinyarwanda. Ayo mazina y'umwimerere niyo twita "amazina mbonera." **Izina mbonera** ni izina ry'umwimerere risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, rikagira uturemajambo tw'izina mbonera (indomo, indanganteko n'igicumbi).

**Uturango tw'izina mbonera**

Izina mbonera rirangwa n'uko muri rusange riba ari rimwe, ritari inyunge y'amazina menshi, kandi muri rusange ridakomoka ku nshinga.

**Ingero**: ikibabi, umuhini, umuvure, imiseke, amazi, umutsima,...

**Imyitozo ku izina mbonera**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora imyitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akababakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

1. **Erekana amazina mbonera yakoreshejwe mu nteruro zikurikira:**
   a) **Muri iki gihe Abanyarwanda bagenda batera intambwe yo gusohoka mu icuraburindi ry'ubujiji.**
   Igihe, intambwe, ubujiji
   b) **Umusaruro uvuyemo ukaba uw'urugo n'abantu barurimo bose.**
   Urugo, abantu
   c) **Ibijumba, ibishyimbo, ibitoki n'ibindi ni ibihingwa ngandurarugo.**
   Ibijumba, ibishyimbo, ibitoki

2. **Koresha aya mazina mu nteruro ngufi kandi zumvikana.**
   a) Umuhungu
   b) Abageni
   c) Ibirayi

Baratanga interuro zitandukanye.

## Izina bwite n'izina rusange

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amazina bwite n'amazina rusange, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagatahuramo amazina bwite n'amazina rusange.

**Nimwitegereze interuro zikurikira hanyuma amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri muyashyire mu matsinda abiri mukurikije ibyo ahuriyeho, munatahure itandukaniro hagati y'ayo matsinda yombi:**

a) Ku byerekeranye n'**uburere** bw'**abana**, ivangura ry'**ibitsina** mu gutozwa **imirimo** ntirigifite **agaciro.** Ababyeyi bagomba gutoza abana imirimo yose.

b) Nahuye na **Kagabo** agiye kwa **Karenzi** aho batuye i **Tumba** ya **Huye**.

c) Kwa **Kamana** ni hafi y'**umurima** wa **Mugeni**.

Amagambo: **uburere, abana, ibitsina, imirimo, agaciro, umurima** aravuga ibintu muri rusange nta mwihariko uriho kandi yanditse atangiwe n'inyuguti nto: ni **amazina rusange**.

Na ho amagambo: **Kagabo, Karenzi, Tumba, Huye, Kamana, Mugeni** yo aragenda avuga ikintu kimwe kihariye, kitari rusange kandi akaba atangiwe n'inyuguti nkuru: ni **amazina bwite**.

## Inshoza y'amazina rusange

Amazina y'Ikinyarwanda arimo ingeri ebyiri z'ifatizo tugendeye ku nyito zayo. Amazina rusange n'amazina bwite. Amazina rusange ni amagambo yitirirwa ibintu muri rusange nta mwihariko uhari ugaragara aho ikintu runaka gihuriye n'ibindi bihuje ubwoko.

Ikindi kandi ,amazina rusange agira utremajambo arikoamazina bwite ntatwo agira.

**Ingero:** uburezi, abana, ibitsina , imirimo, agaciro, umugozi.

## Inshoza y'amazina bwite

Amazina bwite yitirirwa umuntu cyangwa ikintu izina gihorana, rikakiranga, rikagitandukanya n'ibindi bintu bihuje ubwoko. Amazina bwite ni amagambo avuga ikintu kimwe kihariye, kitari rusange.

**Ingero:** Kanani,Karenzi, Taba, Kayonza.

## Uturango tw'amazina rusange n'amazina bwite

Amazina rusange n'amazina bwite yose ni amazina, ariko atandukanira ku nyito yayo. Amazina rusange mu nyandiko atangirwa n'inyuguti nto, ashobora no kujya mu bwinshi, mu gihe amazina bwite avuga umuntu, ahantu cyangwa ikindi kiswe by'umwihariko, mu nyandiko agatangizwa inyuguti nkuru, kandi muri rusange ntagire ubwinshi.

## Umwitozo ku mazina bwite n'amazina rusange

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

## Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:

**Erekana amazina bwite n'amazina rusange ari muri izi nteruro.**

1. Umuryango ugizwe n'umugabo, umugore we n'abana babyaranye.
2. Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu.
3. Abakobwa bajyanye na Kagoyire ku isoko bahura na Kagenzi ari kumwe na Rukundo.
4. Gasore akina umupira bigashimisha.

## Ibisubizo:

**Amazina bwite**: Fumbwe, Kagoyire, Kagenzi, Rukundo, Gasore.

**Amazina rusange**: umuryango, umugabo, umugore, abana, ifu, abakobwa, isoko, umupira.

## Umwandiko: Imibanire y'abagize umuryango

### Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 9 )

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'inkuru, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Murabona iki kuri aya mashusho?**

   Abagabo babiri n'umunyeshuri w'umukobwa bari mu rugo.
2. **Aba bagabo murakeka ko ari ba nde?**

   Umugabo usanzwe n'undi w'umufundi.
3. **Kuki bari kumwe n' uriya mukobwa wambaye imyenda y'ishuri?**

   Bagomba kuba bavuga ibyerekeye imibereho yo muri ruriya rugo.
4. **Uriya umeze nk'umufundi murumva agenzwa n'iki?**

   Aje kubakira uriya muryango.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Imibare yabagize umuryango"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byababazwa n'ibisubizo byabyo:***

1. **Muri uyu mwandiko uvugamo ni nde?**

   Umwana w'umukobwa.
2. **Aravuga ku biki?**

   Ku mibereho y'umuryango wabo harimo n'inyubako zo mu rugo rwabo.

3. **Inkuru ye ibyo ivuga birabera he?**

   Mu muryango wabo.

4. **Ibivugwa muri iyi nkuru byabaye ryari?**

   Byatangiye mu gihe gishize bikaba bigikomeza.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Inama ivugwa ko yari imaze iminsi ibaye muri uyu muryango yavugaga ku biki?**

   Yavugaga ku buryo bwo gusana inzu yawo.

2. **Umushyitsi uvugwa muri iyi nkuru ni muntu ki?**

   Ni umufundi wari uje kububakira.

3. **Kuba muri ruriya rugo nta mirimo iharirwa abahungu cyangwa abakobwa bigaragaza iki?**

   Bigaragaza ko bacengewe n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye**.**

4. **Sobanura uko imibanire ya bariya bavandimwe yifashe.**

   Yifashe neza kuko bombi buzuzanya mu nshingano zabo.

5. **Gereranya imibanire y'abagize uriya muryango n'iy'abagize umuryango wawe, n'undi muryango umwe mu yo muturanye.**

   (Baratanga ibisubizo bitandukanye)

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Mu ruturuturu** : mu museso
   b) **Nkoma agatima** : ntekereza.
   c) **Kwagura** : kongera ubugari cyangwa ubunini.
   d) **Twasemberera** : twaba mu icumbi mu rugo rw'umuntu by'iminsi mike dutegereje kwiyubakira.
   e) **Ipfunwe** : ikimwaro, isoni.
   f) **Ishyaka** : umurava,ubutwari
2. **Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:**
   a) **Hanze** ≠ mu nzu
   b) **Gusuhuza** ≠ gusezera
   c) **Cyaremejwe** ≠ cyarahakanywe
   d) **Narasezeye** ≠ narasuhuje
   e) **Bishimishije** ≠ bibabaje

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Gukoresha neza amagambo wungutse mu nteruro**

1. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) **Aduhurije hamwe** : aduteranyirije hamwe

      Abakorana haba hakwiriye igihe cyo guteranyirizwa hamwe

n'umuyobozi wabo bakibukiraya amabwiriza abagenga.

b) **Nyimugororeye** : nyimutereye ipasi

Imyenda iteye ipasi iragororoka.

c) **Twumvikanaga** : twari tubanye neza

Buri wese akwiriye kubana neza n'abaturanyi be.

d) **Ikimwaro** : ipfunwe

Ni byiza kwirinda icyagutera ipfunwe.

e) **Umwubatsi** : umufundi

Umufundi wabyize neza yubaka inzu zikomeye.

f) **Ntekereza** : nibuka

Uwibuka ibyamubayeho bimufasha gutegura ejo hazaza

g) **Ubushake** : ishyaka

Ni byiza kugira ishyaka ry'umurimo dushinzwe.

## Igice cya kabiri: Gusoma no Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10 )

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**

   Imibanire y'abagize umuryango.

2. **Havugwagamo ba nde?**

   Umugabo, umugore, umukobwa na musaza we, umufundi, Karisa n'abaturanyi.

3. **Haravugwamo iki muri rusange?**

   Imibanire y'abagize umuryango.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Imibanire z'abagize umuryango"** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurika abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.**

   Imibanire y'abagize umuryango.

2. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**

   Iz'ingenzi: kujya inama no kuzuzanya.

   Iz'ingereka: Gukora imirimo itandukanye, ubwubatsi, ishuri, kugemura amagi,...

3. **Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi.**

   Ingingo zose zavuzwe zirahura n'ubuzima bwacu, kuko mu muryango uwo ari wo wose abawugize baba bagomba kujya inama kandi bakuzuzanya. Abagize umuryango baba bagomba kuzuzanya mu mirimo itandukanye yo mu rugo. Ubufatanye mu muryango ni ishingiro ry'iterambere.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10 )

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**
   Imibanire yabagize umuryango.
2. **Ni irihe somo ryo mu buzima busanzwe mwahakuye?**
   Kwitabira inshingano za buri muntu kugira ngo umuryango utere imbere.
3. **Uvuga mu mwandiko na musaza we babanye bate mu muryango wabo?**
   Babanye neza kandi barafashanya mu mirimo yabo ya buri munsi.

**II. Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Insanganyamatsiko:** Ni izihe ngamba zafatwa mu rwego rwo guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango?

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

Mu ngamba zafatwa mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye harimo ibi bikurikira:

- Gukomeza kubisobanurira abakiri bato cyanecyane binyuze mu mashuri.
- Kwigisha abakuze ko uburinganire n'ubwuzuzanye bitavuze gusuzugurana kw'abagize umuryango, ahubwo habaho gushyigikirana no kunganirana.
- Kurushaho gusobanura ko uburinganire buvugwa ari uguhabwa amahirwe n'uburenganzira bingana imbere y'amategeko hatarebwe igitsina iki n'iki.

Nyuma yo kujya impaka, buri wese avuga uko abyumva, umwarimu ahuza ibitekerezo byose akabafasha gufata umwanzuro ukwiye.

## Igice cya kane: Ikibonezamvugo

## Inteko z'amazina

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10 )

***Intego ngenamukoro:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza inshoza n'uturango tw'inteko z'amazina.
- Gukoresha amazina mu nteruro mbonezamvugo yubahiriza isanisha rishingiye ku nteko no ku bumwe n'ubwinshi by'amazina

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ik'ikibonezamvugo

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amagambo ari mu nteko zitandukanye, araziha abanyeshuri bavumburemo inteko z'amazina.

Nimusome interuro zikurikira zirimo amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri. Kuri buri nomero mushake andi mazina byisanisha kimwe bitewe n'ubundi bwoko bw'amagambo bifatanyije kurema interuro. Nimutahure ibijyanye n'ikiciro gihuza amazina afite imisanishirize imwe muhereye ku rugero rukurikira:

**Umwana mu**nini **a**ragaragara tura**mu**bona.

1. Mu gihe ntararangiza kwambara ngo nge kwiga, numva data aravugana n'**umuntu** mu rugo, ambwira ko ari **umufundi**.
2. Nkoma agatima ku mushinga twari twaraganiriyeho n'**ababyeyi**.
3. Buri wese mu **muryango** wacu yabadutse yitegura kujya ku **murimo**.
4. Hari hashize **iminsi** mike tubiganiriyeho.
5. Imyenda y'**ishuri** ya musaza wange nari naraye nyimutereye ipasi.
6. Nari nazindutse njya kugemura **amagi**.
7. Mu **gitondo** buri wese yiteguraga kujya ku murimo, nyuma y'**ikiruhuko** gisoza **icyumweru**.
8. **Ibitekerezo** byacu byahurije ku kwanga gusembera.
9. Data atubwira umushinga yari yatekereje wo kwagura **inzu** twabagamo.
10. Numvaga mfite ishyaka ryo kurangiza neza **inshingano** zange.
11. Kuvugurura inzu byatubereye **urubanza** rukomeye.
12. Mama yatanze igitekerezo cyo kubanza kubaka **akazu** ko mu rugo, kakuzura tukaba tukagiyemo.
13. Iyo abantu bari mu gikorwa cyo gusana inzu bahura n'**utubazo** twinshi.
14. Mama we yabyutse mu ruturuturu ajya gushaka **ubwatsi**.
15. Iyo bakata urwondo **ukuguru** kurahababarira.
12. **Ahantu** hubakwa inzu hagomba gusuzumwa no gutegurwa neza.

## Inshoza y'inteko z'amazina

Mu Kinyarwanda amazina afite uko agenda yisanisha ava mu nteko iyi n'iyi akajya mu yindi. Amazina yisanisha mu buryo bumwe arema interuro mbonezamvugo kabone n'ubwo yaba ivuga ibidashoboka.Isanishantego ry'amagambo rituma

amazina ajya mu **mirwi** cumi n'itandatu(16) itandukanye ari yo yitwa **inteko z'amazina.**

**Urugero:**

- Insina ngufi ni yo icibwabo urukoma
- Inkoni ngufi ni yo icibwabo urukoma
- Inka ngufi ni yo icibwabo urukoma
- Inyoni ngufi ni yo icibwabo urukoma

Amagambo **insina, inkoni, inka, inyoni** yose ahuje inteko kuko yisanisha mu buryo bumwe kandi gusimburana mu nteruro imwe bituma interuro ikomeza kumvikana. Inteko z'amazina mu Kinyarwanda ni cumi n'esheshetu (16) zirangwa n'indanganteko cumi n'esheshatu z'amazina.

## Uturango tw'inteko z'amazina

Inteko z'amazina zirangwa n'indanganteko cumi n'esheshatu. Indanganteko ni ko karemajambo k'izina kagaragaza inteko iryo zina ribarizwamo. Mu nteruro, amagambo menshi yisanisha n'izina afata indanganteko y'iryo zina ho indangasano. Izina ni ijambo ngengamasano mu nteruro.

**Ingero:**

- I**ki**bindi **ki**nini **ki**raboneka tura**ki**bona.
- U**ru**gi **ru**gari **ru**raboneka tura**ru**bona.

**Urutonde rw'inteko z'amazina, indanganteko, ingero z'amazina ahuje inteko n'isanisha.**

| Inteko | Indanganteko | Ingero z'amazina | Isanisha |
|---|---|---|---|
| Inteko ya 1 (nt.1) | mu | Umuntu, umugore, umugabo… | munini aragaragara turamubona. |
| Inteko ya 2 (nt.2) | ba | Abahungu, abakobwa, abana… | banini baragaragara turababona. |
| Inteko ya 3 (nt.3) | mu | Umutiba, umuhini, umutako… | munini uragaragara turawubona. |
| Inteko ya 4 (nt.4) | mi | Imirima, imirenge, imineke… | minini iragaragara turayibona. |
| Inteko ya 5 (nt.5) | ri | Ishuri, ishyamba, iriba… | rinini riragaragara turaribona. |
| Inteko ya 6 (nt.6) | ma | Amagi, amatara, amabuye… | manini aragaragara turayabona. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Inteko ya 7 (nt.7) | ki | Icyumba, ikirunga, ikiyaga… | kinini kiragaragara turakibona. |
| Inteko ya 8 (nt.8) | bi | Ibitabo, ibiseke, ibisabo… | binini biragaragara turabibona. |
| Inteko ya 9 (nt.9) | n | Inka, intare, intebe… | nini iragaragara turayibona. |
| Inteko ya 10 (nt.10) | n | Intara, inkoko, inteko… | nini ziragaragara turazibona. |
| Inteko ya 11 (nt.11) | ru | Uruhimbi, urugori, urunana… | runini ruragaragara turarubona. |
| Inteko ya 12 (nt.12) | ka | Akarere, akarambi, akayunguruzo… | kanini karagaragara turakabona. |
| Inteko ya 13 (nt.13) | tu | Utugari, utwibo, uduseke… | tunini turagaragara turatubona. |
| Inteko ya 14 (nt.14) | bu | Ubuririri, ubwato, ubutaka… | bunini buragaragara turabubona. |
| Inteko ya 15 (nt.15) | ku | Ukwezi, ukuguru, ugutwi… | kunini kuragaragara turakubona. |
| Inteko ya 16 (nt.16) | ha | Ahantu | hanini haragaragara turahabona. |

## Umwitozo ku nteko z'amazina

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Ikibazo: Mu mbonerahamwe y'urutonde rw'inteko z'amazina mwabonye ongeramo izindi ngero ebyiri z'amazina wihitiyemo kuri buri nteko.**

**Igisubizo:** Abanyeshuri baratanga amagambo atandukanye, umwarimu akosore areba ko abanyeshuri batanze amagambo ahuye n'inteko koko.

## Ubumwe n'ubwinshi by'amazina

**Itegereze interuro wahawe, amazina yanditse mu ibara ry'umukara tsiri uyavanguremo amazina avuga ikintu kimwe rukumbi n'andi avuga ibintu birenze kimwe.**

**Amazina avuga ikintu kimwe:**

ikiruhuko,icyumweru,urugo,ishuri,ipfunwe,umwana,umuneke,agasuzuguro, inyota

**Amazina avuga ibintu birenze kimwe:**

iminsi,amatungu, imirimo, abaturanyi, inka, utunyana, amahoro, amata, amafu.

## Inshoza y'ubumwe n'ubwinshi by'amazina

Ubumwe cyangwa ubwinshi by'amazina y'Ikinyarwanda bugaragazwa n'inteko z'amazina ayo mazina arimo. Ni ukuvuga ko hari inteko z'ubumwe hakaba n'inteko z'ubwinshi.ubumwe bivuga ikintu kimwe cyonyine nahoubwinshi bisobanura ibintu birenze kimwe (iyo kibarika).

**Dore imbonerahamwe igaragaza ubumwe n'ubwinshi by'amazina:**

| **Mu bumwe** | | **Mu bwinshi** | |
|---|---|---|---|
| **Inteko** | **Urugero** | **Inteko** | **Urugero** |
| nt. 1 | umugabo | nt. 2 | abagabo |
| nt. 3 | umuheha | nt. 4 | imiheha |
| nt. 5 | iryinyo | nt. 6 | amenyo |
| nt. 7 | ikibindi | nt. 8 | ibibindi |
| nt. 9 | inka<br>isake | nt. 10<br>nt. 6 | inka<br>amasake |
| nt.11 | urudodo<br>urura | nt. 10<br>nt. 6<br>nt. 14 | indodo<br>amara<br>ubura |
| nt.12 | akanyoni | nt.13 | utunyoni |
| nt. 14 | ubwato | nt.14<br>nt. 6 | ubwato<br>amato |
| nt. 15 | ukuguru | nt. 6 | amaguru |
| nt. 16 | ahantu | nt. 16 | ahantu |

**Ikitonderwa:**

a) Hari amazina yo mu nt. 11 afata ubwinshi mu nt. 10, nt. 6 n'inteko ya 14.
Ingero: urudodo : indodo
urura : amara nt. 6, ubura nt.14

b) Hari amazina yo mu nt. 14 afata ubwinshi mu nt. 6 cyangwa akaguma mu nt. 14.
Ingero: Ubwato: ubwato nt. 14, amato nt. 6.

c) Hari amazina yo mu nt. 9 afata ubwinshi mu nt. 10 cyangwa mu nt. 6.
Ingero: Isake : isake nt. 10, amasake nt.6.

d) Hari amazina ajya mu nteko z'ubumwe, ariko atajya mu nteko z'ubwinshi

**Ingero:**

- Ubumwe
- Urubura
- Agasuzuguro

- Ukuri
- Ubwinshi
- Ubutabera

e) Hari amazina ajya mu nteko z'ubwinshi arko ntage mu nteko z'ubumwe.

**Ingero:**Imbaraga, impuhwe, amazi, amata, amavuta, amahoro, ubwenge.

Amenshi muri ayo mazina avuga ibintu bitabarika.

f) Hari amazina agaragara ubumwe cyangwa ubwinshi iyo ari mu nteruro, yaba atarimo agateza urujijo.

Ingero: Ihene: - Ihene iranyoneye. (nt.9)

- Ihene ziranyoneye. (nt.10)

Intebe: - Intebe yavunitse. (nt.9)

- Intebe yavunitse. (nt.9)

## Imyitozo ku bumwe n'ubwinshi by'amazina

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

1. **Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo:**
   a) Umwana mwiza yiga mu ishuri bamugeneye.
      Abana beza biga mu mashuri babageneye.
   b) Ikibindi cyacu gisize urwondo rw'urugina.
      Ibibindi byacu bisize urwondo rw'urugina.
   c) Ahantu ho kubakwa inzu hagomba gutegurwa neza.
      Ahantu ho kubakwa inzu hagomba gutegurwa neza.
      Ahantu ho kubakwa amazu hagomba gutegurwa neza.
2. **Erekana amazina ari mu bwinshi n'ari mu bumwe mu nteruro zikurikira.**
   a) Abagenzi basabwa kugendana amakenga mu rugendo.
   b) Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
   c) Iyo umurima uhingiwe igihe kandi ugahingwa neza wera imyaka myinshi.

**Ibisubizo**

| Ubumwe | Ubwinshi |
|---|---|
| Urugendo, akabando, umurima, igihe | Abagenzi, amakenga, iminsi, imyaka, |

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda, aho tubona ko abagize umuryango bagomba gushyira hamwe, bakuzuzanya kandi bakubahana kugira ngo bateze imbere umuryango wabo ndetse n'Igihugu muri rusange.

Twabonye kandi ko:

**Izina mbonera** ari izina ry'umwimerere kandi risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Amazina rusange** avuga ibintu muri rusange nta mwihariko uriho kandi mu nyandiko agatangirwa n'inyuguti nto ; mu gihe **amazina bwite** yo avuga ikintu kimwe kihariye nk'umuntu, ahantu cyangwa ikindi gifashwe by'umwihariko nk'umuntu, kandi mu nyandiko agatangirwa n'inyuguti nkuru.

Ukurikije uko amazina rusange y'Ikinyarwanda agenda yisanisha mu nteruro, usanga yibumbiye mu **matsinda 16** bita **inteko z'amazina**.

Amazina avuga ikintu kimwe rukumbi aba yerekana **ubumwe** mu gihe amazina avuga ibintu birenze kimwe yo aba yerekana **ubwinshi**.

### Ubumenyi bw'inyongera:

**Imigani migufi ijyanye n'uyu mutwe w'ibyigwa**

Imigani migufi n'ihuriro ryayo n'insanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye

a) **Abishyize hamwe ntakibananira.**
Bihuriye ku kuzuzanya.

b) **Abagiye inama Imana irabasanga.**
Bihuriye ku kujya inama kw'abagize umuryango.

c) **Ukurusha umugore aba akurusha urugo.**
Umugore agomba guhabwa agaciro gakomeye mu rugo, kuko afite uruhare rukomeye mu iterambere ry'umuryango.

d) **Ababiri bajya inama baruta umunani urasana.**
Bihuriye ku kujya inama no gufatanya aho kwirirwa mu makimbirane.

### Isuzuma risoza umutwe wa mbere

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 16 )

Nyuma yo kurangiza umutwe wa mbere, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe , buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Gereranya uko umugore yafatwaga kera n'uko bimeze ubu mu muryango nyarwanda.**

   Kera nta burenganzira n'amahirwe yahabwaga nk'iby'umugabo; ariko kuri ubu na we arabihabwa

2. **Rondora ibyerekana ko umugore yahawe uruhare mu iterambere ry'umuryango**.

   Agira uruhare mu igenamigambi ry'urugo, akajya inama n'umugabo we mu bijyanye n'imicungire y'umutungo, bagafatanya kurebera hamwe icyazamura urugo rwabo. Bungurana ibitekerezo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, bakumvikana uko bakwiriye gufata neza urubyaro rwabo no kuruteganyiriza ibyangombwa ruzakenera mu buzima. Usanga barebera hamwe uburyo urugo rwatera imbere hatabayeho kuvunishanya, ngo usange umugore ari we uharirwa imirimo iyi n'iyi umugabo yiyicariye kandi na we yayikora; ahubwo ubu usanga bajya inama bakuzuzanya.

3. **Ni uruhe ruhare rwa Leta mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye?**

   Gushyiraho amategeko aha abantu bose amahirwe n'uburenganzira bingana nta vangura rishingiye ku gitsina

4. **Ugendeye ku mwandiko wavuga iki ku nshingano z'abagize umuryango muri iki gihe?**

   Nta nshingano z'umwihariko zikiriho; ahubwo buri wese akora icyo ashoboye mu nyungu rusange z'umuryango ndetse no ku bwumvikane bw'abawugize.

5. **Vuga ku bijyanye n'imyigire ku muhungu n'umukobwa ugereranya ibyo mu gihe cya kera n'iby'ubu.**

   Kera hariho imyumvire y'uko umuhungu ari we ugomba kwiga wenyine cyangwa se mbere y'umukobwa; ariko kuri ubu si ko bikimeze; ahubwo byagaragaye ko bombi babishoboye, bityo bakaba bagomba guhabwa ayo mahirwe nta vangura ribayeho.

6. **Ngo: "Ujijuye umugore aba ajijuye umuryango w'abantu muri rusange". Gira icyo ubivugaho mu magambo make.**

   Kuko iyo urebye usanga umugore ari we mutima w'urugo, akaba ari we iterambere rizamukiraho rinyuze mu bana; wakwemeza ko ibikubiye muri iriya mvugo ari byo kuko umukobwa ari we mugore w'ejo hazaza, bityo akaba akwiriye gutegurwa hakiri kare.

**II. Inyunguramagambo**

1. **Shaka mpuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) **Akarande**: Ibintu bimaze igihe kirekire cyane,byamenyerewe.
      – Ikandamizwa ry'umugore ryari ryarabaye akarande.
   b) **Umucakara:** Umuntu ukora imirimo y'uburetwa, ivunanye cyane kandi nta gihembo.
      – Ntabagize ikiciro na kimwe mu muryango bagomba kuba abacakara b'abandi.
   c) **Indakoreka:** Umuntu ukora ibyo yishakiye kandi bibi, ariko ntiyemere gukosorwa cyangwa kugirwa inama.
      – Kwigira indakoreka si byiza.
   d) **Imburagihe:** Igihe gikwiriye kitaragera,mu buryo butari bwo.
      – Ibintu byose byagombye gukorwa hakiri kare ngo bitazaba imburagihe.
   e) **Amakenga:** Ubwitonzi burimo n'igenzura butuma umuntu adapfa guhubukira ibintu.
      – Ni byiza kugira amakenga kuko birinda amakuba menshi.
2. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira:**
   a) Itonesha ≠ ikandamiza
   b) Gihabwa ≠ kimwa
   c) Bagateza imbere ≠ bakadindiza
   d) Ubwitonzi ≠ ubuhubutsi.
   e) Kure ≠ hafi
   f) Rikihuta ≠ rikadindira
3. **Garagaza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira:**
   a) Uko ibihe biha ibindi : uko iminsi ihita indi igataha
      Uko iminsi ihita indi igataha ni ko uburinganire n'ubwuzuzanye bugenda bwumvikana.
   b) Bagashyira hamwe : bakuzuzanya
      Umugabo n'umugore bakwiriye kuzuzanya.
   c) Uherezwaho: uharirwa
      Nta muntu n'umwe ugomba guharirwa imirimo wenyine.
   d) Bikamukurikirana : bikamwokama
      Iyo abantu biremaje bakiri bato bishobora kubokama bakazabikurana.

**III. Ikibonezamvugo**

1. **Tahura amazina mbonera ari muri izi nteruro ugaragaze n'intego zayo.**
   a) Mbere na mbere haremwe ijuru n'isi.
      Ijuru : nt 5
      Isi : nt 9
   b) Umugore n'umugabo bakwiriye kuzuzanya.
      Umugore : nt. 1
      Umugabo: nt. 1
   c) Abakobwa n'abahungu bahabwe amahirwe angana mu bintu byose.
      Abakobwa: nt.2
      Abahungu: nt.2
      Amahirwe: nt.6
      Bintu: nt.8
2. **Erekana amazina bwite n'amazina rusange ari muri izi nteruro.**
   a) **Kanyamibwa, Kamana na Muyoboke ni abahungu b'abavandimwe bakunda mushiki wabo Murekatete.**
      Amazina bwite: Kanyamibwa, Kamana, Muyoboke, Murekatete.
      Amazina rusange: abahungu, abavandimwe
   b) **Kibeho ikunda gusurwa n'abantu benshi.**
      Izina bwite: Kibeho
      Amazina rusange: abantu
   c) **Ibyanya by'inyamaswa mu Rwanda ni bitatu. Hari icy'Akagera, ik'Ibirunga n'icya Nyungwe.**
   Amazina bwite: Rwanda, Akagera, Nyungwe.
   Amazina rusange: ibyanya, inyamaswa.
3. a) **Amazina yandikishije inyuguti z'umukara tsiri ari mu zihe nteko? Ni akahe karemajambo ka buri zina muri aya kerekana iyo nteko?**
      – **Ikigori** keze kiraryoha.
        ikigori: nt.7,ki
      – **Amashuri** y'**abana** bawe ari kure y'**urugo**.
        Amashuri: nt.6, ma
        Abana: nt.2, ba
        Urugo: nt.11, ru
      – **Umutwe** umwe ntiwigira **inama**.

Umutwe: nt.3, mu

Inama: nt.9, n

– Iyo **uruzi** rujya ni yo **amabuye** agana

Uruzi: nt.11, ru

Amabuye: nt.6, ma

**b)** Tanga ingero ebyirebyiri z'amazina kuri buri nteko muri izi zikurikira.

nt.3, 5, 8, 10, n'iya 12.

nt.3: umurima,umugezi

nt.5: iriba, ibaba

nt.10: inka, ihene

nt.12: akagozi,agasozi

4. **Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo.**

a) **Amavuta y'umugabo ni amuraye ku mubiri.**

Amavuta y'abagabo ni abaraye ku mibiri.

b) **Ibuye rimeneka urwondo rugisukuma.**

Amabuye ameneka urwondo rugisukuma.

c) **Inkoni ivuna igufwa ntivura ingeso.**

Inkoni zivuna amagufwa ntizivura ingeso.

d) **Urukwavu rukuze rwonka abana.**

Inkwavu zikuze zonka abana.

e) **Ubwato bw'Abanyamerika buri mu nyanja.**

Amato y'Abanyamerika ari mu nyanja.

## Imyitozo nzamurabushobozi.

Iyi myitozo ihabwa abagenda buhoro mu myigire yabo, igamije gusuzuma niba na bo bamaze gutera intambwe ukurikije abanyeshuri bihuta mu myigire yabo.

1. **Izina mbonera ni iki?**

Izina mbonera gakondo ni izina ry'umwimerere risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ritatiwe mu ndimi z'amahanga cyangwa ngo ribe ari inyunge y'amagambo abiri.

2. **Amazina bwite atandukaniye he n'amazina rusange.**

Amazina bwite ni ay'abantu cyangwa ahantu naho amazina rusange yita ibintu muri rusange nta mwihariko ugiyeho.

3. **Tanga ingero ebyiri z'amazina bwite n'ebyiri z'amazina rusange.**

Amazina bwite: Kigali, Cyuzuzo

Amazina rusange: umwana, ikigori

4. **Inteko z'amazina mu rurimi rw'Ikinyarwanda ni zingahe? Garagaza uturemajambo tuziranga.**

   Inteko z'amazina ni cumi n'esheshatu

   Uturemajambo tuziranga ni: mu, ba, mu, mi, ri, ma, ki, bi, n, n, ru, ka, tu, bu, ku, ha.

5. **Tanga ingero z'amazina ari mu nteko zikurikira ugaragaze ubwinshi bwayo.**

   **nt. 3:** umurima/ imirima

   **nt. 7:** icyatsi/ ibyatsi

   **nt. 11:** urugo / ingo

   **nt. 16**: ahantu/ ahantu

### Imwitozo nyagurabushobozi:

**Gereranya ibivugwa mu mwandiko "Inshingano z'abagize umuryango" n'ibyo ubona mu muryango wawe ndetse n'imiryango muturanye, ibitekerezo ubonye ubyandike ku rupapuro.**

**Ingero z'ibisubizo:** umwarimu azareba ibitekerezo binyuranye biganisha ku buringanire n'ubwuzuzanye.

# 2 Ibiyobyabwenge mu rubyiruko

## (Umubare w'amasomo: 12)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

– Gusesengura imyandiko ivuga ku biyobyabwenge n'ingaruka zabyo.
– Gusesengura amazina no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.
– Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo.

**Ubumenyi bw'ibanze:**

- Kuba umunyeshuri yarigeze kumvaho ko ibiyobyabwenge ari bibi mu buzima.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku izina mbonera n'inteko z'amazina.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi bwo kugoragoza izina arisanisha mu nteko zitandukanye.
- Kuba azi itandukaniro riri hagati y'inyajwi n'ingombajwi.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- **Umuco wo kuzigama**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa uburyo kunywa ibiyobyabwenge bimunga umutungo aho kuzigama amafaranga yagirira umuntu akamaro ahubwo akayashora mu biyobyabwenge bimumungira ubuzima.

- **Umuco w'amahoro**

  Iyi ngingo igomba kwitabwaho hasobanurwa uburyo kunywa ibiyobyabwenge bituma urubyiruko rwishora mu bikorwa byangiza amahoro mu mibanire y'abantu. Urubyiruko rugomba kwirinda ibiyobyabwenge mu rwego rwo kwimakaza umuco w'amahoro.

- **Uburezi budaheza**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**

- Ububi bw'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.
- Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.
- Kwamagana ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu rubyiruko
- Umuco wo kuzigama.
- Umuco w'amahoro.

**Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye,....

| **Urutonde rw'ibyigwa rujyanye n'umubare w'amasomo:**<br><br>**Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko** | |
|---|---|
| Umwandiko: Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko<br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 2 |
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Ikibonezamvugo<br>Uturemajambo tw'izina: amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi | Amasomo 2 |
| Umuvugo ku ngingo yo kwirinda ibiyobyabwenge:<br>"Mucyo turwanye ibiyobyabwenge"<br>Isomo rya mbere: Gusoma no kumva umuvugo | Isaha 1 |

| | |
|---|---|
| Igice cya kabiri: Gusoma no Gusesengura umwandiko | Isaha 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isaha 1 |
| Igice cya kane: Umuvugo | Isaha 1 |
| Isuzuma risoza umutwe wa kabiri | Amasomo 2 |

## Umwandiko: Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 20 )

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kwirinda ibiyobyabwenge, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Murabona iki kuri iyi shusho?**

   Abakobwa n'abahungu bari iruhande rw'amacupa y'inzoga, bafite n'itabi mu ntoki, ariko hasa n'ahahingutse umugabo n'umugore b'abaporisi.

2. **Muratekereza ko bariya bahungu n'abakobwa bari mu biki?**

   Bameze nk'abanywa ibiyobyabwenge.

3. **Murabona bariya bashobora kwizigama?**

   Oya umuntu unywa ibiyobyabwenge nta muco wo kwizigama agira.

4. **Ese abantu banywa ibiyobyabwenge bashobora kwimakaza umuco w'amahoro?**

   Oya ntibawimakaza kuko bagira urugomo ruhungabanya amahoro.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko.**" Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byababazwa n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**

   Ku biyobyabwenge n'ingaruka zabyo.
2. **Uribanda kuri ba nde?**

   Ku rubyiruko.
3. **Ibiyobyabwenge barabivugaho iki byo n'urubyiruko?**

   Baravuga ko ari urubyiruko rukunda kubinywa.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Vuga amoko y'ibiyobyabwenge yavuzwe mu mwandiko.**

Inzoga z'inkorano, ibyatsi binyobwa nk'itabi, hari n'ibikorerwa mu nganda.

2. **Ibiyobyabwenge bifatwa mu buhe buryo?**

   Hari ibyo bashoreza, ibikorerwa mu nganda bakabyitera mu nshinge cyangwa bakabinywa .

3. **Bamwe mu banywa ibiyobyabwenge bagerageza gushaka impamvu zo kubinywa. Izo mpamvu batanga ni nk'izihe?**

   Gushaka kwibagirwa ibibazo bafite. Bemeza yuko kunywa urumogi, kanyanga cyangwa kokayine bituma urenga imihangayiko y'isi, ukigira mu yindi si y'umunezero.

4. **Ese impamvu zitangwa n'abanywa ibiyobyabwenge zifite ishingiro? Sobanura igisubizo cyawe.**

   Impamvu zitangwa n'abanywa ibiyobyabwenge nta shingiro zifite.

5. **Ni iyihe myitwarire iranga umwana unywa ibiyobyabwenge?**

   Umwana unywa ibiyobyabwenge agira imyifatire idahwitse, arangwa no gukorakora, ntashobora kwizigamira kuko aba yumva nta kintu cyamurutira ibiyobyabwenge, ikindi arangwa n'urugomo nta muco wo kwimakaza amahoro agira.

6. **Ni izihe ngaruka zigaragara iyo ibiyobyabwenge bimaze kwigarurira umutima w'umuntu?**

   Nta muco wo kwizigamira umuntu agira, nta n'ubwo yabiba amahoro mu bandi. Ibiyobyabwenge byica ubwonko, bigatuma imitekerereze y'ubinywa ihinduka, ntiyitware nk'umuntu usanzwe. Uzamusanga bu bikorwa by'urugomo n'iby'urukozasoni nk'ubwambuzi, ubujura, ubusinzi, ubusambanyi n'ibindi bikorwa byose by'urugomo.

7. **Erekana ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ku mubiri w'ubifata ndetse no ku buzima bw'abantu muri rusange.**

   Ibiyobyabwenge byica ubwonko, bigatuma imitekerereze y'ubinywa ihinduka, ntiyitware nk'umuntu usanzwe. Ubuzima bw'abandi muri rusange nabwo ntibugenda neza kuko buhungabanywa n'abanywa ibiyobyabwenge.

8. **Ubona ari iki cyakorwa ngo ibiyobyabwenge bicike mu rubyiruko.**

   Kugira ngo ibiyobyabwenge bicike burundu hagomba gufatwa ingamba zikarishye. Ubifatanywe abinywa cyangwa abicuruza agahanwa by'intangarugero.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda,

basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**
   a) **Gushoreza:** kwinjiza  banyujije mu mazuru nk'umwuka.
   b) **Imihangayiko:** ibibazo bitesha umuntu umutwe.
   c) **Ikerekezo:** intego umutu yiha ngo azayigereho.
   d) **Amakimbirane:** ibibazo umuntu agu:irana n'abandi .
   e) **Ingorabahizi:** bikomeye cyane kwikuramo.
   f) **Agakungu:** imyitwarire mibi umuntu aba afatanyije n'abandi bantu.
   g) **Gukumira:** Guhagarika, gutangira.
2. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira:**
   a) **Kwibagirwa** ≠ kwibuka
   b) **Imihangayiko** ≠ umutuzo
   c) **Abamugira inama** ≠ abamushuka
   d) **Ejo hazaza** ≠ ejo hashize

## Imyitozo y' inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

Gukoresha amagambo wungutse mu mwandiko

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) **Guha umurongo**
      Urugero: Ubuzima bw' umuntu agomba kubuha umurongo hakiri kare.
   b) **Bibagose**
      Urugero: Abanywa ibiyobyabwenge baba bitwaje ko ibibazo bibagose.
   c) **Inkurikizi**
      Urugero: Kunywa ibiyobyabwenge bigira inkurikizi mbi nyinshi
   d) **Ingorabahizi**
      Urugero: Ikibazo k'ibiyobyabwenge mu rubyiruko gikomeje kuba ingorabahizi.
   e) **Gukumira**
      Urugero: Twese dufatanyije tugomba gukumira ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.
2. **Huza amagambo yo mu ruhande rw'ibumoso n'ibisobanuro bijyanye na**

**yo byo mu ruhande rw'iburyo.**

| | |
|---|---|
| 1. Amakimbirane<br>2. Imihangayiko<br>3. Ibikorwa by'urukozasoni<br>4. Gukumira | a) Ibibazo bitesha umuntu umutwe.<br>b) Guhagarika, gutangira.<br>c) Ibibazo/ubushyamirane umuntu agirana n'abandi.<br>d) Ibikorwa bigayisha umuntu. |

**Ibisubizo:**

1=c, 2=a, 3=d, 4=b

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 21 )

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Kugereranya ubuzima abamo n'ibivugwa mu mwandiko.
- Gusubiza neza byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?**

   Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu runyiruko.
2. **Wibandaga ku biki muri rusange?**

   Ingaruka z'ikoresha ry'ibiyobyabwenge cyanecyane ku rubyiruko.
3. **Bwirana na mugenzi wawe wicaye hafi yawe nibura ebyiri mu ngaruka z'ibiyobyabwenge.**

   Gutuma umuntu yangirika mu bwonko, gutuma umuntu yishora mu ngeso mbi.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Ibiyobyabwenge mu rubyiruko"** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurika abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.**

   Ibiyobyabwenge mu rubyiruko.

2. **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**

   Amoko y'ibiyobyabwenge n'uko binyobwa.

   Zimwe mu mpamvu abakoresha ibiyobyabwege bitwaza.

   Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima bw'umuntu.

3. **Garagaza uburyo ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ryadindiza umuco wo kuzigama ndetse n'uw'amahoro?**

   Ibiyobyabwenge byadindiza umuco wo kuzigama kubera ko uwabinyoye bimutwara umutima, akumva buri gihe nta kindi yazigamira cyamugirira akamaro uretse kumarira umutungo we mu biyobyabwenge. Ibiyobyabwenge byadindiza umuco w'amahoro kandi kubera ko ababinywa bishora mu bikorwa by'urugomo bibangamira amahoro aho kuyimakaza.

4. **Ibivugwa mu mwandiko hari aho bihuriye n'ubuzima bwacu bwa buri munsi? sobanura igisubizo cyawe.**

   Yego. Kuko ibivugwa mu mwandiko biragusha ku bintu bibaho kandi tubona uko bwije n'uko bukeye. Ibiyobyabwenge mu rubyiruko biteje ikibazo gikomeye cyane aho usanga hagenda haduka amoko atandukanye y'ibiyobyabwenge binyobwa n'ingeri zose z'abantu, bakagenda kandi basobanura ko impamvu zo kubinywa zumvikana; nyamara wakwitegereza ingaruka zabyo ugasanga ziteye agahinda. Ibiyobyabwenge ni inzitizi ikomeye mu kwimakaza umuco wo kuzigama ndetse n'umuco w'amahoro.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 22 )

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Kugaragaza ingamba zafatwa kugira ngo hakumirwe isakara ry'ibiyobyabwenge mu bana b'u Rwanda.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko twize uvuga ku ki?**

   Uvuga ku biyobyabwenge.

2. **Ni ba nde babwirwa by'umwihariko?**

   Ni urubyiruko.

3. **Kubera iki ari rwo rwibanzweho?**

   Ni uko ari amizero y'ejo hazaza h'Igihugu cyacu kandi abenshi mu bafata ibiyobyabwenge baba ari urubyiruko.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

***Insanganyamatsiko:***

a) **Ku bwawe ubona ari nk'izihe ngamba zafatwa mu kurwanya ikwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu bana b'u Rwanda?**

   Zimwe mu ngamba zafatwa harimo ibihano bikarishye ku banywa n'abacuruza ibiyobyabwenge, igihe cyose bafashwe. Ntibyoroshye kubikumira kuko n'uburyo bwo kubitahura bugoye. Ababikoresha bajijisha mu buryo bwo kubitwara, bakabihisha mu bindi bintu, ndetse no mu gihe cyo kubikoresha waba utabijijukiwe ntushobore kumenya ko ari byo. Bazi kubyita andi mazina babihimba baziranyeho ngo utabizi ye kurabukwa. Ibinyobwa butabi bazi kubinywa bihishe, barangiza bakagira ibindi barya bituma impumuro yabyo

itumvikana. Ababinywa buyoga na bo bafite uburyo bwo kujijisha babivanga mu ibanga n'izindi nzoga zemewe ukaba utabikeka. Ariko muri ibyo byose tugerageze kubitahura, tubirwanye dushize amanga, n'ugize aho abikeka atungire agatoki ababishinzwe, bityo twese tubirwanye twivuye inyuma.

b) **Urubyiruko rucuruza rukananywa ibiyobyabwenge aho gukemura ibibazo rwiyumvamo, rusubiza inyuma iterambere kuko umuco wo kuzigama uhadindirira basahura imiryango yabo. Wowe ubyumva ute?**

Ibi ni ukuri kuko ababicuruza iyo bafashwe barafungwa Igihugu kikaba gitakaje imbaraga zagombye kuba ziri kugikorera; kandi n'ababinyoye iyo bibashizemo ibibazo bashakaga gukemura bigaruka byiyongeyeho ibindi no kwangirika k'umubiri wabo kuko nta ho biba byagiye; kandi ikigeretse kuri ibyo umutungo utagira ingano ukaba urahangirikiye, dore ko bavuga ko na byo ubwabyo binakosha.

Nyuma yo kujya impaka buri wese avuga uko abyumva, umwarimu ahuza ibitekerezo byose akabafasha gufata umwanzuro ukwiye.

## Igice cya kane: Ikibonezamvugo

## Uturemajambo tw'izina:

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 22 )

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusesengura amazina no kugaragaza amategeko y'igenemajwi ajyanye n'inyajwi n'ingombajwi.
- Gutandukanya amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nyajwi n'amategeko akoreshwa ku ngombajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa amasomo bize mbere afitanye isano n'iryo bagiye kwiga bakavuga muri make n'ibyari bikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ni iki mwibuka mwize ku mazina mu masomo yashize?**
   Habaho amazina bwite n'amazina rusange
2. **Ni ibiki mwibuka ku mazina rusange?**
   Twibuka ko agira ubumwe n'ubwinshi akanasesengurwamo uturemajambo

dutatu, ari two indomo, indanganteko n'igicumbi.

3. **Amazina rusange agira inteko zingahe?**

   Agira inteko cumi n'esheshatu.

4. **Iyo usesengura izina ugasanga uturemajambo tudahuye n'uko ijambo ryose ryari riteye ubigenza ute?**

   Usobanura icyabiteye

Umwarimu arahera ku bisubizo bitanzwe maze amenyeshe abanyeshuri ko bagiye kwiga amategeko y'igenamajwi.

Mugaragaze uturemajambo tw'amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira mwifashishije uburyo bwo kugoragoza. Mureba niba hari imiterere y' amajwi mubona yahindutse mu turemajambo mugereranyije n'izina mwasesenguye.

Niba byahindutse muragaragaza uburyo mwakwandika muhinnye amategeko asobanura iyo mihindukire y'amajwi ndetse n'ibimenyetso bikoreshwa.

Muratandukanya  kandi amategeko ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi.

a) Mu biyobyabwenge habamo n'iby'**ibyatsi**.
b) **Umwana** unywa ibiyobyabwenge ntiyumvira abamurera.
c) **Aborozi** bakurikiza inama bahabwa n'abavuzi b'amatungo.
d) Umushyitsi bamwakiranye **ubwuzu**.
e) Kunywa ibiyobyabwenge ni **icyaha** gihanwa n'amategeko y'u Rwanda.
f) Baca umugani ngo: "**Agasaza** kamwera akandi kuzakamwa."
g) Urutoki rwacu rurimo **insina** nyinshi.
h) **Inzira** ntibwira umugenzi; sinari nzi ko mbura **imfunguzo** ngo nkingure mfate **impamba** yange **imbeba** zitarayintanga.
i) Umwana w'**imfura** aruhira **indabo** mu busitani bw'**umuhinzi**.
j) Mu bikoresho by'abanyeshuri habamo n'**impapuro**.
k) **Impyisi** y'iwanyu ikurya ikurundarunda.

## Uturemajambo tw'izina

Iyo dushaka uturemajambo tw'izina, dukoresha uburyo bw'igoragoza ijambo rikagenda rihindurirwa inteko z'amazina ryisanisha muri buri nteko. Igoragoza rigaragaza intego y'amagambo. Ni ukuvuga ko rigaragaza uturemajambo tuyagize Ubusanzwe izina mbonera mu Kinyarwanda rigira uturemajambo dutatu ari two: **indomo, indanganteko n'igicumbi**. Intego y'izina ni D-RT-C. Izina iryo ari ryo ryose rifite iyo ntego ariko hari amazina adafite indanganteko igaragara bityo mu mwanya w'indanganteko bagashyirwamo ikimenyetso k'imbumbabusa (ϕ).

**Indomo:** Indomo ni inyajwi itangira amazina mu Kinyarwanda. Mu Kinyarwanda

inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu gusa ari zo: a, i na u. Kugira ngo indomo iboneke hakoreshwa impakanyi "**nta**", indangahantu **"ku"** na **"mu"** imbere y'amazina, hashobora no gukoreshwa ijambo ribaza **"ki"**,bimwe mu binyazina, ijambo ry'impushabwoko"buri". Icyo gihe inyajwi itangira izina iratakara. Iyo nyajwi itakara ni yo bita **"indomo".**

**Indanganteko:** Indanganteko ni akaremajambo k'izina kagaragaza inteko y'iryo zina. Mu Kinyarwanda indanganteko ni cumi n'esheshatu arizo: **mu, ba, mu, mi, ri, ma, ki, bi, n, n, ru, ka, tu, bu, ku, ha**. Mu nteruro amagambo menshi yisanisha n'izina agafata indanganteko y'iryo zina ho indangasano. Bivuze ko indangasano iba isa n'indanganteko y'iryo zina. Icyo gihe amagambo yose yisanisha na ryo kuko aba ari ryo rigenga amasano.

**Urugero: Ikigori ki**za **ki**nini na**ki**bonye **ki**raryoshye

**Igicumbi:** iyo tugoragoza izina turisanisha mu nteko zinyuranye hari igice kidahinduka kandi icyo gice ni cyo iryo zina riba rishingiyeho. Icyo gice kidahinduka ni cyo twita igicumbi.

**Urugero:** ikigori (nt.7), akagori (nt.12), utugori (nt.13), urugori (nt.11), ibigori

(nt.8)... igice kitahindutse ni "gori" ni ukuvuga ko igicumbi k'ijambo ikigori ari "gori".

**Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi**

## Inshoza y'amategeko y'igenamajwi.

Ubusanzwe akaremajambo ni akanyabumwe gato katagira inyito yihagije, katiyunze n'utundi turemajambo. Igenamajwi rero ni umutwe w'ikibonezamvugo wiga uko amajwi agize uturemajambo ahinduka iyo ahuriye mu ijambo cyangwa hagati y'amagambo.

Ntabwo tuvuga dukurikije uturemajambo:

| Ntituvuga ngo: | Tuvuga ngo: |
|---|---|
| - u – mu – ana | - umwana |
| - u – tu - tara | - udutara |
| - a – ba - orozi | - aborozi |
| - i – n – yira | - inzira |
| - u – mu – hinzi | - umuhinzi |

Urebye uturemajambo tugize ijambo ukatugereranya n'uko tuvuga, wasanga hari amajwi ashobora:

- guhinduka andi: **u** yahindutse **w**, **t** yahindutse **d**, **y** yahindutse **z**
- kuburizwamo: **a** yaburijwemo.
- Kwiyunga: **a** yiyunze na **i**.

Tugendeye ku ngero twihaye, twakwibaza igihe **u** ihinduka **w**, **t** igahinduka **d**, naho **a** ikaburizwamo. Igisubizo ni uko **u** ihinduka **w** iyo iri imbere y'inyajwi, **t** igahinduka **d** iri imbere y'ingombajwi naho **a** iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi.

## Ibimenyetso n'impine bikoreshwa

Dore ibimenyetso by'amategeko y'igenamajwi bikoreshwa n'uko bisomwa:

a) **J**: iki kimenyetso gisomwa «Inyajwi»

b) **GR**: iki kimenyetso gisomwa «Ingombajwi y'indagi»

c) **→** : ihinduka, bihinduka, ibyara cyangwa bibyara.

Ingero: i →y: i ihinduka y

u →w: u ihinduka w

d) **+**: na cyangwa ikurikiwe na

Urugero: a + i: a na i cyangwa a ikurikiwe na i

e) **/**: iki kimenyetso gisomwa «Iyo»

Ingero: i →y/…: i ihinduka y iyo…

t →d /…: t ihinduka d iyo…

f) **–:** iki kimenyetso cy'akanyerezo kerekana umwanya ijwi rihinduka ryari ririmo. Ni ukuvuga imbere cyangwa inyuma y'irindi jwi runaka no hagati y' ijwi n'irindi..

Ingero: y →z / n– : y ihinduka z iyo iri inyuma ya n

i →y / – J : i ihinduka y iyo iri imbere y'inyajwi

t →ϕ/n– s : a iburizwamo hagati ya **n** na **s**

g) **ϕ** : iki kimenyetso gisomwa «Iburizwamo»

Ingero: a →ϕ/ – J: a iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi

t →ϕ/ n–s: t iburizwamo iyo iri hagati ya n na s

Ikitonderwa: ingombajwi z'indagi ni izi zikurikira: **p,k,g,t,d,c,f,h.**

**Imbonerahamwe y'amwe mu mategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi**

| Izina | Intego | Itegeko |
|---|---|---|
| 1. ibyatsi | i-bi-atsi | i→y/-J |
| 2. umwana | u-mu-ana | u→w/-J |
| 3. aborozi | a-ba-orozi | a→ϕ /-J |
| 4. ubwuzu | u-bu-uzu | u→w/-J |
| 5. amenyo | a-ma-inyo | a+i→e |
| 6. icyaha | i-ki-aha | i→y/-J; ky→cy mu nyandiko |

| | | |
|---|---|---|
| 7. uduti | u-tu-ti | t→d/-GR |
| 8. inzuma | i-n-uma | Igicumbi gifata z mu nt.10 |
| 9. agasaza | a-ka-saza | k→g/-GR |
| 10. insina | i-n-tsina | t→/n-s |
| 11. inzira | i-n-yira | y→z/n- |
| 12. imfunguzo | i-n-funguzo | n→m/-f |
| 13. impamba | i-n-hamba | n→m/-h; mh→mp mu nyandiko |
| 14. imbeba | i-n-beba | n→m/-b |
| 15. imfura | i-n-pfura | n→m/-p; p→φ/m-f |
| 16. indabo | i-n-rabo | r→d/n- |
| 17. impapuro | i-n-papuro | n→m/-p |
| 18. inshakura | i – n - cakura | c →sh/n- |
| 19. urugi | u- ru- ugi | uφ /- J |
| 20. imungu | i-n-mungu | n→Φ /-m |
| 21. inuma | i-n-numa | n→Φ /-n |
| 22. inyanya: | i-n-nyanya | n→ Φ /-ny |

Aya mategeko, uhereye ku rya mbere ukageza ku rya gatandatu ajyanye n'inyajwi naho andi asigaye ajyanye n'ingombajwi.

**Umwitozo ku turemajambo n'amategeko y'igenamajwi**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

1. Garagaza uturemajambo (intego) tw'amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).
   a) **Imfubyi** yumvira mu rusaku.
   b) Iyo umuntu agize **ubwoba** bwinshi avuza **induru**.
   c) **Akebo** kajya iwa Mugarura.
   d) Abantu bose bakwiye kwirinda no gukumira ubwandu bw'**agakoko** gatera SIDA.

**Ibisubizo:**

| Izina | Uturemajambo | Itegeko |
|---|---|---|
| 1. imfubyi | i-n-pfubyi | n→m/-p; p→ϕ/m-f |
| 2. ubwoba<br>Induru | u-bu-oba<br>i-n-ruru | u→w/-J<br>r→d/n- |
| 3. akebo | a-ka-ibo | a+i→e |
| 4. agakoko | a-ka-koko | k→g/-GR |

**Umuvugo ku ngingo yo kwirinda ibiyobyabwenge:**

**"Mucyo turwanye ibiyobyabwenge"**

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umuvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 26)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku muvugo yahawe, araba ashobora:

- Gusoma umuvugo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu muvugo.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umuvugo uvuga ku ngaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Murabona iki kuri iyi shusho?**

   Umukobwa n'umuhungu bafite ibyapa mu ntoki bishushanyijeho amacupa, inkono y'itabi...

2. **Aya macupa ni ay'iki?**

   Ni ay'inzoga, kore n'ibindi biyobyabwenge bijya mu macupa.

3. **Muratekereza ko bariya bantu bari gukora iki?**

   Bari kubyamagana.

4. **Mubiboneye he?**
   Ku cyapa handitseho ngo turwanye ibiyobyabwenge kandi bicishijemo ikimenyetso cyo gukuba gitukura kivuga ko ibyo bintu bitemewe.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Mucyo turwanye ibiyobyabwenge"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byababazwa n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Ububi bw'ibiyobyabwenge.
2. **Abo werekezaho impanuro cyane ni ba nde?**
   Ni urubyiruko.
3. **Uyu muntu utanga inama urabona ari nka nde?**
   Umwana w'umukobwa wiga mu mashuri yisumbuye nko mu wa mbere.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Kuki dukwiriye kwamagana ibiyobyabwenge?**

   Ni uko byangiza ubwonko, bigashora abantu mu ngeso mbi kandi bigasesagura n'umutungo ndetse n'amahoro mu muryango.

2. **Erekana ingeso mbi ziterwa no kunywa ibiyobyabwenge zagaragajwe muri uyu mwandiko?**

   Bitera guta umurongo, kumena ibanga, kuba isandi, kuba matene no guta isura, guhitana n'abantu, guta ubwenge, guta ishuri, kubura kubaka no kubyara, kutibuka umushinga, gutesha umutwe ababyeyi, gutenguha abagukunda,gutaha usa n'igisimba, guhohoterana.

3. **Ni izihe ngaruka mbi mu muryango nyarwanda zivugwa mu mwandiko zituruka ku biyobyabwenge?**

   Amahoro arayoyoka biturutse ku kuba : umuntu unywa ibiyobyabwenge ntashobora kwibuka ejo hazaza, kubaka no kubyara nta no kwibuka undi mushinga. Gutesha umutwe ababyeyi ndetse no gutenguha abagukunda.

4. **Ubundi mu Rwanda ibiyobyabwenge bikoreshwa n'urubyiruko gusa? Sobanura igisubizo cyawe.**

   Oya. Si urubyiruko rubibikoresha gusa.

   Impamvu ni uko iyo witegereje ubona n'abantu bakuze, ndetse ab'ibitsina byombi usanga na bo babikoresha.

5. **Ni ubuhe buryo batubwira twatangamo umusanzu mu kurwanya ibiyobyabwenge?**

   Ni ugufata ingamba zo kurwanya ibiyobyabwenge, tukareka kubinywa no kubitanga cyangwa ngo duhishire aho tubibonye ndetse tugatanga umuganda wo gutanga amakuru no kujya dutungira agatoki ababishinzwe, igihe tubiciye iryera.

6. **Uyu mwandiko uhuriye he n'ubuzima busanzwe?**

   Aho birahuye ni uko ibivugwamo ni ibyo dusangwa mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ibiyobyabwenge birakoreshwa kandi dukwiye kubihagurukira tukabirwanya kuko bimunga umutungo ndetse bikagira uruhare mu guhungabanya amahoro mu muryango.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Rwanda rw'ejo**: abakiri bato; abakibyiruka.
   b) **Umunyenga**: ibyishimo
   c) **Mukaba isandi**: mugasakuza cyane; mugasahinda.
   d) **Mugasizora**: mugakabya; mukarengera.
   e) **Ubwangwe**: ubugoryi.
   f) **Guhekura**: kwicira urubyaro.
2. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira:**
   a) **Ibisenya** ≠ ibyubaka
   b) **Kumena ibanga** ≠ kubika ibanga
   c) **Kwerekeza amashuri** ≠ guhunga amashuri
   d) **Kubirwanya** ≠ kubishyigikira
   e) **Guhishira** ≠ kugaragaza

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) **Mugakabya** : mugasizora, mukarengera
   Abanyoye ibiyobyabyenge basizora mu gukora nabi.
   b) **Mugahindana** : mugata isura.
   Uwokamwe n'ibiyobyabwenge usanga yarataye isura.
   c) **Abavuzi** : abaganga.
   Abaganga bari mu bajyanama bo kurwanya ibiyobyabwenge.
   d) **Urubyiruko** : Rwanda rw'ejo.
   Abana bakiri bato bagombwa kwirinda ibiyobyabwenge kuko ni bo Rwanda rw'ejo.
   e) **Umusanzu** : umuganda.
   Twese duhaguruke dutange umuganda turwanya ibiyobyabwenge.
   f) **Kugira ibanga**: kubika ibanda.
   Kubika ibanga bigomba kuturanga ntitugasamare.

## Igice cya kabiri: Gusoma no Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 28)

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Mucyo turwanye ibiyobyabwenge
2. **Uwo mwandiko wibandaga ku biki?**
   Ku bubi bw'ibiyobyabwenge.
3. **Erekana uburyo uyu mwandiko ufite ikiciro runaka cy'abantu wibandaho.**
   Izi ngaruka umwandiko urazerekeza ku rubyiruko, ukagaragaza ko ari rwo rwibasiwe cyane n'iki cyorezo.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Mucyo turwanye ibiyobyabwenge"** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Utaniye he n'indi myandiko dusanzwe dusoma?**

   Ni umuvugo. Impamvu ni uko ufite uturango tw'umuvugo ari two:

   kwandikwa mu mikarago, gukoresha ikeshamvugo, Gutangizwa inyuguti nkuru kuri buri mukarago, kuba imikarago ifite injyana inogeye amatwi...
2. **Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka tubona muri uyu mwandiko?**

   Iz' ingenzi:

   Ububi bw'ibiyobyabwenge

   Ibiranga uwanyoye ibiyobyabwenge

Iz'ingereka: kubireka, kubirwanya, kutabitanga, gutanga amakuru igihe tubibonye, abashinzwe umutekano.

3. **Gereranya ubuzima bw'abantu tubona umunsi ku wundi n'ibivugwa mu mwandiko.**

   Abantu tubona umunsi ku wundi bakoresha ibiyobyabwenge bagaragaraho ingaruka zavuzwe mu mwandiko.

4. **Uretse ingaruka zavuzwe mu mwandiko ni izihe ngaruka zindi waba uzi zituruka ku kunywa ibiyobyabwenge.**

   Umuntu unywa ibiyobyabwenye ntashobora kugira umuco wo kuzigama kuko aba yaratwawe n'ibiyobyabwenge nyine. Kubera ko babinywa bagahindura imyifatire ahanini barangwa n'urugomo ntibashobora no kwimakaza umuco w'amahoro. Izindi ngaruka zirimo guta umuco, kutiyubaha, ubwomanzi, ubwicanyi,...

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 28)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gufata mu mutwe umuvugo uri mu gitabo no kuwutondagura imbere y'abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.

2. **Umuhanzi yaranguruye ijwi abwira nde?**

   Abana bacu Rwanda rw'ejo.

3. **Yasoje asaba iki?**

   Kubifatira ingamba tukabirwanya twivuye inyuma.

**II. Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Insanganyamatsiko:** Ingamba zishobora kubuza ibiyobyabwenge gusakara mu bana b'u Rwanda.

**Ibitekerezo byatangwa:**
Ingamba zirahari kuko igihe twese tuzaba twabihagurukiye, tukabirwanya twivuye inyuma, tugatanga amakuru y'aho tubizi hose. Leta na yo igafatira ibihano bikaze abanywa n'ababicuruza, bizacika.

**III. Umukoro**

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gufata mu mutwe umuvugo: "Mucyo turwanye ibiyobyabwenge", hanyuma buri munyeshuri akazawuvugira imbere y'abandi buhahiriza isesekaza.

## Igice cya kane: Umuvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 29)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe, araba ashobora:

- Kuvumbura inshoza n'uturango tw'umuvugo.
- Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no kuwuvugira imbere ya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo, amajwi ku muvugo wafashwe ku byuma by'ikoranabuhanga (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma, bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo cyangwa abumvishe umuvugo wafashwe ku byuma by'ikoranabuhanga.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. U**mwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.

2. **Ni iki wagusigiye**?

Ni uko ngomba kwirinda ibiyobyabwenge kuko bifite ingaruka mbi cyane ku buzima.

3. **Ni iki umuhanzi asaba buri Munyarwanda?**

   Buri Munyarwanda asabwa kureka kubinywa no kubitanga no guhishira aho abibonye.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akongera kubasaba gusoma umuvugo **"Mucyo turwanye ibiyobyabwenge"** kugira ngo bavumbure inshoza y'umuvugo n'uturango twawo.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukorera mu matsinda batahura ibiranga umwandiko uteye nk'uwo bamaze gusoma bagendeye ku:

- imiterere y'interuro cyangwa n'imirongo byawo
- imyandikire yawo
- ikivugwamo
- imvugo ikoreshejemo.

## Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano cy'ubuvanganzo cyuje iminozanganzo n'amagambo y'indezi (arata). Umuvugo kandi ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo ukoreshejwemo imvugo ijimije yiganjemo uturango tw'ikeshamvugo uvuga ku muntu cyangwa ikintu runaka.

## Uturango tw'umuvugo

Umuvugo ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo urangwa n'ibi bikurikira:

– Umuvugo uba ufite injyana ku buryo unyura amatwi y'uwumva.
– Uba wanditse mu mikarago si interuro zisanzwe nk'izo mu yindi myandiko
- Buri mukarago utangirwa n'inyuguti nkuru.
- Ukoresha imvugo ijimije kandi itatse inganzo (yiganjemo uturango tw'ikeshamvugo).
- Umuvugo uba urimo iminozanganzo.
- Ku bijyanye n'ikivugwaho usanga uvuga ku nsanganyamatsiko, ku muntu cyangwa ikintu runaka.

## Umwitozo ku muvugo

Umwarimu atanga umwitozo wo guhanga umuvugo bubahiriza uturango tw'umuvugo, buri munyeshuri akora ukwe, hanyuma akavugira umuvugo we imbere y'abandi.

**Hanga umuvugo wubahiriza uturango twawo, urate umuntu cyangwa ikintu ukunda, hanyuma uwuvugire imbere y'abandi banyeshuri wubahiriza**

**isesekaza.** .

→umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo guhanga umuvugo no kuwufata mu mutwebakaza kuvugira imbere y'abagenzi babo buri wese ku giti ke.

### Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ivuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge n'uko dukwiriye kubyirinda kuko biteje ikibazo gikomeye cyanecyane mu rubyiruko.

Twabonye kandi ko iyo bashaka uturemajambo ( intego ) tw'amazina hari amajwi agenda ahinduka ugereranyije n'izina basesenguye. Bityo hakaba hari amategeko y'igenamajwi akoreshwamo; hari ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi.

Twanabonye ko umuvugo ari ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo urangwa n'ibi bikurikira: Uba wanditse mu mikarago, buri mukarago utangizwa inyuguti nkuru, ukoresha imvugo ijimije kandi itatse inganzo (yiganjemo uturango tw'ikeshamvugo). Ku bijyanye n'ikivugwaho usanga urata cyangwa utaka ubwiza bw'umuntu cyangwa ikintu runaka; cyangwa se kubyamagana bitewe n'ububi umuhanzi abibonaho.

## Ubumenyi bw'inyongera

**I. Umuvugo: Hoshi genda biyobyabwenge!**

Biyobyabwenge reka nkurwanye
Biyobyabwenge hoshi gatsindwe
Biyobyabwenge uhora utugenza
Uko umunsi wije ufata ugahonda
Umunsi ukeye ugera amajanja.

Abacu utwara ujugunya hirya
Reka tukurwanye ingaruka zawe
Uzihisha cyane ariko zirazwi
Gahore utsindwa uhere iyo hirya
U Rwanda rwacu ruhumeke.

Ubwo bugingo uhora uyogoza
Bugaruke iwabwo butekane
Abana bacu bakure neza
Bubake urwacu ruzira icyasha.

**II. Imigani migufi ijyanye n'uyu mutwe w'ibyigwa**

Imigani migufi n'isano iri hagati yayo no kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko:

- **Igiti kigororwa kikiri gito.**

  Aho bihuriye ni uko abantu bakwiye kwigishwa kurwanya

ibiyobyabwenge bakiri bato.

- **Nta cyo bitwaye irabanza icyo nakoze igaheruka.**

  Bihuriye aho umuntu unywa ibiyobyabwenge abinywa yishimye nyuma bikazamugiraho ingaruka mbi cyane.
- **Mbwira uwo mugendana ndakubwira uwo uri we.**

  Aho bihuriye ni uko ababinywa usanga bagirana urugomo.
- **Ihene mbi ntuyizirikaho iyawe.**

  Aho bihuriye ni uko ababinyoye mbere babyanduza abandi.
- **Nyamwanga kumva ntiyanze kubona.**

  Aho bihuriye ni uko ibiyobyabwenge bikururira umuntu akaga kandi yaragiriwe inama akanga kuzikurikiza.

**Kuzuza imigani migufi ukoresheje amatsinda y'amagambo yatanzwe.**

Amatsinda y'amagambo yatanzwe: ***ikagukura mu bagabo, kimena inda, Umwana apfa.***

Imigani migufi yo kuzuza

a) Igisiga cy'urwara rurerure ...... (kimena inda)

b) ........ mu iterura. ( umwana apfa)

c) Uyikura mu kabindi ...... (ikagukura mu bagabo)

## Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 30)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kabiri, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:**

1. **Ni uwuhe munyeshuri uvugwa mu mwandiko ko akoresha ibiyobyabwenge?**

   Ni Mugabo.
2. **Ni ikihe kiyobyabwenge bamusanganye mu mufuka?**

   Inzoga y'inkorano.
3. **Vuga andi mazina y'ibiyobyabwenge babonye ubwo bari mu isaka ku ishuri.**

   Waragi, itabi, utuyoga dufunze mu dushashi...

4. **Hari icyo mwaba muzi ku biyobyabwenge?**

   Yego kirahari. Ibiyobyabwenge ni ibintu byose byangiza imikorere y'ubwonko n'umubiri muri rusange. Umuntu ubifashe ahita ahindura imyifatire ntabe agishoboye gutekereza neza no gukora nk'abantu bazima.

5. **Tanga ubuhamya waba uzi ku bubi bw'ibiyobyabwenge.**

   (Baratanga ubuhamya butandukanye)

6. **Vuga ingaruka z'ibiyobyabwenge: mu muryango, ku munyeshuri, ku buzima, ku mutekano no ku bukungu bw'igihugu.**

   **Mu muryango:** Abagize umuryango ubamo ibiyobyabwenge barangwa n'amakimbirane, kutubahana, gukoresha nabi umutungo w'urugo; bishobora no gutuma habaho gucana inyuma ku bashakanye kandi n'icyubahiro cy'umuryango kiratakara.

   **Ku munyeshuri:** Bishobora gutuma ata ishuri,asubira inyuma mu myigire bitewe no kwishora mu biyobyabwenge.Bishobora no gutuma ashaka kudakurikiza amategeko y'ishuri no guhangana n'abayobozi b'ishuri kubera ibiyobyabwenge.

   **Ku buzima**: Byangiza ubwonko n'umubiri, kandi bishora abantu mu ngeso mbi zabakururira akaga karimo nko kwandura agakoko gatera sida, gukomereka ndetse n'urupfu tutarwibagiwe.

   **Ku mutekano:** Abafata ibiyobyabwenge barawuhungabanya, bamwe barara basakuza, abandi bataha mu ngo zitari izabo bayobewe inzira ibacyura, abandi bahohotera abandi na bo ubwabo batiretse.

   **Ku bukungu bw'Igihugu:** Ibiyobyabwenge birahenda, n'ibikorwa byo kubikumira bigahenda ndetse n'abo byokamye batakaza imbaraga zari gutanga umusaruro.

7. **Ni uruhe ruhare abanyeshuri bo ubwabo bashobora kugira mu kurwanya ibiyobyabwenge haba mu kigo no hanze yacyo?**

   **Mu kigo**: Kurushaho kwerekana ingaruka zabyo, gushyiraho amatsinda (amahuriro) yo kubirwanya.

   **Hanze y'ikigo**: Gukomeza gusobanura ingaruka zabyo no gukangurira abantu kubyirinda.

8. **Ni iyihe nama wagira abayobozi n'abanyeshuri mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge ku ishuri?**

   Abayobozi nabagira inama yo gukomeza gusobanurira abo bayobora ububi bw'ibiyobyabwenge, bakabasobanurira n'uburyo bwo kubyirinda, kandi bagashishikariza abanyeshuri kujya mu matsinda yo kubirwanya.

   Abanyeshuri nabagira inama yo gutega amatwi no gukurikiza impanuro

bagezwaho n'abayobozi; bakibumbira mu matsinda yo kubirwanya ndetse n'andi akorera mu kigo kuko bituma batabona umwanya wo kurangara ngo bage mu ngeso mbi nk'izo. N'aho babimenye kandi bakihutira gutanga amakuru ku babishinzwe ngo babikumire amazi atararenga inkombe.

**II. Inyunguramagambo.**

1. **Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Idasanzwe**: itamenyerewe
   b) **Biramuyobera**: bimubera urujijo.
   c) **Kwihanangiriza**: kwiyama umuntu bamusaba kutazasubira amakosa yakoze.
   d) **Intangarugero**: ukora ibyiza bishimwa n'abandi ndetse bakabifata nk'ikitegererezo.
   e) **Agaragiwe**: yungirijwe, aherekejwe.

2. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira:**
   a) Kwirinda ≠ kwishora
   b) Gutangira ≠ gusoza
   c) Yakererewe ≠ yazindutse
   d) Ibibujijwe≠ ibyemewe
   e) Kwitsa ijambo ≠ gukomeza ijambo

3. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira**
   a) **Byangiza** : byica
   b) **Mwabonye bucya**? : mwaramutse?
   c) **Ntunyandagaze** : ntunteze abantu
   d) **Yongeraho** : yungamo
   e) **Inyangamugayo** : intangarugero

**III. Ikibonezamvugo**

Garagaza uturemajambo ( intego) tw'amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).

1. Nabonye **imfizi** irisha mu rwuri.
2. **Inyana** y'**insindirano** ironka ntitsimba.
3. **Akebo** kaboshye neza kagura amafaranga menshi.
4. **Imyumbati** y'imiribwa iraryoha.

5. **Abiru** bari bazi amabanga menshi.
6. Mu rugo dusukura **icyumba** turaramo.
7. Umuhigi ntatana n'**impigi** ze.
8. Buri wese age amesa **umwambaro** we.
9. Kubera izuba twasaruye **udushyimbo** duke.

**Ibisubizo:**

| | | |
|---|---|---|
| Imfizi: i – n – pfizi | n →m/-f , | p→ϕ/m-f |
| Inyana: i – n – nyana | n→ϕ/-ny | |
| Insindirano: i –n – tsindirano | t→ϕ/n-s | |
| Akebo: a – ka – ibo | a+i →e | |
| Imyumbati: i – mi – umbati | i→y/-J | |
| Abiru: a – ba – iru | a→ϕ/- J | |
| Icyumba: i – ki – umba | i→y/-J, | ky→cy mu nyandiko. |
| Impigi: i – n – higi | n→m/-h, | mh →mp mu nyandiko. |
| Umwambaro: u – mu – ambaro | u→w/- J | |
| Udushyimbo: u – tu – shyimbo | t→d/-GR | |

## Imyitozo nzamura bushobozi.

Iyi myitozo ihabwa abagenda buhoro mu myigire yabo, igamije gusuzuma niba nabo bamaze gutera intambwe ukurikije abanyeshuri bihuta mu myigire yabo.

1. Mu nteruro zikurikira garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi.
   a) **Ubwato** bwambuka amazi.
   b) **Ukwezi** kugira ibyumweru bine.
   c) Uriya mwana yambaye **inshabari**
   d) **Imfura** ni iyo wapfa ikakurerera.
   e) Mpagaze mu mpinga mvuza **impundu**.
   f) Bakubuza **imyeyo** igakesha **imbuga**.

**Ibisubizo:**

Ubwato: u – bu – ato   u→w/- J
Ukwezi: u – ku – ezi  u→w/- J
Ibyumweru: i – bi – umweru  i→y/ - J
Inshabari: i – n – cabari c→sh/n-
Imfura: i – n – pfura   n→m/-f, p→ϕ/m-f
Impundu: i – n – hundu  n→m/-h,  mh →mp mu nyandiko
Imyeyo: i – mi – eyo  i→y/-J

Imbuga: i – n – buga  n→m/-b

1. Hanga umuvugo mugufi urata umuntu cyangwa ikindi kintu wishakiye ariko wubahiriza uturango tw'umuvugo.
2. Fata mu mutwe umuvugo: "**Hoshi genda biyobyabwenge**" maze uzawutondagure imbere ya bagenzi bawe.

## Umwitozo nyagurabushobozi.

**Hanga umuvugo mugufi ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, wubahiriza uturango twawo.**

Abanyeshuri barahanga imivugo itandukanye, umwarimu abakosore areba ko bubahirije amabwiriza yo guhanga umuvugo.

# 3 Ibidukikije

## (Umubare w'amasomo: 9)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**<br>- Gusesengura umwandiko ku bidukikije<br>- Kwandika yubahiriza utwatuzo n'imikoreshereze y'inyuguti nkuru. |
|---|
| **Ubumenyi bw'ibanze:**<br>- Kuba umunyeshuri azi icyo ibidukikije ari cyo.<br>- Kuba umunyeshuri yarigeze kumva ko ibidukikije ari ingirakamaro.<br>- Kuba umunyeshuri azi gutandukanya inyuguti nto n'inyuguti nkuru. |
| **Ingingo nsanganyamasomo:**<br>- **Kwita ku bidukikije**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa habanje gusobanurwa akamaro k'ibidukikije bityo umunyeshuri yumve ko ari kwita ku bidukikije ari ingenzi kandi ko ari inshingano za buri wese.<br>- **Uburinganire n'ubwuzuzanye.**<br>Iyi ngingo igomba kwitabwaho mu gushyira abanyeshuri mu matsinda hubahirizwa ihame ry'uburinganire bw'ibitsina byombi ndetse bakorera hamwe mu bwuzuzanye.<br>- **Uburezi budaheza.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.<br>- Ubushobozi bwo gikora ibikorwa byo kwita ku bidukikije no gushishikariza abandi kubyitaho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.<br>- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda. |

| |
|---|
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**<br>- Akamaro k'ibidukikije.<br>- Kwita ku bidukikije. |
| **Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**<br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br><br>Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye... |

| | |
|---|---|
| **Urutonde rw'ibyigwa rujyanye n'umubare w'amasomo:**<br>Umwandiko: Amazi n'akamaro kayo<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Amabwiriza y'imyandikire : Imikoreshereze y'inyuguti nkuru. | Isomo 1 |
| Umwandiko: Inyamaswa zo mu mazi<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze | Isomo 1 |
| Isuzuma risoza umutwe wa gatatu | Isomo 1 |

## Umwandiko: Amazi n'akamaro kayo

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga kumazi n'akamaro kayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?**

   Umugezi, ibiti n'ibindi bimera.

2. **Ari imigezi, inzuzi n'ibiyaga byose bihurira ku ki?**

   Byose bihurira ku kuba ari amazi.

3. **Amazi muyaziho iki?**

   Amazi ni ubuzima; iyo ari meza ntagira ibara, impumuro, uburyohe; akoreshwa mu mirimo myinshi.

4. **Ese umuntu atanyoye amazi yabaho?**

   Oya. Ubuzima bwahagarara.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Amazi n'akamaro kayo"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byababazwa n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Ku mazi.

2. **Amazi yavuye he?**

   Ayo mazi ni ubutunzi Imana yaturemeye.

3. **Igice kinini k'isi dutuye kigizwe n'iki?**

   Kigizwe n'amazi.

4. **Amazi arangwa n'iki iyo adafite umwanda?**

   Kutagira ibara, uburyohe ndetse n'impumuro.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa, banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko**

   1. **Ni hehe twasanga amazi ku isi?**

      Amazi amwe tuyasanga mu migezi, mu nzuzi, mu biyaga no mu nyanja, andi tukayasanga mu butaka yacengeyemo nyuma yo kugwa kw'imvura.

   2. **Sobanura isano iri hagati y'amazi y'imvura n'ay'amasoko.**

      Amazi y'amasoko akomoka ku y'imvura aba yarinjiye mu butaka, hanyuma yamara kuba menshi akavubukamo.

   3. **Sobanura inkomoko y'imvura.**

      Imvura ikomoka ku ruhererekane rw'amazi. Izuba iyo ricanye rishyushya amazi yo mu nyanja, mu biyaga, mu nzuzi, mu migezi, no mu butaka, maze agahinduka umwuka. Hamwe n'uwo ibinyabuzima na byo bisohora bihumeka. Uwo mwuka ni wo uvamo ibihu bizamuka mu kirere bigahinduka ibicu bizabyara imvura.

4. **Ese amazi dusanga ku misozi aba asukuye ? Sobanura igisubizo cyawe.**

   Oya. Aba yanduye. Kuko yivangamo imyanda.

5. **Ni ubuhe buryo twasukuramo amazi yo kunywa iwacu mu rugo?**

   Uburyo bwiza bwo gusukura amazi yo kunywa ni ukuyateka, gushyiramo imiti yica udukoko cyangwa abifite bakongeraho no kuyanyuza muri firitiri. Ariko ashobora no gusukurirwa mu nganda zabugenewe.

6. **Vuga ingaruka zo kunywa amazi adasukuye.**

   Ashobora gutera indwara zitandukanye kandi byatuma umuntu ahora yikanga ko yanyoye imyanda.

7. **Sobanura akamaro k'amazi mu mibereho y'ibinyabuzima.**

   Amazi ni ingenzi ku binyabuzima kuko abuze ubuzima bw'inyamaswa n'abantu bwahagarara. Inyamaswa zirayanywa n'abantu barayanywa, bakayiyuhagira, bakanayakoresha no mu yindi mirimo y'isuku. Ibimera na byo birayanyunyuza akabirinda kuma ndetse bikamererwa neza.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe, bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Avubukamo:** asohokamo.
   b) **Imivu**: amazi menshi atemba iyo imvura igwa.
   c) **Uruhererekane**: urukurikirane rw'ibintu runaka bifite icyo bihuriyeho.
   d) **Guponda sima**: kuyitunganya bayivangamo amazi n'umucanga ngo bayikoreshe.
   e) **Akaga**: ibyago bikomeye.
2. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Ubuzima** ≠ urupfu.

      Ubuzima burangirira ku rupfu.

   b) **Rishyushya** ≠ rikonjesha.

Ijoro rikonjesha ubutaka.

**c)** **Ushyushye** ≠ ukonje.

Umutobe ukonje umara inyota

d) **Bisohora** ≠ byinjiza.

Iyo ibinyabuzima bihumeka byinjiza umwuka mwiza.

e) **Imanukana** ≠ izamukana.

Indege igurutse izamukana n'ibirimo byose.

3. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) **Kuvugaho**: kuganiraho.

Ibibazo birakemuka iyo abantu babiganiyeho.

b) **Rivuye**: ricanye.

Mu gihe izuba ricanye cyane ubushyuhe buba bwinshi.

c) **Atunganyije**: asukuye.

Amazi akwiye kunyobwa asukuye

d) **Ngombwa**: ingenzi.

Kurya indyo yuzuye ni ingenzi mu buzima.

e) **Byifashisha**: bikenera.

Ibimera bikenera amazi menshi.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

**Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe:**

***Ingenzi, ishwagara, amatungo, amapfa, imvura***

1. Abantu si bo bakenera amazi gusa n'**amatungo** ayabuze yashira
2. Amashyamba agira uruhare rukomeye mu gutuma **imvura** igwa
3. Mu bwubatsi no mu gusukura amazi mu nganda **ishwagara** irakoreshwa
4. Izuba ryavuye igihe kirekire ritera **amapfa**.
5. Amazi ni **ingenzi** mu buzima kuko agize bitatu bya kane by'umubiri w'umuntu.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 36)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo guse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?**

   Amazi.

2. **Uvuga ku biki muri make?**

   Ku nkomoko y'amazi n'akamaro kayo.

3. **Amazi yo kunywa agomba kuba ameze ate? Kuki?**

   Agomba kuba asukuye. Kuko bitabaye ibyo yatera ingaruka ku buzima bw'uyanyoye.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Amazi n'akamaro kayo"** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.**

   Amazi n'akamaro kayo.

2. **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**

   Haravugwamo ko amazi ari ikinyobwa Imana yaturemeye ngo kitugirire

akamaro.

Uko amazi ashyuha akazamuka ari umwuka na wo ukazabyara imvura bigakora uruhererekane bityobityo.

Uko amazi ari ingenzi ku binyabuzima; ku buryo bitayabonye bitabaho.

3. **Sobanura aho izo ngingo z'umwandiko zihuriye n'ubuzima bwa buri munsi.**

   Aho bihuriye ni uko zivuga ku nkomoko n'akamaro k'amazi kandi amazi akaba ari ikintu dukenera mu buzima bwacu bwa buri munsi kuko tuyabuze ubuzima bwacu bwahagarara.

4. **Nyuma yo gusoma umwandiko ni iki wabwira bagenzi bawe?**

   Icyo nababwira ni uko tugomba kubungabunga amazi dufite, imigezi, inzuzi, ibiyaga,… na byo tukabibungabunga tubirinda kwirundamo itaka rishobora gutera bimwe muri byo gusibangana. Tugomba kwirinda guhumanya ikirere, tukarwanya n'isuri. Ikindi nabwira bagenzi bange ni uko tugomba kujya tunywa amazi asukuye kugira ngo tutarwara indwara ziterwa n'umwanda. Nk'uko kandi amazi y'imvura ashobora guteza imivu agatwara ubutaka, tugomba kwirinda no kurwanya isuri.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 36)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gusobanura akamaro k'amazi mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Iyo bavuze ibidukikije mwumva iki?**

   Ni birya byose bidukikije.birimo: abantu,ibintu n'ibidukikije

2. **Ibikorwa byacu hari ingaruka bigira ku bidukikije?**

   Yego hari ibikorwa umuntu akora byangiza ibidukikije.

3. **Ese ibidukikije bitabungabunzwe hari ikibazo?**
   Ikibazo kirahari kuko ubuzima bwacu bwahahombera byinshi.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

Insanganyamatsiko:

"Ni izihe ngamba zafatwa mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije harimo n'amazi?"

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa***

- Kwigisha akamaro k'ibidukikije kugira ngo abantu bumve ko bagomba kubibungabunga.
- Kwirinda guhumanya ikirere.
- kutangiza amasoko, imigezi...
- kurwanya isuri
- Gufata amazi y'imvura.
- kutajugumya imyanda mu mazi cyangwa aho tubonye.

## Igice cya kane: Amabwiriza y'imyandikire: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 36)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:
- Gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.
- Kurondora aho inyuguti nkuru zikoreshwa.
- Kwandika ibyo abwiwe cyangwa asomewe yubahiriza imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zikoreshejwemo inyuguti nkuru, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bakitegereza uko zanditse maze bagatahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

**Nimusuzume interuro zikurikira mutahure inyuguti nkuru zirimo musobanure n'imikoreshereze yazo.**

a) Amazi ni bumwe mu butunzi Imana yaturemeye.

b) Amazi afite akamaro kanini mu mibereho y'abantu ya buri munsi.

c) Genda Rwanda uratatse! Imisozi myiza igihumbi, isobetse imirambi n'ibibaya mu runyuranyurane rw'imigezi irasaze ibiyaga.

d) Abanyarwanda baravuze ngo : «N'izibika zari amagi.»

e) Mariya arasubiza ati: «Ibyo uvuze bingirirweho».

f) Ku wa Gatandatu wa mbere wa Nyakanga u Rwanda rwizihije Umunsi Mukuru wo Kwibohora.

g) MUHIRE atuye i Huye hafi ya Tumba.

h) Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi azadusura.

i) Umurenge wa Nyarugenge ufite inyubako nziza.

j) Musenyeri Kagame ni we wanditse Indyoheshabirayi.

k) Inama yitabiriwe n'abantu bakurikira:UMUHIRE Marthe, IYAMUREMYE Evode, GASANA Simon na MUNEZERO Venantie ibera kwa GASASIRA Jean.

Ahereye ku byo abanyeshuri bakoreye mu matsinda, umwarimu arabafasha kugaragaza imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

## Imikoreshereze y'inyuguti nkuru mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya imikoreshereze y'inyuguti nkuru aha hakurikira:

a) Mu ntangiriro y'interuro.

**Urugero**: **A**ho imfura zisezeraniye ni ho zihurira.

b) Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.

**Urugero:**

Bazataha ejo. Uzabaherekeza? Mbega ukuntu bigushimishije! Ukunda gutembera cyane!

c) Nyuma y'ingirwanshinga "-ti", "-tya", "-tyo" n'ijambo "ngo" bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo. Ariko inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

**Ingero:**

- Mariya arasubiza ati: "**I**byo uvuze bingirirweho".
- Igihe Mariya yavugaga ati: "**b**ingirirweho" yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

d) Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi,amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka.

**Ingero:**

- Isoko ry'iwacu rirema ku wa **G**atatu no ku wa **G**atandatu.
- Igihe k'**I**mpeshyi gihera mu ntangiriro za **K**amena kigahereza **U**muhindo mu ntangiriro za **N**zeri.

e) Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu, ay'inzuzi n'ay'ahantu, kabone n'ubwo indomo itangira izina ry'ahantu yaba yatakaye.

**Ingero:**

- Namenye ko **M**uhire atuye i **H**uye hafi y' i **T**umba.
- Uruzi rw'**A**kagera ni rwo runini mu nzuzi z'u **R**wanda.

f) Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.

**Ingero:**

- Bwana **U**muyobozi w'**A**karere yaje kudufasha kwakira **N**yakubahwa **M**inisitiri w'**U**buhinzi n'**U**bworozi mu gikorwa cyo gusura **K**operative **T**wisungane.
- Umuryango w'**A**bibumbye ushyigikiye amahoro n'iterambere.

g) Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "Igihugu" iyo rivuga u Rwanda.

**Ingero:**

- **D**ogiteri **K**arimanzira
- **N**yakubahwa **P**erezida wa **R**epubulika
- **U**murenge wa **N**yarugenge
- **A**banyarwanda barimo **A**basinga n'**A**bagesera.
- Duharanire guteza imbere **I**kinyarwanda.
- Mu **N**tambara ya **K**abiri y'**I**si hapfuye abantu benshi.
- **B**anki **N**kuru y'**I**gihugu yakoze inoti nshya ya magana atanu.

h) Ku nyuguti itangira izina ry'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.

**Ingero:**

- Nujya ku isoko uzangurire **I**zuba **R**irashe.

- RUGAMBA Sipiriyani yanditse **A**mibukiro n'**U**musogongero.

i) Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko ( nk'ibaruwa, nk'itegeko,nk'umwandiko uwo ari wo wose,…) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira iba nkuru mu mwandiko hagati.

**Ingero:**

- **GATABAZI** Marc yashakanye na **MUGOREWERA** Viviane.
- Nagiye kwa **Gahire** Rose anyakira neza.

## Umwitozo ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Wifashishije ubumenyi bw'ururimi umaze gusobanukirwa, andukura bundi bushya ibi bika byombi ukosora amakosa y'imyandikire yaba arimo.**

- amazi yo mu rwanda ni kimwe mu byo abanyarwanda bakenera kenshi. uhereye ku wa mbere ukageza ku cyumweru, nta munsi wira batayakoresheje. iyo umuntu yafatiwe ibihano bikomeye cyane cyangwa se bamukomanyirije abantu baravuga ngo: "bamufungiye amazi n'umuriro".
- Nimucyo duharanire kuyabungabunga nk'uko minisiteri y'umutungo kamere idahwema kubidukangurira. ese tutayabungabunze twaba tutihemukiye? iyo usomye ibinyamakuru bitandukanye nk'imvaho nshya, izuba rirashe n'ibindi byandika mu kinyarwanda usanga na byo bikangurira abantu kubungabunga ibidukikije birimo amazi n'inyamaswa ziyabamo.

**Ikosora:**

- **A**mazi yo mu **R**wanda ni kimwe mu byo **A**banyarwanda bakenera kenshi. **U**hereye ku wa **M**bere ukageza ku **C**yumweru, nta munsi wira batayakoresheje. **I**yo umuntu yafatiwe ibihano bikomeye cyane cyangwa se bamukomanyirije abantu baravuga ngo: "**B**amufungiye amazi n'umuriro".
- Nimucyo duharanire kuyabungabunga nk'uko **M**inisiteri y'**U**mutungo **K**amere idahwema kubidukangurira. **E**se tutayabungabunze twaba tutihemukiye? **I**yo usomye ibinyamakuru bitandukanye nk'**I**mvaho **N**shya, **I**zuba **R**irashe n'ibindi byandika mu **K**inyarwanda usanga na byo bikangurira abantu kubungabunga ibidukikije birimo amazi n'inyamaswa ziyabamo.

## Umwandiko: Inyamaswa zo mu mazi

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 40)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gusoma yubahiriza iyitsa aranguruye ijwi.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku inyamaswa zo mu mazi, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Kuri aya mashusho murabonaho iki?**
   Amazi yo mu kiyaga, akikijwe n'imisozi.
2. **Iyo mwitegereje neza mubona muri aya mazi harimo iki?**
   Inyamaswa z'amoko anyuranye.
3. **Nimutange ingero z'inyamaswa ziba mu mazi.**
   Imvubu, ingona, amafi, ibishuhe n'izindi nk'inzoka.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda , akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Inyamaswa zo mu mazi"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko musomye uravuga ku biki?**
   Ku nyamaswa zo mu mazi.

2. **Ni izihe ngero z'inyamaswa zo mu mazi zavuzwe muri uyu mwandiko?**
   Amafi, ingona, imvubu, inzoka n'izindi.
3. **Amadovize avugwa muri uyu mwandiko aturuka he?**
   Atangwa n'abakerarugendo baza kureba izo nyamaswa.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri, akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Sobanura ibyiciro by'ingenzi dusangamo inyamaswa zo mu mazi uvuge n'ibiranga buri kiciro.**

   Ni ibyiciro bibiri dusangamo inyamaswa zo mu mazi. Hari iziba mu mazi, akaba ari na ho zikura ibizitunga. Izi mu ihumeka ryazo zikurura amazi zikanayasohora kandi ntizishobora kubaho iyo ziyabuze. Urugero rwazo ni amoko yose y'amafi.

   Izindi ziba mu mazi kandi ni ho zifatira ibyo kurya, ariko zigahumeka umwuka, aho guhumeka amazi. Iyo zigiye kubyara zibikorera hanze y'amazi. Inyinshi muri izi nyamaswa zigira amaguru (nk'ingona, imvubu n'imbeba yo mu mazi), izindi zigira amababa (nk'igishuhe) hakaba n'izitagira amaguru (nk'inzoka yo mu mazi).

2. **Erekana neza akamaro k'inyamaswa zo mu mazi.**

   Zigira akamaro kanini mu bukungu bw'Igihugu. Zimwe muri zo ziraribwa zikanagurishwa. Aha twavuga nk'amafi kuko aboneka ku mafunguro y'abantu benshi ku isi. Yaba amanini kugera ku njanga. Zikurura abakerarugendo, zikinjiza amadovize.

3. **Ni ibiki bivugwa ku mafi muri uyu mwandiko?**

   Amafi ari mu kiciro k'inyamaswa, ihumeka ryazo zikurura amazi zikanayasohora kandi ntizishobore kubaho iyo ziyabuze. Aba mu migezi, mu biyaga no mu nyanja. Araribwa kuko aboneka ku mafunguro y'abantu benshi ku isi. Ifi iyo ari yo yose iba ikungahaye ku ntungamubiri, ifunguro irimo riba ryihagazeho!

4. **Ni iki tugomba kwirinda cyakwangiza ubuzima bw'inyamaswa ziba mu mazi?**

   Tugomba kwirinda kohereza imyanda mu mazi magari kuko amazi yahumana bityo bikangiza ubuzima bw'inyamaswa ziba mu mazi.

5. **Ba rushimusi bavuzwe baba bashaka iki ku nyamaswa ziba mu mazi?**

   Baba bashaka inyama cyangwa impu zazo.

6. **Ni iyihe myitwarire itari myiza ivugwa kuri zimwe mu nyamaswa zo mu mazi?**

   Kuba zagirira umuntu nabi.

7. **Ni gute wabona inyama z'amafi utagiye kuyaroba mu nzuzi?**

   Abantu bashobora no kuyororera mu bidendezi no mu byuzi bicukuriye ubwabo, bakayoboramo amazi, bagashyiramo umurama w'amafi hanyuma bakajya bayagaburira nk'uko bagaburira andi matungo.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe, bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka inpuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Karahabutaka**: ikintu kinini cyane.
   b) **Ryihagazeho**: rifite agaciro kanini.
   c) **amadovize**: amafaranga y'amahanga.

2. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira:**
   a) **Ubunini** ≠ ubuto (ya).
   b) **Ziyabuze**≠ ziyabonye.
   c) **Inyinshi** ≠ inke (ya).
   d) **Bagashyiramo** ≠ bagakuramo.
   e) **Imbere** ≠ inyuma.
3. **Erekana amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira:**
   a) **Ingeri**: ibyiciro
   b) **Ibyo** ziryibizitunga
   c) **Ikize**: ikungahaye
   d) **Ikamwihorera**: ikamurebera izuba
4. **Mu byerekezo byose bishoboka (harimo n'impuzampembe), shaka amagambo avuga ku mazi, inyamaswa n'udusimba biyabamo cyangwa biba mu bishanga n'avuga ku bidendezi by'amazi n'imigezi .**

| | A. | B. | C. | D. | E. | F. | G. | H. |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | I | I | M | V | U | B | U | I |
| 2. | R | N | B | U | K | U | M | K |
| 3. | E | G | U | I | F | I | U | I |
| 4. | K | O | Z | G | K | K | B | Y |
| 5. | I | N | N | M | E | K | U | A |
| 6. | G | A | A | M | A | Z | I | G |
| 7. | I | C | Y | U | Z | I | I | A |
| 8. | I | N | Y | A | N | J | A | D |

**Amagambo:** imvubu, ingona, umubu, icyuzi, ikiyaga, inyanja, ifi, amazi.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro

ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

**Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe:**

***Ingona, ibishanga, kubungabungwa, amadovize, intungamubiri***

1. Inyamaswa zo mu mazi zimwe zirasurwa zikinjiza **amadovize.**
2. Ibyuzi by'amazi ntibicukurwa ku misozi bicukurwa mu **bishanga.**
3. Bavuga ko ba rushimusi bahiga **ingona** kuko uruhu rwayo rukorwamo inkweto zikomeye.
4. Ibidukikije bigomba **kubungabungwa** kuko bifitiye abantu akamaro kanini cyane.
5 Uretse amafi, imboga n'imbuto na byo bigira **intungamubiri.**

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 42)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Inyamaswa zo mu mazi.
2. **Tanga ingero z'inyamaswa zo mu mazi zivugwa uri uwo mwandiko.**

   Amafi, ingona, imvubu, inzoka.
3. **Ni akahe kamaro kazo?**

   Zimwe muri zo ziraribwa, urugero nk'amafi; izindi abakerarugendo baza kuzireba bakadusigira amadovize.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko “Inyamaswa zo mu mazi” bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Ibibazo n’ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko**.
   Inyamaswa ziba mu mazi.
2. **Erekana ingingo z’ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**
   Amoko y’inyamaswa zo mu mazi; imibereho yazo; akamaro kazo.
3. **Sobanura aho izo ngingo z’umwandiko zihuriye n’ubuzima bwa buri munsi?**
   Ibivugwa ni ibyo tubano mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ibidendezi by’amazi bibamo inyamaswa nyinshi. Izi nyamaswa zibaho mu buryo butandukanye kandi zikagira n’akamaro gatandukanye harimo kuribwa n’abantu no kwinjiza amafaranga na yo agirira abantu akamaro. Ikindi ni uko zimwe muri izo nyamaswa, ari izo kwitonderwa kuko zishobora kugirira umuntu nabi. Muri ibi byose ariko tugomba kubungabunga amazi n’inyamaswa ziyabamo, mu rwego rwo kurengera ibidukikije kubera akamaro bidufitiye.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w’ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 42 )

**Kungurana ibitekerezo no guhanga umuvugo ku bidukikije**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n’ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Guhanga umuvugo mugufi ku kurengera ibidukikije, harimo amazi n’inyamaswa ziyabamo no kuwutondagura imbere ya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy’umunyeshuri n’igitabo cy’umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n’insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Inyamaswa zo mu mazi.

2. **Inyamaswa zo mu mazi zidufitiye akamaro?**

   Yego zimwe zireribwa, izindi zinjiza amadovize.

3. **Ni iki twakora ngo tuzisigasire?**

   Tugomba kwirinda icyo ari cyo cyose cyahungabanya ubuzima bwazo ndetse n'amazi zibamo na yo akabungabungwa.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

**Insanganyamatsiko:**

1. a) **Umuco wo kwita ku buziranenge**

   - Ubuziranenge bugomba kuba mu biranga umuco wacu kuko twabonye ko nk'ifi n'ubwo igira intungamubiri nyinshi, kuyirya ituzuje ubuziranenge, bishobora gukururira umuntu ingorane zikomeye.
   - Tugomba nanone kugira ubuziranenge dusigasira kandi tubungabunga amazi abamo inyamaswa kugira ngo adahumana maze ubuzima bwazo bukahangirikira.
   - Amazi tunywa na yo agomba kuba afite ubuziranenge kuko iyo yanduye ashobora gutera indwara zitandukanye.

b) **Umuco wo kubungabunga ibidukikije no kwita ku iterambere rirambye.**

   - Kubungabunga ibidukikije no kwita ku iterambere rirambye bigomba kuturanga kuko ibidukikije bidufatiye runini. Byumvikane ko biramutse bitabungabunzwe neza n'iterambere ntaryo twaba tukibonye.

- Ibidukikije byinshi muri byo tubikesha ubuzima. Kubibungabunga bikwiye kuturanga kuko tubuze ubuzima n'iterambere nta ryo twabona.

**2. Hanga umuvugo muto uvuga ku kurengera ibidukikije harimo amazi n'inyamaswa ziyabamo.**

Abanyeshuri barahanga imivugo itandukanye, umwarimu abafashe kuyinoza no mu buryo bukwiye bwo kuvuga umuvugo.

**III. Guhanga umuvugo ku bidukikije**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no guhuriza hamwe ibyo buri tsinda ryagezeho, umwarimu abwira abanyeshuri guhanga umuvugo ku bidukikije hanyuma akawuvugira imbere y'abandi. (Bitewe n'igihe uyu mwitozo umwarimu ashobora kuwutangamo umukoro).

## Igice cya kane: Imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze

**(akabago, akitso, akabazo n'agatangaro)**

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 42)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gutahura imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze (akabago, akitso, akabazo n'agatangaro).
- Kurondora aho utwatuzo tw'ibanze dukoreshwa.
- Kwandika ibyo abwiwe cyangwa asomewe yubahiriza imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zikoreshejwemo utwatuzo tw'ibanze, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, bakitegereza uko zanditse maze bagatahura imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze.

**Nimusuzume interuro zikurikira mutahure utwatuzo turimo musobanure n'imikoreshereze yatwo.**

a) Ibidendezi by'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja bigenda birutana ubunini.

b) Mu mazi habamo udukoko duto kugera ku nyamaswa za karahabutaka.

c) Ifunguro ririmo ifi riba ryihagazeho!

d) Mbega ukuntu kino kiyaga ari kinini!
e) Ni nde wakwidegembya imbere y'ingona ikamurebera izuba?
f) Ufite bashiki bawe bangahe biga ishuri?

## Utwatuzo tw'ibanze mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Utwatuzo tw'ibanze ni utu dukurikira**:** **akabago/akadomo** (**.**) **akabazo** (?) **agatangaro** (!) n'**akitso** (**,**)

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze ku buryo bukurikira:

a) **Akabago/akadomo ( . )** : gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.

**Ingero:**

- Umunyeshuri mwiza arangwa n'isuku n'ikinyabupfura**.**
- Urage wubaha ababyeyi cyangwa abarezi bawe**.**
- Ibidukikije bikwiye kurushaho kubungabungwa**.**
- Mwite ku bidukikije**.**

b) **Akabazo**(**?**): gasoza interuro ibaza.

**Ingero:**

- Muri iki gihembwe wabaye uwa kangahe**?**
- Utuye mu wuhe Murenge**?**

c) **Agatangaro**(!): gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero:**

- Mbega ukuntu iki kigo cyubatse neza**!**
- Uraberewe disi wee**!**

d) **Akitso**(**,**): gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato, kakanakoreshwa mu gutandukanya ibintu barondora.

**Ingero:**

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z'abarezi.
- Iyo wize neza wihesha agaciro, ukagahesha umuryango wawe, ukagahesha n'igihugu cyawe.
- Ibidendezi by'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja bigenda birutana ubunini.

**Umwitozo ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo bandika ibika bafite mu bitabo byabo (ashobora no kubibasomera bo bakandika) bubahiriza imikoreshereze

y'utwatuzo tw'ibanze, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Icyandikwa**

***Urugero rw'igika yabasomera bakacyandika.***

- Mu mazi habamo inyamaswa z'amoko menshi. Dusangamo amafi, ingona, imvubu, utunyamasyo n'izindi. Hari ubwo se izo nyamaswa zose ziba mu mazi ziribwa? Yewe! Nabera sinigeze numva uwariye ingona! Icyakora izindi zo inyinshi ziraribwa.
- Si ako kamaro ko kuribwa gusa tuzikesha kuko hari n'akandi. None se iyo barobye amafi ntagurwa amafaranga? Yoo! Uzi ukuntu abagore n'abakobwa bacuruza indagara n'isambaza usanga zibafasha kwiteza imbere!

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatatu

Muri uyu mutwe, harimo imyandiko ivuga ku bidukikije,amazi ndetse n'inyamaswa ziyabamo. Biragara ko amazi n'inyamaswa ziyabamo bigomba kubungabungwa nk'ibindi bidukikije kuko bidufitiye akamaro kanini cyane.

Mu bumenyi bw'ururimi twabonyemo amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda:

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya imikoreshereze y'inyuguti nkuru aha hakurikira:

Mu ntangiriro y'interuro, inyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro. Inyuma y'ingirwanshinga n'ijambo "ngo" bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo. Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka. Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu, ay'inzuzi n'ay'ahantu. Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe. Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "Igihugu" iyo rivuga u Rwanda. Ku nyuguti itangira izina ry'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru. Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru.

Amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda kandi avuga ku mikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze. Akabago, akabazo, agatangaro n'akitso bigomba gukoreshwa neza kuko mu nteruro cyangwa mu mwandiko hagomba kugaragara aho baruhuka, aho bemeza, aho babaza ndetse n'aho batangara.

### Ubumenyi bw'inyongera:

Imigani y'imigenurano ifatiye ku bidukikije:

- Igiti kimwe si ishyamba.
- Amazi masabano ntamara inyota.
- Isuri isambira byinshi igasohoza bike.

### Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 44)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatatu, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora, umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma, umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Rondora imigezi,inzuzi n'ibiyaga byavuzwe muri uyu mwandiko ugaragaze n'isano bigiye bifitanye.**

   Umugezi wa Rusizi usohoka mu kiyaga cya Kivu imigezi ya Nyabarongo n'Akanyaru irahura ikabyara uruzi rw'Akagera gaca mu kiyaga cya Rweru kakajya kwiroha mu kiyaga cya Vigitoriya. Umugezi wa Mukungwa usohoka mu biyaga bya Burera na Ruhondo ukisuka muri Nyabarongo; umugezi wa Nyabugogo usohoka mu kiyaga cya Muhazi ukiroha muri Nyabarongo.

2. **Hari akamaro k'amazi n'inyamaswa byavuzwe muri uyu mwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.**

   Karahari. Inyamaswa zifite akamaro ko kuribwa (nk'amafi ) no kwinjiza amafaranga harimo n'amadovize. Amazi na yo afite akamaro ko gucumbikira izo nyamaswa, kunyobwa, gukoreshwa mu mirimo inyuranye, kuyuhira amatungo n'ibimera no kwinjiza amadovize.

3. **Vuga Intara z'u Rwanda zibonekamo ibiyaga by'u Rwanda bivugwa muri uyu mwandiko.**

   Intara y' Uburegerazuba: ikiyaga cya Kivu intara y'Amajyaruguru: ibiyaga bya Burera na Ruhondo; Umujyi wa Kigali: ikiyaga cya Muhazi (agace gato); Intara y'Uburasirazuba: ikiyaga cya Rweru, ikiyaga cya Muhazi igice kinini.

4. **Erekana ingingo z'ingenzi n'izingereka, ziri muri uyu mwandiko.**

   Iz'ingenzi: Imiterere y'u Rwanda; imigezi, inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda; akamaro k'amazi n'inyamaswa ziyabamo.

Iz'ingereka: Ubukerarugendo, uburyohe bw'amafi.

5. **Garagaza irindi somo mu yo mwiga rijyanye n'ibivugwa muri uyu mwandiko.Sobanura impamvu.**

   Isomo ry'ubumenyi bw'isi n'ibidukikije. Impamvu ni uko ibikubiye muri uyu mwandiko bisanzwe byigishwa muri iri somo(amazi, inyamaswa, ibimera, imisozi, ubukerarugendo).

   Isomo ry'ubukungu kuko amazi n'inyamaswa byongera ubukungu bw'Igihugu.

   Isomo ry'imirimo yo mu rugo kuko harimo ibyo guteka amafi.

6. **Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo ryo mu buzima?**

   Kurushaho kumenya ibidukikije n'akamaro kabyo bituma mfata ingamba zo kubibungabunga.

7. **Hina uyu mwandiko mu mirongo itarenze icumi.**

   Abanyeshuri baratanga inshamake zitandukanye.

**II. Inyunguramagambo:**

1. **Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Impanga**: ubundi bivuga abantu bavukiye icyarimwe kandi babyawe n'umuntu umwe. Aha ni imvugo ishuhanya.
   b) **Indiri** : intaho (cyane cyane rikoreshwa ku nyamaswa).
   c) **Anurira**: aryoha cyane.
   d) **Iyo gihera**: kure cyane.
   e) **Bagashikira**: bagahururira.
   f) **Kwihera ijisho**: kwirebera.
2. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira :**
   a) **Ibisohokamo** ≠ ibyinjiramo.
   b) **Bugakomeza** ≠ bugahagarara.
   c) **Birashisha** ≠ birananuka.
   d) **Atetse** ≠ mabis.i
3. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira:**
   a) **Izengurutswe**: ikikijwe.
   b) **Yiroha**: yisuka.
   c) **Ubona**: usanga.
   d) **Ziyabamo**: acumbikiye.
   e) **Bigize**: biremye.

**III. Ubumenyi bw'ururimi: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.**

1. **Kosora amakosa y'imyandikire ubona muri iyi myandiko yombi.**

   a) amazi y'urwanda uyasanga mu nzuzi zirimo akanyaru gahura na nyabarongo bikarema akagera gakomeza kajya kwiroha mu kiyaga cya vigitoriya cyo muri uganda, n'indi migezi inyuranye nka rusizi,mukungwa,nyabugogo n'iyindi. ushobora kandi kuyasanga mu biyaga bitandukanye aho umuntu yatanga urugero rwa muhazi, burera na ruhondo, kivu idutandukanya na kongo n'ibindi.

   b) Inyamaswa zo mu mazi na zo ziri mu mutungo kamere w'igihugu Igihe cyose zagiririrwa nabi yaba ari umutungo abantu bangiza bikaba aka ya mvugo y'Ikinyarwanda ngo: "Umuntu arisenyera nk'inyana" Urumva ko byaba bibabaje None se ntibyaba byiza ahubwo turushijeho kubungabunga ibyo bidukikije bidutunga mu bijyanye n'amafunguro tutibagiwe n'uko bitwinjiriza umutungo Abantu bose rero yaba abana abagabo n'abagore abayobozi n'abayoborwa inzego zose yaba iza leta yawa izigenga bakwiye kwita ku bidukikije harimo n'izo nyamaswa zo mu mazi nyine.

**Ikosora ry'imyitozo ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda**

a) **A**mazi y'u Rwanda uyasanga mu nzuzi zirimo **A**kanyaru gahura na **N**yabarongo bikarema **A**kagera gakomeza kajya kwiroha mu kiyaga cya **V**igitoriya cyo muri **U**ganda n'indi migezi inyuranye nka **R**usizi,**M**ukungwa, Nyabugogo n'iyindi. **U**shobora kandi kuyasanga mu biyaga bitandukanye aho umuntu yatanga urugero rwa **M**uhazi, **B**urera na **R**uhondo, **K**ivu idutandukanya na **K**ongo n'ibindi.

b) Inyamaswa zo mu mazi na zo ziri mu mutungo kamere w'Igihugu**.** Igihe cyose zagiririrwa nabi yaba ari umutungo abantu bangiza**,** bikaba aka ya mvugo y'Ikinyarwanda ngo: " Umuntu arisenyera nk'inyana"**!** Urumva ko byaba bibabaje**!** None se, ntibyaba byiza ahubwo turushijeho kubungabunga ibyo bidukikije bidutunga mu bijyanye n'amafuguro**,** tutibagiwe n'uko bitwinjiriza umutungo**?** Abantu bose rero, baba abana**,** abagabo n'abagore**,** abayobozi n'abayoborwa**,** inzego zose, zaba iza Leta**,** zaba izigenga**,** bakwiye kwita ku bidukikije harimo n'izo nyamaswa zo mu mazi nyine**.**

## Imyitozo nzamurambaho.

Iyi myitozo ihabwa abagenda buhoro mu myigire yabo, igamije gusuzuma niba na bo bamaze gutera intambwe ukurikije abanyeshuri bihuta mu myigire yabo.

1. **Amazi n'inyamaswa ziyabamo bidufitiye akahe kamaro?**

   Amazi adufitiye akamaro kanini cyane kuko tuyabuze ubuzima bwacu bwahagarara. Inyamaswa ziba mu mazi na zo zidufitiye akamaro kuko harimo

iziribwa nk'amafi ndetse zinjiza amadovize iyo abakerarugendo baje kuzisura.

2. **Ni izihe ngamba ubona zakoreshwa mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije nk'amazi n'inyamaswa ziyabamo?**
   - Kwirinda kohereza imyanda mu mazi kuko yahumana bityo ubuzima bw'inyamaswa zibamo bukangirika.
   - Kwirinda isuri ijyana ubutaka mu mazi.
   - Kwirinda guhumanya ikirere kugira ngo imvura itagwana ubumara bushobora kwanduza amazi.
   - Kwirinda abashimuta inyamaswa zo mu mazi bashaka inyama n'impu zazo.
3. **Vuga nibura ahantu hane hakoreshwa inyuguti nkuru.**

   Mu ntangiriro y'interuro, ku mazina bwite y'abantu n'ahantu, inyuma y'akabazo n'agatangaro, ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.
4. **Utwatuzo tw'ibanze ni utuhe?**

   Utwatuzo tw'ibanze ni akabago, akitso, akabazo n'agatangaro.
5. **Vuga ahantu hakoreshwa utwatuzo tw'ibanze mu myandikire?**

   Akabago gasoza interuro yemeza, akitso gakoreshwa mu nteruro bagira ngo baruhuke gato, akabazo gasoza interuro ibaza naho agatangaro ko kakasoza interuro itangara no ku marangamutima.

## Umwitozo nyagurabushobozi.

**Hanga umwandiko muto uvuga ku bijyanye n'amazi, uwandike wubahiriza imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'utwatuzo.**

Umwarimu azareba uko abo banyeshuri bita ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru n'utwatuzo tw'ibanze.

# 4 Umuco w'amahoro

## (Umubare w'amasomo: 6)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ivuga ku muco w'amahoro
- Gusesengura amagambo ahinduka n'adahinduka no kuyakoresha mu nteruro mbonezamvugo yubahiriza isanisha.

**Ubumenyi bw' ibanze:**

- Kuba umunyeshuri yarigeze kumva ho umuco w'amahoro.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku nteko z'amazina.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku bumwe n'ubwinshi by'inteko z'amazina.
- Kuba umunyeshuri ashobora kugoragoza izina arihindurira inteko zinyuranye.
- Kuba azi amoko amwe n'amwe y'amagambo.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- **Kubaka umuco w'amahoro.**

  Iyi ngingo izubahirizwa hasobanurwa umuco w'amahoro binyuze mu myandiko. Umuco w'amahoro kandi uzasobanurwa binyujijwe mu kwimakaza umuco wo kubabarira no koroherana ndetse no kwirinda amakimbirane hagati y'abanyeshuri ubwabo. Binyuze mu biganiro nyungurana bitekerezo; uburyo bikorwa abanyeshuri batajya impaka za ngo turwane, bubahana kandi boroherana, nabyo biri mu bizafasha kwimakaza umuco w'amahoro.

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.

- **Uburezi budaheza.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.

- **Umuco w'amahoro n'indangagaciro.**
- Ubushobozi bwo kwimakaza no gushishikariza abandi kugira umuco w'amahoro binyuze mu kubabarirana no koroherana.

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**

- Umuco w'amahoro.
- Kubabarirana no koroherana.
- Kwihangana.
- Kwirinda amakimbirane n'inzangano.
- Imibanire y'abantu.

**Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka, bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire, ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye...

**Urutonde rw'ibyigwa rujyanye n'umubare w'amasomo**

| | |
|---|---|
| **Imibanire myiza n'ubworoherane**<br>Umwandiko: Imibanire y'abantu<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko<br>Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | **Amasomo 2** |
| Igice cya kane: Ikibonezamvugo<br>Ubwoko bw'amagambo | **Isomo 1** |
| Umwandiko: Umurage w'umubyeyi<br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | **Isomo 1** |

| | |
|---|---|
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro<br>Igice cya kane: Ikibonezamvugo<br>Isanisha ry'amagambo mu nteruro<br>Interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo. | **Isomo 1** |
| Isuzuma risoza umutwe wa kane | **Isomo 1** |

## Umwandiko: Imibanire y'abantu

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 49)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**
Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku mibanire y' abantu, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Iyi shusho murayibonaho iki?**

   Abagabo babiri bahoberana, hari n'abana bari mo kubitegereza bamwenyura.

2. **Mwitegereje neza murasanga bameze bate?**

   Bahoberanye cyane nk'abadaherukana.

3. **Ni ryari abantu bakunze guhoberana?**

   Abantu bakunze gukoberana iyo bishimiranye, badaherukana cyangwa bamaze kwiyunga iyo bari barahemukiranye.

## II. Gusoma umwandiko mu matsinda

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Imibanire y'abantu"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko umaze gusoma witwa ngo iki?**

   Imibanire y'abantu.

2. **Ni ayahe mazina y'abantu cyangwa y'ibintu yavuzwe mu mwandiko**

   Haravugwamo amazina y'abantu nka Muhindo, Kaneza, Muneza, imbwa yitwa. Bishondababagabo…

3. **Uyu mwandiko uravuga iki? Ni iyihe nkuru ivugwa mu mwandiko**

   Baravugamo ibintu bishobora gutera amakimbirane.

   Inkuru y'abantu bagiranye amakimbirane.

4. **Ni nde watubwira muri make inkuru ivugwa mu mwandiko?**

   Umwandiko uravuga ko amakimbirane ashobora guturuka ku kantu gato maze kakagenda gakura.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri, akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda

yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Uyu mwandiko uranenga iki muri rusange?**

   Amakimbirane aba mu bantu kandi atari ngombwa.

   Umuco mubi wo kutoroherana no kutababarirana.

2. **Ni iyihe nama umwanditsi arimo kugira abasoma uyu mwandiko?**

   Kujya bihanganira, ababakoshereje kuko na bo hari ubwo bajya bafudikira abandi.

3. **Rondora ibintu byose bivugwa mu mwandiko bishobora kuba intandaro y'inzangano mu bantu.**

   Kutababarirana, kwitura inabi, guhemuka, kutoroherana…

4. **Ngo ni iki gitera abantu kugira inshuti nyinshi?**

   Kubanira abandi neza mu bworoherane no kubabarirana.

5. **Garagaza indangagaciro zavuzwe mu mwandiko.**

   Indangagaciro y'ubworoherane no koroherana.

6. **Abanyarwanda bavuga ko tutari ba miseke igoroye. Sobanura wifashishije umwandiko.**

   Nta ntungane wabona. Umuntu wese ashobora kugira amakosa.

7. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko ni iyihe nama wagira bagenzi bawe mu rwego rwo gukumira amakimbirane?**

   Nabagira inama yo kwiremamo indangagaciro y'ubworoherane no kubabarira kuko ni zo musingi wo kugira ngo tubibe umuco w'amahoro mu bantu.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda, bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe, bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko :**

   a) **Imidugararo** : amahane, umwiryane, amakimbirane, impagarara

   b) **Intandaro**: imvano, impamvu, inkomoko

   c) **Umuhererezi**: bucura, mu bantu bavukana ni umwana wavutse nyuma

y'abandi.

d) **Indangagaciro** : ni ibintu biranga imyifatire y'umuntu imuhesha agaciro mu bandi.

e) **Uwafuditse**: uwahemutse, uwakoze amakosa

2. **Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| 1. Impagarara | a) Intandaro |
| 2. Imvano | b) Gukosa |
| 3. Gufudika | c) Kure habi bikabije |
| 4. Guhora ari shyashya | d) Imidugararo n'ibibazo |
| 5. Irudubi | e) Bimeze neza, nta makemwa |

Ibisubizo: 1=d, 2=a, 3=b, 4=e, 5=c

3. **Tanga imbusane z'aya magambo dusanga mu mwandiko**
   a) **Umwanzi** ≠ umukunzi
   b) **Yabikoze nkana** ≠ yabikoze atabishaka
   c) **Urukundo** ≠ urwango
   d) **Umuhererezi** ≠ imfura, uburiza
   e) **Amahoro** ≠ intambara

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Gukoresha amagambo wungutse mu nteruro ziboneye**

1. Koresha neza amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko, wubake interuro ngufi kandi ziboneye.
   a) **Imidugararo**
   Urugero: Kugira ngo twimakaze umuco w'amahoro tugomba kwirinda imidugararo.
   b) **Intandaro**
   Urugero: Amakimbirane ni intandaro yo kutabana neza kw'imiryango.
   c) **Umuhererezi**
   Urugero: Umwana w'umuhererezi akunda gutoneshwa.
   d) **Indangagaciro**
   Urugero: Buri muntu yagombye kugira indangagaciro y'ubworoherane no kubabarira.
   e) **Uwafuditse**
   Urugero: Uwafuditse age yemera amakosa ubundi asabe imbabazi

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50)

**_Intego ngenamukoro_**

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Imibanire y'abantu.

2. **Amakimbirane ya Muhindo n'umuturanyi we Muneza yaturutse kuki?**

   Yaturutse ku mbwa yari ifashe inkoko ya Muneza.

3. **Uyu mwandiko wawungukiyemo iki ku bijyanye n' imibanire y'abantu?**

   Muri uyu mwandiko w' imibanire y'abantu nungukiyemo ko kubana n'abandi mu bworoherane ari ingenzi kuko bituma abantu bungurana ibitekerezo, bakisanzuranaho, bakakirana, bakuzuzanya kandi bagakeburana mu gihe hari ibitagenze neza.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Imibanire y'abantu**" bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda, akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka biri muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi: Ubworoherane ni indangagaciro ikomeye, impamvu ituma abantu batoroherana ni ukwikunda, imvano y'amakimbirane ni ukwihorera, kubana n'abandi neza ni ingenzi.

Ingingo z'ingereka: Imirwano yabereye kwa Muhindo, inzangano zituruka ku kantu gato, imbwa yariye inkoko, umwana wakubiswe.

2. **Waba warabonye ku ishuri cyangwa aho utuye abantu bafitanye amakimbirane? Bakemuye gute ayo makimbirane?**

   Narababonye. Bakemuye amakimbirane yabo, bahamagaye abantu maze bababwira icyo bari gupfa nuko barabunga amakimbirane arahosha.

3. **Uyu mwandiko waba ugusigiye irihe somo mu buzima?**

   Indangagaciro n'ubworoherane no kubabarirana zigomba kundanga mu buzima bwange.

4. **Mu rwego rwo guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe, mugaragaze ibibazo nibura bitatu bishobora gukurura no gutera amakimbirane. Mugaragaze n'uburyo mubona bishobora gukemuka.**

   Ibishobora gutera amakimbirane:

   Mu rugo:Ubusinzi, ibiyobyabwenge,kutababarirana,ubusambo, ubuhemu, ubugome…

   Ku ishuri: Ubujura, ishyari, agasuzuguro, kutoroherana.

   Ingaruka z'amakimbirane:

   Inzangano, kurwana, gusenyerana, kwicana no kudafashanya mu gihe k'ibigeragezo

**Uburyo bwo gukemura amakimbirane:**
Abafitanye ibibazo bashobora kugirana ibiganiro, gusabana imbabazi, kwishyura uwahemukiwe, kwitabaza abunzi cyangwa inkiko…

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50)

**Kujya impaka**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be akabifataho ikemezo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko twize ubushize witwa ngo iki?**

   Imibanire y'abantu.

2. **Ni izihe ndangagaciro zavuzwemo zigomba kuturanga?**

   Ni ndangagaciro y'ubworoherane no kubabarirana.

3. **Izo ndangagaciro zakwimakaza umuco w'iki?**

   Zakwimakaza umuco wo kubana neza n'abandi, umuco w'amahoro.

**II. Kujya impaka**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda, yubahiriza ihame ry'uburinganire bw'ibitsina byombi kandi ntavangura rishingiweho. Umwarimu arasaba abagize itsinda kwitoramo uhagarariye itsinda ari na we uri buyobore ikiganiro mpaka mu itsinda. Baritoramo kandi n'umwanditsi wo kwandika ibitekerezo byatangiwe mu itsinda. Hanyuma igihe cyagenwe nikigera, amatsinda yose ahurize hamwe ibyo yagezeho, umwarimu abafasha kubinoza neza. Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya impaka ku nsanganyamatsiko yabahaye, hanyuma batange bashize amanga ibitekerezo byabo.

**Insanganyamatsiko:** "Ese koko gukubita uwagukoshereje, bituma atazongera?"

**Ibitekerezo byatangwa:**

Abanyeshuri baratanga ibitekerezo bitandukanye, bamwe bemeza insanganyamatsiko, abandi bayihakana. Hari abari bwemezeko gukubita uwakosheje bimutera ubwoba bwo kuzongera gukora nk'ibyo yari yakoze, ko se kuba yarakubiswe bimutera guhora azirikana ko ibyo yakoze atari byiza,….abandi baravugako inkoni ivuna igufwa ntivure ingeso, ko se hari ubundi buryo bwo guhana uwakosheje atarinze gukubitwa…

Nyuma yo kujya impaka, umwarimu arafasha abanyeshuri mu gushaka umwanzuro maze inshamake yandikwe ku kibaho.

## Igice cya kane: Ikibonezamvugo:

## Amoko y'amagambo

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe, araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ijambo.
- Gutahura amoko y'amagambo no gutandukanya amagambo ahinduka n'adahinduka.
- Gukoresha neza mu nteruro amagambo ahinduka n'adahinduka.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amako y'amagambo atandukanye, ashyira abanyeshuri mu matsinda, bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bakanatahura imiterere yayo.

Mwitegereze izi nteruro, mugerageze kuvumbura uko amagambo azigize ateye:

- Umuntu ntashobora kubana **n'**abandi mu mahoro niba nta bworoherane yifitemo.
- Umuco **w'**abatuye isi.

Aya magambo y'umukara tsiri agizwe n'inyuguti imwe. Aho wasanga ririya jambo riri ryonyine wakumva nta gisobanuro rifite. Nyamara riri mu nteruro rirumvikana.

Muri ziriya nteruro kandi harimo **amazina, inshinga, ibinyazina** n'andi magambo atandukanye. Ayo yose ni amagambo kandi ari mu moko atandukanye.

n': icyungo

w': ikinyazina ngenera

umuntu: izina rusange

Kubana : inshinga…

**Umwarimu ashobora no gusaba abanyeshuri kuvuga ubwoko bw'amagambo basanzwe bazi.**

Amoko y'amagambo bashobora gutanga:

Amazina, ntera, ibisantera, inshinga, ibinyazina, indangahantu, ibyungo, imigereka, amarangamutima, inyiganarusaku, impakanyi, utumamo n' ibyegeranshinga.

Umwarimu ashobora guha abanyeshuri urutonde rw'amagambo menshi, hanyuma agasaba abanyeshuri kuyavangura. Amazina ukwayo, indangahantu ukwazo, inshinga ukwazo n'ayandi.

## Inshoza y'ijambo

Iyo tuvuga cyangwa twandika, dukoresha amagambo kugira ngo igitekerezo cyacu kigere ku bandi. Icyakora ntawakwirengagiza ko hari n'ibindi bimenyetso bitari amagambo bishobora gukoreshwa mu guhana ibitekerezo. Muri ibyo twavuga nk'imvugo y'abafite ubumuga bwo kutumva, ibimenyetso by'amarenga...

**Amoko bw'amagambo**

Amagambo y'Ikinyarwanda arimo amoko menshi. Muri yo twavuga:

a) **Amazina**: Uwera, Muhorakeye, Kigali, Kamembe, umugabo…
b) **Ntera**: nziza, bibi, gato, …
c) **Ibisantera**: mpuzamahanga, nyarwanda
d) **Izina ntera**: umwiza, abenshi...
e) **Inshinga**: kwiga, guhinga…
f) **Ibinyazina**: uriya, bano, wabo, bya …
g) **Indangahantu**: ku, mu, i…
h) **Ibyungo**: na, nka, boshye, cyangwa, uretse ko…
i) **Imigereka**: vuba, kera, hakurya…
j) **Amarangamutima**: Yooo!, Pe!...
k) **Impakanyi**: nta
l) **utumamo**: d, nya, di,....
m) **Ibyegeranshinga:** have, dore,...
n) **Inyigana rusaku**: po, kacikaci,..

Ayo matsinda ni yo bita **"amoko y'amagambo"**. Ayo moko y'amagambo yose uko ari icumi agabanyijemo amatsinda manini abiri ari yo: amagambo **ahinduka** n'amagambo **adahinduka**.

## Amagambo ahinduka

**Mwitegereze izi nteruro:**

- **Ubworoherane** ni indangagaciro ihatse izindi mu mibanire y'abantu.
- Urumva ko umuntu ashobora gukora ikosa rito.
- Noneho amakosa yakoraga akikuba inshuro nyinshi.

Mubonye ko muri zino nteruro, harimo amagambo amwe yenda gusa. Muri ariya magambo y'umukara tsiri harimo amwe atandukanyijwe n'uko amwe ari mu bwinshi, ayandi akaba ari mu bumwe. Twavuga nka:

Umuntu / abantu

Ikosa / amakosa

Aya magambo bavuga ko ahinduka bitewe n'uko ashobora guhinduranya inteko, akaba yava mu bumwe akajya mu bwinshi.

Gukora / Yakoraga

Iri jambo, mbere ryari inshinga iri mu mbundo hanyuma rihinduka inshinga itondaguye. Ibyo na byo, bivuga ko inshinga ari ijambo rihinduka. Andi magambo ahinduka ni ibinyazina, ntera, ibisantera...

**Ingero z'amagambo ahinduka**: Duhereye ku magambo tubona mu mwandiko ndetse n'andi magambo duhura na yo mu buzima bwacu bwa buri munsi, tubona mo:

**Amazina**: Itsinda, amatsinda

Ijambo, amagambo

**Inshinga**: gushima, adashima, azabishima…

Gukora, yakora, agakora…

**Ibinyazina**: Ikindi, abandi, ibindi...

Byabo, byacu, bye...

**Ntera**: mubi, bibi, babi...

Rito, muto, gato...

**Ibisantera**: mpimbano, muhimbano...

**Amagambo adahinduka**

Amagambo adahinduka ni amagambo adashobora guhindurirwa inteko ngo abe yava mu nteko runaka, age mu yindi nteko cyangwa se ngo abe yakwisanisha n'irindi jambo runaka bitewe n'inteko yaryo. Muri ayo magambo dusangamo:

**Ibyungo**:na, no, nka, ndetse, ngo, cyangwa…

**Indangahantu**: mu, ku, i...

**Amarangamutima**: yooo, weee…

**Imigereka**: kera, hepfo...

**Impakanyi**: nta

**utumamo**: d, nya, di,....

m) **Ibyegeranshinga:** have, dore,...

n) **Inyigana rusaku**: po, kacikaci,..

## Umwandiko: Umurage w'umubyeyi

### Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 53)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku murage w'umubyeyi, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ku ishusho murahabona iki?**

   Umusaza wicaye imbere ye hari abana.
2. **Bariya bana murabona bameze bate?**

   Baritonze bateze amatwi umusaza, kandi barishimye.
3. **Umusaza n'umwana se baba bahuje imyumvire?**

   Oya. Imyumvire y'umwana iri hasi y'iy'umusaza.
4. **None se baba bari kuganira ibiki buriya?**

   Umusaza ashobora kuba ari kubaha impanuro.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Umurage w'umubyeyi**". Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**

Umurage w'umubyeyi.

2. **Umubyeyi uvugwa mu mwandiko yitwa nde?**

   Yitwa Ruzima.
3. **Umubyeyi ni iki yahamagariye abana?**

   Yabahamagariye kubaha umurage.
4. **Byari byagenze bite ajya kubahamagara?**

   Yabonaga amaze gusaza ari hafi kwitahira.
5. **Umurage mberena mbere yabahaye ni uwuhe?**

   Kwiyubaha no kubaha uwo ari we wese mu buzima.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**

   Umusaza Ruzima n'abana be.
2. **Mu mwandiko umusazayavuze ko ashobora kwitahira. azaba atashye he?**

   Kwitahira ni ugupfa. Aho azajya ni ku muremyi we.

3. **Muri make aba bana basigiwe uwuhe murage?**

   Kwiyubaha no kubaha abandi.

4. **Ese hari aho uhuriye no kwimakaza umuco w'amahoro?**

   Yego kuko iyo umuntu yiyubashye ntagire uwo asuzugura mu buzima, abana n'abantu bose mu mahoro, ntabwo yagirana na bo amakimbirane

5. **Abantu ni magirirane. Sobanura wifashishije umwandiko.**

   Abantu ni magirirane kuko barakenerana mu buzima nta muntu twavuga ko yihagije.

6. **Ni iyihe mpamvu yavuzwe mu mwandiko ituma umukire adakwiye gusuzugura umukene?**

   Ni uko uko yaba akize kose ibintu byose ntabwo azabyikorera, byange bikunde azakenera abamufasha mu buzima.

7. **Vuga akamaro ko guha abana umurage hakiri kare, mbere y'uko umubyeyi asaza.**

   Ni byiza kuko impanuro aba abahaye bazigenderaho mu buzima bwabo bwose.

8. **Vuga imigani nibura itatu igaragaza ko umuntu umwe ntacyo yakwimarira.**

   Abantu ni magirirane, inkingi imwe ntigera inzu, inshuti iruta inshuro.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura izi mvugo dusanga mu mwandiko ukoresheje amagambo yawe bwite:**
   a) **Kugira amaboko**: Kugira inshuti nyinshi
   b) **Abantu ni magirirane**: Abantu baberaho gufashanya no kuzuzanya
   c) **Bura bwange**: bana bange
   d) **Bamufatiye runini**: bamufasha cyane
   e) **Uzasumbirizwa**: uzagera mu byago bikomeye
2. **Tanga imbusane z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko :**
   a) **Kwironda** ≠ gushyira hamwe
   b) **Kubariza** ≠ kubasetsa
   c) **Umugisha** ≠ umuvumo
   d) **Ejobundi** ≠ Ejo hashize
   e) **Guheza** ≠ Kwakira, guha ikaze

## Imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro ziboneye**
   a) **Umurage**
   Ababyeyi bage baha abana baho umurage w'urukundo.
   b) **I**biganza
   Umuntu agira ibiganza bibiri.
   c) **Umugisha**
   Ababyeyi bahora basabira abana babo umugisha ku Mana.
2. **Uzuza izi nteruro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo: kwironda, gusuzugura, inshuti, umuherwe**
   a) Umuntu ufite imitungo myinshi bamwita **umuherwe**
   b) **Inshuti** nyayo uyibonera mu byago.
   c) Ubusambo no kwikubira bijyana no **kwironda.**
   d) Umuco mubi wo **gusuzugura** ntukwiye kuranga umwana warezwe.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 55)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gutahura isomo ry'ingenzi rikubiye mu mwandiko.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:**
Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**
   Umurage w'umubyeyi.

2. **Bavugagamo iki?**

   Umusaza wahaga abana be umurage.

3. **Yabahaye murage ki?**

   Kubana neza n'abandi.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Umurage w'umubyeyi**" bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo, mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma, uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?**

   Kubahana no kubaha buri wese, buri muntu akwiye kugira agaciro ke,nta muntu wo gusuzugurwa, abantu ni magirirane, kubaha ibitekerezo by'abandi no kwemera kugirwa inama, umugisha wa kibyeyi.

2. **Garagaza imigani ibiri ivuga ku kamaro ko gukorera hamwe.**

   Abishyize hamwe ntakibananira, ababiri bajya inama baruta umunani urasana

3. **Ukurikije ibivugwa mu mwandiko, ni iki wabwira ababyeyi bagiye gutanga umurage ku bana babo?**

   Ababyeyi bakwiye gutanga umurage mwiza uzagira aho ugeza abana babo. Nta mubyeyi ukwiriye kuraga umwana we ibintu bibi. Ababyeyi barage abana babo urukundo.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 55)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

**II. Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda, abasabe kungurana ibitekerezo ku nsanganyanyamatsiko yabahaye, bubahiriza uko bikorwa. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi wandika ibitekerezo byatanzwe. Igihe cyagenwe cyagera akamurikira abandi ibyagezweho mu itsinda ahagarariye. Umwarimu akabafasha mu kunoza ibitekerezo byabo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, mu rwego rwo kwitoza kuvugira mu ruhame, umwarimu arasaba abanyeshuri umwumwe kujya imbere ya bagenzi, avuge muri make ibyo yumvise mu mwandiko "Umurage w'umubyeyi."

**Kungurana ibitekerezo hahuzwa insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe.**

Nimukorere mu matsinda, hanyuma mugaragaze ibintu nibura bitatu mushobora gukora bikagaragaza hagati yanyu ubwanyu ko hari imibanire myiza, ubworoherane, kubahana no gufatanya . Ibyo byose bishobora kuba abanyeshuri bari mu ishuri mu gihe cya masomo cyangwa bari hanze mu gihe k'imyidagaduro ndetse no mu gihe baba batashye mutari ku ishuri.

Ibitekerezo batanga**:**

- Gusobanurirana, gusangira, kumesa imyenda ya mugenzi wawe igihe arwaye, kujyana umurwayi kwa muganga.
- Kumenya gusaba imbabazi igihe wakosheshe no kuzitanga igihe uzisabwe.
- Guha bagenzi bawe agaciro bakwiye nta gusuzugurana muri byose.
- Kumenya kugisha inama mu byo dukora no kugira umuco wo gutanga ubufasha aho bishoboka.

**Kwitoza kuvuga mu ruhame**

Vuga mu magambo yawe bwite ibikubiye mu mwandiko "Umurage w'umubyeyi"

## Igice cya kane: Ikibonezamvugo: Isanisha ry'amagambo mu nteruro n'interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo.

## Isanisha ry'amagambo mu nteruro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 56)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gutahura amategeko agenga isanisha mu nteruro.
- Gusanisha neza amagambo agize interuro.
- Kuvuga ibiranga interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amagambo asanishije , asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo agize interuro, bakanatahuramo amasano ayo magambo afitanye.

**Itegereze interuro zikurikira hanyuma uvuge amasano amagambo ayigize afitanye.**

a) Umuntu munini araboneka turamubona arahagaze.

b) Abahanga bakuru barahari turabazi baratekereza.

## Isanisha ry'amagambo mu nteruro

### Inshoza y'isanisha mu nteruro

Ubusanzwe interuro ni urukurikirane rw'amagambo. Mu nteruro yubatse neza hari ijambo rishingirwaho isanisha. Ni ukuvuga ko andi magambo yose aryiyungaho yisanisha na ryo bityo akagirana isano na ryo. Iryo jambo riba rigenga amasano ni na yo mpamvu twaryita ijambo ngengasano. Naho amagambo afitanye isano na rya jambo ngengasano yisanisha na ryo afata indangasano ishobora gutuma ajyana na rya jambo ngengasano mu nteruro ku buryo interuro wumva ivugitse neza idakocamye. Buri jambo kandi ryisanisha n'ijambo ngengasano ku giti cyaryo bitewe n'ubwoko bwaryo.

Mu nteruro twabonye:

a) **Umuntu** **mu**nini **a**raboneka tura**mu**bona **a**rahagaze

b) **Abahanga** **ba**kuru **ba**rahari tura**ba**zi **ba**ratekereza

Amagambo ngengasano ni "**umuntu**" mu nteruro ya mbere na "**abahanga**" mu nteruro ya kabiri.

Andi magambo yagiye yisanisha nayo ndetse afite indangasano (zaciweho akarongo) zigaragaza isano yagiranye n'ijambo ngengasano.

Dore uko yisanishije:

a) Umuntu **mu**nini

Umuntu **a**raboneka

Umuntu tura**mu**bona

Umuntu **a**rahagaze

b) Abahanga **ba**kuru

Abahanga **ba**rahari

Abahanga tura**ba**zi

Abahanga **ba**ratekereza

## Amategeko agenga isanisha

Amategeko agenga isanisha ry'amagambo mu nteruro ashingiye ku kubahiriza inteko y'ijambo ngengamasano mu nteruro. Aha twibutse ko buri jambo ryisanisha ukwaryo bitewe n'ubwoko bwaryo. Amagambo ahinduka, yisanisha n'ijambo ngengasano afata indangasano yaryo ku buryo bwubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

**Urugero:**

| Isanisha rikozwe nabi | Isanisha rikozwe neza |
|---|---|
| Umuntu kinini | Umuntu munini |
| Abana mugufi | Abana bagufi |
| Umuntu haragenda | Umuntu aragenda |
| Umwana bya Muhizi | Umwana wa Muhizi |

Mu isanisha ry'amagambo inteko z'amazina zigomba kubahirizwa kuko mu isanisha, amagambo ahuje inteko ashobora kugira amasano amwe mu nteruro kuko iyo asimburanye nk'amagambo ngengasano, indangasano z'andi magambo agize interuro ntizihinduka.

**Urugero:**

**Ibitwenge by**'inkoko **bi**shirira mu kwayura.

**Ibitenge by**'abagore **bi**korerwa mu Rwanda.

**Ibijumba by**'amaganda **bi**raryoha.

**Ibibind**i **by**'inzoga **bi**rikorerwa.

Amagambo "ibitwenge, ibitenge,ibirenge, ibijumba, ibibindi" yasimburanye kandi indangasano ntizahindutse.

**Imyitozo ku isanisha ry'amagambo**

1. **Ijambo ngengasano mu nteruro ni iki?**

   Ni ijambo andi magambo yose agize interuro yisanishaho, akagira indangasano zigaragaza ko yisanishije na ryo koko.

2. **Vuga uruhare rw'inteko z'amazina mu isanisha ry'amagambo mu nteruro.**

   Inteko z'amazina zigira uruhare rukomeye mu isanisha ry'amagambo kuko amagambo yisanisha ku ijambo ngengamasano, agomba kubahiriza inteko iryo jambo ngengamasano ririmo.

3. **Garagaza indangasano y'amagambo y' umukaratsiri ari mu nteruro zikurikira kandi ugaragaze n'ijambo ngengasano:**

   a) Abana **bakiriye** neza impanuro **bataragenda barapfukama abaha** umugisha.

      Ijambo ngengasano hano ni **abana**, riri mu nt.2 indanganteko yaryo ni **ba**

      bakiriye: indangasano ni **ba**

      bataragenda : indangasano ni **ba**

      barapfukama : indangasano ni **ba**

      abaha : indangasano ni **ba**

   b) Umubyeyi **abonye** agiye gutaha **ahamagara** abana **baramukikiza bamutega** amatwi **abaha** umurage.

      Ijambo ngengasano hano ni **umubyeyi** riri mu nt.1 indanganteko yaryo ni **mu**

      Abonye: indangasano ni a

      Ahamagara: indangasano ni a

      Baramukikiza: indangasano ni mu

      Bamutega: indangasano ni mu

      Abaha: indangasano ni a

## Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo

Umwarimu yifashishije interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza uko interuro ziteye, bakavuga ibiranga interuro mbonezamvugo n'interuro nyabyamvugo.

**Nimusome interuro zikurikira maze mutahure interuro itubahirije amategeko y'isanisha:**

a) Avuze iryo jambo abana byose amarira kihazenga mu maso.

b) Avuze iryo jambo abana bose amarira abazenga mu maso.

## Interuro mbonezamvugo n'ibiyiranga

Interuro mbonezamvugo ni interuro ivugitse neza idakocamye, iboneye imvugo kandi yubahirije amategeko y'isanisha. Ni ukuvuga ko interuro mbonezamvugo yubatse ku buryo bukurikiza amategeko y'ikibonezamvugo. Aha twibutseko interuro yubatse neza atari ivuga ibizwi, ibibaho cyangwa ibishoboka. Interuro yubatse neza ( mbonezamvugo) ni iyubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

**Ingero:**

- Igiti kiza turakibona kireze.
- Amasaka meza yerera amezi atanu.
- Ibitwenge by'inkoko bishirira mu kwayura.

- Uyu mukambwe afite imyaka myinshi.

Izi zose ni interuro mbonezamvugo kuko zivugitse neza kandi zikaba zubahirije amategeko y'isanisha.

## Interuro nyobyamvugo n'ibiyiranga

Interuro nyobyamvugo ni interuro idasanisha amagambo uko bikwiye, itavugitse neza, ikocamye, yica amategeko y'ikibonezamvugo. Kuba amagambo akurikiranye mu nteruro ntibihagije kugira ngo interuro yumvikane neza. Amagambo agomba gukurikirana asanishije neza kandi mu buryo bw'inyurabwenge.

**Ingero :**

- Igiti mwiza turahabona areze.
- Insina hagufi ni byo icibwaho urukoma
- Umwana heza kubaba ababyeyi be

Izi nteruro ni nyobyamvugo kukozivugitse nabi kandi zikaba zitubahirije amategeko y'isanisha.

**Umwitozo ku nteruro mbonezamvugo na nyobyamvugo**

1. **Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo bitaniye he?**

   Interuro mbonezamvugo yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo, iba ivugitse neza kandi idakocanye, mu gihe interuro nyobyamvugo itubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo, ikaba ivugitse nabi kandi ikocamye.

2. **Uzurisha amagambo wahawe ku buryo interuro ziba mbonezamvugo.**

   Amagambo: **umukene, ijisho, imodoka, urwego**.

   a) **Ijisho** ry'umuntu ribona byinshi.

   b) **Umuneke** uhiye uraryoha cyane.

   c) **Imodoka** itazakugeza i Kigali ntuyitega.

   d) **Urwego** rufasha mu isakara ry'igisenge.

3. **Kosora interuro zikurikira zibe interuro mbonezamvugo**

   Muge yubaha ibitekerezo by'abandi, cyanecyane mwemere kugirwa inama. Umunyarwanda baravuze kiti: "Nyamwanga kumva nticyanze no kubona". Nimugenza uko mbabwiye hazarama kandi ikibi ntikizabatera ubwoba.

**Ikosora:**

Muge **mwubaha** ibitekerezo by'abandi, cyanecyane mwemere kugirwa inama. Umunyarwanda **yaravuze ati**: "Nyamwanga kumva **ntiyanze** no kubona". Nimugenza uko mbabwiye **muzarama** kandi ikibi ntikizabatera ubwoba.

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ivuga ku muco w'amahoro. Kutoroherana no kutihanganirana bishobora kuba intandaro y'impagarara, amakimbirane, amahane n'imidugararo bityo ahari amahoro ntabe akiharangwa. Umuntu agomba kugira indangagaciro y'ubworoherane, agaha buri wese agaciro akwiye ntawe asuzuguye kuko uworohera abandi agira inshuti nyinshi, ibyo bikaba byiza kuko abantu ari magiririrane. Imibanire ye n'abandi ntigira amakemwa.

Amagambo arimo amoko menshi. Habaho amagambo ahinduka nk'izina, ntera, inshinga, ikinyazina,... n'amagambo adahinduka nk'ibyungo,indangahantu, amarangamutima, inyiganarusaku...

Muri uyu mutwe harimo uburyo amagambo yisanisha n'amategeko agenga isanisha. Ijambo ngengasano niryo rishingirwaho isanisha mu nteruro, amagambo yisanishije naryo akagira indangasano zigaragaza isano afitanye.

Interuro mbonezamvugo ni interuro yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo, idakocamye kandi ivugitse neza. Interuro nyobyamvugo yo ntiyubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo, irakocamye kandi ntivugitse neza.

### Ubumenyi bw'inyongera

**I. Gutahura amagambo yabangamira amahoro mu kinyatuzu**

Tahura amagambo ashobora kubangamira amahoro muri iki kinyatuzu:

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| G | S | G | K | K | L | B | H | G | A | D |
| J | U | C | K | W | I | R | I | U | D | A |
| P | U | F | U | I | V | W | A | T | Z | R |
| I | R | I | M | B | A | G | U | O | A | U |
| K | U | R | W | A | N | A | U | N | M | G |
| I | G | A | N | x | A | M | N | G | A | U |
| G | O | E | T | E | D | A | C | A | Z | Z |
| O | H | U | I | J | B | H | K | N | I | U |
| N | G | U | S | E | K | A | N | A | N | S |
| P | R | S | S | T | U | N | V | W | A | U |
| R | R | U | S | I | N | E | A | Z | Y | G |
| A | G | U | T | O | N | E | S | H | A | N |

Amagambo yavumburwa: **kurwana, gutongana, kwiba, amahane, gusuzugura, gutonesha, gusekana.**

**II. Guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe**

a) Mu rwego rwo guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe, umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibintu nibura bitatu bashobora gukora bikagaragaza ubufatanye hagati yabo ubwabo. Ubwo bufatanye bushobora kuba bwagaragarira ku ishuri mu gihe bari mu masomo no hanze. Twavuga nko mu gihe k'imyidagaduro ndetse no mu gihe baba batashye batari ku ishuri.

**Ibisubizo bishobora gutangwa:**

- Gusobanurirana, gusangira, kumesa imyenda ya mugenzi wawe igihe arwaye, kujyana umurwayi kwa muganga…
- Kumenya gusaba imbabazi igihe wakosheje no kuzitanga igihe uzisabwe.
- Guha bagenzi bawe agaciro bakwiye nta gusuzugurana muri byose.
- Kumenya kugisha inama mu byo dukora no kugira umuco wo gutanga ubufasha aho bishoboka.

b) **Garagaza akamaro ko gukorera hamwe n'uruhare bigira mu kwihutisha iterambere.**

Byihutisha iterambere, abantu bashora amafaranga make ariko kuko bahuje ari benshi, bagakora ikintu kinini, bahanahana ubumenyi…

c) **Ni iki mubona gikwiriye gukorwa ngo amakimbirane y'urudaca ahora mu miryango acike burundu? Kurwana kw'abashakanye, abaturanyi bapfa amasambu, ishyari n'izindi nzangano.**

Abanyeshuri bashobora gusubiza bimwe muri ibi: kwigisha amategeko, kugira ibyangombwa by'umutungo, kwiga ijambo ry'imana, gusenga, guhana uwakosheje,….

**III. Ihuriro ry'imigani migufi n'insanganyamatsiko y'umuco w'amahoro**

a) **Ababiri bajya inama baruta umunani urasana.**

Uyu mugani usobanuye ko n'iyo abantu baba ari bake ariko bagashyira hamwe bagera kuri byinshi. Biruta kuba abantu ari benshi ariko batumvikana.

b) **Ababiri bishe umwe.**

Ni nko kuvuga ko abantu iyo ari babiri bashobora byinshi byananiranye iyo babanye neza.

c) **Nta zibana zidakomanya amahembe.**

Abantu bakwiye koroherana kuko buri gihe, ahari abantu hashobora no kuvuka utubazo.

d) **Aho umwaga utari, uruhu rw'imbaragasa rwisasira batanu**

Ahari amahoro nta n'umwiryane, abantu barasaranganya maze n'akantu gato kakabahaza.

e) **Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.**

Ni byiza gusurana kugira ngo umubano w'abantu ukomeze gutera imbere.

## Isuzuma risoza umutwe wa kane

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 59 )

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kane, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora, umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma, umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Rondora nibura ibintu bine bivugwa mu mwandiko bishobora gutera amakimbirane.**

   Kutumva ibintu kimwe, kutava ku izima, gutonesha, ishyari

2. **Mu mwandiko baravuga ko inzangano zo zaba zituruka ku ki?**

   Kutoroherana, gutonesha.

3. **Garagaza inkomoko y'Ishyari uko ivugwa mu mwandiko.**

   Ni kamere umuntu avukana.

4. **Vuga indi mpamvu itavuzwe mu mwandiko ubona itera amakimbirane**

   Imanza zitakemuwe neza, ubujiji.

5. **Ni iyihe mpamvu ivugwa mu mwandiko, isobanura impamvu abantu iyo bari mu kazi kamwe hari ababa aba mbere, abandi bakaba aba nyuma?**

   Abantu ntibagira imbaraga zingana, umwete ntungana…

6. **Nyuma yo gusoma umwandiko, urumva mu ishuri wakwirinda amakimbirane ute?**

   Nakwimakaza umuco w'ubworoherane no kubabarirana.

**Inyunguramagambo**

1. **Sobanura aya magambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye**

   a) **Itsinda**: abantu bari hamwe mu gikorwa kimwe.

   b) **Icyuho**: mu mwandiko icyuho ni inzira cyangwa aho ikintu

cyakwinjirira.

c) **Gutonesha**: Gukundwakaza, gukunda bamwe ukareka abandi.

d) **Kuva ku izima**: kwemera icyo wari wanze nyuma y'igihe kirekire.

2. **Vuga amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya akurikira:**

a) Bagataha nta cyo babonye : bagataha amara masa.

b) Akagira ishyari: akamikwa.

**II. Ubumenyi bw'ururimi**

1. **Mu nteruro zikurikira, erekana indangasano mu magambo aciyeho akarongo, werekane n'amagambo ngengasano agenga izo ndangasano.**

a) Imbazi ya menshi **ivuga** icyo yariye

Ijambo ngengasano ni: **imbazi** indangasano ni **"i".**

b) Inka nini **ndazibona zirarisha.**

Ijambo ngengasano ni: **inka** indangasano ni **"zi".**

c) Abana **bange** barara bahagaze bwacya **bakaryama.**

Ijambo ngengasano ni: **abana** indangasano ni **"ba".**

d) Amarembo **magari** arugariye kandi imbyeyi **ziravumera.**

**Amarembo** ni ijambo ngengasano rya magari indangasano ni **"ma".**

**Imbyeyi** ni ijambo ngengasano rya ziravumera, indangasano ni **"zi".**

2. **Mu Kinyarwanda hari amagambo ahinduka n'amagambo adahinduka. Bisobanuye iki?**

Bivuze ko hari amagambo ashobora kwisanisha n'andi bityo agahindura inteko n'intego naho andi ntiyisanishe bityo ntabe yahinduka.

3. **Mu nteruro isanisha ry'amagambo rigomba kubahiriza iki?**

Isanisha rigomba kubahiriza inteko y'ijambo ngengasano bityo amagambo yisanisha na ryo akagira indangasano zigaragaza isano afitanye.

4. **Wifashishije ingero ebyirebyiri kuri buri bwoko bw'interuro garagaza aho interuro mbonezamvugo itandukaniye n'interuro nyobyamvugo.**

**Umwana munini namubonye.**

Iyi nteruro ni mbonezamvugo kubera ko amagambo "munini" na "namubonye" yisanishije n'umwana ari ryo jambo ngengasano ndetse afite indangasano "mu" igaragaza isano afitanye n'umwana cyane ko umwana ni ijambo riri mu nt. 1 rigira indanganteko "mu".

**Umwana kinini nabibonye**

Iyi ni interuro nyobyamvugo kubera ko amagambo kinini na nabibonye ntiyisanishije n'umwana kandi aririyo jambo ryagombye kuba rigenga amasano. Kinini ni mu nt. 7 hanyuma ibyo nabonye biri mu nt.8 kandi umwana ni mu nt. 1

## Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Vuga imwe mu myifatire y'umuntu, ishobora kugaragaza ko atakwimakaza amahoro mu bo abana na bo.**

   Kutorohera abandi, kutihanganira abandi, kwikunda no kwikuza bitera gusuzugura abandi ntabahe agaciro bakwiye, kuba nyamwigendaho, guteza amakimbirane mu bandi, kutubaha ibitekerezo by'abandi no kutagirwa inama…

2. **Iyo amagambo yisanisha mu nteruro ashingira ku ki?**

   Ashingira ku ijambo ngengamasano mu nteruro kandi akubahiriza inteko yaryo.

3. **Ni iki gishobora kugaragaza ko ijambo runaka ryisanishije n'irindi mu nteruro?**

   Ijambo ryisanisha n'irindi rikagaragaza indangasano igaragaza isano bifitanye.

4. **Interuro mbonezamvugo ni iki? Tanga urugero.**

   Interuro mbonezamvugo ni interuro ivugitse neza, idakocamye kandi yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

5. **Interuro nyobyamvugo ni iki? Tanga urugero.**

   Interuro nyobyamvugo ni interuro ivugitse nabi, ikocamye kandi itubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

## Umwitozo nzamurabushobozi.

**Andika interuro eshanu nyobyamvugo, nurangiza werekane uko zakosorwa kugira ngo zihinduke mbonezamvugo.**

Ingero z'ibisubizo:

**Interuro nyobyamvugo**

a. Ejo abana kagiye kuvoma.
b. Inyamaswa byo mu mazi kamwe bushobora kuryana.
c. Nimucyo twirinde ingona kitazamugirira nabi.
d. Enda hano nzibwire icyo bakora.
e. Buri wese nibita ku bidukikije zizunguka.

**Interuro mbonezamvugo**

a. Ejo abana bagiye kuvoma.
b. Inyamaswa zo mu mazi zimwe zishobora kuryana.
c. Nimucyo twirinde ingona zitazatugirira nabi.
d. Enda hano nkubwire icyo ukora.
e. Buri wese niyita ku bidukikije tuzunguka.

# 5 Ubuzima

## (Umubare w'amasomo: 16)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ivuga kuri SIDA no kujya impaka ku buryo bwo kwirinda SIDA akurikiranya neza ibitekerezo.
- Gutandukanya amoko y'imyandiko ashingiye ku turango twayo.

**Ubumenyi bw'ibanze:**

- Kuba umunyeshuri yarigeze kumva ho virusi itera SIDA n'indwara ya SIDA n'uko yandura.
- Kuba umunyeshuri asanzwe asoma imyandiko.
- Kuba umunyeshuri asanzwe akora umwitozo wo kujya impaka na bagenzi be.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- **Ubuzima bw'imyororokere**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa binyuze mu bitekerezo bitandukanye bitangwa cyanecyane ku bijyanye no gusesengura imyandiko dufite muri uyu mutwe. Izubahirizwa kandi binyuze mu gusangira ibitekerezo hagati y'abanyeshuri turebera hamwe akamaro ko kuba umwana yasobanurirwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere akiri muto.

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.

- **Uburezi budaheza.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo adasobanukiwe yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**

- Uko SIDA yandura.
- Uburyo bwo kwirinda SIDA.
- Virusi itera SIDA n'indwara ya SIDA.
- Ingaruka z'indwara ya SIDA.

**Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo, bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire, ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza, bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye....

**Urutonde rw'ibice rujyanye n'umubare w'amasomo:**

| **Uburyo sida yandura** | **Amasomo** |
|---|---|
| Umwandiko: Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo<br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 2 |
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Amoko y'imyandiko<br>Umwandiko ntekerezo | Amasomo 2 |
| Umwandiko mvugo shusho: "Ishuri ryacu" | Isomo 1 |
| Umuvugo: "Muze twambarire urugamba" | Isomo 1 |
| Igice cya gatanu: Ibiganiro mpaka | Amasomo 2 |
| Umwandiko: "Munezero na mugenzi we"<br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 2 |

| | |
|---|---|
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Isuzuma risoza umutwe wa gatanu | Isomo 1 |

## Umwandiko: Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 63)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga kuri tumenye SIDA n'ubwandu bwayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **SIDA ni iki?**

   Ni indwara iterwa n'igabanuka ry'abasirikare barinda umubiri.

2. **Ni nde waba yarabonye umuntu urwaye SIDA?**

   Abana baratanga ibisubizo binyuranye.

3. **Ese hari ubwo mwumva SIDA ibateye ubwoba?**

   Iteye ubwoba kuko yica abantu benshi.

4. **Ku ishusho iri mu gitabo murahabona iki?**

   Hariho umurwayi unanutse cyane, uryamye n'umuganga uri kumwitaho.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo**". Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umutwe w'umwandiko umaze gusoma witwa ngo iki ?**

   Witwa «Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo».

2. **Hari icyorezo gihangayikishije isi cyane kuko kitari cyabonerwa umuti kikaba nta n'urukingo rwacyo ruravumburwa. Icyo cyorezo ni ikihe?**

   Icyo cyorezo ni SIDA.

3. **Mu buryo bunyuranye agakoko gatera sida kanduriramo, ni ubuhe buza ku isonga?**

   Uburyo buza ku isonga ni ugukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye n'ufite ubwandu.

4. **Umuntu urwaye SIDA ashobora kuyikira**?

   Oya. SIDA ntigira umuti n'urukingo.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo,

abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uyu mwandiko uravuga kuri SIDA, uko yandura n'ingaruka igira ku bantu.

2. **SIDA ni iki?**

   SIDA ni uruhurirane rw'ibimenyetso by'uburwayi buterwa n'agakoko ko mu bwoko bwa virusi.

3. **Kwandura SIDA no kurwara SIDA bitandukaniye he?**

   Aho bitandukaniye ni uko umuntu urwaye SIDA umubiri we unegekara, indwara z'amoko anyuranye zikawibasira, umurwayi agashiramo, agasigara ari igikanka gusa, mu gihe uwanduye SIDA haba ubwo ayigira mu maraso gusa akaba yayanduza abandi ariko we nta kimenyetso cyayo kimugaragaraho inyuma.

4. **Vuga ahantu hatandukanye twasanga agakoko gatera SIDA.**

   Mu maraso, mu matembabuzi ava mu gitsina cy'umugore, mu masohoro y'umugabo no mu mashereka.

5. **Rondora uburyo agakoko gatera SIDA gashobora kwanduriramo.**

   Mu gukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye n'ufite ubwandu. Igihe cyose amaraso y'uwanduye ahuye n'igikomere cy'uwari muzima ahita yambukiramo virusi, uwari muzima akandura atyo. Umubyeyi wanduye ashobora kwanduza umwana amubyara cyangwa mu gihe amwonsa.

6. **Umuntu urwaye SIDA agaragaza ibihe bimenyetso?**

   Ashiramo akaba igikanka, uruheri rukamutaha umubiri wose, agira inkorora idakira, arwara igituntu, indwara yose ije iramuzahaza…

7. **Ni iki cyakorwa ngo twirinde SIDA?**

   Kwirinda inzira zose dushob0ra kwanduriramo virusi itera SIDA.

8. **Ni gihe ki umubyeyi ashobora kwanduza umwana we?**

   Umubyeyi wanduye yakwanduza umwana amubyara cyangwa amwonsa.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   - **a) Icyorezo**: indwara itera mu bantu cyangwa mu matungo ikararika.
   - **b) Kunegekaza**: kuzahaza, guca intege…
   - **c) Ubukana**: imbaraga, uburakari.
   - **d) Ubwandu**:  umwanda ikintu cyakuye ku kindi.
   - **e) Kuba igikanka**: kunanuka cyane bikabije.
2. **Tanga imbusane z'aya magambo :**
   - **a) Ubujiji**: ubwenge.
   - **b) Abashakanye**: abatarashaka.
   - **c) Kuba mutaraga**: kurwara.
   - **d) Ubuvuzi bwa magendu**: ubuvuzi bwemewe.
3. **Huza aya magambo ari mu ruhushya rwa mbere n'ibisobanuro byayo biri mu rwa kabiri**

| | |
|---|---|
| a) Guhererekanya | 1. Kunegekara |
| b) Gucika intege | 2. Kuba igikanka |
| c) Ubuvuzi butemewe | 3. Gutizanya |
| d) Gushiraho | 4. Magendu |

Ibisubizo: a=3, b=1, c=4, d=2

4. **Tahura amazina y'indwara waba uzi zishobora kwandurira mu mibonano mpuzabitsina zanditse muri iki kinyatuzu.**

| | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | R | A | W | K | U | Z | U | R | A | S | E | A | K |
| S | I | D | A | M | B | I | P | E | R | E | K | J | U |
| I | M | B | U | R | U | G | U | K | O | K | O | E | B |
| N | I | W | E | U | R | I | R | A | K | A | Z | E | U |
| Z | T | V | E | P | A | T | I | T | E | B | C | Z | K |
| O | E | S | E | N | G | A | I | M | A | N | A | A | W |
| N | Z | I | R | W | A | Y | E | N | D | A | N | Z | E |
| G | I | N | D | A | Z | O | M | U | N | S | Y | A | U |
| E | M | E | R | W | A | M | E | Z | E | A | T | E | W |
| R | N | G | U | R | U | R | A | I | G | A | P | T | O |

**Indwara batahuramo ni:** SIDA, mburugu, uburagaza, imitezi, inda zo mu nsyaepatite.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha neza amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye** :
   a) **Ubwandu**
      Umubiri winjiyemo virusi uba ufite ubwandu.
   b) **Magendu**
      Ahantu hose bavura mu buryo butemewe hitwa kwa magendu.
   c) **Gucika intege**
      Umubiri ufite ubwandu utangira gucika intege zo kwirinda indwara.
   d) **Kwifata**
      Uburyo buboneye bwo kwirinda SIDA ni ukwifata.
2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Tugomba kumenya ko **SIDA** itagira umuti n'urukingo.
   b) Abakobwa bakomere ku **busugi** bwabo n'abahungu ku **bumanzi** bwabo kugeza igihe bazubaka ingo zabo.
   c) Abashakanye birinde **gucana inyuma** bubahirize amasezerano bagiranye.
   d) Gukora **imibonano mpuzabitsina** idakingiye hagati y'uwanduye n'utanduye byanduza virusi itera SIDA.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 65)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusobanura uburyo SIDA yandura no kuvuga ingaruka zayo n'uburyo bwo kuyirinda.
- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma, bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko uherutse kwigwa witwa ngo iki?**

   Witwa «Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo».

2. **Ni nde watwibutsa ibyavugwaga mu mwandiko?**

   Uko SIDA yandura, ingaruka zayo, uko twayirinda…

3. **Ese kwirinda SIDA birashoboka?**

   Yego kwirinda SIDA birashoboka.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo**" bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi:

   Icyo SIDA ari cyo, uko yandura, ibimenyetso byayo, uburyo bwo kuyirinda.

   Ingingo z'ingereka:

   Ubusugi n'ubumanzi, gushaka, gucana inyuma, gukoresha agakingirizo

2. **Ushingiye ku bumenyi bwawe bwite, vuga ingaruka nibura ebyiri zo kwandura SIDA ku munyeshuri uri mu kigero nk'icyo ugezemo.**

   Kwiheba, kurwaragurika, guta ishuri, gutsindwa mu ishuri…

3. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko, bwira bagenzi bawe uburyo SIDA yandura n'uburyo bayirinda.**

   SIDA yandurira mu mibonano idakingiye hagati y'uwanduye n'utanduye, mu guhererekanya ibikoresho bikomeretsa hagati y'uwanduye n'utanduye, igihe umubyeyi wanduye abyara cyangwa yonsa umwana. Kuyirinda ni ukwifata tugakomera ku busugi n'ubumanzi bwacu, kugeza igihe tuzashaka no kudahererekanya ibikoresho bikomeretsa.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 65)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo (ubuhamya) bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko twize witwa ngo iki?**
   Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo.
2. **Ese SIDA ni indwara ikira?**
   Oya SIDA ntigira umuti n'urukingo.
3. **Ese SIDA abantu batayirinze byagenda bite?**
   Yatumaraho abantu.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Insanganyamatsiko:**

a) Nimugereranye ibivugwa mu mwandiko n'ibyo mwaba muzi cyangwa bavuga kuri SIDA .

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuganira ku nsanganyamatsiko zatanzwe, batanga ibitekerezo byabo, ibyo bumvikanyeho byandikwe.

## Igice cya kane: Amoko y'imyandiko

### Umwandiko ntekerezo

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 66)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku bushakashatsi arakora, araba ashobora:

- Gutahura amoko y'imyandiko, inshoza, uturango n' imbata byayo, inkuru n'umuvugo.
- Gutandukanya imyandiko agendeye ku miterere yayo.
- Guhanga umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugoshusho, inkuru n'umuvugo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije ibibazo byo mu buzima busanzwe, abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura isomo bagiye kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Imyandiko musoma iba iteye kimwe?**

   Oya. Igira imiterere itandukanye.

2. **Ese insanganyamatsiko ziba zirimo ni zimwe?**

   Imyandiko igira insanganyamatsiko zitandukanye.

3. **Mubona imyandiko yose iba yubatse mu buryo bumwe?**

   Oya imyandiko yose ntiyubatse kimwe.

   Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi mu isomero, bagatahura inshoza n'uturango by'umwandiko ntekerezo.

Umwarimu asaba abanyeshuri guhera ku mwandiko "Tumenye SIDA ", maze bagakora ubushakashatsi kugira ngo batahure inshoza, uturango, imbata cyangwa imiterere by'amoko y'imyandiko itandukanye , by'umwihariko umwandiko tekerezo, umwandiko mvugoshusho, inkuru n'umuvugo. Umwarimu asaba abanyeshuri guhera ku turango tw'iyo myanndiko maze bakavuga itandukaniro

riri hagati yayo.

**Amwe mu  moko y'imyandiko**

Imyandiko irimo amoko menshi. Muri yo twavuga: umwanndiko ntekerezo, umwandiko mvugoshusho, inkuru n'umuvugo.

**1. Umwandiko ntekerezo**

**a) Inshoza y'umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima. Umwandiko ntekerezo uvuga ku nsanganyamatsiko runaka. Uwandika umwandiko ntekerezo akenshi ahera ku byo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma agira icyo yiyunguraho mu bumenyi.

Imyandiko ntekerezo bayita kandi "imyandiko isanzwe". Yitwa imyandiko isanzwe

mu rwego rwo kuyitandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'inkuru, imivugo

n'iyindi. Imyandiko ntekerezo isa nk'imenyesha amakuru y'ibiriho maze usoma akaba

yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana. Nta keshamvugo rikunze kubamo; ahubwo imyandiko ntekerezo ikoresha imvugo isanzwe yumvikana itazimije. Iyo usomye uyu mwandiko "Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo" usanga umwanditsi yarashakaga kuduha amakuru; ni umwandiko utubwira icyo SIDA ari cyo, ukanadusobanurira uko yandura n'uko twayirinda. Ni umwandiko usanzwe rero.

Mu yandi magambo ni umwandiko ntekerezo.

**b) Uturango tw'umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ugira insanganyamatsiko runaka uvugaho. Umwandiko ntekerezo ndetse n'ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose, bijya gukorwa byabanje gutekerezwaho bigakorerwa imbata.

**c) Imbata y'umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ugira ibice bitatu by'ingenzi: intangiriro, igihimba

n'umwanzuro ariko kandi ukaba ufite umutwe.

**Umutwe** ni nk'ipfundo riba riri bupfundurwe mu mwandiko nyiri izina. Umutwe

w'umwandiko ugomba kuba witaruye gato ibindi bice by'umwandiko bisigaye. Umutwe w'umwandiko ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru cyangwa mu nyuguti

nto ariko ugacibwaho umurongo. Biba byiza cyane iyo umutwe ubaye mugufi. Ni

ukuvuga ko uba wanditse mu murongo umwe cyangwa ibiri. Iyo irenze ishobora

kwitiranywa n'igika cy'umwandiko.

**Intangiriro:** Mu ntangiriro uwandika avuga muri make ibyo agiye kwandikaho. Intangiriro iba igizwe n'igika kimwe kandi kigufi.

**Igihimba:** Mu gihimba uwandika avuga byimazeyo ibyo ashaka kuvuga ndetse agatanga n'ingero zifatika. Mu gihimba uwandika atondeka ibitekerezo bye neza ku buryo ubisoma yumva ibitekerezo biri ku murongo. Igihimba gishobora kugira ibika 67

birenze kimwe bitewe n'ingingo uwandika ari butange cyangwa bitewe n'uburebure

bw'umwandiko bwasabwe.

**Umusozo:** Mu musozo uwandika avuga muri make yanzura ku byo yavuze mu ntangiriro no mu gihimba. Umusozo ntugomba gutandukira ibyavuzwe mu gihimba. Umusozo uba ugizwe n'igika kimwe kandi kigufi. Muri iki gice kandi ni ho uwandika ashobora kugaragaza uruhande abogamiyeho, byanaba ngombwa akagira inama atanga ku bimaze kuvugwaho.

**d) Imiterere y'umwandiko ntekerezo**

1. ......................................................................................................

2. .............................................................................................
..................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................
................................................
3. .............................................................................................
..................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................
.............................................................................................

.............................................................................................
..................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................
...................................................................
4. .........................................................................................
.....................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................
.........................................................................................................................

.......................................

**Ibisobanuro:**

1 : Umutwe

2 : Intangiriro

3 : Igihimba

4 : Umusozo

**Imyitozo ku mwandiko ntekerezo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo. Abaha igihe cyo kuyikora, barangiza agakosorera hamwe na bo ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri na bo bakabbyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

**1. Sobanura impamvu umwandiko "Tumenye SiDA" ari umwandiko ntekerezo.**

Impamvu umwandiko "Tumenye SiDA" ari umwandiko ntekerezo ni uko

Iyo usomye uyu mwandiko usanga umwanditsi yarashakaga kuduha amakuru, kutubwira icyo SIDA ari cyo, udusobanurira uko yandura n'uko twayirinda. Ni umwandiko muhimbano utubwira ibintu bisanzwe ku ndwara ya SIDA.

**2. Sobanura imbata y'umwandiko ntekerezo wifashishije umwandiko "Tumenye SiDA".**

**Umutwe: Tumenye SIDA**

Intangiriro: hari icyorezo....abashe kuyirinda.

Igihimba: SIDA ni uruhurirane...imiti igabanya ubukana ariko adakiza SIDA

Umusozo: kwirinda SIDA ariko birashoboka...Nimuze rero turwanye SIDA itatumaraho abantu.

**Umukoro**

Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko zikurikira wihitiyemo.

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro bakawutahana, bakazagaruka ku wundi munsi bawurangije. Umwarimu asaba abanyeshuri bake gusoma imyandiko bahanze, akagenda abakosora afatanyije n'abandi banyeshuri.

**2. Umwandiko mvugoshusho**

**a) Inshoza y'umwandiko mvugoshusho n'uturango twawo**

Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere y'ikintu iki n'iki. Twavuga nk'uyu mwandiko utaka ishuri, imiterere y'aho ryubatse, n'ibindi umuntu ashobora gukenera kumenya. Umwandiko mvugo shusho uba wanditse ku buryo utanga amakuru yose mbese ugatanga ishusho y'ikintu runaka. **b)**

**b) Imbata y'umwandiko mvugoshusho**

Imbata y'umwandiko mvugoshusho iba imeze nk'imbata y'umwandiko ntekerezo.

**c) Imiterere y'umwandiko mvugoshusho**

Imiterere y'umwandiko mvugoshusho iba imeze nk'imiterere y'umwandiko ntekerezo.

**d)Urugero rw'umwandiko mvugoshusho**

**Imyitozo ku mwandiko mvugoshusho**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko "Ishuri ryacu" uri mu bitabo byabo bagasubiza ibibazo byawubajijweho n'undi mwitozo uri kumwe na byo. Umwarimu akosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Soma umwandiko "Ishuri ryange" maze usubize ibibazo bikurikira:**

a) Uyu mwandiko witwa ngo iki?

Umwandiko witwa "Ishuri ryacu."

b) Mu mwandiko baratubwira iki?

Mu mwandiko aradushushanyiriza uko ishuri ryacu riteye.

c) Ishuri ryubbatse rite?

Ishuri ryacu ryubatswe n'amazu agerekeraye.

d) Ukinjira mu marembo magari ubona iki?

Ukijira mu mu marmbo manini y'ishuri ryacu, ubona ubusitani bwiza cyane n'uduhanda dutoduto tw'utugederano

e) Hafi y'ishuri ryacu hari iki ?

Hafi y'ishuri ryacu hari akagezi gato kadasuma.

**2. Uhereye ku bisubizo by'ibyo bibazo no kubiranga umwandiko mvugoshusho sobanura impamvu "Ishuri ryacu" ari umwandiko mvugoshusho.**

Umwandiko "**Ishuri ryacu"** ni umwandiko mvugoshusho kuko hereye ku bibazo n'ibisubizo uduha ishusho y'ishuri ryacu, uko riteye n'aho ryubatse. Umuntu usoma umwandiko agira ishusho runaka y'uko ishuri ryacu riteye.

**Umukoro**

Uhereye ku turango tw'umwandiko mvugoshusho, hanga umwandiko mvugoshusho ku nsanganyamatsiko ivuga ku ivuriro rikwegereye.

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro bakawutahana, bakazagaruka ku wundi munsi bawurangije. Umwarimu asaba abanyeshuri bake gusoma imyandiko bahanze, akagenda abakosora afatanyije n'abandi banyeshuri.

**3. Inkuru**

**a) Inshoza y'inkuru**

Inkuru ni igihangano kigamije kubarira abandi ibyabayeho ku buryo burambuye. Inkuru ivuga amateka agaragara nk'ayabayeho nyamara akenshi aba ari amahimbano. Umubarankuru yivugira inkuru z'ibyo yabayemo cyangwa yiboneye ubwe akabirondorera abandi. Bishobora kuba ari ukuri cyangwa ibihimbano.

**b) Uturango tw'inkuru**

Inkuru irangwa no kugira insangamatsiko imwe. Ishobora kuba ivuga ikintu wabonye cyangwa icyakubayeho mu buzima. Inkuru igira abanyarubuga kandi ivuga ibintu bishobora kubaho, ibintu birimo amakabyankuru make cyangwa se atanarimo.

**c) Imbata y'inkuru**

Imbata y'inkuru iba imeze nk'imbata y'umwandiko ntekerezo.

**d) Imiterere y'inkuru**

Imiterere y'inkuru iba imeze nk'imiterere y'umwandiko ntekerezo.

**Imyitozo ku nkuru**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma inkuru"Kariza agongwa n'imodoka" uri mu bitabo byabo bagasubiza ibibazo byawubajijweho n'undi mwitozo uri kumwe na byo. Umwarimu akosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Soma inkuru "Kariza agongwa n'imodoka" maze usubize ibibazo bikurikira**

a) Ni bande bavugwa muri iyi nkuru?

Muri iyi nkuru haravugwamo: Umubarankuru, Kariza, umukecuru, ababyeyi ba Kariza, umuntu utwaye imodoka, umwarimu wa Kariza...

b) Ni ahahe hantu havugwa muri iyi nkuru?

Ahantu havugwa mu nkuru ni mu Mudugudu wa Bwugamo, mu muhanda, kwa muganga.

c) Ni ikihe kibazo cyari mu Mudugudu wa Bwugamo?

Ikibazo cyari mu Mudugudu wa Bwugamo ni uko abaturage baho batumvaga akamaro k'ubwisungane mu kwivuza.

d) Kubera iki ababyeyi ba Kariza bishyuye amafaranga make kwa Muganga?

Ni uko bari bafite ubwisungane mu kwivuza.

e) Ikibazo cyari mu Mudugudu wa Bwugamo cyakemutse gite?

Kariza yavuye kwa muganga yabonye akamaro ko kugira ubwisungane mu kwivuza maze atangira gukora ubukangurambaga mu baturage abasobanurira akamaro ko kugira ubwisungane mu kwivuza ahereye ku buryo bwamugiriye akamaro maze abaturage bose bitabira ubwisungane mu kwivuza.

**2. Uhereye ku bisubizo by'ibyo bibazo no kubiranga inkuru sobanura impamvu "Kariza agongwa n'imodoka" ari inkuru.**

Kariza agongwa n'imodoka ni inkuru kuko ifite abakinankuru, aho yabereye kandi ifite n'umubarankuru. Umubarankuru arabarira abandi ibyabaye kuva bitangira kugera birangira. Inkuru iratangira hari ikibazo ikarangira gikemutse.

**Umukoro**

Uhereye ku turango tw'inkuru, hanga inkuru ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro bakawutahana, bakazagaruka ku wundi munsi bawurangije. Umwarimu asaba abanyeshuri bake gusoma imyandiko bahanze, akagenda abakosora afatanyije n'abandi banyeshuri.

**4. Umuvugo**

**a) Inshoza y'umuvugo**

runaka ku buryo bunyura uwumva cyangwa uwusoma. Umuvugo ugira ikeshamvugo n'ubuhanga bwo gukoresha amagambo. Umuvugo usingiza umuntu cyangwa ikintu. Ushobora ariko no kukivuga nabi bitewe n'ububi bw'icyo uvuga kugira ngo abantu bakirinde. Umuvugo wandikwa mu mikarago.

**b) Uturango tw'umuvugo**

Umuvugo urangwa n'injyana inogeye amatwi. Umuvugo kandi ugira ikeshamvugo

ari bwo buryo bwo kunoza ururimi, bakoresha agambo atoranyijwe ndetse agakurikiranywa neza, kandi bagakoresha cyane imvugo izimiza. Umuvugo wandikwa mu mikarago ntabwo interuro zawo ziba ndende nko mu yindi mikarago.

a) **Injyana**: ni uburyo amajwi aba yubakitse, ku buryo arema ururirimbo runogeye amatwi.

b) **Imikarago**: interuro zigize umuvugo ni ngufi, si ndende nkuko bisanzwe mu yindi myandiko.

c) **Ikeshamvugo**: ni uburyo bwo kunoza ururimi, bahitamo amagambo meza ndetse bakayakurikiranya neza.

d) **Imvugo izimije**: ni muvugo bakoresha ishushanya, iterura neza ibivugwa, rimwe na rimwe bigasaba gusiganuza kugira ngo umenye icyo umuhanzi yashatse kuvuga.

**Imyitozo ku muvugo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umuvugo "Muze twambarire urugamba" uri mu bitabo byabo bagasubiza ibibazo byawubajijweho. Umwarimu akosorera hamwe n'abanyeshuri umwitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

Soma umuvugo "Muze twambarire urugamba" maze usubize ibibazo bikurikira:

a) Umwandiko "Muze twambarire urugamba" uvugitse ute?

Umwandiko "Muze twambarire urugamba" uvugitse nk'ururirimbo.

b) Umwandiko "Muze twambarire urugamba" wanditse ute ugereranyije n'indi myandiko?

Ugereranyije n'indi myandiko umwandiko "Muze twambarire urugamba" wanditse wanditse mu nteruro ngufi zitwa imikarago.

c) Amagambo "kwizihiza, agatimba, ikoti na karuvati" bivuze iki mu mwandiko?

- Kwizihiza bivuze kunezererwa umunsi mukuru cyangwa ubukwe.
- Agatimba bivuga gushyingirwa, umugeni yambara agatimba ku munsi w'ubukwe.
- Ikoti na karuvati biragaragaza kwambara neza k'umukwe ku munsi w'ubukwe

d) Vuga nibura impamvu ebyiri waheraho uvuga ko umwandiko "Muze twambarire urugamba" ari umuvugo.

Umwandiko “Muze twambarire urugamba” ari umuvugo kubera ko wanditse mu mikarago migufi, ufite ijyana, isubirajwi, isubirajambo ndetse n’imvugo ijimije.

**Urugero:**

Muze twambarire urugamba

Muze twese dufate intwaro

Muze twirukane uwo mwanzi

SIDA tuyirukane mu Rwanda.

Muri iyo mikarago harimo isubirajambo n’isubirajwi.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane akababwira urupapuro ruriho umuvugo **“Muze twambarire urugamba”.** umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umuvugo bucece kandi buri muntu ku giti ke, barangiza bagasoma baranguruye basimburana umwumwe, hanyuma akababaza ibibazo ku mwandiko bigamije kubafasha kuvumbura inshoza y’umuvugo n’uturango twawo.

**Umukoro**

Uhereye ku turango tw’umuvugo, hanga umuvugo ku ndwara wihitiyemo.

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro bakawutahana, bakazagaruka ku wundi munsi bawurangije. Umwarimu asaba abanyeshuri bake gusoma imivugo bahanze, akagenda abakosora afatanyije n’abandi banyeshuri.

**Intambwe z’ingenzi zikwiriye gukurikizwa mu guhanga umwandiko**

- Gutekereza ku nsanganyamatsiko no kuyisobanukirwa neza.
- Gutekereza no kwandika ku ruhande ibitekerezo ku ngingo nkuru uri buvugeho.
- Kumenya imbata y’umwandiko.
- Kwandika umwandiko wita ku isuku no ku mategeko y’imyandikire.
- Gusoma ibyo wanditse ukareba ko hari ibyo waba washyizemo bitari ngombwa cyangwa se ko hari ibyo waba wibagiwe byari ngombwa.
- Gukuramo ibitari ngombwa no kongeramo ibibuze.
- Kwandukura ibyo wanditse ku rupapuro mu buryo bufite isuku, wita no ku mategeko y’imyandikire y’ururimi.

**Itandukaniro hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugoshusho, inkuru n'umuvugo**

Iyo witegereje neza usanga iyi myandiko itandukaniye ku miterere yayo. Uretse umuvugo ufite imiterere yihariye kuko wo ugizwe n'imikarago, indi myandiko, iteye kimwe, imbata yayo ni imwe kandi yose yanditse mu buryo bw'idandure. Ni ukuvuga mu mirongo miremire.

Ikindi umuvugo uba wiganjemo ikeshamvugo n'injyana mu gihe ibyo bititabwaho mu yindi myandiko.

N'ubwo bwose mu miterere umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugoshusho n'inkusru nta ho bitaniye, usanga hari itandukaniro mu buryo uwandika iyo myandiko avugamo ibyo yandika.

Mu mwandiko ntekerezo, uwandika ahera ku nsanganyamatsiko runaka akavuga ibyo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho. Abyandika atitaye ku kurobanura amagambo n'imvugo zishushanya ikivugwa kandi agamije kugira icyo ahindura ku mitekerereze y'abantu cyangwa kubungura ubumenyi. Uwandika umwandiko ntekerezo avuga ibyo utabonesha amaso, ibyo wumva mu bwenge bwawe gusa ukemera ko byabaho kandi ari ukuri.

Mu mwandiko mvugoshusho uwandika agaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere yacyo binyujijwe mu magambo n'imvugo zishushanya icyo kivugwa. Mu mwandiko mvugoshusho, uwandika akoresha cyane amagambo agereranya kandi ataka ubwiza cyane cyane ubugaragara inyuma, ku buryo ibivugwa biba bishingiye ku miterere wabonesha amaso.

Mu nkuru usanga umuntu asa naho abarira cyangwa atekerereza abandi ibyo yabonye cyangwa yabwiwe. Bishobora kuba ibyo avuga ari ukuri cyangwa ari ibihimbano. Mu nkuru, hakoreshwa cyane ibarankuru.

## Munezero na mugenzi we

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 79)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga kuri Munezero na Mugenzi we, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ku ishusho murahabona iki?**

   Hari umusore n'inkumi bari mu nzira bagenda.

2. **Murabona aho bagana hari iki?**

   Aho bagana hari ivuriro.

3. **Ese bariya bantu murabona bakuze cyane?**

   Ntabwo bakuze cyane baracyari bato.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Munezero na mugenzi we"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**

   Munezero na mugenzi we.

2. **Ni iki kivugwa kuri Munezero na mugenzi we?**

   Bari kuvuga uko byabagendekeye mu rugendo rwabo.

3. **Murumva biri kuvugwa gute ukurikije indi myandiko twize.**

   Muri uyu mwandiko basa n'abari kubara inkuru y'urugendo rwabo.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye

ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Muri iyi nkuru umaze gusoma, Munezero na Karangwa bafitanye iyihe sano?**

   Barakundana, baritegura gushinga urugo.

2. **Ni uwuhe mugambi Karangwa yari yarafashe akiri muto?**

   Yari yarafashe umugambi wo kwifata akitonda ntakore imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa.

3. **Mbese na Munezero na we bari bahuje umugambi? Sobanura.**

   Yego. Hari aho Munezero avuga ati: "Inama narazikurikizaga ibihe byose ariko ngiye kurangiza ayisumbuye ndacikwa. Sha abahungu ni babi koko. Barambwiye ngo rimwe gusa nta kibazo na nge ndemera". Ibi bigaragaza ko Munezero yari yarifashe hanyuma agashukwa.

4. **Ni iki cyatumye Munezero atabasha kugera ku mugambi yari yariyemeje akiri muto?**

   Yarashutswe bamubwira ko gukora imibonano mpuzabitsina rimwe gusa nta kibazo.

5. **Munezero na Karangwa bari bafashe urugendo berekeza he?**

   Berekeraga ku kigo nderabuzima.

6. **Bari bagiye gukora iki?**

   Bari bagiye kwipimisha agakoko gatera SIDA.

7. **Ese icyari kibajyanye baragikoze?**

   Mu mwandiko batubwira ko batipimishije.

8. **Babujijwe n'iki?**

   Mu rugendo Munezero yahuye n'ikibazo k'ihungabana.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe, bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura aya magambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ziboneye:**
   a) **Irungu**: ukutamererwa neza bitewe no kuba wenyine udafite uwo muvugana.
   b) **Urukumbuzi**: kumva ushaka kongera kubona uwo cyangwa icyo udaheruka kubona.
   c) **Kwiyegamiza**: kwicara maze umurwayi akakwegamaho ngo aruhuhe
   d) **Ikiniga**: Ukunanirwa kuvuga kubera agahinda n'umubabaro
   e) **Agakungu** : agatsiko k'abantu bamwe kandi bafite ingeso mbi.
2. **Sobanura uyu mugani: "Iyo mbimenya yari ijambo iyo ijya kubanza"**

   Ni umugenurano bakoresha babwira umuntu utangiye guterwa agahinda n'ibyo amaze gukora bimugizeho ingaruka zitari nziza kandi wenda yari yaragiriwe inama zo kugenza ukundi. Bamubona atangiye kuganya bagakoresha iyi mvugo baninura kuko iyo aza kumenya mbere ko ariko bizagenda aba atarabikoze ngo bimugireho ingaruka mbi.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Koresha amagambo akurikira yakoreshejwe mu nkuru, mu nteruro ngufi kandi ziboneye :**

1. **Irungu**

   Urugero: Umuntu uri wenyine agira irungu.
2. **Urukumbuzi**

Urugero: Afite urukumbuzi rwinshi kubera ko adaheruka iwabo.

3. **Ikiniga**

   Urugero: Yagize ikiniga ananirwa kuvuga kubera agahinda.

4. **Agakungu**

   Urugero: Iyo wishinze agakungu k'abana bafite ingeso mbi nawe uhinduka mubi.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 80 )

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwika?**

   Munezero na mugenzi we.

2. **Muri uwo mwandiko, batubwira ko Karangwa yari yarafashe uwuhe mugambi?**

   Yari yarafashe umugambi wo kudakora imibonano mpuzabitsina atarubaka.

3. **Ni iki cyatumye Munezero atagera ku mugambi we?**

   Ni ibishuko by'abahungu byabimuteye.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Munezero na mugenzi we**", bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Inama umubyeyi yahoraga agira Munezero zari nziza. Zaba zaramugiriye akamaro? Sobanura.**

   Zamugiriye akamaro kuko yabashishe kwirinda igihe kirekire gusa yaje guhura n'ibishuko aziteshukaho ariko arakibuka izo nama umubyeyi yamugiraga.

2. **Vuga ibyiza nibura bitatu byo kwirinda imibonano mpuzabitsina igihe cyose utari washinga urugo.**

   Bitanga ikizere cy'ubuzima bwiza.

   Bituma utandura SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

   Kwirinda bibarinda gutwara inda batarashaka.

3. **Ni iki ubona muri iki gihe gituma urubyiruko rwinshi runanirwa kwifata?**

   Ibishuko, gukunda no gushaka kujyana n'ibigezweho, kujya mu gakungu, ibiyobyabwenge, gukoresha interineti nabi bareba amashusho y'urukozasoni bagashaka kuyigana.

4. **Kuganiriza abana kuva bakiri bato ku buzima bw'imyororokere mubona ari ngombwa? Niba ari byo cyangwa atari byo bigaragaze wifashishije ingero ebyiri z'inyungu cyangwa igihombo byateza.**

   Ni ngombwa cyane kuko bituma abana bakura bazi uko bagomba kwitwara mu buzima bitewe n'impinduka umubiri wabo ugenda ugira.Ni ngombwa kandi kuko bituma abana bagira amakenga n'ubwirinzi ku bikorwa bimwe na bimwe kuko baba bazi ko bishobora kubakururira ingorane.

   Ni byiza: Abana barasobanukirwa bakamenya ukuri, bikabafasha kutazashukwa n'inkozi z'ibibi, bituma bagira gahunda y'ubuzima bwabo hakiri kare…

## Inkuru ngufi:

**1. Inshoza y'inkuru ngufi**

Inkuru ngufi ni igihangano kigufi, kigamije kubarira abandi ibyabayeho ku buryo burambuye. Inkuru ngufi ivuga amateka agaragara nk'ayabayeho nyamara akenshi aba ari amahimbano.

## 2. Uturango tw'inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa no kugira insangamatsiko imwe. Ishobora kuba ivuga ikintu wabonye cyangwa icyakubayeho mu buzima. Inkuru ngufi igira abanyarubuga bake kandi bavuga ibintu bishobora kubaho, bitarimo amakabyankuru.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 81)

**Gusoma inkuru ngufi zivuga kuri SIDA**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nkuru yasomye,araba ashobora:

- Gukora inshamake y'inkuru yasomye no kuyivugira mu ruhame imbere ya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Mu mwandiko duheruka kwiga Munezero na mugenzi we bajyaga he?**

   Bajyaga ku ivuriro.

2. **Bari bagiye gukora iki?**

   Bari bagiye kwipimisha SIDA.

3. **Ese igitekerezo bagize hari undi ushobora kukigira?**

   Yego buri muntu wese agomba kukigira kugira ngo amenye uko ahagaze.

Umwarimu atanga umukoro wo gusoma inkuru ngufi zivuga kuri SIDA, buri munyeshuri agashishikarira gusoma inkuru kandi agakora inshamake y'inkuru yasomye, akazayibwira abandi mu ruhame.

**II. Umukoro**

Musome inkuru inkuru ngufi zivuga ku myitwarire y'urubyiruko n'ubuzima bw'imyororokere. Izo nkuru mushobora kuzibona mu masomero yo ku kigo cyanyu ndetse n'andi masomero yaba aya Leta cyangwa ayigenga. Buri munyeshuri arasabwa kandi gukora inshamake y'inkuru yasomye akazanafata igihe akayisomera abandi.

Buri munyeshuri akora umukoro nk'uko umwarimu yabivuze, hanyuma akazabafasha kunoza inshamake bakoze.

## Igice cya gatanu: Ibiganiro mpaka

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 73)

**Intego ngenamukoro**

Umunyeshuri ahereye ku bumenyi arahabwa n'imyitozo akora, araba ashobora:

- Kugeza ibitekerezo bye ku bandi no kubibumvisha adategwa, avuga bitewe n'icyo agamije n'abo abwira.
- Kuyobora neza ibiganiro cyangwa kuvugira mu ruhame imbere ya bagenzibe.
- Gutinyuka gutanga ibitekerezo bye mu ruhame.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije ibibazo byo mu buzima busanzwe, cyangwa akifashisha amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri, abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura ikigwa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ku mashusho murabonaho iki?**

   Hari abantu bicaye n'undi uhagaze.

2. **Bari he?**

   Mu ishuri.

3. **Bariya bantu bicaye imbere murakeka ko bari gukora iki?**

   Bari guhanahana ibitekerezo.

   Umwarimu asaba abanyeshuri kurema amatsinda bigana ayo babonye mu gitabo cyabo, hanyuma bagatanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko abahaye. Ayo matsinda agomba guhitamo uza kubafasha nk'umuyobozi w'ikiganiro. Itsinda rimwe rigomba gutanga ibitekerezo bishyigikira insanganyamatsiko naho irindi rigatanga ibitekerezo bidashyigikira insanganyamatsiko.

   Muge impaka kuri iyi ngingo ikurikira: **"SIDA ni yo ndwara mbi kurusha izindi zose".**

**Inshoza y'ibiganiro mpaka**

Ibiganiro mpaka bikorwa n'abantu benshi bagamije kungurana ibitekerezo hagati yabo. Ibiganiro mpaka bigira insanganyamatsiko bityo hakaba impande ebyiri z'abantu bamwe bakayishyigikira abandi ntibayishyigikire.

Impaka zivugwa aha ngaha si za zindi za ngo turwane, si zimwe zibyara amacakubiri

ahubwo ni impaka zigamije kugera ku mwanzuro wubaka, abajya impaka bagatahiriza umugozi umwe cyane ko akenshi ziba kugira ngo hagire umurongo ufatirwa ikibazo runaka.

Ibiganiro mpaka biba bigamije guhuza impande zombi ngo barebe icyo bakumvikanaho gikwiye gukurikizwa ku mpande zombi.

Iyo ari umwitozo wo mu mashuri, ibiganiro mpaka bituma abanyeshuri baba intyoza mu kuvuga, bakaba imbonera mu gutega amatwi ibivugwa no mu gutanga ingingo zifite ireme batarondogoye, ahubwo bagusha ku ntego kandi bakamenyera gukurikiranya ingingo bubahiriza inyurabwenge n'injyabihe y'ibivugwa. By'umwihariko, ibiganiro mpaka bitoza abanyeshuri kuvugira mu ruhame.

**Imitegurire y'ikiganiro mpaka**

Ikiganiro mpaka kiba kigomba gutegurwa ndetse n'abajya impaka bakitegura bagakora ubushakashatsi kugira ngo igihe nyiri izina nikigera bazatange ingingo zifatika kandi zifite ireme. Mu mitegurire y'ikiganiro mpaka hari ibigomba kwitabwaho nyuma y'uko insanganyamatsiko iboneka n'aho ikiganiro kigomba kubera.

**Abagize ibiganiro mpaka**

Ibiganiro mpaka bigirwa n'amatsinda atatu hatabariwemo indorerezi. Uruhare rw'ayo matsinda yose ruba rukenewe mu migendekere myiza y'ikiganiro mpaka.

a. **Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko:** Ni itsinda ry'abashyigikiye insanganyamatsiko. Ibitekerezo, ingingo n'ibisobanuro batanga bigomba kutanyuranya n'insanganyamatsiko.

**b. Uruhande rudashyigikiye insanganyamatsiko**: Ni itsinda ry'abantu batemera ibitekerezo n'ingingo bikubiye mu nsanganyamatsiko yatanzwe. Abafata umwanya wo kugira icyo bavuga, bagerageza kuyirwanya. Bagomba ariko kwifashisha ingingo n'ibisobanuro byumvikana, ku buryo n'uruhande rwemeza rushobora kuva ku izima cyangwa bakagamburukaho gato.

**c. Umuhuza/ umuyobozi w'ibiganiro mpaka:** Ni umuntu uba ushinzwe guhuza izo mpande zombi. Ashobora kuba umwe cyangwa benshi. Umubare w'abafasha umuhuza uterwa n'urwego rw'ikiganiro, igihe ibiganiro bizamara ndetse n'intego y'ibiganiro.

**Ingero:**

- Ibiganiro mpaka bibera mu mashuri abanza n'ayisumbuye, umuhuza ashobora kuba ari umuntu umwe ntabamufasha. Impamvu ni uko bimara igihe gito kibarirwa mu masaha.
- Ibiganiro mpaka bitegurwa ku rwego rw'igihugu cyangwa bihuje impande zishyamiranye, umuhuza agira abamufasha. Impamvu ni uko biba bisaba

ubumenyi bwinshi bunyuranye nk'amateka, poritiki, ubukungu n'ibindi. Nta muntu rero waba inzobere mu bintu byose. Indi mpamvu ituma umuhuza agira abamufasha, ni uko bene ibyo biganiro bishobora no gufata igihe kirekire nk'ibyumweru cyangwa amezi.

**Inshingano z'umuhuza**

Inshingano z'umuhuza zishobora kuba nyinshi ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

- Gusobanura insanganyamatsiko.
- Gutanga umurongo ngenderwaho.
- Gutanga umwanya w'amagambo kuri buri ruhande.
- Kwerekana ingufu n'imbaraga nke z'ibitekerezo bya buri ruhande.
- Gufasha mu kumvikanisha impande zombi.
- Kugeza impande zombi ku mwanzuro.
- Gufasha mu kubahiriza igihe.

**Ibyo umuhuza agomba kuba yujuje**

Umuhuza agomba kuba ari:

- Inararibonye.
- Umuhanga mu byo baganiraho.
- Azwiho kwihangana.
- Kuba ashobora kuvuga rikumvikana.
- Kuba azwiho kutabogama.
- Kuba afite igitsure.

d) **Indorerezi**: Ni abantu bose baba bateze amatwi banihera ijisho impaka zirimo kuba. Abo uretse kumva no kutivanga mu biganiro, nta zindi nshingano baba bafite. Icyakora bemerewe kugaragaza amarangamutima batagize uruhande babangamira cyangwa bakabaza ibibazo aho batasobanukiwe.

**e) Abakemurampaka**: Ni ababa bashinzwe kugaragaza uruhande rwatsinze n'uruhande rwatsinzwe. Iyo ari mu myitozo ibera mu mashuri batanga amanota bakurikije imyitwarire ya buri ruhande. Umwarimu ashobora kuba umukemurampaka mu gihe impaka zabereye ku kigo cyangwa mu ishuri.

**Uko ibitekerezo bitangwa**

Buri ruhande rugerageza gutanga ingingo no kuzisobanura hifashishijwe ingero zumvikana neza.

Dore aho wavana zimwe muri zo:

1. Amagambo n'ibitekerezo byatanzwe n'abahanga bazwi ndetse n'abantu

bakomeye byerekeranye n'iyo nsanganyamatsiko.

2. Ubumenyi bwigwa mu mashuri n'ahandi
3. Ubunararibonye bwa buri muntu…

## Umwitozo wo kujya impaka:

**Gukora ikiganiro ku buryo bukoreshwa mu kwirinda SIDA**

Mumaze kwiremamo amatsinda no kureba abagira uruhare bose mu migendekere y'ibiganiro mpaka, nimujye impaka kuri iyi nsanganyamatsiko:

"Urubyiruko rugize uruhare mu kurwanya no kwirinda SIDA, SIDA yacika burundu."

### Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatanu

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ivuga kuri SIDA, uburyo yandura n'uburyo bwo kuyirinda. SIDA yandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye hagati y'uwanduye n'utanduye, yandurira kandi mu ihererekanya ry'ibikoresho bikomeretsa hagati y'uwanduye n'utanduye ndetse umubyeyi wanduye ashobora kuyanduza umwana igihe amubyara cyangwa igihe amwonsa. SIDA kuyirinda birashobaka binyuze mu kwifata, ubudahemuka, no gukoresha agakingirizo igihe kwifata byanze.

Mu bumenyi bw'ururimi muri uyu mutwe harimo amoko y'imyandiko anyuranye. Umwandiko ntekerezo ugira insanganyamatsiko runaka uba ugomba kuvugwaho, ugategurwa neza hegeranywa ibitekerezo na byo bishobara gukurikiranywa bitewe n'uburemere bw'ingingo kandi ukagira imbata wubahiriza igizwe n'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Umwandiko mvugo shusho ni umwandiko ugaragaza imiterere y'ikivugwa mbese uba usa n'utangishusho y'ikivugwa mu mwandiko. Umuvugo usanga na wo ukomoza ku nsanganyamatsiko runaka, wandikwa mu mikarago, ukagira injyana inogeye amatwi ndetse n'ikeshamvugo.

Muri uyu mutwe kandi harimo uburyo ibiganiro mpaka bikorwa, imitegurire y'ikiganiro mpaka ndetse n'uko ikiganiro mpaka kigomba kuyoborwa. Ibiganiro mpaka bikorwa n'abantu benshi bagamije kungurana ibitekerezo hagati yabo. Ibiganiro mpaka bigira insanganyamatsiko bityo hakaba impande ebyiri z'abantu bamwe bakayishyigikira abandi ntibayishyigikire.

## Ubumenyi bw'inyongera:

**Icyo kwibuka**: SIDA ntigira umuti cyangwa urukingo ariko kuyirinda byashobokera umuntu uwo ari we wese. Uwanduye agakoko gatera SIDA ni umuntu nk'abandi kandi aracyashoboye gukora akiteza imbere we ubwe cyangwa agateza imbere igihugu ke. Ntakwiye rero kwiheba cyangwa guhabwa akato.

**Guhuza insanganyamatsiko ivugwa mu mutwe n'ubuzima busanzwe.**

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo ugamije guhuza insanganyamatsiko

n'ubuzima busanzwe abasaba gutanga ubuhamya ku byo bazi cyangwa babonye bijyanye ibibazo uwarwaye SIDA ateza umuryango we, ingorane z'ubuzima we ubwe aba afite n'igihombo igihugu kigira muri rusange.

**Bimwe mu byagaragazwa:** Kurwara, kutabona umwanya wo kwikorera, gutanga amafaranga menshi urimo kwivuza indwara itazanakira, igihugu kibura imbaraga z'abana bacyo, igihugu gitakaza byinshi giteganyiriza abarwayi…

**Guhuza iyi migani migufi no kwita ku buzima**

a) **Amagara araseseka ntayorwa.**

Ubuzima ni ingenzi dukwiriye kwirinda icyabuhungabanya. Iyo ubuzima bugize ikibuhungabanya biba bibi cyane. Mbese ni ngombwa kwita ku buzima kuko burahenze.

b) **Amagara aramirwa ntamerwa.**

Ushaka kugira ubuzima bwiza agomba kwita ku mirire iboneye. Ntabwo kumererwa neza byizana gusa.

c) **Amagara ntaguranwa amagana.**

Nta kintu na kimwe cyaruta ubuzima cyangwa ngo kibe cyaba ingurane y'ubuzima.

d) **Imbeba yakurikiye akaryoshye munsi y'ibuye ihakura inda y'akabati.**

Abakiri bato bashobora gushukwa n'irari ry'ibintu maze bakazagira ingorane nyuma. Hari abana bagira ingeso mbi yo kwiba bikazabagiraho ingaruka mbi. Hari n'abishora mu busambanyi bashutswe n'ababaha ibintu, ubuzima bwabo bukahangirikira.

e) **Kwirinda biruta kwivuza.**

Ni byiza ko umuntu yagira isuku akanagerageza kwirinda indwara. Kurindira ko uzarwara ngo uzivuza ni bibi cyane.

**Ingingo zimwe na zimwe zishobora kugibwaho impaka:**

a) Uburyo buboneye bwo kwirinda SIDA.
b) Uruhare rw'imyambarire mu gukurura ubusambanyi.
c) Gukuramo inda ku bushake nta kibazo kirimo.

Abanyeshuri bashobora guhitamo zimwe muri ziriya nsanganyamatsiko, bagategura ibiganiro mpaka maze bakazamurika ibyo bagezeho.

## Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 82)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatanu, umwarimu ratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite

intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni ibihe byiciro by'abantu birimo kugirwa inama muri uyu mwandiko?**

   Abari n'abategarugori (Abagore n'abakobwa).

2. **Ni iyihe nama barimo kubagira?**

   Kumenya guhakana mu gihe bagiye gukoreshwa imibonano mpuzabitsina batabishaka.

3. **Vuga umuco mubi wanenzwe abari n'abakobwa bo muri iki gihe.**

   Ntibazi guhakana bivuye inyuma.

4. **Rondora amagambo ahakana ariko mu buryo budafashije abari(abakobwa) bakwiriye kwirinda ntibayakoreshe.**

   Have ariko, iwacu bankubita, ubuse ntwaye inda byagenda bite, mbabarira sha.

5. **Ni ayahe magambo umwanditsi avuga ko ari yo yari akwiriye gukoreshwa mu guhakanira abashaka gushora abari mu ngeso mbi?**

   Have sinshaka, ndanze, utanankoraho, ngiye kukurega, umuco mubi nk'uyu wawukuye he?

6. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wowe wagira abana b'abakobwa izihe nama?**

   Nange nabagira inama yo kumenya guhakana, cyanecyane abana b'abakobwa bakiri bato, bivuye inyuma igihe hari ushaka kubashora mu mibonano mpuzabitsina.

**II. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura aya magambo akurikira dusanga mu mwandiko**
   a) **Abari**: abakobwa, inkumi.
   b) **Imbogamizi**: intambamyi, inzitizi.
   c) **Urugwiro**: ubugwaneza, kugira umushyikirano n'umuntu.
   d) **Abategarugori**: abagore.
   e) **Icyomanzi**: ikirara, umukobwa w'umusambanyi, ikigenge.
2. **Ni ayahe magambo dusanga mu mwandiko ahuje inyito n'aya akurikira:**
   a) **Kubona inzira:** guca icyuho.
   b) **Kwinginga umuntu kandi na we yari agukeneye**: korosora uwabyukaga.
   c) **Guhakana byimazeyo:** guhakana wivuye inyuma, gukurira umuntu

inzira ku murima.

**III. Ubumenyi bw'ururimi**

1. **Umwandiko twahawe mu isuzuma ni bwoko ki? Sobanura**

   Ni umwandiko ntekerezo, urimo ibitekerezo by'umuntu ukurikije uko abona ibintu, n'icyo abivugaho.

2. **Rondora amoko y'inyandiko twize uvuge n'aho itandukaniye ugaragaza ibiranga buri bwoko.**

   Umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugoshusho n'umuvugo.

   Umwandiko ntekerezo ugira insanganyamatsiko runaka uba ugomba kuvugwaho, ugategurwa neza hegeranywa ibitekerezo na byo bishobara gukurikiranywa bitewe n'uburemere bw'ingingo kandi ukagira imbata wubahiriza igizwe n'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Umwandiko mvugo shusho ni umwandiko ugaragaza imiterere y'ikivugwa mbese uba usa n'utanga ishusho y'ikivugwa mu mwandiko. Umuvugo usanga na wo ukomoza ku nsanganyamatsiko runaka, wandikwa mu mikarago, ukagira injyana inogeye amatwi ndetse n'ikeshamvugo.

3. **Vuga ibigomba kuranga umuyobozi w'ikiganiro mpaka.**

   Agomba kuba ari umuhanga mu byo baganiraho kandi azi gukurikira neza, yihangana, avuga neza kandi rikumvikana, atabogama kandi agira igitsure.

**IV. Ihangamwandiko**

Hanga umwandiko ntekerezo mu mirongo 20 ku bubi n'ingaruka by'indwara ya SIDA.

**Ikitonderwa:** Urasabwa kugaragaza ingingo enye kandi ukanazisobanura neza.

**Zimwe mu ngingo zagaragazwa**: kurwara, gucika intege, ubukene, kwangirika k'umutungo, kubura intege zo gufasha umuryango, kutiga neza, gupfa vuba (gukenyuka), imfubyi…

## Imyitozo nzamurabushobozi.

**Subiza ibibazo bikurikira:**

1. **SIDA ni iki?**

   Ni indwara iterwa na virusi imunga abasirikari barinda umubiri w'umuntu, bamara gucika intege umuntu agatangira kugaragaza ibimenyetso. Ntigira umuti n'urukingo.

2. **SIDA iba he?**

   Iba mu maraso, mu matembabuzi aba mu gitsina cy'umugore, mu masohoro y'umugabo no mu mashereka.

3. **SIDA yandura ite?**

   Yandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye hagati y'uwanduye n'utanduye, mu ruhererekane rw'ibikoresho bikomeretsa hagati y'uwanduye n'utanduye, ndetse umubyeyi wanduye ashobora kuyanduza umwana amubyara cyangwa igihe amwonsa.

4. **Ese kuyirinda birashoboka?**

   Yego kuyirinda birashoboka. Kwifata ku bakiri bato ntibishore mu mibonano mpuzabitsina, ubudahemuka hagati y'abashakanye, no gukoresha agakingirizo igihe kwifata byanze.

5. **Vuga itandukaniro riri hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo.**

   Umwandiko ntekerezo ugira insanganyamatsiko runaka uba ugomba kuvugwaho, ugategurwa neza hegeranywa ibitekerezo na byo bishobara gukurikiranywa bitewe n'uburemere bw'ingingo kandi ukagira imbata wubahiriza igizwe n'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Umwandiko mvugo shusho ni umwandiko ugaragaza imiterere y'ikivugwa mbese uba usa n'utanga ishusho y'ikivugwa mu mwandiko. Umuvugo usanga na wo ukomoza ku nsanganyamatsiko runaka, wandikwa mu mikarago, ukagira injyana inogeye amatwi ndetse n'ikeshamvugo.

## Umwitozo nyagurabushobozi.

**Himba umuvugo mugufi wamagana icyorezo cya SIDA.**

Umwarimu azareba ko abanyeshuri bubahiriza uturango tw'umuvugo kandi batanga ibitekerezo byamagana icyorezo cya SIDA.

# 6 Umuco nyarwanda

## (Umubare w'amasomo: 14)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura umwandiko uvuga ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.
- Gukora inshamake y'umwandiko yasomye.
- Gusesengura no gutandukanya ntera, izina ntera n'ibisantera.

**Ubumenyi bw' ibanze:**

- Kuba umunyeshuri asanzwe azi ko abantu bagira umuco ubaranga.
- Kuba umunyeshuri yarigeze kumva ho ko Umunyarwanda agira indangagaciro.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku moko y'amagambo nk'izina , ntera, izina ntera, n'igisantera.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- **Umuco w'amahoro**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa binyuze mu gucengerwa n'ibikubiye mu mwandiko biganisha ku ndangagaciro zigomba kuranga Umunyarwanda uberewe n'ubunyarwanda. Indangagaciro z'Abanyarwanda usanga zigenda zuzuzanya mu kubaka Umunyarwanda utera amahoro aho ari hose.

- **Umuco wo kuzigama**

  Iyi ngingo nayo igomba kubahirizwa binyuze mu bitekerezo bitangwa ndetse no mu myitozo isaba umunyeshuri gutanga ibitekerezo bye bwite ku ngingo yo kugira umuco wo kuzigama kuko na yo ni imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda dukwiye kwimakaza.

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.

| | |
|---|---|
| - **Uburezi budaheza.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. | |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo adasobanukiwe yungutse.<br>- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda. | |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**<br>- Umuco nyarwanda n'umuco w'amahoro.<br>- Indangagaciro z'umuco nyarwanda.<br>- Gukunda Igihugu.<br>- Umuco wo kuzigama.<br>- Kwakira neza abatugana. | |
| **Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**<br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br>Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye... | |
| **Urutonde rw'ibice rujyanye n'umubare w'amasomo** | |
| **Umuco nyarwanda**<br>Umwandiko: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro . | Isomo 1 |
| Umwandiko: Kwakirana urugwiro abakugana. | |

| | |
|---|---|
| Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.<br>Igice cya kabiri:  Gusoma no gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro. | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Ikibonezamvugo.<br>Ntera, izina ntera n'igisantera. | Amasomo 2 |
| Umwandiko: Umukobwa wo mu gisabo.<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umugani muremure. | |
| Umwandiko: Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda.<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Ihinamwandiko. | Isomo 1 |
| Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu. | Isomo 1 |

## Umwandiko: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Murabona iki ku ishusho iri mu gitabo?**

Turabona abana babiri umuhungu n'umukobwa.

2. **Ese murabona bishimye cyangwa barababaye?**

   Barishimye, baranezerewe kuko bari kumwenyura.

3. **Bari gukora iki?**

   Barahagaze bafite icyapa.

4. **Ku cyapa handitseho ngo iki?**

   Handitseho ngo ndi Umunyarwanda ufite indangagaciro.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**

   Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.

2. **Mu mwandiko baravugamo iki?**

   Baravugamo indangagaciro z'Abanyarwanda.

3. **Indangagaciro zavuzwe murumva zimaze iki?**

   Zifite uruhare mu kurema Umunyarwanda ubiba amahoro kandi akagira umuco wo gukunda Igihugu ke.

4. **Ese indangagaciro nyarwanda zaba zivangura ibitsina?**

   Oya. Indangagaciro ni iz'Abanyarwanda bose nta vangura rishingiye ku gitsina iki n'iki.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera,

gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ijambo "indangagaciro" risobanura iki?**

   Rivuga ikintu kigaragaza imico myiza n'icyubahiro cy'umuntu. Ni ibyo umuco wubakiraho.

2. **Rondora indangagaciro z'ibanze z'umuco nyarwanda uko zavuzwe mu mwandiko.**

   Kubaha Imana, gukunda Igihugu, kubaha umuryango, kubaha ubuzima, kugira umutima, kugira ubupfura, kwagura amarembo, kunga ubumwe no gukunda umurimo.

3. **Kuki hari indangagaciro tubona ko ari nshya mu muco nyarwanda?**

   Hariho indangagaciro nshya nko kwagura amarembo kuko Abanyarwanda basanze kwigunga bidindiza iterambere.

4. **Garagaza uburyo Abanyarwanda bubaha Imana babinyujije mu mazina bita.**

   Nuko Abanyarwanda mu kwita abana babo, wasangaga bagusha ku Mana. Kandi bakayiha agaciro mu kwita ayo mazina.

5. **Hari izindi ndangagaciro ubona zikwiye kuranga Abanyarwanda?**

   Zirahari nko kwitabira ishuri, gusabana n'abandi muhana ibitekerezo byubaka u Rwanda…

6. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko ni iyihe nama wagira abantu bata indangagaciro?**

   Nabagira inama yo kutongera guta indangagaciro kuko Umunyarwanda utaye indangagaciro, ntaba akunze Igihugu n'umuryango, aba ataye umuco we muri make.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe,bakanayandika ahantu

ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Indangagaciro remezo** : indangagaciro y'ibanze, Indangagaciro shingiro
   b) **Akanayiyambaza**: ikanayisunga, akanayisaba,
   c) **kugira ishyaka**: kugira umwete, kugira ubutwari.
   d) **Kubungabunga umutekano**: Kwita ku mutekano, gucunga umutekano.
   e) **Ubumanzi:** ubunyangamugayo, umuco wo kwanga umugayo
   f) **Kuganura**: kurya bwa mbere ku byo bejeje, gusangira umusaruro wa mbere.
2. **Sobanura iyi migani migufi ibiri ikurikira**
   a) Iyakaremye ni yo ikamena.
   b) Agati kateretswe n'Imana ntigahungabanywa n'umuyaga.

Igisobanuro: Iyi migani yombi ishatse gusobanura kimwe kuko iragusha ku mbaraga z'Imana. Abanyarwanda bahaga agaciro gakomeye Imana ndetse bemera ko ari yo isumba byose, ikanabirusha ubushobozi. Icyo yakora nta kindi kintu cyakivuguruza.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo wahawe yakoreshejwe mu mwandiko : ikoranabuhanga, indangagaciro, amacakubiri, agaciro**.
   1. Buri Munyarwanda akwiye kugira **indangagaciro** zimuranga.
   2. Kwihesha **agaciro** bikwiye guharanirwa.
   3. Dukwiye gukumira **amacakubiri** mu bana b'Abanyarwanda.
   4. U Rwanda rurakataje mu gukoresha **ikoranabuhanga**.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwaniko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma, bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**

   Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.
2. **Mwabonye hari aho zihuriye no kubaka umuco w'amahoro?**

   Yego. Kuko harimo indangagaciro zigomba kuranga umuntu ubiba amahoro mu bandi nk'indangagaciro yo gukira umutima, urukundo, ubupfura,...
3. **Ese hari indangagaciro z'umuco nyarwanda zigaragaza gukunda Igihugu.**

   Yego. Kuko no gukunda Igihugu na yo ni indangagaciro ubwayo. Kunga ubumwe, gukunda umurimo....
4. **Umuntu utagira indangagaciro aba abuze iki?**

   Nta muco aba afite.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda**", bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo, mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Uyu mwandiko urabona uvuga ku yihe nsanganyamatsiko?**

   Indangagaciro z'umuco nyarwanda no gukomeza gusigasira umuco nyarwanda.
2. **Vuga ingingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi zirimo zigaragarira mu ndangagaciro uko zarondowe mu mwandiko.

   Kubaha Imana, gukunda Igihugu, kunga ubumwe, gukunda umurimo, kubaha umuryango, kugira ubupfura.

3. **Ni iki kindi ubona kitavuzwe muri uyu mwandiko ubona ko Abanyarwanda bagombye kwimakaza muri iki gihe tugezemo?**

   Bashobora kwimakaza umuco wo kuzigama, kudapfusha igihe ubusa, gukorera hamwe, kunoza umurimo, kwitanga…

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 87 )

**Kungurana ibitekerezo**

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko twasomye ubushize wavugaga ibiki?**

   Wavugaga ku ndangagaciro z'umuco w'u Rwanda.

2. **Ni nde waduha ingero enye z'indangagaciro zigomba kuranga Abanyarwanda.**

   Indangagaciro yo gukunda Igihugu, kunga ubumwe, gukunda umurimo, kumenya kuzigama…

3. **Ubushize twavuze ko umuntu utaye indangagaciro nyarwanda aba ataye iki?**

   Twavuze ko aba ataye umuco nyarwanda.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko, abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Insanganyamatsiko:**
Niba kera abashyitsi baragutunguraga ukaba wanabatekera imbuto wateganyirije ihinga, wumva iyi ndangagaciro yo kwakira abashyitsi yakorwa ite muri iki gihe ku muntu wumva neza ko kuzigama ari imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zikwiye kwimakazwa?

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**
Ibitekerezo biratangwa ari byinshi. gusa kwakira abashyitsi ntibikuraho kuzigama. Muri iki gihe ku muntu wumva neza ko kuzigama ari imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zikwiye kwimakazwa, akwiye kugira igenamigambi ry'igihe kirekire. Ni ukuvuga ko igihe abonye umusaruro, agomba kugena imbuto azatera mu gihembwe k'ihinga kizakurikira. Kandi akagena ibyo azakiriza abashyitsi.

Ikindi gitekerezo: igihe tugezemo si icyo kwirarira, gutanga ibyo wari warizigamiye bizakugoboka, byakagombye ubushishozi. Burya usohotse uko ari ntabigayirwa. Ibyiza ni ukwakiriza umushyitsi duke ufite aho kumuha byinshi maze ejo yagaruka agasanga inzara inuma iwawe.

## Umwandiko: Kwakirana urugwiro abakugana

### Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 87)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku kwakirana urugwiro abakugana, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe, biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha

ku mwandiko bagiye kwiga, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Ku ishusho iri mu gitabo murabonaho iki?**

   Hari umugore wicaye mu biro, imbere ye ku ntebe hicaye umusore.

2. **Ese bariya bantu murabona bari mu rwego rumwe?**

   Oya. Kuko bafite inshingano zitandukanye. umwe aratanga serivisi undi akayisaba.

3. **Bariya bantu bari he?**

   Bari ahantu mu biro.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Kwakirana urugwiro abakugana"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Umwandiko mwasomye witwa ngo iki?**

   Kwakirana urugwiro abakugana.

2. **Umutwe w'uyu mwandiko ushatse kuvuga iki?**

   Tugomba kwakira neza abaza batugana badushakaho serivisi zitandukanye.

3. **Hari imvugo ikunda gukoreshwa ivuga kwakira n'ibiganza bibiri umuntu uje akugana . Ni iyihe?**

   Kwakirana yombi.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana, abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ajya abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Uyu mwandiko uravuga kuki?**

   Umwandiko uravuga ku muco mwiza ikwiriye mu kwakira uje akugana wese.

2. **Ni uwuhe muco w'abakurambere uvugwa mu mwandiko werekera kwakira abashyitsi?**

   Abakurambere bangaga umugayo bityo ugenderewe agaharanira kwakira uje amugana neza kugira ngo agende yishimye.

3. **Iyo umuntu yakiriwe neza bimumarira iki?**

   Umuntu wakiriwe neza aranyurwa kandi agaterwa ibyishimo no kuba yakiriwe uko bigomba.

4. **Ni izihe nyungu ziva mu kwakira abantu bakugana neza?**

   Inyungu ya mbere ni uko uba ukoze icyo ugomba gukora. Indi nyungu ni uko uwo wakiriye neza agenda akuvuga ibigwi ko wakira abantu neza bityo ababibwiwe nabo ntibagire ipfunwe mu kukugana, bakaza ari benshi kandi bizeye ko na bo ubakira neza.

5. **Rondora amagambo avugwa mu mwandiko aganisha ku kwakira neza abatugana**.

   Ni nka: mwiriwe, nimwicare muruhuke, murakoze,tubafashe iki?

6. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wagira abantu iyihe nama mu rwego rwo kwakira ababagana?**

   Nabagira inama yo kwakira neza ababagana kuko iyo wakiriye neza abakugana, ari wowe ari n'abo wakiriye mwese bibatera ibyishimo kandi mukanyurwa. Uwakiriye neza abamugana, abigiriramo umugisha kuko bagenda bamuvuga neza bityo ababwiwe ko yakira abamugana neza bakamugana ari benshi.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona badasobanukiwe, bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda,

basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Umugayo** : ugusuzugurwa cyangwa kuvugwa nabi kubera ingeso zawe zitari nziza.
   b) **Imbuto** : icyo uzatera cyangwa uzabiba mu gitaka
   c) **Ubupfura** : imico myiza n'ubunyangamugayo.
   d) **Inzitizi** : imbogamizi.
   e) **Kubenguka** : gukunda umuntu.
2. **Ni ayahe magambo yakoreshejwe mu mwandiko asobanura:**
   a) **Umuntu ukugenderera aje kureba uko umeze cyangwa kukugezaho amakuru ye.**

      Ni umushyitsi.
   b) **Umukobwa ugeze mu gihe cyo gushaka umugabo.**

      Ni umwari.
   c) **Gufata neza umushyitsi waje kugusura.**

      Kwakirana urugwiro uje akugana, kumuzimanira.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe:**

   ***Umugayo, imbuto, ubupfura, inzitizi, kubenguka***
   1. Nta muhinzi urira **imbuto** kuyimara.
   2. **Kubenguka** umugeni biterwa n'imyifatire ye myiza.
   3. Abanyarwanda twese tugomba kugira **ubupfura.**
   4. Kwanga **umugayo** ni indangagaciro ikwiye kuturanga.
   5. Kamana aba yaraguze uriya murima hazamo **inzitizi.**

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 89)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma, bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**

   Kwakirana urugwiro abakugana.
2. **Muri uwo mwandiko bavugamo iki?**

   Bavuga ibijyanye n'indangagaciro yo kwakira neza abatugana.
3. **Ese ubundi birakwiye ko ujya gushaka serivisi ukakirwa nabi?**

   Oya. Ntibikwiye kuko ushaka serivisi runaka, yagombye kuyihabwa neza.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Kwakirana urugwiro abakugana**", bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda, akaza kumurikiraa abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ihuriye he n'indangagaciro z'umuco nyarwanda?**

   Birahuye kuko na yo ni indangagaciro igomba kuranga Abanyarwanda.
2. **Ni izihe ndangagaciro zindi zikwiye kuranga Abanyarwanda?**

   Kwakira neza abatugana, kumenya kuvugisha neza abatugana tubaha ikaze,…
3. **Ni izihe ngingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko?**

Kuzimanira umushyitsi, kumwereka aho yicara akaruhuka, kumubwira amagambo meza....

4. **Ni iki usanze muri uyu mwandiko usanzwe ubona mu buzima busanzwe?**

   Ibyo dusanzwe tubona: hari abantu bazi kwakira neza ababagana, bakababagaragariza urugwiro. Ariko hari n'abandi usanga badatanga serivisi neza nk'urugero ukaba wajya gushaka serivisi ahantu runaka aho kugira ngo uwo uyisaba ayiguhe neza, akaba yagusuzugura cyangwa ugasanga yibereye mu bindi nko kuri terefoni aganira...

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni iyihe ndangagaciro duheruka kuganiraho?**

   Kwakira abantu neza.

2. **Ese hari ivangura rigomba kugaragara mu kwakira abatugana?**

   Oya. kuko abantu twese turi kimwe, tunganya uburenganzira.

3. **Ese uramutse wakiriwe nabi wakumva umeze ute?**

   Byambabaza kuko ngomba kwakirwa kandi nange nkakira abandi neza.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize

itsinda, bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Kungurana ibitekerezo:**

**Insanganyamatsiko:** Uramutse uri umuyobozi, ukora muri banki cyangwa uri umucuruzi, ni bihe bikorwa ubona byaba ari bibi (ingeso mbi) mu kazi utakorera abakugana? Ni ibihe se ubona wakora mu rwego rwo kureshya abakugana ?

**Ibitekerezo byatangwa:**

**Ibikorwa bibi ni nko:**

- Gusuzugura abakugana.
- Kwakirana umuntu umunabi abakugana.
- Kwimyoza.
- Kwereka abakugana ko wihuta cyangwa hari ahandi ugiye.
- Kwakira wunamye uhugiye mu bindi.
- Kumucishaho abandi.
- Kutamuha serivisi asaba kandi biri mu nshingano zawe.
- Kwaka ruswa abakugana…

**Ibikorwa byo kureshya abakugana:**

- Kumusekera igihe umubonye ukamwenyura.
- Kuzimanira abakugana (ukaba wamubaza niba nta nyota afite ngo umuhe nk'amazi yo kubobeza umuhogo).
- Gusuhuza ukugana no kumubaza amakuru ye n'icyo wamufasha.
- Kumwifuriza kugubwa neza.
- Igihe agiye ukamwifuriza kuzagaruka...

## Igice cya kane: Ikibonezamvugo:

## Ntera, izina ntera n'igisantera

### Ntera

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura inshoza ya ntera, izina ntera n'igisantera.
- Gutahura mu nteruro ntera, izina ntera n'igisantera.
- Gusesengura ntera, izina ntera n'igisantera.
- Gukoresha amategeko y'igenamajwi ajyanye na ntera, izina ntera n'igisantera.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ntera, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'umumaro wayo mu nteruro.

**Itegereze izi nteruro maze ugerageze kuvumbura imiterere n'umumaro w'aya magambo y'umukara tsiri.**

- Ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare**.
- Ubona ubusitani **bwiza** cyane n'uduhanda **dutoduto**.
- Dukikijwe n'indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi** ziteye amabengeza.
- Ako gasozi **keza** kubatseho ishuri ryacu, gakikijwe n'akagezi **gato** kadasuma.

  Aya magambo yanditse atsindagiye yitwa **ntera.**

### Inshoza ya ntera

Ntera ni ijambo rigaragira izina, rikagaragaza imiterere, imimerere cyangwa ingano y'iryo zina igaragiye. Ntera kandi yisanisha n'izina igaragiye, igafata indanganteko y'iryo zina igaragiye maze ikayigira indangasano yayo. Ntera ni ijambo rishobora kwinjira mu nteko zose z'amazina.

## Uturango twa ntera:

a) Ntera igaragaza imimerere, imiterere cyangwa ingano y'izina igaragiye.

b) Mu nteruro ntera igaragira izina. Ni ukuvuga ko itajya igenda yonyine; iteka ryose iba iri kumwe n'izina irisobanura cyangwa igaragaza ingano yaryo.

c) Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.

d) Ntera ishobora kugoragozwa ikaba yakwinjira mu nteko zose uko ari cumi n'esheshatu.

e) Ntera ihishura cgangwa ikagaragaza indanganteko y'izina, iyo indanganteko yaryo isanzwe itagaragara

**urugero**: ishuri rinini.

**Intego ya ntera**

Kugaragaza intego y'ijambo ni ukugaragaza uturemajambo twaryo.

Goragoza izi ntera wabonye mu nteruro:

a) Indabo n**gufi**
Uturabo tu**gufi**
Uburabo bu**gufi**
Ibirabo bi**gufi**
Ikirabo ki**gufi**
Akarabo kagufi

b) Agasozi k**eza**
Udusozi tw**iza**
Ubusozi bwi**za**
Urusozi rw**iza**
Ibisozi by**iza**
Umusozi mw**iza**

Iyo witegereje iri goragoza rikozwe haruguru, usanga ntera ifite igice gihinduka uko yisanisha mu nteko runaka. Icyo gice kitwa **indangasano**. Naho igice kidahinduka uko ntera ihindura inteko, kitwa **igicumbi**.

Ntera rero igira uturemajambo tubiri: Indangasano n'igicumbi. Mu mpine **Indangasano ni RS naho Igicumbi ni C**

Intego ya ntera ni **RS–C.**

**Indangasano:** Indangasano ni akaremajambo kagenda gahinduka uko ntera igenda ihinduranya inteko. Ni ko karemajambo kagaragaza inteko ntera irimo. Indangasano za ntera ni 16 zikaba siza n'indanganteko z'amazina mu nteko zose uko ari 16.

**Ingero:**

a) Ubusitani bwiza u-**bu**-sitani **bu**-iza

b) Uduhanda duto u-**tu**-handa **tu**-to
c) Amazi meza a-**ma**-zi **ma**-iza
d) Akayaga keza a-**ka**-yaga **ka**-iza

**Ikitonderwa:**
Ntera yisanisha n'amazina adafite indanganteko (RT) ifata RT mu yandi mazina y'iyo nteko y'amasano ho indangasano (RS)

**Ingero:**

- Ihundo rinini i – ø – hundo ri – nini
- Iryinyo rinini i – ri – inyo ri – nini
- Ihene nto i – ø – hene n – to
- Inka nto i – n – ka n – to

## Urutonde rw'indangasano za ntera:

| | | | |
|---|---|---|---|
| Nt. 1 mu | Nt. 6 ma | Nt. 11 ru | Nt. 16 ha |
| Nt. 2 ba | Nt. 7 ki | Nt. 12 ka | |
| Nt. 3 mu | Nt. 8 bi | Nt. 13 tu | |
| Nt. 4 mi | Nt. 9 n | Nt. 14 bu | |
| Nt. 5 ri | Nt. 10 n | Nt. 15 ku | |

## Ibicumbi bya ntera

Igicumbi ni cyo kigaragaza ko ijambo iri n'iri ari ntera kuko akenshi indangasano ya ntera isa n'iy'izina igaragiye. Igicumbi ni cyo kiba kibumbatiye inyito y'ijambo. Ibicumbi bya ntera birenga 21 ari byo ibi bikurikira:

| | | |
|---|---|---|
| 1–bi | 11–re –re | 20– tindi |
| 2–bisi | 12–sa | 21– nzinya, -nzunyu, -niniya |
| 3–gari | 13–shya (shyashya) | |
| 4–gufi | 14–tagatifu | |
| 5–hire | 15–taraga | |
| 6–inshi (-yinshi) | 16– zima | |
| 7–iza ( ziza) | 17– to (toya) | |
| 8–ke (keya) | 18–toto | |
| 9–kuru | 19–to –to | |
| 10–nini | | |

**Impugukirwa:**

- Ibicumbi – **yinshi** na – **ziza** bikoreshwa mu nteko ya 9 n'iya 10 bigasimbura ibicumbi – **inshi** na – **iza** bisanzwe.

  **Urugero:** igiti kiza umuti mwinshi
  Inka nziza inka nyinshi

- Igicumbi – toto , – toya na – to – to bikomoka ku gicumbi – to.

  **Urugero:** igiti gito, igiti gitoto, igiti gitoya, igiti gitogito

- Igicumbi – **re** – **re** gikomoka ku gicumbi – **re** kitagikoreshwa mu Kinyarwanda.
  **Urugero:** ntiwavuga umusozi mure ahubwo ni umusozi muremure

## Amategeko y'igenamajwi muri ntera

Amategeko y'igenamajwi muri ntera amenshi asa n'akoreshwa mu izina. Impamvu ni uko ntera yisanisha n'izina. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye kandi amategeko y'igenamajwi menshi akora hagati y'indangasano n'igicumbi.

**Ingero:**
**u→ w/-J**
mwiza : mu-iza

**a + i→e**
benshi : ba-inshi
meza : ma-iza

**i→ y/-J**
myiza : mi-iza
myinshi : mi-inshi

**k→ g/-GR**
gato : ka-to
guto : ku-to

**t → d / - GR**
duto : tu-to

## Imyitozo kuri ntera

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

1. **Vuga ubwoko bw'aya magambo yanditse mu mukara tsiri**
   a) Ubuyobozi bw'ikigo ni **bwiza** cyane.
   b) Hafi aho hari akagezi **gato** gafite amazi **meza.**
   **Aya magambo ni ntera.**
2. **Ntera ni iki?**
   **Ntera ni ijambo rigaragira izina rikarisobanura kakisanisha na ryo igafata indanganteko yaryo ho indangasano.**
3. **Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri.**
   a) Ni ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare** agerekeranye.
   **Gishya: ki – shya    k→g/-GR**

**maremare : ma – re - ma – re** **Nta tegeko.**

b) Indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi**

**ndende: n –re – n – re** **r →d/n-**

**ngufi : n – gufi** **nta tegeko**

c) Akagezi gafite amazi make ariko meza cyane.

**make : ma – ke** **nta tegeko**

**meza : ma – iza** **a+ i →e**

## Izina ntera

umwarimu yifashishije interuro zikoreshejwemo izina ntera, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'umumaro wayo mu nteruro.

**Mwitegereze izi nteruro maze muzigereranye uko zigiye zikurikiranye**

a) Ni ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare** agerekeranye.

**Igishya** kigizwe n'amazu maremare?

**Amaremare** ni yo gusa yubatse mu kigo cyacu.

b) Indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi** zituma ikigo cyacu gisa neza.

**Indende** n'**ingufi** ni zo ndabo zituma ikigo cyacu gisa neza.

**c.** Isuka y'**umujyojyo** ihinga neza.

**d.** Umwenda w'**umweru** urakunzwe.

**Inshoza y'izina ntera**

Izina ntera ni ijambo riteye nk'izina, aho bitandukaniye ni uko ridashingirwaho mu isanishantego ahubwo risobanura ijambo riherekeje cyangwa risimbuye. Amazina ntera agaragaza ubwoko, akarere, ibara cyangwa igihugu ikivugwa gikomokamo. Amazina ntera yisanisha mu nteko nyinshi zishoboka ugereranyije n'izina.

**Ingero:**

- Amasuka y'**amaberuka** ntakiboneka.

- Yaguze inkweto z'**umutuku**.

- Umwenda w'**umutirano** ntumara imbeho.

- Aya masuka si **amaramba**.

**Uturango tw'izina ntera**

a) Izina ntera ryisanisha mu nteko nyinshi

**Ingero:**

**Nt.1** Umwana w'**umwarimu**

**Nt.2** Abagabo b'**abarimu**

**Nt.3** Imirima y'**abarimu**

**b)** Hagati y'izina ntera n'irisobanurwa haba harimo ikinyazina ngenera, inshinga **ni,si, -ri cyangwa kuba.**

**Ingero:**

- Aya masuka si **amaberuka.**

- Aya masuka ni **amaberuka.**

-Umushyitsi abaye **umuzungu** yahagerera ku gihe.

c) Izina ntera rivuga ubwoko, akarere, ibara cyangwa igihugu ikivugwa kikomokamo

**Ingero:**

- Inkoko y'**inyarwanda.**

- Umupira w'**umuhondo.**

d) Izina ntera rishobora gusimbura izina ryasobanuraga

**Urugero:** - Inka z'**inzungu** zirakamwa: Inzungu zirakamwa.

**Intego y'izina ntera**

Izina ntera rigira uturemajambo nk'utw'izina kuko rigira indomo, indanganteko n'igicumbi.(D-RT-C)

| | |
|---|---|
| **Ingero**: Umwiza: u-mu-iza | u→ w/-J |
| Ingufi: i-n-gufi | Nta tegeko. |
| Akeza: a-ka-iza | a + i→e |
| Ibyinshi: i-bi-inshi | i→ y/-J |
| Agato: a-ka-to | k→ g/-GR |

**Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu mazina ntera**

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu mazina ntera asa n'akoreshwa mu mazina ndetse n'akoreshwa muri ntera.

**Imyitozo kuri ntera n' izina ntera**

**Vuga ubwoko bw'amagambo yandikwe mu mukara tsiri unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

1. Inzu nshya navugaga ni **indende** naho inzu z'umweru zo zirashaje.

| | | |
|---|---|---|
| **Nshya: ntera** | **n-shya** | **Nta tegeko.** |
| **Indende: izina ntera** | **i- n-re-n-re** | **r→d/n-** |

2. Roza yavuze ko **umwiza** awutwara.

| | | |
|---|---|---|
| **Umwiza: izina ntera** | **u-mu-iza** | **u→w/-J** |

3. Umwembe **mubisi** uryana mu menyo.

| | | |
|---|---|---|
| **Mubisi: ntera** | **mu-bisi** | **Nta tegeko.** |

4. Amazi **meza** ni ariya.

| | | |
|---|---|---|
| **Meza: ntera** | **ma-iza** | **a+i→e** |

5 Ishati y'**umutuku** irashaje. **u-mu-tuku** **nta tegeko**

## Ibisantera

Umwarimu yifashishije interuro zikoreshejwemo ibisantera, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'umumaro wayo mu nteruro.

**Itegereze aya magambo y'umukara tsiri ari muri izi nteruro, ugire icyo uyavugaho nurangiza uyagereranye na ntera usanzwe uzi.**

a) Bavuga ko ako ari agasozi **ndatwa**.
b) Imitsindire **ntagereranywa**.
c) Umubyeyi **gito** nta burere atanga.
d) Umuco **nyarwanda**.
e) Ibigo **mpuzamahanga**.

Aya magambo iyo agereranyijwe na ntera, bigaragara ko afite aho ahuriye na ntera; afite umumaro nk'uwa ntera ariko ntasa na ntera. Bene aya magambo rero twayita "**ibisantera**".

**Inshoza y'ibisantera**

Ibisantera ni amagambo afite umumaro nk'uwa ntera ariko atari ntera mu rwego rw'intego. Mu ndimi zose, hagenda havuka amagambo mashya, hakurikijwe inzira z'icuramagambo urwo rurimi rukoreshwa. Bumwe mu buryo bukoreshwa bwo gucura amagambo, ni ugucura amagambo ameze nka ntera, afite umumaro umwe nka ntera ariko atari ntera ndetse adafite uturemajambo dusanzwe.

**Ingero:**

- Umuco **nyarwanda.**
- Ikigo **nderabuzima,**
- Ibiro **mpuzamahanga.**
- Inteko **nshingamategeko**.

**Uturango tw'igisantera**

Igisantera ukibwirwa n'uko giherekeza izina kikarifutura kitagombye kwisanisha na ryo nka ntera. Gifata umwanya nk'uwa ntera kikanagira umumaro nk'uwayo. Kiba ari izina cyangwa inshinga zahinduye ubwoko zikagira ingingo nk'iya ntera.

**Ingero:**

Umugabo **mbwa** (imbwa ubusanzwe yari izina ariko hano «mbwa» ni igisantera).

Umubyeyi **gito** (-to isanzwe ari igicumbi cya ntera ariko hano «gito» ni igisantera).

Agasozi **ndatwa** (kuratwa ubusanzwe yari inshinga ariko hano «ndatwa» ni igisantera).

**Ikigereranyo k'izina ntera, ntera n'ibisantera**

Iyo urebye umumaro wabyo mu nteruro, ntera, izina ntera n'igisantera byose bigira umumaro w'imfutuzi. Bifutura izina bigaragiye cyangwa bisimbura, bikumvikanisha imiterere yaryo. Mu rwego rw'intego, ntibisa kuko ntera igira indangasano n'igicumbi gusa, izina ntera rikagira indomo, indanganteko n'igicumbi mu gihe igisantera gishobora kugira uturemajambo dutandukanye bitewe n'aho cyakomotse.

**Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina ntera no muri ntera**

Amategeko akoramo arasa. Dore arimo ni aya akurikira:

**u → w/-J**
Umusozi mwiza: mu-iza
Umwiza: u – mu – iza

**a + i→e**
Abana beza: ba-iza
abeza: a-ba-iza

**i → y/-J**
Imyaka myinshi→mi-inshi
Imyinshi→i-mi-inshi

**t → d/- GR**
Udukawa duto→ tu-to
uduto→ u-tu-to

**k → g /-GR**
Agapira gato: ka-to
Agato: a-ka-to

**r → d /n-**
Indabo ndende : n-re- n-re
indende: i-n-re- n-re

**n → m /- b**

Imboga mbisi→n-bisi
imbisi: →i-n-bisi

## Umwandiko: Umukobwa wo mu gisabo

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 99 )

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku mukobwa wo mugisabo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ku ishusho murabonaho iki?**
   Hariho abakobwa babiri bicaye ku musambi.
2. **Barimo gukora iki?**
   Barimo kuboha ibiseke.
3. **Kiriya ni igiki kiri iruhande rwabo?**
   Ni igisabo.
4. **Igisabo kimara iki?**
   Bakibuganizamo amata, bakanagicundiramo.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Umukobwa wo mu gisabo"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**
   Umukobwa wo mu gisabo.
2. **Ni uwuhe muhango wavuzwe mu mwandiko wakorwaga kera.**
   Ni umuhango wo kuraguza ku mupfumu.
3. **Umukobwa uvugwa mu mwandiko ngo yaziririzaga iki**?
   Ntiyakoraga amazi kandi yarindwaga izuba.
4. **Bamuteye amazi byaje kugenda gute?**
   Yararigise.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**
   Ni umugani muremure.
2. **Umugore wategetswe iki n'umupfumu?**
   Umupfumu yabwiye umugore ko nasama inda azajya ayuhagiza amata,

akayisiga amavuta, ngo ntazayikoze amazi, kandi ntakage ku zuba. Ngo nabyara umwana, na we ntazage ku zuba, kandi ntazakore amazi. Ngo naba umukobwa, azage yiyuhagira amata, yisige amavuta, ntazakore amazi na rimwe, kandi ntazagere ku zuba.

3. **Umukobwa uvugwa mu mwandiko yari afite ayahe mazina?**

   Yitwaga Muziramazi, ari Muzirazuba.

4. **Ukurigita k'umukobwa kwaturutse ku ki?**

   Abana b'abahungu b'inkubaganyi bamuteye amazi bagira ngo bahinyuze ibyo bumva bamuvugaho.

5. **Kuki umwami yatumye abagaragu kumuzanira igisabo?**

   Nuko abantu bose bamurahiriraga ko nta wundi gikwiye uretse umwami.

6. **Umukobwa wo mu gisabo yaje kubonwa nande ? yakoresheje ubuhe buryo?**

   Yaje kubonwa na mushiki w'umwami. Yamubonye abanje gutukirira igisabo ati: "ubona kiriya gisabo cya musaza wange, kitaza ngo twoze ibyansi cyo kameneka."

7. **Mu mwandiko batubwiye ko umwami yari ingaragu. Ese yakomeje kuba ingaragu?**

   Oya ntiyakomeje kuba ingaragu kuko bakoresheje amayeri we na mushiki we nuko afata umukobwa wo mu gisabo aramurongora.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Igisabo**: ni nk'igicuma kinini cyane babuganizamo amata, bakanacundiramo.
   b) **Ikibo**: igikoresho cyo mu rugo kiboshye mu ntamyi.

c) **Uruho**: ni igicuma gikasemo kabiri mu buryo buhagaritse, ni igikoresho cyo mu rugo badaha amazi, banakinywesha ibintu bitandukanye nk'umusururu, umutobe, ikigage,igikoma…

d) **Amasunzu**: agatsiko k'umusatsi k'umurimbo basiga ku mutwe iyo bogosha.

e) **Ikiraro**: aho amatungo nk'inka, ihene, intama biba

f) **Gucunda**: gutandukanya amata n'amavuta.

2. **Aya magambo ari mu mpushya ebyiri gerageza kuyahuza n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| 1. Amavuta y'inka | a) Amayugi y'imbwa |
| 2. Amayombo | b) Aho bahunika imyaka basaruye. |
| 3. Ikigega | c) Ibikoresho bakamiragamo amata. |
| 4. Ibyansi | d) Ikimuri |

Ibisubizo: 1 = d, 2=a, 3=b, 4=c

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha neza aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) Igisabo
   **Iyo umukamyi ahumuje amata ayabuganiza mu gisabo.**
   b) Amayombo
   Iyo abahigi bambika imbwa amayombo banazibwira amahigi.
   c) Ikigega
   Nta kigega cya kinyarwanda kitagiraga imisoto.
   d) Uruyuzi
   Uruyuzi rweraho imihaza sirwo rweraho ibicuma.
   e) Ingaragu
   Umusore utarashaka umugore bamwita ingaragu.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 100)

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gutahura uturango n'imiterere y'uyu mwandiko.
- Gutahura ibintu bivugwa mu mwandiko ariko bidashobora kubaho.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Umukobwa wo mu gisabo.
2. **Mukurikije ibivugwamo mwumva bishobora kubaho mu isi y'abazima?**
   Oya, harimo ibintu byinshi bitashoboka.
3. **Umukobwa wo mu gisabo yaba yaragumyemo?**
   Oya ntiyagumyemo yaje kurongorwa n'umwami.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Umukobwa wo mu gisabo**" bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurika abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Ni ibihe bintu bidasanzwe bigaragara mu mwandiko?**
   [redacted]asanzwe bigaragaramo.
2. **Garagaza ingingo byibura eshatu zigaragaza ko ibivugwa mu mwandiko bidashobora kubaho.**
   Kuba umuntu yarigita akabura, igisabo kivuga, kubaho udakora amazi, kubaho utagera ku zuba…
3. **Uyu mwandiko utangiye ute ? usojwe n'iki ?**
   Uyu mwandiko utangiye uvuga ngo: "Kera habayeho umugabo akagira umugore", usojwe na "Si nge wahera, hahera umugani."

4. **Umukobwa wo mu gisabo yari azi imirimo y'abakobwa cyane. Sobanura.**

   Yaje gufasha mushiki w'umwami aramurusha mu mirimo yose bakoranye kuko yari yanamubwiyeko ari rutoki rw'urutunda yaza akamurusha.

5. **Mu mwandiko haragaragaramo imigenzo n'imizirirrizo ndetse n'imihango yo mu muco nyarwanda wo hambere itagikorwa ubu. Twavuga nko kujya mu bapfumu. Ni ngombwa gukomeza gutsimbarara ku bya kera byose?**

   Oya umuco wacu tugomba kuwukomeraho ariko twibuka ko umuco atari ikitayega. Ni ukuvuga ko umuco uhinduka, umuco urakura. Ni yo mpamvu rero mu rwego rwo kujyana n'igihe tugomba kureba ibidafite umumaro tukabireka naho ibidufitiye umumaro tukabikomeraho.

## Igice cya gatatu: Umugani muremure

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 100)

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe araba ashobora:

- Gutahura inshoza n'uturango tw'umugani muremure.
- Guhanga umugani muremure yubahiriza uturango twawo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe "umukobwa wo mu gisabo", asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakongera bagasoma umwandiko ari na ko batahura inshoza y'umugani muremure ndetse n'uturango twawo. Hanyuma umwarimu akaza kubafasha kunoza ibyagezweho mu matsinda.

## Umugani muremure

## Inshoza y'umugani muremure

Umugani muremure ni ibitekerezo bimeze nk'inkuru ndende bahimba ikemerwa na rubanda rwose kugira ngo bishimishe ababyumva cyangwa se ngo bigire icyo byigisha. Umugani ugira isi yawo yihariye ivugwamo ibintu bidashoboka birimo [redacted]kuru. Umugani ugira umumaro wo kwigisha indangagaciro, [redacted]a ibyo umuco nyarwanda uzirirrza, kugira inama nziza, gutoza gutega amatwi n' ubwitonzi, gutoza gufata mu mutwe no kumenya kubara inkuru.

## Uturango tw'umugani muremure

Umugani utangizwa na kera habayeho ugasozwa na si nge wahera. Umugani

muremure ubamo ibitangaza n' amakabyankuru ndetse n'ibikorwa ndengakamere bidashoboka mu buzima bwacu busanzwe. Mu mugani muremure ibintu byose bibaho biba bikora nk'abantu; inyamaswa zitandukanye cyangwa inyoni zivuga nk'abantu, abazimu n'ibindi bintu bitandukanye nabyo bigatizwa ubushobozi nk'ubw'abantu.

### Umwitozo wo gucira abandi umugani muremure

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

1. **Ugendeye ku turango tw'umugani muremure wabonye, hanga umugani uri hagati y'imirongo makumyabiri n'itanu na mirongo itatu (25-30).**

   ( Abanyeshuri barahanga imigani itandukanye, umwarimu abafashe kuyinoza).

## Umwandiko: Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 103)

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo akomeye
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mu miryango y'iwacu iyo ubukwe bwabaye biba bimeze bite?**

   Abantu baba bahuruye ari benshi, basirimutse, bizihiwe cyane.

2. **Ku ishusho murahabona iki?**

   Hari abantu benshi bari ahantu hameze nk'ahabereye ibirori.

3. **Uriya musaza wataratse imbere y'inka yaba ari gukora iki?**

Ashobora kuba ari kuvuga amazina y'inka.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda"**. umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Vuga umutwe w'umwandiko umaze gusoma?**
   Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda.
2. **Ni uwuhe muhango bavuze mu mwandiko ubimburira iyindi?**
   Gufata irembo.
3. **Ni iyihe mihango bavuze ko igendera hamwe?**
   Imihango yo gusaba no gukwa.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Umuranga yari muntu ki?**

   Yari umuntu wabaga yarashimye umukobwa imico n'imyifatire bye, akamurangira umusore.

2. **Umuranga yahuzaga nde na nde?**

   Yahuzaga umusore n'umukobwa.

3. **Vuga akamaro k'umuranga mu gihe cyashize no muri iki gihe tugezemo.**

   Mu gihe cyashize yabaga akomeye cyane kuko nta bukwe butagiraga umuranga. None ubu umusore n'inkumi barahura ibyabo bakabyumvikanaho abantu bakazabimenya bisa n'ibyarangiye.

4. **Ufatiye ku mwandiko, vuga nibura imihango itatu mu mihango y'ubukwe bwa Kinyarwanda.**

   Gufata irembo, gusaba no gukwa, gutebutsa, gushyingirwa…

5. **Ku bwawe urumva ubukwe bwaramariraga iki imiryango yombi ?**

   Ubukwe bwatumaga imiryango yombi ihana amaboko, igakomeza ubucuti n'ubuvandimwe.

6. **Ni iyihe mihango ubona idashobora kubera umunsi umwe? Kubera iki?**

   Gufata irembo no gusaba no gukwa. Gufata irembo bigomba kugira umunsi wabyo kugira ngo umuryango w'umuhungu ubanze urisabe, noneho warihabwa ukabona kuzaza gusaba no gukwa. Mu Kinyarwanda ntabwo basaba umugeni batafatiye irembo mbere.

7. **Umaze gusoma uyu mwandiko ni iki wabwira abasore n'inkumi bishyingira.**

   Nababwira ko atari byiza kuko nk'uko babivuga umuntu agira iminsi itatu mikuru mu buzima. Umunsi wo kuvuka, umunsi wo gushyingirwa n'umunsi wo gupfa. Umunsi w'ubukwe ntiwibagirana ni byiza ko ubaho kuko uhuza imiryango n'inshuti n'abavandimwe baba badaherukanye, ndetse ugatera ibyishimo byinshi umukwe n'umugeni ndetse by'umwihariko ababyeyi babo.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura aya magambo dusanga mu mwandiko nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) **Igicuba**: ni igikoresho babicamo amata
b) **Umuhondo**: amata y'inka imaze igihe gito ibyaye
c) **Inkwano**: ishimwe rihabwa ababyeyi nk'ikimenyetso cy'uko bareze neza.
d) **Nyirasenge**: mushiki wa se w'umuntu.
e) **Ibihozo**: indirimbo baririmbira abageni cyangwa abana babahoza amarira

2. **Garagaza ijambo riri mu mwandiko rivuga kimwe n'aya.**
   a) **Umuco utaragenda wangirika** : umuco utaracuya
   b) **Ibyo bakiriza abakwe cyangwa abandi bashyitsi bakomeye** : amazimano
   c) **Igihe cy'ubukwe kigeze** : umunsi w'ubukwe nyirizina.
   d) **Aho inka zirishiriza** : mu rwuri.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gutahura isomo ry'ingenzi rikubiye mu mwandiko
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**
   Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda.
2. **Ni iyihe mihango igize ubukwe bwa kinyarwanda?**
   Gufata irembo, gusaba no gukwa, gutebutsa, gushyingirwa, gutwikurura
3. **Iyo abasaza baganira mu bukwe babyita ngo iki?**
   Bavuga ko bari kuvuga imisango y'ubukwe.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma

umwandiko "**Inshingano z'abagize umuryango**" bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurika abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

[redacted]**'ingenzi n'iz'iz'ingereka ziri uri uyu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi: Uko imihango y'ubukwe bwa Kinyarwanda yakurikiranaga, umumaro w'umuranga, kugereranya ibya kera n'iby'ubu…

Iz'ingereka: gukinga irembo, umugabo wagiye gutira imfizi, ibyo batangaga bakwa hambere, amadini, gutinyisha, uko bavugiraga inka, ibirori bihambaye ku munsi w'ubukwe nyiri izina.

2. **Kuki umwanditsi avuga ngo kera ibintu bitarajya mu mibare.**

   Nuko muri iki gihe uko iterambere riza ni na ko na gahunda zitandukanye zigenda zihinduka. Ubu usanga abantu benshi bahugiye mu mishinga ibyara inyungu ku buryo bigera ku bukwe bikaba ibindibindi. Ubukwe bw'ubu busaba amafaranga uhereye ku nkwano ukagera ku myiteguro yanyuma bityo rero ugasanga abantu bari mu mibare myinshi.

3. **Mu biganiro byo gusaba habamo ibisa no kubeshya. Sobanura niba hari icyo byaba bikimaze muri iki gihe niba nta cyo na byo ubisobanure.**

   Birakimaze kuko ni umuco ugusha ku misango y'umukwe. Umukobwa si uwo gutanga boshye inzoga ibishye. Imisango iba myiza kandi ikaryoshya ubukwe ndetse kugira ngo iryohe cyane bisaba abantu b'intyoza bazi kuvuga. Imisango kandi ni myiza kuko itoza abantu kumenya kuvuga, kuvugira mu ruhame no gutekereza vuba.

## Igice cya gatatu: Ihinamwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe araba ashobora:

- Guhina umwandiko yahawe no kuvuga inshamake yawo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

I. **Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe "Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda", asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakongera bagasoma umwandiko ari nako batahura ingingo ziwugize, ari nako bagerageza gukora ihinamwandiko. Umwarimu afasha abanyeshuri mu kunoza neza ihinamwandiko.

**Ihinamwandiko**

Iyo usomye cyangwa ukumva inkuru runaka, hari ubwo igushimisha cyangwa se ikakubabaza. Birashoboka ko wayisubiriramo abandi kandi mu gihe gito ku bwende bwawe cyangwa ubisabwe. Ubwo rero uba utangiye igikorwa cyo guhina cyangwa kuvuga mu nshamake ibyo wumvise. Ihinamwandiko rikorwa wandika cyangwa mu mvugo.

**Inshoza y'ihinamwandiko:**

Guhina umwandiko ni ubuhanga bwo kumenya no gucengera umwandiko maze ukawusubiramo mu magambo make yifujwe kandi udatakaje ingingo z'ingenzi zikubiyemo. Umwandiko wahinwe witwa "**Impine y'umwandiko cyangwa inshamake.**"

Gucengera inkuru cyangwa umwandiko, ni ukuyumva no kuyisobanukirwa. Ibyo rero bikaba ubumenyi n'ubuhanga nk'ubundi bumenyi bwose.

**Intego n'akamaro by'ihinamwandiko**

Ihinamwandiko ni uburyo bushobora kwifashishwa mu gupima no kugaragaza ikigero cy'ubwenge n'ubumenyi bw'umuntu. Ihinamwandiko rigaragaza ubushobozi bw'umuntu bwo gusobanura no kwisobanura mu magambo ye bwite kandi hubahirijwe igihe.

**Uko ihinamwandiko rikorwa**

Ihinamwandiko rikoranwa ubwitonzi n'ubuhanga kandi rigakorwa kuri gahunda. Ihinamwandiko biba byiza iyo ari kimwe cya kane cy'umwandiko w'umwimerere. Dore bumwe mu buryo bwiza bwo gutangira impine igihe usabwa guhina nk'umwandiko cyangwa inkuru ndende. "Mu mwandiko… Havugwamo…" cyangwa se "Umwanditsi avuga ko..."

**Dore intambwe zikwiriye guterwa kugira ngo ihinamwandiko rikorwe mu buryo bunoze.**

a) **Gusoma umwandiko inshuro zirenze imwe.**

Kugira ngo usobanukirwe kandi wumve neza inkuru cyangwa umwandiko, ni ngombwa kuwusoma inshuro nyinshi. Uhina ashobora gusoma umwandiko inshuro ebyiri cyangwa eshatu.

b) **Kurobanura ingingo z'ingenzi no gushyira ku ruhande ingingo z'ingereka.**

Akenshi umwandiko iyo wanditswe n'umuhanga, igika kimwe kibumbatira ingingo imwe y'ingenzi cyangwa ingingo zirenze imwe ariko zuzuzanya. Izindi ngingo ziba ari ingingo z'ingereka.

c) **Kumenya amagambo y'ingenzi**

Mu mwandiko hari ubwo habamo amagambo y'ingenzi aba adashobora gukurwamo. Ibyo biterwa n'uko aba abumbatiye ingingo ikomeye. Bene ayo magambo rero agomba kwitabwaho.

d) **Gukurikiranya za ngingo z'ingenzi.**

Impine ikurikiranya ingingo nk'uko zari ziri mu mwandiko w'umwimerere

e) **Kwandika impine hongerwamo amagambo yunga ibika n'imvugo ziboneye.**

Amagambo yunga ibika afasha cyane mu guhuza ibitekerezo naho imigani migufi ikanoza imvugo. Imigani migufi kandi ifasha cyane mu kuvuga byinshi mu magambo make. Igaragaza kandi ubuhanga n'ubukesha mu rurimi n'umuco nyarwanda.

f) **Kwandukura ibyo wakoraga ku rupapuro rwiza.**

Kwandukura umwandiko bigomba gukoranwa isuku. Nta gusiribanga cyangwa guhekeranya amagambo cyangwa kuyandika aho atagomba kwandikwa nko mu mwanya usigwa iburyo cyangwa ibumoso bw'urupapuro.

## Ibidakwiriye gukorwa mu ihinamwandiko

1. Ni bibi kwandukura interuro yose cyangwa igika uko cyakabaye mu mwandiko w'umwimerere.
2. Impine si urubuga rwo kwivugira ibitekerezo byawe bwite. Ibitekerezo by'ingenzi byandikwa uko biri n'iyo waba utabyemera. N'iyo waba ubishyigikiye kandi ntugomba gushyiramo amarangamutima yawe.
3. Mu mpine nta mitwe yo hagati izamo kabone n'iyo mu mwandiko w'umwimerere yaba yari irimo.
4. Uhina umwandiko ntagomba kugaragaramo akoresha ngenga ya mbere y'ubumwe.

## Umwitozo wo guhina umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Mukore inshamake y'umwandiko "Imihango y'ubukwe bwa Kinyarwanda" mushingiye ku ngingo z'ingenzi zagaragajwe.**

(abana barakora inshamake, umwarimu abafashe kuzinoza neza

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ibumbatiye ingingo yo kwakira neza abashyitsi n'abandi bose baza batugana. Iyo ni imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda ikwiriye guhabwa umwanya mu migirire yacu ya buri munsi.

Muri uyu mutwe kandi twabonyemo umugani muremure nk'ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda igaragaraza umuco gakondo w'Abanyarwanda. Umugani muremure ubamo inyigisho zitari nke ndetse ukagira umumaro wo kuruhura, guhana no kugira inama, gutoza gutega amatwi, gufata mu mutwe… kandi ukubaka ubushobozi bwo kubara inkuru.

Mu rwego rw'ikibonezamvugo harimo inshoza n'uturango bya ntera, izina ntera n'ibisantera. Ntera ni ijambo rigaragira izina rikerekana imimerere, imiterere cyangwa ingano yaryo. Ntera igira uturemajambo tubiri gusa ari two indangasano n'igicumbi. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye. Iyo ntera ifashe indomo yitwa izina ntera.

Ibisantera ni amagambo afite umumaro nk'uwa ntera ariko adasa na ntera mu rwego rw'intego. Muri uyu mutwe kandi harimo inshoza y'ihinamwandiko n'uko rikorwa.

## Ubumenyi bw'inyongera:

**Ikitonderwa rusange ku ihinamwandiko**: Umwitozo wo guhina umwandiko utangirira ku myandiko migufi maze uko abanyeshuri bagenda bamenyera guhina, uburebure bw'umwandiko uhinwa bukagenda bwiyongera.

**Guhuza iyi migani migufi ikurikira n'indangagaciro z'umuco nyarwanda**

a) **Wima igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa.**

Mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda harimo no gukunda Igihugu ukanakitangira.

b) **Umwanzi w'igihe ni amasaha**

Abantu bagomba gukora vuba mu rwego rwo gukunda umurimo no kuwunoza, bakubahiriza igihe kuko iyo batinze igihe cyo kidahagarara.

c) **Inda nini yishe ukuze.**

Si byiza kugira inda mbi n'irari ry'ibintu cyangwa umururumba kuko bigira ingaruka mbi nyinshi.

d) **Umukiriya ni umwami.**

Umukiriya ni umuntu ukomeye akwiriye kwakirwa neza. Ni we utuma umucuruzi atera imbere.

e) **Inshuti iruta inshuro.**

Kugira inshuti ni byiza cyane biruta kugira amafaranga cyangwa ubundi butunzi.

f) **Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana.**

Kubwira umuntu neza biramushimisha cyane n'ubwo waba nta kindi kintu ufite cyo kumuha.

### Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

**(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 106)**
Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatandatu, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Umugabo uvugwa mu mwandiko wasuye ingagi mu birunga yitwaga nde?**

   Yitwaga Muvunanyambo.

2. **Ni nde wamugiriye neza iyo mu majyaruguru?**

   Ni umugabo n'umugore bahuriye aho bategera imodoka.

3. **Uwo mugabo ni iki cyamuteye kujya yakira neza abamugana bose atarobanuye**.

   Ni uko na we yakiriwe neza kandi batari bamuzi.

4. **Ese abamugiriye neza yari abazi cyangwa bo bari bamuzi?**

   Oya ntabwo bari baziranye.

5. **Ingagi zivugwa muri uyu mwandiko ngo abantu baba bazikundira iki?**

   Ngo zenda gusa n'abantu.

6. **Ushingiye ku mwandiko n'ibyo ubona mu buzima busanzwe kuki ari byiza kwakira neza abaje bagusanga?**

   Kwakira neza abaje bakugana ni byiza cyane kuko wowe ubwawe nta cyo uhomba kuberako wakiriye neza abakugana. Hari igihe uwo wakiriye neza uba umwigishije nawe kujya yakira neza abamugana nawe, kandi uwo wakiriye neza atuma nyuma ye haza abandi benshi bakugana kubera uburyo wakira abantu neza.

7. **Garagaza inyungu nibura ebyiri ku ruhande rw'umusangwa n'ebyiri ku ruhande rw'umushyitsi.**

   Ku musangwa: bimutera ishema, aba yubahirije neza inshingano ze,

abantu bakomeza kumugana…

Ku mushyitsi: arishima akanezerwa, anyurwa na serivisi ahawe cyane ko aba aje hari icyo akeneye, bimutera na we kujya agaragariza abandi urugwiro.

**II. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**
   a) **Utununga**: udusozi twitaruye ariko atari tureture
   b) **Yakundaga by'agahebuzo**: Yakundaga cyane
   c) **Niyibatura**: nazinduka kare
   d) **Urugano**: ni ishyamba ryo mu birunga rigizwe cyane n'ibiti byitwa imigano.
2. **Shaka mu mwandiko ijambo risobanura.**
   a) Urugendo umuntu akora yagiye gusura ahantu cyangwa abantu : Uruzinduko
   b) Kurara ubyuka ucunga ko bucya ngo utangire urugendo : kugera ijoro
   3. **Andika imbusane z'aya magambo y'umukara tsiri.**
   a) Inzira **igana** ku ishami ry'ikigo gishinwe iby'ubukerarugendo. (iva)
   b) Ntibyarinze **binjira** urugano. (basohoka)
   c) Inyamaswa **zahogoje** amahanga. (zanzwe/zidakundwa)
   d) Bamuzimaniye neza **aranezerwa.** (arababara)

**III. Ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi**

1. **Vuga ubwoko n'inteko by'amagambo aciweho akarongo mu nteruro zikurikira**

a) Biyemeza kugira umuco **mwiza** wo kwakira abantu bose.
**mwiza: ntera nt.1**

b) Umuco **nyarwanda** udutoza kwakirana yombi abatugana.
**nyarwanda: igisantera**

c) Amushakira n'agakoni ke **keza** akegeka hafi y'umuryango
**keza: ntera nt.12**

d) Mbega urugendo **ruhire!**
**ruhire: ntera nt.11**

e) **Abeza** bagira urugwiro.
**abeza : izina ntera. nt.2**

f) Muvunanyambo yahuye n'abantu bafite imico **myiza.**
**myiza: ntera nt.4**

2. **Garagaza intego za ntera n'iz'izina ntera unatange urugero kuri buri bwoko bw'ijambo.**

   **Ntera igira indangasano (RS) n'igicumbi (C)**

   **Urugero:** inkoni **ngufi n – gufi**

   Izina ntera rigira indomo ( D), indangasano (RS) n'igicumbi (C)

   **Ingufi** nayifashe. **i – n – gufi**

3. **Rondora uturango tw'umugani muremure, uvuge nibura dutatu.**

   Umugani ugira amagambo awutangira n'awusoza, umugani ubamo amakabyankuru, uvugani ubamo ibitangaza.

4. **Vuga unasobanure nibura ibiri mu mimaro y'umugani muremure.**

   Umugani uruhura mu mutwe: umugani bawuca rimwe na rimwe mu rwego rwo kwidagadura. Umugani uba ukubiyemo inyigisho runaka : mu mugani nubwo habamo ibitangaza ariko hari ubutumwa baba bashaka gutambutsa basa n'abahanurira umuntu.

5. **Hina umwandiko "Akira neza uje wese akugana" mu mirongo icumi.**

   (Abanyeshuri barakora inshamake y'umwandiko, umwarimu akosore akurikije ibivugwa mu gika)

## Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Indangagaciro ni iki?**

   Ni imigenzo n'imyifatire ikwiye kuranga umuntu ufite umuco.

2. **Vuga byibura indangagaciro eshanu zikwiye kuranga Umunyarwanda.**

   Gukunda igihugu, kwakira neza abamugana, kunga ubumwe n'abandi, gukunda umurimo no kuwunoza, kugira ubupfura…

3. **Umugani muremure uranga n'iki?**

   Umugani muremure ugira amagambo awutangira n'amagambo awusoza, wubakiye ku bitangaza kandi ibicugwa mu mugani ntibishobora kubaho mu isi y'abazima.

4. **Amagambo atangira umugani afite uwuhe mumaro?**

   Amagambo atangira umugani muremure afite umumaro wo kutwinjiza mu isi y'umugani aho uruvu ruvugiriza, agaca kagacuranga, umusambi ugasabagirira inanga.

5. **Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe**

   a) Inzu **nshya** navugaga ni **indende** naho inzu z'umweru zo zirashaje.

      **Nshya: ntera**

      **Indende: izina ntera**

b) Roza yavuze ko **umwiza** awutwara.

**Umwiza: izina ntera**

c) Umwembe **mubisi** uryana mu menyo.

**Mubisi: ntera**

d) Amazi **meza** ni ariya.

**Meza: ntera**

## Imwitozo nyagurabushobozi

**Andika umugani ushobora gucira sokuru na nyogokuru wawe cyangwa abandi basaza n'abakecuru igihe waba wabasuye ukarara mu buryo bwo kubataramira.**

Umwarimu azareba ko abanyeshuri bubahiriza uturango tw'umugani muremure.

# 7 Itumanaho

## (Umubare w'amasomo: 6)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye n'itumanaho no kwandika neza ibaruwa ya gicuti n'ubutumwa bugufi.

**Ubumenyi bw'ibanze :**

- Kuba umunyeshuri azi icyo itumanaho ari cyo
- Kuba umunyeshuri aziko mu ibaruwa hanyuzwamo ubutumwa runaka.
- Kuba umunyeshuri azi akamaro ka terefoni igendanwa.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.

- **Uburezi budaheza.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.
- Ubushobozi bwo guhanga ibaruwa no kuba yatanga ubutumwa bugufi.

| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi** | |
|---|---|
| - Iterambere n'ikoranabuhanga.<br>- Itumanaho.<br>- Terefoni igendanwa.<br>- Ubutumwa bugufi. | |
| **Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**<br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br>Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye... | |
| **Urutonde rw'ibyigwa rujyanye n'umubare w'amasomo** | |
| **Itumanaho** | **Amasomo** |
| Umwandiko: Itumanaho<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | Isomo 1<br>Amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Ibaruwa isanzwe n'ubutumwa bugufi | Amasomo 2 |
| Isuzuma risoza umutwe wa karindwi | Isomo 1 |

## Umwandiko: Itumanaho

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 111)

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku itumanaho, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Nimwitegereze iyo shusho iri mu gitabo maze mumbwire icyo mubonaho.**

   Ndabonaho umugabo uhagaze avugira kuri terefoni n'umugore uri kureba muri terefoni igezweho ayifite mu ntoki.

2. **Kuvugira kuri terefoni bimaze iki mu buzima bw'umuntu?**

   Umuntu ayikoresha mu itumanaho.

3. **Usibye terefoni, hari ibindi muzi bifasha umuntu mu itumanaho?**

   Yego. Nk'amabaruwa, interineti, radiyo n'ibindi.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ,akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Itumanaho"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uravuga ku itumanaho.

2. **Ni ubuhe bwoko bw'itumanaho bwavuzweho?**

   Ni ibaruwa na terefoni.

3. **Ni ubuhe buryo umwandiko ugaragaza ko bukoreshwa kurusha ubundi muri iki gihe?**

   Ni terefoni.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa

ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Itumanaho ni iki?**

   Itumanaho ni uburyo abantu bakoresha bwo kugezanyaho amakuru igihe batari kumwe ngo baganire bisanzwe.

2. **Akamaro k'iposita mu by'itumanaho rikoresha amabaruwa ni akahe?**

   Mu itumanaho rikoresha amabaruwa, akamaro k'iposita ni ugutwara amabaruwa ikayageza mu gasanduku k'iposita gafite nimero yanditse ku ibahasha.

3. **Ni iki ibaruwa irusha terefoni?**

   Icyo ibaruwa irusha terefoni ni uko yo ubutumwa bwayo budapfa gusibama kandi mu ibaruwa hashobora kujyamo amakuru menshi ugereranyije n'ajya mu butumwa bwa terefoni.

4. **Terefoni yo irusha iki ibaruwa?**

   Icyo terefoni irusha ibaruwa ni uko ubutumwa bwayo buhita bugera ku wo bugenewe na we agahita asubiza. Ikindi ni uko aho uri hose ushobora kwakira ubutumwa bakoherereje.

5. **Wumva umunyeshuri akwiye kwemererwa gutunga terefoni ku ishuri? Sobanura igisubizo cyawe.**

   (Umwarimu arakira ibisubizo abihe agaciro ashingiye ku ngingo umunyeshuri ashyigikiza igitekerezo ke no ku cyo amategeko y'ishuri ateganya.)

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Tembure**: agapapuro gato kariho igishushanyo n'amafaranga kagura kagenewe komekwa ku ibahasha kugira ngo iposita yemere kuyigeza aho igomba kujya.
   b) **Iposita**: ibiro bishinzwe gutwara no kwakira impapuro z'itumanaho n'ibindi bintu biturutse cyangwa bijya kure.
   c) **Agasanduku k'iposita**: buri kamwe mu dusanduku twinshi tuba ku biro by'iposita dushyirwamo ubutumwa bwanditseho nomero zatwo. Agasanduku kaba kigengwaho n'ikigo runaka.
   d) **Gusakara**: gukwirakwira, kugera ahantu henshi.

**Imyitozo yinyunguramagambo**

**Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye : kugezanyayo,kugenzur a,gicuti,kugendera kure.**

a) Abantu bafite icyo bahuriyeho bakwiye **kugezanyaho** amakuru.
b) **Uzangenzurire** niba umwana wange yitonda ku ishuri.
c) Imikino ya **gicuti** ituma abantu basabana.
d) Kagenza ni umunyangeso mbi uge **umugendera kure.**

4. **Shaka muri kino kinyatuzu amagambo atanu akoreshwa mu itumanaho rya terefoni n'iry'amabaruwa asanzwe kandi iryatanzweho urugero ntiririmo.**

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | P | O | S | I | T | A | B |
| A | R | A | J | N | R | I | A |
| M | K | A | R | O | Y | N | T |
| A | N | V | U | M | U | K | I |
| T | A | U | M | E | H | O | R |
| E | I | T | A | R | I | K | I |
| U | M | U | K | O | N | O | P |
| K | K | W | P | E | U | G | K |

**Amagambo:** Iposita, itariki, batiri, umukono, inomero.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 112)

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Uwo mwandiko witwa "**Itumanaho"**

2. **Twabonye ko itumanaho ari iki?**

   Itumanaho ni uburyo abantu bakoresha bwo kugezanyaho amakuru igihe batari kumwe ngo baganire.

3. **Ni ubuhe buryo bw'itumanaho buvugwa mu mwandiko?**

   Mu mwandiko havugwamo uburyo bw'ibaruwa n'ubwa terefoni.

**II. Gusoma**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Itumanaho",** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo, mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda, akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Insanganyamatsiko yavuzweho muri uyu mwandiko ni iyihe?**

   Itumanaho

2. **Vuga ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi: imikorere y'itumanaho ry'ibaruwa; imikorere y'itumanaho rya terefoni.

Ingingo z'ingereka: ikoranabuhanga.

3. **Erekana ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko.**

   Intangiriro: itumanaho.......kurusha ubundi

   Igihimba: Ku bantu bafite icyo bahuriyeho .........Amakuru kuri we yaboneka ku buryo buhagije.

   Umusozo: nk'uko bigaragara......... ni ibyo kugendera kure.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 112 )

**Kujya impaka**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kujya impaka na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Umwandiko witwa Itumanaho.

2. **Ni ubuhe buryo bw'itumanaho wabonye?**

   Ibaruwa ya gicuti na terefoni.

3. **Twabonye ko ari ubuhe buryo bukoreshwa kurusha ubundi muri iki gihe?**

   Terefoni ni yo ikoreshwa cyane muri iki gihe.

**II. Ikiganiro mpaka**

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora ikiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko yabahaye, bubahiriza amabwiriza n'uko ibiganiro mpaka bikorwa.

Insanganyamatsiko:

"**Itumanaho rizana ingorane nyinshi kurusha akamaro karyo mu buzima bw'umuntu.**"

**Ibitekerezo byatangwa:**

Ku ruhande rw'abashyigikiye insanganyamatsiko:

- Abantu barabeshyana cyane kuko baba batari kumwe.
- Itumanaho rimara amafaranga.
- Terefoni ziraturika zikangiza ubuzima bw'abantu.
- Terefoni imara umuriro w'amashanyarazi kuko ntiyakora batiri idafite umuriro.
- Terefoni zituma abajura bategа abantu kugira ngo bazibambure...

Ku ruhande rw'abadashyigikiye insanganyamatsiko:

- Itumanaho rifite akamaro kuko ryoroshya ubuzima.
- Itumanaho ryakuyeho ingendo za hato na hato.
- Itumanaho ryihutisha ubutumwa.
- Itumanaho rituma hari byinshi bikorwa mu gihe gito kandi umuntu atavuye aho ari.
- Itumanaho rituma tuvugana n'abari ibwotamasimbi tutavuye aho turi.
- Mu itumanaho umuganga ashobora kukuvura indwara mutari kumwe,

## Igice cya kane: Ibaruwa isanzwe n'ubutumwa bugufi

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Kwandika ibaruwa ya gicuti yubahiriza imbata yayo.
- Kurondora ibiranga ibaruwa isanzwe adategwa.
- Kwandika ubutumwa bugufi.
- Kurondora ibiranga ubutumwa bugufi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka uburyo bw'itumanaho baheruka kuvugaho, mu mwandiko baheruka kwiga.

***Ingero z'ibibazo yababaza:***

1. Umwandiko duheruka kwiga ni uwuhe?

   Ni umwandiko witwa "Itumanaho"

2. Uburyo bw'itumanaho twabonye muri uwo mwandiko ni ubuhe?

   Ni ibaruwa na terefoni.

**II. Ibaruwa isanzwe**

Umwarimu araheraho asabe abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri, basome ibaruwa iri mu gitabo cyabo ku rupapuro yabarangiye, hanyuma basubize ibibazo byayibajijweho bigamije gufasha abanyeshuri gutahura ibiranga ibaruwa ya gicuti. Buri tsinda riramurika ibyo ryakoze, n'andi matsinda gutyogutyo. Umwarimu arajya agorora ahari amakosa, ibisubizo byemejwe byandikwe ku kibaho.

**Ibibazo n'ibisubizo bishobora gutangwa**

**1.** Iyi baruwa yanditswe na nde?

   MUTIMUKEYE Marie

**2.** Yayandikiye he ku yihe tariki?

   Kagogwe, ku wa 15 Mata 2017

**3.** Yandikiraga nde?

   Umubyeyi we.

**4.** Ni iyihe mpamvu yatumye yandika ibaruwa?

   Yagira ngo amumenyeshe amakuru ye nyuma y'amezi abiri agaze mu mashuri yisumbuye.

**5.** Vuga muri make ubutumwa bukubiye muri iyi baruwa ?

   Arimo arabwira umubyeyi we ko nyuma y'igihe gito amaze kumenyera n'ubwo yabanje gutondwa n'ubuzima bwaho, kandi ko amasomo agenda neza akaba ari kuyatsinda.

## Inshoza y'ibaruwa isanzwe.

Ibaruwa isanzwe bakunze kwita ibaruwa ya gicuti, ni ibaruwa umuntu yandikira umubyeyi, umuvandimwe se cyangwa inshuti agamije kumubwira cyangwa kumubaza amakuru. Uwandika ibaruwa abwira uwo yandikira nkaho bari kumwe, ibyo yakamubwiye akabyandika ku rupapuro. Kuko urupapuro ruba ari ruto, umuntu wandika ibaruwa agomba kuvuga iby'ingenzi, nta kurondogora.

**Ibiranga ibaruwa isanzwe**

Ibaruwa ya gicuti igomba kugaragaza ibi bikurikira:

a) Amazina y'uwanditse n'aho abarizwa.

b) Ahantu yanditse ari n'itariki.

c) Uwandikiwe ( isano afitanye n'uwayanditse)

d) Indamutso

e) Ubutumwa nyiri izina bw'ibaruwa.

f) Umusozo ( ugaragaramo gusezera n'intashyo)

g) Izina ry'uwanditse n'umukono we.

Ibaruwa ya gicuti ariko igira imbata yubahiriza, ku buryo iyo uyikubise amaso byonyine uhita ubona ko ari ibaruwa ya gicuti.

## Imbata y'ibaruwa ya gicuti

Amazina y'uwanditse — Ahantu, itariki yandikiweho

Aho uwanditse abarizwa

Ijambo rivuga uwandikiwe n'isano bafitanye

Indamutso

Intangiriro

……………………………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………………………
………………………………………………………………………………………

Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa

……………………………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………

Umusozo

……………………………………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………………………………
………………………………

Ijambo rivuga isano uwanditse afitanye n'uwandikiwe.

Amazina y'uwanditse.

Umukono we.

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbata, uwandika ibaruwa agomba gusiga umwanya hejuru, hasi iburyo n'ibumoso bw'urupapuro yanditseho ibaruwa kugira ngo usoma abone aho afata.

**Umwitozo ku ibaruwa ya gicuti:**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akababakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

Andikira inshuti yawe mudaherukanye cyangwa umubyeyi wawe umubwire amakuru yawe unamubaze aye.

(abanyeshuri barakora umwitozo , umwarimu agende abakosora umwumwe)

**Ubutumwa bugufi**

Umwarimu arabwira abanyeshuri ko kubera ikoranabuhanga no kwihutisha igihe, ibaruwa yujuje ibice biri mu mbata irimo kugenda isimburwa n'utubaruwa duto bita **ubutumwa bugufi**. Arabarangira aho ubutumwa bugufi buri mu gitabo cy'umunyeshuri maze babusesengure basubiza ibibazo byabubajijweho.

***Ingero z'ubutumwa bugufi:***

- Uraho neza! Tubwirire abanyeshuri bifotoreje ku Murenge wacu ko indangamuntu zabo zaje. Bazaze kuzifata ejo mbere ya saa sita.
- Kamana waramutse! Ko amasaha y'ikizami ari hafi kugera, waba wageze ku ishuri?
- Muraho neza Muyobozi! Mbwirira Karimba ko amafaranga y'ishuri nayanyujije kuri konti y'ikigo. Ntazirirwe agaruka mu rugo.

**Ibibazo ku butumwa bugufi**

1. **Izi nyandiko ni bwoko ki?**

   Ni ubutumwa bugufi.
2. **Ubu butumwa ni hehe umuntu yabusanga?**

   Muri terefoni cyangwa kuri mudasobwa ifite interineti.
3. **Gerageza gutahura uwanditse buri butumwa n'uwo wumva bugenewe.**

   Ubutumwa bwa mbere bwanditswe n'ushinzwe irangamimerere ku murenge, kandi bwandikirwa umuyobozi w'ishuri.

   Ubwa kabiri bwanditswe n'ushinzwe amasomo, abwandikira umwarimu witwa Kamana.

   Ubwa gatatu bwanditswe n'umubyeyi wa Karimba, abwandikira umuyobozi w'ishuri Karimba yigaho.

**Inshoza y' ubutumwa bugufi**

Ubutumwa bugufi ni inyandiko umuntu akora yohererereza uwo yandikira amakuru cyangwa ayamusaba. Bugomba kuba burasa ku ntego kuko bugomba kuba bugufi.

Uwandika agomba kuvuga ibiri ngombwa gusa. Bene ubu butumwa bukunze gukoreshwa kuri terefoni no kuri mudasobwa ifite interineti hifashishijwe imbuga nkoranyambaga.

**Umwitozo ku butumwa bugufi**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akababakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa. Uwanditse ubutumwa bugufi yongeraho amazina ye kugirango ubwakiriye amenye ubwohereje.

Andikira umubyeyi wawe ubutumwa bugufi, umubwira ibyo ukeneye ku ishuri.

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi

Muri uyu mutwe, harimo imyandiko yerekeza ku itumanaho. Itumanaho ryagarutsweho ni iry'amabaruwa ya gicuti n'irikoresha terefoni. Byagaragaye ko ibaruwa isanzwe irimo gusimburwa n'ubutumwa bugufi bwa terefoni igendanwa n'ubwo ku mbuga nkoranyambaga. Ibaruwa ya gicuti ni inyandiko umuntu yandikira undi amubwira kandi amusaba amakuru. Igira imbata yihariye igomba gukurikizwa kugira ngo ibe ibaruwa ya gicuti koko.

Ubutumwa bugufi ni inyandiko umuntu yohereza undi kuri terefoni cyangwa akoresheje interineti. Bugomba kuba burasa ku ntego.

## Ubumenyi bw' inyongera

**I. Ibibazo byo kumva kurushaho ibaruwa**

Ibi bikurikira bisimbure ibyari bihanditse:

I. Bimwe mu bikoresho by'itumanaho n'amagambo y'ikoranabuhanga

Telephone( mobile):Terefoni ngendanwa

**Computer:**Mudasobwa

**Email:** Imeri

**Internet:** interineti,Murandasi

**Browser:** inshakisho

**Online:** ku murongo

**Keyboard:** Mwandikisho

**Message:** Ubutumwa

**To send**: Kohereza

II. **Iyi migani migufi ifite aho ihuriye n'itumanaho**

a) **Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.**

Aho bihuriye n'itumanaho ni uko iki kiganiro gishobora gukorwa hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho.

b) **Intumwa irarabirwa ntiyicwa.**

Itumanaho rishobora gukorwa hakoreshejwe intumwa. Ubutumwa iba ifite si ubwayo, ibiburimo ntiyabibazwa.

c) **Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.**

Uyu mugani werekana akamaro ko gushaka amakuru kandi itumanaho ni uburyo bumwe bwo kubona amakuru.

d) **Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona.**

Igihe amakuru akugezeho ugomba kuyaha agaciro kayo, ukagira uko witwara bitewe na yo.

e) **Impyisi iti: "Urage utinya ibyo abantu bavuga."**

Igihe amakuru akugezeho ntukayasuzugure, burya aba afite impamvu. Ayo makuru akugeraho kubera itumanaho runaka.

## Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 117)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa karindwi, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**
**Umwandiko: Amakaro k'itumanaho**

I. **Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Itumanaho ni iki ukurikije uyu mwandiko?**

   Itumanaho rivuga uburyo bw'iherekanyamakuru hagati y'ibiremwa, n'abantu barimo.

2. **Itumanaho rimarira iki umuntu ushaka akazi?**

   Itumanaho rituma umuntu amenya amakuru y'ahari akazi.

3. **Garagaza ko bigoye gutera imbere muri iki gihe nta tumanaho ufite?**

   Biragoye cyane kuko ubu gahunda nyinshi zisigaye zikorerwa kuri terefoni. Udafite itumanaho waba umeze nk'uri mu gihuru kuko ntiwabasha kumenya aho isi igeze bityo no gutera imbere nta byo

wageraho.

4. **Sobanura uburyo terefoni yoroshya itumanaho.**

   Terefoni yoroshya itumanaho kuko itumanaho ryayo ririhuta cyane kandi rigera ku isi hose.

5. **Ni ku buhe buryo wumva wowe wakeneramo itumanaho ngo witeze imbere?**

   (Aha mwarimu azakosora uburyo umunyeshuri atanga ibitekerezo bye.)

**II. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura amagambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi iboneye.**

   a) **Imbarutso:** ku mutego, ni akantu inyamaswa ikoma umutego ugahita uyifata. Mu mvugo ishushanya, imbarutso ni igikorwa kiba intandaro y'ikintu.

   Imbarutso y'urwango hagati ya bano bantu ni ihene yonnye ibishyimbo.

   b) **Amabwiriza**: amagambo umuntu abwira undi amuyobora mu kintu runaka/inyobozi.

   Mbere yo gukora ikizamini jya ubanza usome amabwiriza yagitanzweho.

   c) **Gukora ku ifaranga :** gutunga amafaranga.

   Umuntu agomba gushaka umushinga ubyara inyungu kugira ngo abashe gukora ku ifaranga.

2. **Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi ahuje inyito na yo.**

   a) Mu kinyamakuru, abayobozi bashobora gucishamo amabwiriza y'iterambere. **(kunyuzamo)**

   b) Uyu mushinga **wakubyarira** inyungu.( **wakuzanira)**

3. **Simbuza ijambo rinyuranyije igisobanuro iriciweho akarongo mu nteruro.**

   a) Uyu mushinga **uzaguteza imbere**. **(uzagusubiza inyuma)**

   b) Ese ugomba gushaka umushinga wakubyarira **inyungu**? **(igihombo)**

**III. Ihangamwandiko**

a) Andika ubutumwa bugufi busaba ababyeyi uruhushya rw'abanyeshuri bagomba kwitabira inama y'abanyeshuri bari mu kiruhuko.

   (Aha umwarimu arareba niba ubutumwa buvuze mu mvugo iboneye, kandi buvuga ibiri ngombwa, butarondogora)

b) Andikira mubyara wawe uba mu Karere ka Nyamasheke ibaruwa ya gicuti, umubwire umushinga ushaka ko mufatanyamo unamugishe inama.

(Aha umwarimu azareba niba ibaruwa ikurikije imbata yizwe kandi arebe niba imvugo irimo iboneye. Azareba kandi niba ingingo yavuzweho ari yo yagaragajwe).

### Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Vuga ibice by'ingenzi bigize ibaruwa ya gicuti ?**

   Hari amazina y'uwanditse, aho ibaruwa yandikiwe n'itariki, uwandikiwe n'indamutso, intangiriro, igihimba, umusozo. Izina ry'uwanditse n'umukono.

2. **Wifashishije imbata y'ibaruwa ya gicuti, ishyire mu mwanya wa nyina wa Mutimukeye hanyuma umwandikire ibaruwa imusubiza.**

   Ingingo zikwiye kuboneka mu ibaruwa :

   - Amakuru yo mu rugo.
   - Gushima uko yitwara ku ishuri.
   - Uko Karigirwa yamenyereye ishuri n'uwo basigaye bararana.
   - Amakuru ya nyirakuru.
   - Gahunda yo kumusura ku ishuri

### Umwitozo nyagurabushobozi

**Garagaza ingaruka zo gukoresha terefoni ibyo itagenewe, cyanecyane ugaragaze uko ubona iki kibazo gihagaze ku banyeshuri.**

Umwarimu azareba uko abanyeshuri barebwa n'uyu mwitozo batanga ibitekerezo ku itumanaho rikoreshejwe nabi.

# 8 Imyidagaduro

## (Umubare w'amasomo: 14)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ivuga ku myidagaduro.
- Gusesengura ibinyazina nyereka no gukoresha imvugo inoze mu gusabana n'abandi.
- Guhanga ikivugo, urwenya no gusoma vuba amagorane adategwa.

**Ubumenyi bw'ibanze:**

- Kuba umunyeshuri azi amoko anyuranye y'imikino.
- Kuba umunyeshuri afite ubumenyi ku moko y'amagambo ahinduka mu Kinyarwanda.
- Kuba umunyeshuri azi amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nyajwi no ku ngombajwi.
- Kuba umunyeshuri yarigeze kumva ibisakuzo, ibyivugo, urwenya, n'izindi ngeri zitandukanye.

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- **Umuco wo kuzigama**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa binyuze mu gusobanurira abanyeshuri ko imikino ikiza abayikina, bakabona amafaranga kuko aho ikinirwa abajya kuyireba bishyura. Si abayikina gusa kandi, kuko nk'abaturiye aho ibera, na bo babonamo inyungu itari nke; twavuga nk'abatanga serivisi z'ibinyobwa n'amafunguro, uburyamo n'ibindi.

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye, mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.

- **Uburezi budaheza.**

  Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo adasobanukiwe yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.
- Ubushobozi bwo kwitabira imikino ngororamubiri no kubishishikariza abandi.

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**

- Imyidagaduro
- Abakinnyi n'abafana
- Amarushanwa
- Umubyibuho ukabije

**Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye...

| **Urutonde rw'ibice rujyanye n'umubare w'amasomo** | **Amasomo** |
|---|---|
| Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.<br>Umwandiko: Imikino n'akamaro kayo.<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko. | amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro | isomo 1 |
| Igice cya kane: Ibisakuzo n'urwenya. | isomo 1 |
| Umwandiko: Igitaramo nyarwanda. | isomo 1 |
| Igice cya mbere: Gusoma no gusesengura umwandiko.<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko | amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro. | isomo 1 |
| Igice cya kane: Ikinyazina nyereka. | amasomo 2 |
| Igice cya gatanu: Ibyivugo, uturingushyo n'amagorane | amasomo 2 |
| Isuzuma risoza umutwe wa munani | amasomo 2 |

## Umwandiko: Imikino n'akamaro kayo

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 120)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku mikino n'akamaro kayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe, biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ku ishusho iri mu gitabo murabonaho iki?**

   Ndabonaho abakinnyi bakinira  mu kibuga cy'umupira w'amaguru, hari n'abafana. Hari kandi imodoka n'amagare biri mu marushanwa.

2. **Ese gukina mubona bimaze iki mu buzima?**

   Bituma umuntu ananura umubiri bikanatuma yishimisha agashimisha n'abandi.

3. **Abantu bagaragaza bate ko bakunda imikino?**

   Bamwe barakina, abandi bakajya kuyireba.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa  urupapuro ruriho umwandiko **"Imikino n'akamaro kayo".** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uravuga ku mikino n'akamaro.

2. **Ni iyihe mikino yavuzwemo?**

   Ni umupira w'amaguru, umupira w'intoki, kunyonga igare, imikino ngororamubiri, amasiganwa y'ibinyabiziga.

3. **Umwandiko urarangira ute?**

   Umwandiko urarangira bashishikariza abantu kwitabira imikino.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Imikino ni iki?**

   Imikino ni ibikorwa umuntu akoresha umubiri we akurikiza amategeko runaka, yishimisha cyangwa ari mu marushanwa.

2. **Gukina bifitiye umuntu akahe kamaro?**

   Gukina bigorora umubiri w'umuntu, bikamuruhura mu mutwe kandi

bikawurinda indwara n'umubyibuho ukabije.

3. **Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umuntu witabira imikino ngororamubiri n'utayitabira?**

   Umuntu ufite umukino akina, usanga afite ubuzima bwiza, afite ingufu. Udakina we usanga ahora ananiwe, afite umubyibuho ukabije, arwaye rubagimpande n'izindi ndwara zijyanye n'umuvuduko w'amaraso.

4. **Amarushanwa mu mikino amariye iki abantu?**

   Amarushanwa ashimisha abantu bayareba, akuza ishyaka ku bakinnyi kandi utsinze amutera ishema. Ikindi kandi, ni uko yinjiza n'amafaranga.

5. **Ni uwuhe mukino ukunzwe cyane kurusha iyindi ku isi?**

   Umupira w'amaguru.

6. **Ni akahe gaciro uha imikino mu buzima bwawe?**

   (Aha umwarimu araha agaciro ibisubizo by'abanyeshuri ashingiye ku bitekerezo batanga bishyigikira akamaro k' imikino.)

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura amagambo n'imvugo bikurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi zumvikana:**

   **a) Rubagimpande :** indwara y'imitsi ikunda gufata abantu bashaje

   Nyogokuru ntakiva aho ari kubera ko arwaye rubagimpande.

   b) **Ishyaka :** akantu k'ijabo umuntu yishyiramo kakamushoboza gukora ikintu runaka.

   Abakinnyi b'umupira w'amaguru barangwa n'ishyaka mu kibuga.

   c) **Ipfunwe :** isoni umuntu aterwa no kuba atakoze ibikwiye.

   Gutsindwa wenyine wasiganwe n'abandi bitera ipfunwe cyane.

   d) **Ishema :** umunezero umuntu aterwa no kuba yakoze ibikwiye.

   Kuba uwa mbere mu ishuri bitera ishema n'akanyamuneza.

   e) **Ikobe :** urusaku rutewe n'ibyishimo.

   Igitego cya mbere cyagiye mu izamu abanyeshuri bose bazamura ikobe ridasanzwe.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**
   a) Imikino ituma umuntu agira ubuzima buzira **umuze**.
   b) Gutsindwa bitera **ipfunwe** n'agahinda.
   c) Imikino ntishimisha abakinnyi gusa kuko n'**abafana** usanga bishimye.
   d) Iyo ikipe itsinze uhita wumva **ikobe** ryinshi.
2. **Simbuza aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko ari mu mukara tsiri andi bihuje inyito.**
   a) Mu mikino amakipe aba ahatanira **igihembo**.(**igikombe**)
   b) Usanga abantu badakina bafite umubyibuho **mwinshi**.(**ukabije**)
   c) Hari abakurikiranira umupira ku **nyakiramajwi**. (**maradiyo**)
   d) Kureba amasiganwa y'amagare **biranezeza**.(**birashimisha**)
3. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye :Rubagimpande,ishyaka, ishema,ipfunwe, ikobe.**
   **a)** Nyogokuru ntakiva aho ari kubera ko arwaye **rubagimpande**.
   b) Abakinnyi b'umupira w'amaguru barangwa n'**ishyaka** mu kibuga.
   c) Gutsindwa wenyine wasiganwe n'abandi bitera **ipfunwe** cyane.
   d) Kuba uwa mbere mu ishuri bitera **ishema** n'akanyamuneza.
   e) Igitego cya mbere cyagiye mu izamu abanyeshuri bose bazamura **ikobe** ridasanzwe.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 121)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Imikino n' akamaro kayo

2. **Rondora ubwoko bw'imikino twabonye mu mwandiko.**

   Umupira w'amaguru, amasiganwa y'amagare, ay'amamodoka, ay'amapikipiki, imikino ngororamubiri…

3. **Vuga akamaro k'imikino dusanga mu mwandiko.**

   Kunanura umubiri, kuruhura umubiri, kwinjiza amafaranga…

**I. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Imikino",** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**II. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko?**

   Bari kuvuga ku mikino n'akamaro kayo.

2. **Garagaza ibice by'ingezi bigize uyu mwandiko unavuge impamvu ubyise gutyo.**

   Intangiriro: Imikino ni ibikorwa …… bakajya gukina?

   Igihimba: Imikino igira akamaro kenshi …… uwakoresheje igihe gito.

   Umusozo: Imikino ni myiza …… umukino umuntu yitabira.

3. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi:

   - Imikino ni ibikorwa umuntu akoresha umubiri.
   - Amoko y'imikino.
   - Akamaro k'imikino.
   - Uko imikino yitabirwa.
   - Abakinnyi n'abafana.
   - Ni ngombwa kwitabira imikino.

Ingingo z'ingereka:

– Gukina uri umwe cyangwa mu itsinda.
– Amasiganwa y'amagare, amapikipiki, amamodoka.
– Kureba no gukikiza imihanda,…

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 122)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Imikino n'akamaro kayo.
2. **Umuntu udakina agira umubyibuho uteye ute?**
   Agira umubyibuho ukabije.
3. **Vuga akamaro k'imikino dusanga mu mwandiko.**
   Kunanura umubiri, kuruhura umubiri, kwinjiza amafaranga…

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko, abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu

agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

Insanganyamatsiko: **"Imikino ifatiye runini ubuzima bwacu".**

Ingero z'ibitekerezo byatangwa

- Imikino koko ifatiye runini imibiri yacu kuko iyo umuntu adakina ubuzima bwe ntibuba bumeze neza.
- Umuntu ukina agira ubuzima buzira umuze.
- Imikino ikomeza umubiri.
- Imikino ikomeza amagufwa.
- Imikino iturinda indwara zimwe na zimwe nka rubagimpande.
- Imikino ituma turuhuka mu mutwe.
- Umunyeshuri wakinnye iyo agiye gusubiramo amasomo ye afata vuba.
- Imikino ihuza abantu ikabatera ibyishimo.
- Imikino yinjiza amafaranga haba ku bakinnyi, aho bakinira, abakorera hafi y'aho imikino ibera…

## Igice cya kane: Ibisakuzo n'urwenya

### Ibisakuzo

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 122)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ibisakuzo n'iy'urwenya.
- Kuvuga uturango tw'ibisakuzo n'uturango tw'urwenya.
- Gusakuza no gusetsa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy' ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije ibibazo byo mu buzima busanzwe, arabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku bisakuzo kuko basanzwe bumva cyangwa na bo ubwabo mu myaka yahise barakinnye umukino wo gusakuza.

Umwarimu ashobora gutangira abaza abanyeshuri niba bazi gusakuza.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Hari umukino wa kinyarwanda witwa gusakuza. Murawuzi?**
   Turawuzi.

2. **Batangira ngo iki?**
   Sakwesakwe.
3. **Bagasubiza ngo iki?**
   Soma.
4. **Iyo umuntu igisakuzo kimunaniye avuga ngo iki?**
   Aravuga ngo: “Ngicyo”, hanyuma uwagishakuje akakiyicira.

**II. Ibisakuzo**

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusakuza,abanyeshuri bakabyemera. Akabasakuza igisakuzo kimwe cyangwa bibiri.

**Urugero:**
Umwarimu: SakweSakwe
Abanyeshuri: Soma
Umwarimu: Sogokuru aryoha aboze!
Abanyeshuri: Umuneke.
Umwarimu: Ndara ngenda nkiririrwa ngenda
Abanyeshuri: ……(kibananire kuko gikomeye)
Umwarimu: mukimpe.
Abanyeshuri: ngicyo.
Umwarimu: umugez.i

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya batatu, bagakora umwitozo wo guhuza ibisakuzo n’ibisubizo byabyo.

**Mu itsinda na bagenzi bawe batatu, muhuze ibi bisakuzo byo mu ruhushya A n'uburyo byicwa mu ruhushya B.**

| Ibisakuzo | Ibisubizo |
|---|---|
| 1. Mfite inka ni Rusimbukamigina. | a) Ikibuguzo/igisoro |
| 2. Akari inyuma ya Ndiza urakazi ? | b) Ukwezi |
| 3. Nagutera icyo utazi utabonye | c) Imodoka mu muhanda |
| 4. Nyiramakangaza ngo mutahe. | d) Inkoko gucutsa itagira amabere |
| 5. Intara za nyirabangana zingana zose | |
| 6. Gatimba araguye n'ingabo ze. | e) Imboni. |
| 7. Sogokuru aryoha aboze | f) Isake |
| 8. Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo | g) Ubukumi bwa so na nyoko |
| | h) Igitoki n'amakoma. |
| 9. Igitabo cya Mutara ntawutagishengera | i) Uruhu rw'imbwa |
| 10. Bwiza bupfuye ubusa | j) Inka kuba umukara igakamwa ayera |
| 11. Ihirike naraguharuriye | |
| 12. Nyirabugenge n'ubugenge bwayo | k) Imbeho ku rugi |
| 13. Nyirabugenge n'ubugenge bwayo | l) Imyenge y'inzu |
| 14. Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n'Imana yikoreye inyama | m) Isi n'ijuru |
| | n) umuneke. |
| 15. Ko undeba ndaguha ? | o) Inyana iri mu nda ya nyina |

**Ibisubizo:**

**1.** Mfite inka ni Rusimbukamigina**: imboni.**

2. Akari inyuma ya Ndiza urakazi: **inyana iri mu nda ya nyina.**

3. Nagutera icyo utazi utabonye: **ubukumi bwa so na nyoko.**

4. Nyiramakangaza ngo mutahe: **imbeho ku rugi.**

5. Intara za nyirabangana zingana zose: **isi n'ijuru.**

6. Gatimba araguye n'ingabo ze: **igitoki n'amakoma.**

7. Sogokuru aryoha aboze: **umuneke.**

8. Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo: **ukwezi.**

9. Igitabo cya Mutara ntawutagishengera: **ikibuguzo/igisoro.**

10. Bwiza bupfuye ubusa:**uruhu rw'imbwa.**

11. Ihirike naraguharuriye: **imodoka mu muhanda.**

12. Nyirabugenge n'ubugenge bwayo: **inkoko gucutsa itagira amabere.**
13. Nyirabugenge n'ubugenge bwayo: **inka kuba umukara igakamwa ayera.**
14. Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n'Imana yikoreye inyama: **isake.**
15. Ko undeba ndaguha? **Imyenge y'inzu.**

## Uturango tw'ibisakuzo

Ibisakuzo ni interuro zumvikana ku buryo zifubitse ubuhanga bushushanya ikintu runaka kigomba gufindurwa n'uwo musakuza. Ibisakuzo bikoreshwa mu kwidagadura ariko bikanatoza gutekereza no gufata mu mutwe.

## Inshoza y'igisakuzo

Igisakuzo ni amagambo yumvikana ku mugaragaro ariko afubitse ingingo ifindurwa n'umuhanga. Gusakuza ni umukino ukinwa n'abantu babiri bagategana ibisakuzo kandi bakabitegura. Usakuza atangira agira ati: "**Sakwesakwe**" undi na we akikiriza ati: **"Soma**". Uwabanje akavuga igisakuzo, ubajijwe agafindura igisubizo ari byo bita kwica igisakuzo. Iyo uwasakujwe atabashije kukica uwamusakuje aramubwira ati: **"Kimpe"** uwananiwe gufindura igisubizo ati: "**Ngicyo** cyangwa **kende** cyangwa **kice**"nuko akabwirwa igisubizo.

**Umwitozo ku bisakuzo:**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu amatsinda ya babiribabiri, hanyuma bagakina umukino wo gusakuza, bari imbere y'abandi. Basakuzanya ibisakuzo bize hamwe n'ibindi basanzwe bazi.

**Mu itsinda rya babiribabiri, nimuge imbere y'abandi maze musakuze.**

## Urwenya

**Ivumburamatsiko:**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka ibyo baheruka kwiga muri uyu mutwe.

**Dore ibibazo n'ibisubizo bishoboka:**

1. **Ubwoko bw'umukino duheruka kwiga bwitwa ngo iki?**
   Ni ibisakuzo/ Ni ugusakuza.
2. **Ubu bwoko bw'umukino butandukaniye he n'indi mikino twabonye mbere?**
   Ibisakuzo biruhura ubwonko, bisaba gutekereza vuba ukavumbura igisubizo naho indi mikino inanura umubiri wose.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko hari ubundi buryo bwo gufasha abantu kuruhura ubwonko akababwira agakuru gasekeje. Ashobora kubabaza uko bakita bamwe bagasubiza ko ari urwenya abandi ko ari byendagusetsa.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda , akabasaba gusoma urwenya ruri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma bakavumburamo ingingo zishekeje bakanavuga impamvu zishekeje.

a) Umugabo yifatiye undi ati: «Ubu mvuye muri Amerika, u Burayi ndetse na Aziya.»Ati: «Mbese ubu nta mugabane w'isi ntagezemo». Undi ati: «Ubanza ugarutse uzi jewogarafi (geography) yose»Uwabeshye ati: «Yababaaa, ubwo naba narajyanywe n'iki ntageze muri jewogarafi!»
b) Umukobwa yagiye gushaka akazi mu mugi, nuko bamuha ako kurera umwana. Igihe nyirabuja yarimo kumuhugura agira ngo amutoze gukora akazi ke neza, amusaba kuzajya agaburira umwana ku isaha. Bukeye nyamukobwa abonye ko umwana ashonje, amanura isaha yari imanitse ku rukuta, agusukiraho ibiryo by'umwana, atangira kumugaburira. Nyirabuja aba arahahingutse. Abaza nyamukobwa ati: «Ibi ni ibiki wakoze?» Umukobwa ati: "Ntiwambwiye se ko nzajya mpera umwana ibiryo ku isaha?"

**Ingingo zishekeje:**

a) –Umuntu bamutahuye ko ari kubeshya, ko avuga ibyo atazi, barangije baramujijisha bati jewogarafi naho warahageze? Nawe arabyemeza kandi jewogarafi si igihugu ni isomo ryigwa.
b) Kubwirwa kugaburira umwana ku isaha (ku gihe), ukumva kumanura isaha ukayikoresha nk'isahane y'umwana birashekeje kuko wumva ari ubugoryi bukabije.

## Inshoza y'urwenya

Urwenya ni agakuru karyoshye kandi gasekeje gakoreshwa mu nyandiko cyangwa ka kanyuzwa mu kiganiro.

## Uturango tw'urwenya:

Urwenya ni inganzo igamije gusetsa abantu b'ingeri zose ifatiye ku nkuru mpimbano zivuga ibintu byo mu buzima busanzwe ariko birimo ibisetso. Ibyo bisetso bishingiye cyanecyane ku buswa, ku buhubutsi, ku kwitiranya cyangwa ukutimenya umunyarubuga akorana ibikorwa byo mu nkuru, ku buryo uyumva atabura guseka. Ni inganzo ituma abantu baruhura ubwonko ariko inanenga imyitwarire idahwitse dore ko Umunyarwanda yavuze ngo: **"Ukuri gushirira mu biganiro".**

## Umwitozo ku rwenya

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Himba urwenya hanyuma urugeze kuri bagenzi bawe.**

(Abanyeshuri barahimba inzenya cyangwa bavuge izo basanzwe bazi, umwarimu abakosore yumva niba koko inzenya zuzuje uturango twazo).

## Umwandiko: Igitaramo nyarwanda

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 125)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.
- Gusobanura akamaro k'igitaramo mu muco nyarwanda kagaragara mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku gitaramo nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Nimwitegereze iyo shusho iri mu gitabo maze mumbwire icyo mubonaho.**

   Ndabonaho umuntu urimo gucuranga inanga n'abandi bavuza ingoma, imbere yabo hari abakobwa barimo kubyina.

2. **Ni hehe mujya mwumva bacuranga inanga?**

   Ni mu gitaramo nyarwanda kuri radiyo, mu birori no kuri Tereviziyo.

3. **Usibye inanga ni iki kindi mwumva mu gitaramo?**

   Imbyino, ibisakuzo, iningiri, ikembe, umuduri...

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda."**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Igitaramo nyarwanda."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uravuga iby'igitaramo.

2. **Icyo gitaramo cyabereye he?**

   Cyabereye ku ishuri.

3. **Ni nde uvuga iby'icyo gitaramo?**

   Ni umunyeshuri wiga kuri icyo kigo.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Umuntu ubara iyi nkuru ni muntu ki?**

   Ni umunyeshuri.

2. **Iki gitaramo cyabereye he?**

   Cyabereye ku ishuri.

3. **Ni iki cyatumaga agira amashyushyu kurushaho?**

   Yagiraga amashyushyu kubera umwenda wamubuzaga kureba ibirimo gutegurwa.

4. **Rondora ibintu byari bigize kiriya gitaramo nyarwanda.**

   Ingoma, imbyino, inanga, iningiri, umuduri, ikembe, ibisakuzo, umukino w'ubukwe ndetse n'intore.

5. **Niba warigeze kugera mu gitaramo, vuga icyo washimyemo n'icyo wagayemo.**

   (Abanyeshuri barasubiza bitandukanye)

6. **Ibitaramo bya kizungu biramutse bimize ibyacu bya kinyarwanda wumva byaba bidutwaye iki nk'Abanyarwanda?**

   (Aha mwarimu arakosora uburyo abanyeshuri batanga ibitekerezo byabo.) Ariko agaruke ku kintu cyo gukomera ku muco wacu kugira ngo utamirwa n'iy'amahanga.

   Twaba dutakaje ubukungu bukomeye bw'umuco wacu, ugaragarira mu bitaramo.

7. **Wumva gutozwa gutarama ukiri muto byakumarira iki?**

   Bimfitiye akamaro kenshi cyane kuko nzakura nzi gutarama bya kinyarwanda, nkajya nange ngira uruhare mu kwimakaza umuco wacu wo gutarama ndetse nkanabishishikariza abandi na bo bagakunda umuco wacu.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

amagambo n'ibisobanuro byayo:

a) **Umukaraza:** umuntu uvuza ingoma

b) **Ishakwe:**Akagoma gato cyane kurusha izindi

c) **Guhamiriza:** Kubyina ku Intore

d) **Kera kabaye:** hashize umwanya munini

**Ibibazo n'ibisubizo by' imyitozo y' inyunguramagambo:**

**Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo y'umukara tsiri iryakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.**

1. a) Umukuru w'umudugudu **yahurije** hamwe abaturage ashinzwe bose.

   Umukuru w'umudugudu **yakoranyirije** hamwe abaturage ashinzwe bose.

   b) Umunyarwandakazi wakereye ibirori akenyera **umwenda muremure** akitera kandi agatega urugori.

Umunyarwandakazi wakereye ibirori akenyera **umushanana** akitera kandi agatega urugori.

c) Iyi nanga **iregeye** neza, ndumva ntarekera aho **kuyivuza**.

Iyi nanga **ikiranuye** neza, ndumva ntarekera aho **kuyicuranga**.

**2. Koresha amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira mu nteruro ziboneye: umukaraza,ishakwe, guhamiriza,kera kabaye.**

a) **Umukaraza: Abakaraza** bizihiza ibirori neza.

b) **Ishakwe:**Kanakuze avuza **ishakwe** neza.

c) **Guhamiriza:** Nabonye intore **zihamiriza** neza mu bukwe.

d) **Kera kabaye:** Twategereje abageni turarambirwa **kera kabaye** tubona baraje.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 126)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga wari ufite uwuhe mutwe?**

   Umwandiko duheruka kwiga witwaga **igitaramo nyarwanda**.

2. **Ni iki wumvisemo cyagushimishije?**

   Nashimishijwe no kumenya amoko y'imbyino nk'imishayayo n'ikinimba.

3. **Igitaramo kivugwa mu mwandiko cyashojwe gite?**

   Igitaramo cyashojwe n'umukino w'intore zihamiriza.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Igitaramo nyarwanda"** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**

   Uyu mwandiko ni inkuru.

2. **Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?**

   Insanganyamatsiko ni igitaramo nyarwanda

3. **Vuga ingingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko.**

   Igitaramo nyarwanda kirashimisha kandi kigizwe n'ingeri nyinshi.

   Mu gutira umuco w'amahanga, twagombye gutira ibyiza, kandi tugatira ibyo umuco wacu utari ufite.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 126)

## Kwandika umwandiko ntekerezo

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kwandika umwandiko ntekerezo ashishikariza abandi ibitaramo bigaragaramo ubuvanganzo nyarwanda.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga wari ufite uwuhe mutwe?**
   Umwandiko duheruka kwiga witwaga Igitaramo nyarwanda.
2. **Ese ibyo wumvisemo ni byo bigize igitaramo nyarwanda byonyine?**
   Oya. Hari n'ibindi bishobora gufasha abantu gutarama.
3. **Ni nk'ikihe kintu kindi gishobora gufasha abantu gutarama?**
   Nk'ikinamico, ibyivugo, amazina y'inka...

**II. Kwandika umwandiko ntekerezo**

Umwarimu abwira abanyeshuri kwandika umwandiko ntekerezo ku buryo bwo gutarama, agereranya uko kera byakorwaga n'uko bikorwa ubu.

**Andika umwandiko ntekerezo maze ugereranye uburyo bwo gutarama mu Rwanda rwa kera n'uko bikorwa muri iki gihe, unabitangeho ibitekerezo.**

**Ibitekerezo bishobora gutangwa :**

Hambere hakorwaga ibitaramo bagendeye ku ngeri z'ubuvanganzo nk'imbyino, gusakuza, guca imigani, kuvuga ibitekerezo, bagacuranga inanga, bagacuranga iningiri, imiduri, ikembe n'ibindi. None ubu ibitaramo biriho ntabwo byimakaza cyane ingeri z'ubuvanganzo kuko usanga ab'ubu batarama baceza umuziki (mu tubyiniro), ingeri z'ubuvanganzo ziragenda zikendera buhorobuhoro.

## Igice cya kane: Ikinyazina nyereka

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 127)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura imiterere n'imikoreshereze y'ikinyazina nyereka.
- Gusesengura ibinyazina nyereka bagaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.
- Gukoresha neza ikinyazina nyereka.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina nyereka, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza interuro, bagatahuramo ibinyazina nyereka n'uturango twabyo n'umumaro wabyo.

**Itegereze interuro zikurikira maze uvuge umumaro w'amagambo y'umukara tsiri.**

a) Nabajije mugenzi wange **izo** ngoma uko zitwa.

b) **Turiya** duti batwita imirishyo.

c) Kera kabaye mbona **wa** mwenda ugiye wisunika.

d) **Ba** bakaraza bajyaga ejuru, bagakubitira rimwe ingoma.

e) N'**uyu** munsi iyo nibutse **icyo** gitaramo numva nshatse kukibona.

f) **Zirya** mbyino twumva kuri radiyo mu gitaramo ushobora kuzirebera abantu bazibyina.

g) **Uno** mwana yanyuzwe n'**ubu** buhanga bwo gucuranga inanga.

**Aya magambo atsindagiye afite umumaro wo kwerekana. Bayita "ibinyazina nyereka".**

**Inshoza y'ikinyazina nyereka**

Ikinyazina ni ijambo rihinduka, ricibwamo uturemajambo. Kijyana n'izina cyangwa kikarisimbura kandi iyo kirisimbuye kikaba gifite umumaro umwe nk'uw'iryo zina. Ikinyazina gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi ariko hari n'ikigira indangakinyazina n'igicumbi gusa.

Ikinyazina nyereka ni ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa. Ibinyazina nyereka bishobora kwerekana ibintu biri ahantu hatandukanye akaba ari yo mpamvu bigabanyijemo ibyiciro bitandatu bitewe n'aho giherereye. Hari ibinyazina nyereka bifite ibicumbibikurikira :– ϕ - no,- riya , - rya, na - aa.

**Uturango tw'ikinyazina nyereka**

**a) Ikiciro cya mbere**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi cyane y'abavugana. Ibi binyazina ntibigira igicumbi mu mwanya w'igicumbi bakoreshwa ikimenyetso "ϕ". Intego mbonera zacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi(ϕ). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – RkZ** – ϕ.

**Ingero:**

- **Iki** gitaramo kirashyushye.
- **Uyu** munsi

**b) Ikiciro cya kabiri**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uvuga. Ibi binyazina bigira igicumbi –no. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-**no**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

**Ingero:**

- **Kino** gihe turimo igitaramo cyarahindutse.
- **Uno** mwana yanyuzwe.

**c) Ikiciro cya gatatu**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uwo babwira. Ibi binyazina bigira igicumb – o. Intego mbonera zacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi (-**o**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – Rkz – C.**

**Ingero:**

- Nibuka **icyo** gitaramo nkashaka kukireba.
- **Abo** bakaraza bikozaga ejuru.

**d) Ikiciro cya kane**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kitaruye abavugana bombi. Ibi binyazina bigira igicumbi – riya. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**- riya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

- **Turiya** duti twitwa imirishyo.
- Urabona **kuriya** kuntu intore zihamiriza!
- **Uriya** mukobwa abyina neza.

**e) Ikiciro cya gatanu**

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba basanzwe baziranyeho cyangwa se nanone baba barigeze kuvuganaho. Ibi binyazina bigira igicumbi –rya. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**- rya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

- **Zirya** mbyino zaratunyuze.
- **Irya** ngoma nto yitwa inyahura.

**f) Ikiciro cya gatandatu**

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba barigeze kuganiraho cyangwa kubonera hamwe. Ibi binyazina bigira igicumbi –a. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-**a**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

- **Ba** bakaraza bikozaga ejuru.
- Mbona **wa** mwenda ugiye wisunika.

**Intego y'ikinyazina nyereka**

Intego y'ikinyazina nyereka muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi icyakora ibinyazina byo mu kiciro cya mbere bigira indomo, indangakinyazina n'igicumbi -ϕ naho ibyo mu kiciro cya gatatu bikagira uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi.

Dore zimwe mu ngero z'ibinyazina nyereka zisesenguye mu nteko zimwe na zimwe:

| Ingero mu nteruro | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| **Ikiciro cya mbere** | **D - Rkz - ϕ** | |
| - **Iki** gitaramo kirashyushye. | i – ki – ϕ | Nta tegeko |
| - **Uyu** munsi | u - yu - ϕ | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya kabiri** | **Rkz – C** | |
| - **Kino** gihe turimo. | ki – no | Nta tegeko |
| - **Uno** mwana yanyuzwe | ha - no | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatatu** | **D - Rkz – C** | |
| - Nibuka **icyo** gitaramo. | i – ki – o | i→ y/-J<br>ky→ cy mu myandikire |
| - **Abo** bakaraza bikozaga ejuru. | a - ba - o | a→ ϕ /- J |
| **Ikiciro cya kane** | **Rkz - C** | |
| - **Turiya** duti twitwa imirishyo. | tu - riya | Nta tegeko. |
| - Urabona **kuriya** kuntu intore zihamiriza! | ku - riya | Nta tegeko. |
| - **Uriya** mukobwa abyina neza. | u - riya | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatanu** | **Rkz - C** | |
| - **Zirya** mbyino zaratunyuze. | zi - rya | Nta tegeko. |
| - **Irya** ngoma nto yitwa inyahura. | i - rya | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatandatu** | **Rkz - C** | |
| - **Ba** bakaraza bikozaga ejuru. | ba – a | a→ ϕ /-J |
| - Mbona **wa** mwenda ugiye wisunika | u – a | u→w /-J |

## Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka

| | Ibicumbi | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **Inteko** | ϕ | -no | -o | -riya | -rya | -a |
| nt. 1 | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| nt. 2 | aba | bano | abo | bariya | barya | ba |
| nt. 3 | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| nt. 4 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| nt. 5 | iri | rino | iryo | ririya | rirya | rya |
| nt. 6 | aya | ano | ayo | ariya | arya | ya |
| nt. 7 | iki | kino | icyo | kiriya | kirya | cya |
| nt. 8 | ibi | bino | ibyo | biriya | birya | bya |
| nt. 9 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| nt. 10 | izi | zino | izo | ziriya | zirya | za |
| nt. 11 | uru | runo | urwo | ruriya | rurya | rwa |
| nt. 12 | aka | kano | ako | kariya | karya | ka |
| nt. 13 | utu | tuno | utwo | turiya | turya | twa |
| nt. 14 | ubu | buno | ubwo | buriya | burya | bwa |
| nt. 15 | uku | kuno | uko | kuriya | kurya | kwa |
| nt. 16 | aha | hano | aho | hariya | harya | ha |

**Ikinyazina nyereka mpamya**

Ibinyazina nyereka byo mu itsinda **uyu, uriya, uwo**... bishobora kwifashisha akaremajambo ng- gashobora gufata inyajwi isa n'iyo ku ndangasano mu gihe nta ndomo icyo kinyazina gifite. Ako karemajambo gafite inyito ihamya ni yo mpamvu byitwa mpamya.

**Ingero:**

| | | |
|---|---|---|
| Nguyu | ng - u – yu – ϕ | Nta tegeko. |
| Ngiki | ng - i – ki - ϕ | Nta tegeko. |
| Nguriya | ngu – u – riya | u→ϕ/-J |
| Ngikiriya | ngi – ki - riya | Nta tegeko. |
| Nguwo | ng - u – u – o | u→w/-J |
| Ngicyo | ng - i – ki – o | i→ y/-J; ky→ cy mu myandikire |

### Umwitozo ku binyazina nyereka

**Shaka ibinyazina nyereka muri uyu mwandiko, hanyuma usesenguremo uturemajambo, unavuge inteko birimo.**

Habayeho umugore n'umugabo babyarana umwana w'umukobwa bamwita Nyirakandengu. Uyu mukobwa yabyirukanye uburanga maze amaze kuba inkumi abasore benshi batangira gusimburana bamurambagiza.  Uwa mbere yarahageze, umukobwa ati: «Wowe ntiwaba umugabo wange!» Icyo gihe yabivugaga akangwa na bwa bwiza Imana yari yaramuhereye ubuntu. Umusore wa kabiri we yari abyibushye cyane afite n'imbaraga. Yaje azi ko rwose Nyirakandengu atamubenga. Agituruka kure, wa mukobwa aba yamurabutswe kare, ati: «Uriya muhungu ntakamvugishe!» Hafi aho hari icyanzu, akihinamo, handuruka we!

Nyamusore ahageze abura cyakira, arikubura arataha. N'abandi basore bagiye baza yagiye abasuzugura atyo. Bukeye abasore bateranye baganira ku mukobwa wigize kabushungwe. Umusore umwe ati: "Ngewe nazana Nyirakandengu". Abandi bati: «Aka gahungu nta soni kagira! Umukobwa wabenze abahungu b'intarumikwa ni wowe yakwemera?» Undi ati: «Tubitegere kandi nzamuzana nkukane ibihembo byange.» Bukeye umuhungu yihindura agatosho, arihirika ajya iwabo wa Nyirakandengu.

Agihinguka mu marembo, Nyirakandengu ati: «Urashaka iki kabuye gatembera mu ngoro, ingoma zavugije imirishyo?» Akabuye kati: «Ndashaka Nyirakandengu umukobwa wabenze cyane, mfungurira.» Karagiye kidundarika ku ntebe ya se wa Nyirakandengu. Se w'umukobwa ahageze, umukobwa amutekerereza uko byagenze, se ati: «Kariya kabuye uragakurikira wa mukobwa we, si nge wakubwiye kubenga. Genda utazankururira ishyano…

**Ibisubizo by'umwitozo**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **1.** | **Uyu** mukobwa… | u-yu- ϕ | nt. 1 | Nta tegeko. |
| **2.** | **Icyo** gihe… | i-ki-o | nt. 7 | i→ y/-J; ky→ cy mu nyandikire |
| **3.** | **Bwa** bwiza … | bu-a | nt. 14 | u→w/-J |
| **4.** | **Wa** mukobwa… | u-a | nt. 1 | u→w/-J |
| **5.** | **Uriya** umuhungu… | u-riya | nt. 1 | Nta tegeko |
| 6. | Hafi **aho ...** | a-ha-o | nt. 16 | a→ϕ/-J |
| **7.** | **Ngabo** abo atuka | ng-a-ba-o | nt. 2 | a→ϕ/-J |
| **8.** | **Aka** gahungu | a-ka- ϕ | nt. 12 | Nta tegeko. |
| **9.** | **Kariya** kabuye | ka-riya | nt. 12 | Nta tegeko. |

## Igice cya gatanu: Ibyivugo, uturingushyo n'amagorane

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131 )

*Intego ngenamukoro*

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Kuvuga uturango tw'ibyivugo no kwivuga.
- Kuvuga uturango tw'uturingushyo no kutuvuga adategwa.
- Kuvuga uturango tw'amagorane no kuyavuga adategwa.

**Imfashanyigisho:**Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro ibyivugo, uturingushyo n'amagorane, ashyira abanyeshuri mu matsinda bakitegereza buri ngeri, bagatahuramo inshoza n'uturango twa buri ngeri.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma ibyivugo biri mu gitabo cy'umunyeshuri, maze bagatahura inshoza y'ikivugo n'uturango twacyo.

### Ibyivugo

1. Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica
   Icumu ryera ikigembe nariteye Umuhima kuri Gakirage
   Akirangamiye ubwiza ndarimugabiza riramugasha nk'ubukombe bw'intare
   Mbonye ko rimubaga ndamushinyagurira
   Nti: "Aho ga si wowe wenyine, n'uw'i Bunyabungo ni uko namugize".

   ***Cyahimbwe na Gahunde ka Nyakaja***

2. Intwari igaruka bahunga ya Rukangamiheto
   Ingabo idashishwa n'abayirasa
   Yangombye imisare sinayisigira umugaragu.
   Nyendaye n'amacumu mberako isibo
   Intoki ziyisangwa mu gifunga
   Imfura irema urugamba sinayicarana mu nteko
   Induru ivugije abakoni ndamaga njya kuyishakira intambara
   Irakariye abatwara imikore sinayikoma imbere
   Mbonye ko nzabikundirwa imbaraga iranjyana mbaganamo

Uwababeraga indongozi nkinga musanga

Sinareka asubira mu babo…

*Cyahimbwe na Rubibi rwa Kayiru*

***Inshoza y'ikivugo n'uturango twacyo.***

Ikivugo ni umuvugo umuntu yiratamo ubutwari cyangwa akamaro yagize. Ibikorwa bivugwamo bishobora kuba byarabaye cyangwa ari ibihimbano. Ikivugo kivugwa umuntu asukiranya amagambo kandi akaraga agakoni mu kirere, yiyereka umubyimba. Umuntu ashobora kwihimbira ikivugo cyangwa akagihimbirwa n'undi abisabye. Ku byerekeranye n'ikeshamvugo, usanga ibyivugo byiganzamo isubirajwi n'isubirajambo kandi bigakoreshwamo amagambo y'indobanure aganisha ku mirwano.

Kubera ko uyu munsi ikigambiriwe atari ukurasanira Igihugu ku rugamba ruvusha amaraso, ahubwo ari ukukirasanira ku rugamba rw'iterambere n'urwo kwihesha agaciro, ibyivugo by'ubu byagombye kubamo amagambo y'indobanure aganisha ku bikorwa byo kurwana no kwivana mu bukene no guharanira ko n'abandi babigeraho, ndetse n'aganisha ku byo kwimakaza indangangaciro z'umuco nyarwanda.

**Urugero rw'ikivugo cy'ubu :**

Imena mu baterura isuka ya Rudasigarinyuma mu bashaka iterambere,
Ndi Indongozi mu bashaka inyungu,
Inyamibwa mpimbaza amabanki,
Nshore nunguke nayigize intego.
Sinzarira mu kazi, inzangano n'amatiku nabigize ikizira,
Nzira abanebwe babunza amagambo,
Aho gushaka akazi ngo biteze imbere.
Nahinze amasaka amasoko aransingiza,
Abana bati : «Imena ya Rudasigarinyuma atumye tumera neza.
Nti: «Nimuhumure ndacyasizanira kugeza ibiribwa ku masoko
N'ibitari amasaka bizahasesekara.»

*Cyahimbwe na Hagumuburame bwa Mukurira*

**Umwitozo ku byivugo**

Umwarimu abwira buri munyeshuri guhanga ikivugo yivuga ubutwari mu bikorwa akora. Hanyuma akakivugira imbere y'abandi.

**Himba ikivugo cyawe bwite kigaragaza ubutwari mu bikorwa ukivugire imbere y'abandi.**

### Uturingushyo

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma uturingushyo turi mu gitabo cy'umunyeshuri, banadufate mu mutwe ku buryo batuvugira abandi. Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga uturango tw'uturingushyo.

### Igare

Iri gare mujya munyonga
Mukarinyonga inshuro nyamwinshi
Ridaciriwe n'urubanza
Reka mbabwire uko naribonye
Rigira amahembe ariko ntiryica
Rigira amasasu atagira imbunda
Rigira umunyururu nta ngororwa
Rigira ikiboko nka ba bandi
Rigira imipira ritifubika
Rigira ibirenge bitigenza
Rigira umusingi ariko inkwi nta zo
Rigira n'inkingi nk'inzu ya kera.
Rigira ifarasi itagira ubwoya
Rigira inanga ridacuranga
Rigira imashini itadoda ikanga
Rigira n'inzogera, ryagutura zikirenga
Rigira sitade ikarihagarika
Iritayigira ni "mfashanyare"
Ryasaza ngo ni "kajaganya"
Irishya ryo ryitwa "mutongoro".
Rigira intebe imbere n'inyuma
Rikanaheka ariko ntiryonse
Kandi nta ngobyi naribonanye
Ntirinavuka bararihanga

#### Imfura

Imfura ni iyo musangira ntigucure
Mwajya inama ntikuvemo,
Waterwa ikagutabara
Wapfa ikakurerera,
Kuba ukize ntusuzugure ukennye
Wasonza ntiwibe.

**Ibitotsi**

ibitotsi ni ibiragi, bigomba ibirago,
Usinzira utiziguye imuhira,
Uwazindutse akagusumbya akantu!

Ijoro ni intati, rikaba intambara,
Ryageza igihe k'igicuku rikagucuragiza,
Impyisi igatera, umurozi akaza!

**Ibijumba**

Imbuto ya mbutuye abahange ya nyiramirenzo,
Iyo mbuto iramamaye mu kotswa!
Bayirimira intebu,
Bakayikura mu ntaba,
Bakayuzuza mu ntebo,
Ikava ikuzimu yirabye inzarwe,
Igatsinda inzara y'abana,
Igasibya ba nyina gusya!

**Ubukene**

Ese umpoye iki ruhu rwange?
Ko amambere twajyanye i Nyabitare,
Watanyuka nkaguteza ikiremo,
Gusaba uwo munganya ububabare,
Ni ugusiga irembo ugaca mu cyanzu
Inzoga ya ngeso yanga ababo,
Aho kuyivumba nkayiva hambavu!

**Cyumbati, Cyumbati, Cyumbati!**

Cyumbati k'ikivunde
Bokereza umusaza
Umusore agasukuma
Umukecuru akayabamba.
Kimpe nkirire
Cyo kabura ubugingo
Kimpe kitakwica
Cyo kabura amagara!

**Uturango tw'uturingushyo**

Uturingushyo ni utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga, ariko ukuri bafite ku mutima bakakuvugira muri ayo mashyengo.

**Umwitozo ku turingushyo**

Umwarimu abwira abanyeshuri kuvuga akaringushyo mu two bize, akakavugira imbere y'abandi adasoma kandi adategwa.

**Tanga urugero rw'akaringushyo twize utagasoma, ukavuge udasoma kandi udategwa.**

## Amagorane

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma amagorane bihuta, kandi badategwa mu magambo.

Ingero z'amagorane:

a) Buri muntu asanzwe azi ijwi rye.

b) Birazwi ko Karisa arusha se ijwi.

c) Genda Ruri uri Ruri.

Umwarimu arabaza abanyeshuri uburyo bumvise ziriya nteruro zimeze iyo bazivuga. Barahera ku bisubizo batanga bigaragaza ko zikomeye ivuga maze basabwe gutanga uturango tw'amagorane.

## Inshoza y'amagorane

Amagorane ni imvugo yuje isubirajwi ikoresha amagambo y'indobanure maze kuyakurikiranya bikagorana, cyane iyo uyavuga ashatse kuyasubiramo yihuta. Uko kugorana bayavuga ni byo bituma bayita amagorane.

**Ingero:**

a) Isha y'umushi y'ishashi ishotse icitse ijosi.

b) Ta izo njyo uze urye izi nzuzi.

c) Buri muntu asanzwe azi ijwi rye.

d) Birazwi ko Karisa arusha se ijwi.

e) Imbogo irarisha imboga imbere y'ingoro y'umwami.

f) Ejo nishe ibibiribiri bibiri
None nishe ibibiribiri bibiri
Hari umugabo wo kwica ibibiribiri bibiri
Bya Nyirabibiribiribibiri.

g) Genda Ruri uri Ruri.

h) Ibibiribiri bibiri bya nyirabibiri biri mu murima wa Mubirigi.

i) Maze amata masa amaze amasaha.

## Uturango tw'amagorane

Amagorane ni interuro zubatse ku buryo amagambo azigize yenda gusa mu mivugirwe kandi akagenda asimburana ku buryo kuvugishwa byoroshye. Kuyavuga neza bisaba kugororokerwa mu bwonko. Agamije gutoza umuntu gufata mu mutwe no kudategwa mu magambo.

## Umwitozo ku magorane

Umwarimu abwira abanyeshuri gufata mu mutwe amagorane bize, hanyuma bakayavugira imbere ya bagenzi babo inshuro nyinshi kandi badategwa.

**Fata mu mutwe amagorane wasomye, maze uyasubiremo kenshi imbere y'abandi udategwa.**

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa munani

Muri uyu mutwe wa munani harimo imyandiko iganisha ku nsanganyamatsiko y'imyidagaduro. Bigaragara ko imikino n'imyidagaduro ari ngombwa mu buzima bw'umuntu. Muri uyu mutwe kandi, dusangamo ibisakuzo bifasha gufindura no gufata mu mutwe, urwenya rufasha abantu gusabana baseka ariko kandi no kunenga ibitagenda neza bikaziramo. Harimo kandi ibyivugo, uturingushyo, amagorane byose bikaba inganzo zibumbatiye umuco wo gutarama mu Kinyarwanda dutoza abantu kuvuga neza no gufata mu mutwe.

Muri uyu mutwe, dusangamo ikinyazina nyereka. Ikinyazina nyereka kigira ibyiciro bitandukanye biri mu nzego esheshatu bitewe n'intera y'aho ikerekanwa kiri.

## Ubumenyi bw'inyongera

**Ibisakuzo n'uko babyica**

1. Mfite inka ni Rusimbukamigina: **Imboni.**
2. Nkubise agahini hasi nti bazimu nimuzuke: **Imbogeri.**
3. Nyiramakangaza ngo mutahe: **Imbeho ku rugi**
4. Nyiramparagatabivemo umukwe wa Minani: **Imbeba mu mwite.**
5. Mfite abana bakicara ku ntebe imwe: **Igitsina cy'amateke.**
6. Nagutera nyamuremure waje kera: **Igitonyanga.**
7. Kabindibirima nzagusanga ivomo: **Igitonyanga**.
8. Nagutera Mvuyekure wa Semutiku: **Igitonyanga k'imvura.**
9. Kera imbere kakirabura inyuma kagatona ibwami: **Igitoki.**
10. Gatimba araguye n'ingabo ze: **Igitoki n'amakoma.**
11. Mennye inkuba nyihambiriza indi: **Igitoke n'amakoma yacyo.**
12. Sogokuru apfanye impatwe: **Igiti gishigukanye n'imizi yacyo.**

13. Cya mbirimbiriri cya mwiza wa so: **Igiteke mu nkono**.
14. Kirangamiye ijuru: **Igitega.**
15. Imisozi yarahiye isiga inkuba n'imiheto: **Igitare**.
16. Gitsimba igiheneko: **Igitama cyaguye mu mukokwe.**
17. Abasore b'i Gisaka barasana bakiri bato: **Igisura.**
18. Naguze ikote nkivuka na n'ubu ntirirasaza: **Umubiri w'umuntu.**
19. Icwende ryanjye ribaye kure mba ngukoreyemo: **Ukwezi.**

### Isuzuma risoza umutwe wa munani

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 136)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa munani, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza uyu mutwe, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma, umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:**

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Kubera iki?**

   Ni umugani. Kubera ko urimo ibitangaza inyamaswa ziri kuvugana n'abantu kandi utangirwa na « hariho, ugasozwa na « si nge wahera. »

2. **Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?**

   Igikona, inyange n'umukecuru, abatashyi, abahinzi, abana b'inyange, abana b'igikona.

3. **Ni iki cyatumye ikigona kiba abana b'inyange?**

   Cyabonaga ari beza cyane kandi abacyo ari babi.

4. **Kimaze kunanirwa, igikona cyashyize he abana b'inyange?**

   Cyababikije umukecuru.

5. **Ni iki cyatumye umukecuru yemeza ko abana ari ab'inyange koko?**

   Ni uko umukecuru yagerageje inyange n'igikona, igikona kikagaragaza ko kitakora ibyo bagitegetse boshye ikidafitiye impuhwe abana bacyo.

6. **Garagaza amayeri umukecuru yakoresheje ahima igikona.**

   Umukecuru yatumye inyange n'igikona kuvoma, aha igikona urutete rupfumutse.

7. **Uno mugani ugusigiye irihe somo ry'ubuzima?**

Kwemera uko ndi sindarikire iby'abandi Imana itangeneye.

**II. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura amagambo akurikira, unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Gutsimbarara:** kutava ku izima, kwanga kuva ku gitekerezo umuntu yatangiranye.
      - Yavuze yuko ari we uyobora impaka, turanga ariko tubonye abitsimbarayeho turemera.

   b) **Guhanyanyaza:** kugerageza kugera ku kintu udafitiye ubushobozi buhagije.
      - Komeza uhanyanyaze ariko sinzi niba iki kibazo uri bugishobore.

   c) **Kwitotomba:** kwivugisha nabi ubitewe no kutishima cyangwa umujinya.
      - Ko urimo kwitotomba ni iki cyakurakaje?

   d) **Urutete:** igitebo, igikoresho giteye nk'ikigagara kigizwe n'uduti duto, ntirupfundikirwa ruhora rurangaye, mu mbavu rugira imyanya ica hagati umuntu akaba yareba ibirimo.

   - Kubwira umuntu utumva ni nko kuvomera mu rutete.

2. **Simbuza amagambo y'umukara tsiri impuzanyito zayo.**
   a) Irukana icyo **gikona** kitanyonera ubunyobwa. (**kiyoni**)
   b) Inyange igaruka **bwangu**, isanga mu cyari harimo abana b'igikona. (**vuba**)
   c) Umujura yabonye umuporisi **agira** ubwoba. (**ashya**)
   d) Uvomera mu rutete avoma **bimeneka**. (**bihita**)

3. **Simbuza amagambo y'umukara tsiri imbusane zayo.**
   a) Igikona **giheka** abana b'inyange kiragenda.(**cyururutsa**)
   b) Nuko inyange **ikomeza** urugendo.(**ihagarika**)

**III. Ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi**

1. **Shaka ibinyazina nyereka mu nteruro zikurikira maze ubishakire uturemajambo ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**
   a) Iki gikona n'iyi nyange bivugwa, mbere byari bibanye neza.

      **iki: i – ki-** $\phi$ Nta tegeko.

      **iyi: i – yi -** $\phi$ Nta tegeko.

   b) Kino gikona cyatwaye abana b'inyange, gisiga abana bacyo aho.

      **kino** : ki – no Nta tegeko.

**aho : a – ha – o    a→ ϕ /-J**

c) Ngicyo kirahise, komeza ugende.

**ngicyo : ng- i – ki – o  i→y/-J, ky→cy mu nyandiko.**

d) Igikona cyageze harya mu ishyamba cyananiwe.

**harya : ha – rya**    Nta tegeko.

e) Ndabona kiriya gikona cyarashakaga guhemukira inyange.

**kiriya : ki - riya**    Nta tegeko.

f) Umukecuru yasubije ba bana b'inyange nyina.

**ba : ba – a  a→ ϕ/-J**

2. **Sobanura inshoza yo gusakuza unatange nibura n'ingero enye z'ibisakuzo waba uzi.**

   Gusakuza ni umukino ukinwa n'abantu babiri, umwe agatanga igisakuzo, undi akakica afindura igisubizo cyacyo. Usakuza agira ati: "Sakwesakwe", undi ati: "Soma." Usakuza akavuga igisakuzo undi akakica cyamunanira ati: "Ngicyo" uwagitanze akakica.

3. **Tanga urugero rw'akaringushyo k'abasizi waba uzi.**

   (Urugero rutangwa umwarimu arebe niba ari rwo koko).

## Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Vuga ibice by'ingenzi bigize ibaruwa ya gicuti ?**

   Hari amazina y'uwanditse, aho ibaruwa yandikiwe n'itariki , uwandikiwe n'indamutso, intangiriro, igihimba, umusozo. Izina ry'uwanditse n'umukono.

2. **Wifashishije imbata y'ibaruwa ya gicuti, ishyire mu mwanya wa nyina wa Mutimukeye hanyuma umwandikire ibaruwa imusubiza.**

   Ingingo zikwiye kuboneka mu ibaruwa :

   - Amakuru yo mu rugo.
   - Gushima uko yitwara ku ishuri.
   - Uko Karigirwa yamenyereye ishuri n'uwo basigaye bararana.
   - Amakuru ya nyirakuru.
   - Gahunda yo kumusura ku ishuri

## Umwitozo nyagurabushobozi

**Andika ingero ebyiri z'urwenya waba uzi cyangwa se uzihimbe ushobora kugeza kuri bagenzi bawe igihe muruhura umutwe mumaze kwiga isomo rikomeye cyane. Inzenya zawe zigomba kuba zitarimo imvugo nyandagazi.**

Umwarimu azita ku turango tw'urwenya kandi areba ko bazi kwirinda imvugo nyandagazi.

# 9 Iterambere ry'urugo.

## (Umubare w'amasomo: 16)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**<br>- Gusesengura imyandiko werekana iterambere ry'urugo.<br>- Gusesengura ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga.<br>- Gusoma no kwandika ubutinde bw'imigemo mu magambo. |
|---|
| **Ubumenyi bw'ibanze:**<br>- Kuba umunyeshuri azi icyo iterambere ari cyo.<br>- Kuba umunyeshuri azi inshoza y'ikinyazina n'amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nyajwi no ku ngombajwi.<br>- Kuba umunyeshuri azi umugemo icyo ari cyo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo:**<br>- **Umuco wo kuzigama**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa akamaro ko kwizigamira, binyuze mu gusesengura imyandiko iri muri uyu mutwe.<br>- **Uburinganire n'ubwuzuzanye.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, hasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.<br>- **Uburezi budaheza.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |

**Ubushobozi nsanganyamasomo:**

- Ubushobozi bwo kwitabira gusoma no kujora ibyo yasomye.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.
- Ubushobozi bwo gufashanya, kubaha ibitekerezo by'abandi no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi**

- Iterambere ry'urugo.
- Ibihingwa ngandurarugo
- Kwihaza mu biribwa
- Ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara.
- Akamaro k'imboga n'imbuto.
- Akarima k'igikoni.

**Uko abafite ibibazo byihariye baza kwitabwaho**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Bakwitabwaho kandi bashakirwa imfashanyigisho ziborohereza mu myigire ukurikije ibibazo byihariye baba bafite. Nk'abatabasha kureba ku kibaho neza bakicara imbere kandi umwarimu akandika ku kibaho akoresheje inyuguti nini zigaragara neza cyane, abafite ikibazo cyo kumva buhoro bafashwa hakoreshwa ijwi riranguruye...

| **Urutonde rw'ibyigwa rujyanye n'umubare w'amasomo:** | |
|---|---|
| **Iterambere ry'urugo** | **Amasomo** |
| Umwandiko: Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa.<br>Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Amasomo 2 |
| Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro. | Isomo 1 |
| Igice cya kane: Ubutinde bw'imigemo. | Isomo 1 |
| Umwandiko: Akamaro k'imboga.<br>Igice cya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.<br>Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro. | Isomo 1 |

| | |
|---|---|
| Igice cya kane: Ikinyazina ngenera. | Isomo 1 |
| Umwandiko: Akarima k'igikoni.<br><br>Igice cya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandik. | Amasomo 2 |
| Igice cya kabiri: Umwitozo w'ubumenyi ngiro. | Isomo 1 |
| Igice cya gatatu: Ikinyazina ngenga . | Amasomo 2 |
| Isuzuma risoza umutwe wa kenda. | Amasomo 2 |

## Umwandiko: Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa

### Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 140)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.
- Gusobanura akamaro k'ibihingwa ngandurarugo.
- Gusobanura ingamba zo kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku ruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Nimwitegereze iyo shusho iri mu gitabo maze mumbwire icyo mubonaho.**

   Turabona umugore urimo gutoranya ibishyimbo n'umugabo ukora mu mufuka urimo imyaka ndetse hari n'indi myaka inyuranye.

2. **Ese ibishyimbo bibarirwa mu buhe bwoko bw'ibihingwa.**

   Ibihingwa ngandurarugo.

3. **Ese muzi akamaro k'ibihingwa ngandurarugo?**

   Yego. Abantu barabirya.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uravuga ku bihingwa ngandurarugo n'akamaro kabyo.

2. **Ibihingwa ngandurarugo birimo ayahe moko?**

   Ibinyamisogwe, ibinyabijumba, ibinyampeke, imboga n'imbuto.

3. **Kugira ngo urugo rugere ku iterambere rubanza iki?**

   Rubanza kwihaza mu biribwa.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ibihingwa ngandurarugo birimo ayahe moko?**

   Birimo amoko atanu ari yo ibinyamisogwe, ibinyabijumba, ibinyampeke, imboga n'imbuto.

2. **Ibishyimbo biri mu buhe bwoko bw'ibihingwa ngandurarugo kandi bimariye iki umubiri w'umuntu?**

   Ibishyimbo biri mu binyamisogwe. Kimwe n'ibindi binyamisogwe byose, bitanga ibyubaka umubiri.

3. **Vuga icyo ibinyabijumba bihuriyeho n'ibinyampeke unavuge icyo bitandukaniyeho.**

   Ibinyabijumba n'ibinyampeke bihuriye ku kugira amasukari, bigatera ingufu. Aho bitandukaniye ni uko ibinyabijumba byerera mu butaka ibindi bikerera hejuru.

4. **Ni ibihe bibazo ubona biri mu buhinzi bw'ibihingwa ngandurarugo? Ibyo bibazo wabishakira uwuhe muti?**

   (Aha umwarimu arakosora ibitekerezo by'abanyeshuri n'uburyo babitanga.)

Ibitekerezo byatangwa:

- Kudahunikika kwabyo.
- Kuba ku mwero umuturage abihendwaho n'abacuruzi.
- Kuba izuba ryinshi cyangwa imvura nyishi bibyica.

**Ingamba:**

- Inganda zo kubihinduramo ibibikika.
- Guha agaciro imvune y'umuhinzi agahabwa amafaranga ahagije ku mwero.
- Kwiga uburyo twahinga kijyambere imvura n'izuba ntibitwicire imyaka.

5. **Kugira ngo ibihingwa ngandurarugo biboneke ku bwinshi wumva hakorwa iki?**

   Gutera imbuto z'indobanure, gukoresha inyongeramusaruro, guhuza ubutaka…

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Simbuza aya magambo aciyeho akarongo andi bivuga kimwe.**
   a) Ifunguro ry'Umunyarwanda ritariho ibishyimbo usanga ~~**ridashamaje.**~~
   Ifunguro ry'Umunyarwanda ritariho ibishyimbo usanga **ridashimishije**
   b) Ibinyabijumba **bikungahaye** ku masukari.
   Ibinyabijumba **bikize** ku masukari.

2. **Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.**
   1. **Imivunde**: imyumbati yinitswe ikinurwa, imyumbati yavunze.
   2. **Ubuziranenge**: kuba ikintu ari umwimerere, nta mwanda cyangwa inenge gifite.
   3. **Guhunika**: kubika imyaka yeze kandi yumye ahantu izamara igihe kirekire cyanecyane mu kigega.
   4. **Ifunguro**: ikintu umuntu ashobora kurya cyangwa kunywa.
   5. **Umuze**: indwara, ugusogobwa k'umuntu cyangwa inyamaswa bitewe n'indwara.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

**Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

1. Kurya **indyo** yuzuye bituma umuntu amererwa neza.
2. Imboga n'imbuto birinda umubiri wacu **indwara**.
3. Ibihingwa **ngandurarugo** ntibigombera kujya mu nganda kugira ngo bikoreshwe.
4. Ibigori si ibinyabijumba ahubwo ni **ibinyampeke**.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 141)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Witwa "Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa.

2. **Kwihaza mu biribwa bivuze iki?**

   Kubona ibyo kurya bihagije kandi byujuje intungamubiri.

3. **Ibihingwa ngandurarugo bibuze byagenda gute?**

   Inzara yamara abantu.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa",** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko?**

   Ni insanganyamatsiko yo kwihaza mu biribwa hakoreshejwe ibihingwa ngandurarugo.

2. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi ni:

   - Iterambere ry'urugo rihera ku kwihaza mu biribwa.
   - Ibinyamisogwe n'akamaro kabyo.
   - Ibinyabijumba n'akamaro kabyo.
   - Ibinyampeke n'akamaro kabyo.
   - Imboga n'imbuto n'akamaro kabyo.

   Ingingo z'ingereka:

   - Uko ibihingwa byera.

- Umukungu jumba.
- Kuboneka ku masoko.
- Indyo yuzuye.

2. **Ku bwawe urumva inyito y'ibihingwa ngandurarugo yarakomotse ku ki?**

   Ubusanzwe kugandura ni ugusindagiza inka ishaje. Ibihingwa ngandurarugo rero, ni ibihingwa bitunga urugo (abarurimo), bigatuma ruticwa n'inzara.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 141)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ububumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Twabonye ko ibihingwa ngandurarugo ari iki?**

   Ni ibihingwa bitunga urugo.
2. **Mu mwandiko bavuga ko uruhare rwabyo ari uruhe?**

   Bifite uruhare mu gutuma urugo rwihaza mu biribwa.
3. **Ese abantu batariye hari icyo bakora ngo biteze imbere?**

   Oya. Nta cyo bakwishoborera kuko nta ngufu babona.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo

bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko, abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

Insanganyamatsiko:

a) Mubona ibihingwa ngandurarugo bimaze iki mu buzima bw'abantu?

b) Ni izihe ngamba zafatwa ngo ibihingwa ngandurarugo biboneke ku bwinshi?

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

a) Ibihingwa ngandurarugo bifite akamaro kenshi mu buzima bw'abantu kuko ni byo bituma abantu babaho. Umuntu aramutse atabonye amafunguro, nta cyo yabasha kwikorera ngo agere ku iterambere kandi ubuzima bwe bwahagarara kuko umuntu arya kugira ngo abeho.

b) Ingamba zafatwa zirimo gutera imbuto y'indobanure, gukoresha inyongeramusaruro, gutera imiti irwanya indwara zitandukanye zishobora gutuma imyaka itera neza, gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi mu rwego rwo guhangana n'ibibazo bimwe na bimwe bituruka ku ihindagurika ry'ikirere nko mu gihe k'izuba n'imvura….

## Igice cya kane: Ubutinde bw'imigemo

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 142)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura ubutinde bw'imigemo.
- Gusoma no kwandika yubahiriza ubutinde bw'imigemo.
- Gutahura imigemo itinda n'itebuka mu magambo no kwandika agaragaza ubutinde bw'inyajwi aho buri.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amagambo arimo imigemo itinda n'ibanguka, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahuramo imigemo itinda n'ibanguka ndetse n'aho itandukaniye mu mivugirwe yayo.

**Itegereze amagabo abiri y'umukara tsiri ari mu nteruro zibangikanye, hanyuma uvuge aho atandukaniye mu mivugirwe yayo**.

1. Uno mwumbati ufite **umuzi** munini. / Uno muntu **umuzi** hehe?
2. **Utaka** ubabaye. / **Utaka** inzu ngo ise neza.
3. **Ibaze** ikibazo maze wisubize. / Ino nkoko **ibaze** neza, ntikurushya kuyiteka.

## Inshoza y'umugemo

Iyo umuntu avuze ijambo yitonze, yiyumvisha ibice bigize iryo jambo, kuko buri gice cyumvikana kivuzwe inshuro imwe ishyitse. Igice kimwe mu bigize ijambo kitwa umugemo. Umugemo ushobora kuba inyajwi iyo itangira ijambo. Ariko ingombajwi, n'ibihekane ntibishobora kurema umugemo batabitwereye inyajwi. Bityo rero usanga inyajwi ari yo shingiro ry'umugemo.

**Ingero:**

- Umugabo **u/mu/ga/bo** iri jambo rifite imigemo ine.
- Impaka **i/mpa/ka** iri jambo rifite imigemo itatu.

## Gusoma imigemo itinda

Mu Kinyarwanda, umugemo ushobora kuvugika ubangutse cyangwa utinze. Ni ukuvuga ko aho umugemo ubangutse batahatinda ariko aho umugemo utinda n'ubundi ijwi usanga rihatinda. Uku gutinda cyangwa kubanguka kw'inyajwi z'imigemo igize ijambo, ni byo mu Kinyarwanda bita **ubutinde**.

**Ingero:**

- **Inkoranya:** imigemo igize iri jambo nta n'umwe utinda; imigemo yose irabangutse.
- **Urukundo:** mu gusoma iri jambo byumvikana ko ijwi ribanguka kuri **u** na **ru** twagera kuri **kuu** tugatinda maze kuri **ndo** nabwo ijwi rikabanguka.
- **Umwambi:** muri iri jambo birumvikana ko umugemo wa kabiri utinda.

**Kwandika imigemo itinda**

Mu nyandiko ya gihanga, umugemo ubanguka wandikwa n'inyajwi imwe naho utinda ukandikwa n'inyajwi ebyiri.

**Urugero:**

- Inkoranya
- Urukuundo
- Umwaambi

Mu Kinyarwanda amagambo ashobora guhuza ishusho cyangwa imisusire ariko ntahuze ibisobanuro biturutse ku kudahuza ubutinde bw'imigemo.

**Ingero:**

- Gutara (ibitoki) ≠ gutaara (amakuru)
- Guhuma (amaso) ≠ guhuuma (kw'impyisi)

Ubutinde n'imigemo bifite agaciro kuko imihindagurikire yabyo ishobora gutuma igisobanuro k'ijambo gihinduka. Twibuke ko mu Kinyarwanda:

- Umugemo ubangutse wandikwa n'inyajwi imwe.

  **Urugero:** umuriro, akagabo, urugo, ikibonezamvugo
- Umugemo utinda wandikwa n'inyajwi ebyiri zisa.

**Ingero:**

| | |
|---|---|
| 1. Uno mwumbati ufite **umuzi** munini. | **U**m**uzi** |
| Uno muntu **umuzi** hehe? | **U**m**uuzi**. |
| 2. **Utaka** ubabaye. | **U**t**a**k**a**. |
| **Utaka** inzu ise neza. | Ut**aa**k**a**. |
| **3. Ibaze** ikibazo wisubize. | **I**b**a**z**e**. |
| Ino nkoko **ibaze** neza. | **I**b**aa**z**e**. |
| **I**b**aa**z**e**. | |

## Imyitozo ku butinde bw'imigemo

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro akabitanga.

1. **Andika amagambo akurikira mu nyandiko ya gihanga (igaragaza ubutinde bw'imigemo).**
   a) Umusemburo : **umuseemburo**
   b) Akabati : **akabaati**
   c) Amariba : **amariba**
   d) Umurenge : **umureenge**
   e) Inyabutongo:  **inyabutoongo**
2. **Shaka amagambo atanu ahuje imigemo ariko agatandukanywa n'ubutinde hanyuma uyakoreshe mu nteruro, uyandike wita ku butinde bwayo.**

**Ingero:**

Kana afite **ikinono** kinini ku rwara rwe./ Ino nka ifite **ikinoono** kinini**.**

Aba bana **barira** ntawubakubise./ Aba bana **bariira** ku masahane meza.

Abaforomo **bapfuka** ibisebe kenshi.. / Abasaza **bapfuuka** umusatsi.

Mugabo **arakata** imboga / Kagabo **arakaata** icyondo.

Ibi bitoki **bineka** bitinze./ Ibisambo **bineeka** kumanywa bikiba nijoro.

## Umwandiko: Akamaro k'imboga

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 145)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.
- Gusobanura akamaro k'imboga n'imbuto.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku kamaro k'imboga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu imfashanyigisho z'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko iri mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Nimwitegereze iyo shusho iri mu gitabo maze mumbwire icyo mubonaho.**

   Ndabonaho ameza ariho imboga z'ubwoko bunyuranye

2. **Imboga rwatsi ziboneka zite?**

   Umuntu arazihinga cyangwa akazihaha.

3. **Ese iwanyu mujya murya imboga? Ni izihe mukunda kurya?**

   Yego. Amashu, dodo, isombe, karoti, intoryi...

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Akamaro k'imboga."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma

umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uravuga ibyerekeye imboga n'akamaro kazo.

2. **Ni ba nde bavugwamo?**

   Ni umujyanama, n'abaturage b'umudugudu wa Kageyo barimo Kayitesi, Gasirabo na Madandi.

3. **Ese umujyanama yashimishije abaturage ba Kageyo? Ubishingiye ku ki?**

   Yego. Yarabashimishije kuko bose batashye bishimye kandi bamushimira.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda, ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:**

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni ryari umuntu yavuga ko indyo agiye kurya yuzuye?**

   Ni igihe ifite ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara.

2. **Kurya imboga bimarira iki umubiri w'umuntu?**

   Kurya imboga birinda umubiri indwara cyanecyane izijyanye n'itembera ry'amaraso, kanseri y'amara, ubuhumyi n'izindi.

3. **Ese iwanyu mukunda kurya imboga? Ni ryari muzirya? Ubona biterwa n'iki?**

   (Aha umwarimu arakosora uburyo umwana atanga ibitekerezo nibiba ngombwa amukangurire kurya imboga)
4. **Ni ibiki biri mu mboga birinda umubiri indwara?**

   Habamo vitamine n'imyunyu ngugu.
5. **Kuki atari byiza guteka imboga zigashya cyane?**

   Si byiza kuko bituma hari intungabuzima zangirika.
6. **Uretse imboga ni ibihe bindi byazunganira mu kurinda umubiri indwara?**

   Ni imbuto
7. **Umaze gusoma uyu mwandiko ni iyihe nama wagira abantu batarya imboga?**

   Nabagira inama yo kurya imboga, ku ifunguro bafata ntihakabureho imboga kuko zirinda umubiri w'umuntu indwara.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

**Sobanura buri jambo mu yakurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko**

1. **Kunoganya:** kumvikana ku bintu bizakorwa.
2. **Gukomoza:** kuvuga ku kintu ho gatoya.
3. **Gusiganuza:** gusobanuza ushiritse ubute.
4. **Gukendera:** kwenda gushira kw'ikintu.
5. **Akavuro:** akamaro.
6. **Umutiba:** igikoresho babikamo imyaka kiboshye nk'igitebo (mu mbingo) ariko kikaba kirekire kurusha uko ari kigari.
7. **Izabukuru:** igihe umuntu ageramo cyo gucika intege kubera ubusaza.
8. **Abakungu jumba:** abantu bakijijwe n'ubuhinzi bafite umusaruro w'ubuhinzi utubutse.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro

ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Koresha neza amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**

1. **Akavuro**

   Inama yagiriwe na muganga zamugiriye akavuro aba yarahitanwe n'indwara.

2. **Gukendera**

   Umuco wo gutarama Kinyarwanda ugenda ukendera mu rubyiruko.

3. **Izabukuru**

   Umusaza yabonye ageze mu zabukuru ahamagara abana be arabaraga.

4. **Umwuzukuru**

   Umwuzukuru ni umwana w'umwana wawe.

5 **Ubujiji**

   Kutarya imboga ubishaka na byo ni ubujiji mu bundi.

## Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 146)

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengua umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma, bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

   Witwa "Akamaro k'imboga".

2. **Ese kamaro k'ingenzi ko kurya imboga ni akahe?**

   Ni ukurinda umubiri indwara.

3. **Ni nde uvugwa mu mwandiko ko yafashijwe kumenya akamaro ko kurya imboga?**

   Ni umusaza witwa Madandi.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Akamaro k'imboga",** bagerageza kuwumva neza cyane, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda, akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**

   Ni ikiganiro.

2. **Vuga ingingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko.**

   **Ingingo z'ingenzi :**

   - Kurya imboga ni iby'ingenzi kuko zitanga ibirinda indwara.
   - Ni ngombwa guteka imboga ntizihwane kuko ari bwo habonekamo intungabuzima nyinshi.

   **Ingingo z'ingereka :**

   - Nta muntu ugomba kuzira ko atazi ikintu.
   - Abajyanama b'ubuzima bafite akamaro.

3. **Tumaze kumva neza ibivugwa mu kiganiro, ni ubuhe butumwa twatanga ku bantu bose muri rusange?**

   Ubutumwa twatanga nuko abantu bose muri rusange, bagomba kujya bategura imboga mu mafunguro yabo ya buri munsi.

## Igice cya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 146)

## Kungurana ibitekerezo

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?**
   Akamaro k'imboga.
2. **Nimutange ingero z'amoko atanu y'imboga rwatsi?**
   Dodo, imbwija, epinari, isogo, amashu...
3. **Mu mwandiko batubwiye ko akamaro k'imboga ari akahe?**
   Ni ukuturinda indwara.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya batanubatanu abahe insanganyamatsiko, abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Insanganyamatsiko:**

**Mu matsinda ya batanubatanu, mwungurane ibitekerezo ku mirire y'imboga iwanyu, muvuge n'ingamba zafatwa kugira ngo iyo mirire y'imboga irusheho kunoga.**

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

Abanyeshuri baratanga ibitekerezo bitandukanye bitewe n'uko iwabo byifashe. Mu ngamba zatangwa, harimo ubukangurambaga bugomba gukorwa n'abajyanama b'ubuzima, gushishikariza abantu guhinga imboga…

## Igice cya kane: Ikinyazina ngenera

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 147)

***Intego ngenamukoro:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ikinyazina ngenera.
- Gutahura uturango tw'ikinyazina ngenera.
- Gutahura ibinyazina ngenera mu nteruro, kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina ngenera, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'imimaro yayo mu nteruro.

**Musome interuro zikurikira maze mwitegereze amagambo y'umukara tsiri hanyuma muvuge umumaro afite mu nteruro arimo**.

a) Akamaro **k**'imboga ni uguha umubiri ibirinda indwara.
b) Igisubizo **cya** Kayitesi cyashimwe n'Umujyanama.
c) Madandi yafashe ikemezo **cyo** kujya arya imboga.
d) Abajyanama **b**'ubuzima bafite akamaro kanini.
e) Kayitesi ni umukobwa **w**'umuhanga.
f) Umwuzukuru **wa** Madandi azi guteka imboga.

Aya magam bo ari mu mukara tsiri, afite umumaro wo kunga inyangngo ebyiri cyangwa amagaambo abiri.

**Inshoza y'ikinyazina ngenera**

Ikinyazina ngenera cyunga ijambo n'irindi kibumbatiye inyito yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera, kugaragasa ubwoko cyangwa inkomoko, imiterere cyangwa imimerere, guhamya, no kubara.

**Ingero:**

Umwuzukuru **wa** Madandi azi guteka imboga. (Kugira : Madandi afite umwuzukuru)

Kayitesi ni umukobwa **w**'Umunyarwandakazi. (Inkomoko: Kayitesi akomoka mu Rwanda)

Kayitesi ni umukobwa **w**'umuhanga. (Imimerere: Kayitesi ni Umuhanga)

Gasarabwe ni umwana **wo** mu cyaro. (inkomoko: wo mu cyaro)

Yasoromye imboga **zo** kurya. (Guteganyiriza: imboga ziteganyirijwe kuribwa)

Iwacu turya imbuto ku **wa** mbere no ku **wa** gatanu. (Kubara: umunsi wa mbere)

Umujyanama **w**'ubuzima ni ingenzi. (Kugenera: agenewe ubuzima)

**Uturango tw'ikinyazina ngenera**

Ikinyazina ngenera kirangwa no kwisanisha n'izina gifata inteko yaryo.

**Ingero:**

Umwuzukuru **wa** Madandi. (nt. 1)

Abuzukuru **ba** Madandi.(nt. 2)

Uruboga **rwo** gutera. (nt. 11)

Imboga **zo** gutera.(nt. 10)

Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri. Hari ibigira igicumbi – **a** hari n'ibigira igicumbi – o.

**Intego y'ikinyazina ngenera**

Intego y'ikinyazina ngenera igizwe ahanini n'indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni: Rkz – C ariko kubera ko ikinyazina ngenera gifata indomo iyo gisimbuye izina, gishobora no kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine D – Rkz – C.

- Iyo tugoragoje ikinyazina ngenera dusanga gifite ibicumbi bibiri : Rkz – C.

| **Ingero** | **Rkz–C** | **Amategeko y'igenamajwi** | **Inteko** |
|---|---|---|---|
| Dore akarima **ka** karoti. | ka-a | a→ϕ/-J | nt. 12 |
| Dore umurima **wa** karoti | u-a | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore imirima **ya** karoti. | i-a | i→y/-J | nt. 4 |
| Dore umurima **wo** guhingamo dodo. | u- o | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore akarima **ko** guhingamo dodo. | ka- o | a→ϕ/-J | nt. 12 |
| Dore imirima **yo** guhingamo dodo. | i- o | i→y/-J | nt. 4 |
| Dore umurima **wo** mu gishanga. | u- o | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore umurima **wo** muri Nyamukura | u- o | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore imirima **yo** ku Mugina. | i- o | i→y/-J | nt. 4 |
| Dore umurima **wo** kuri Nyabarongo | u- o | u→w/-J | nt. 3 |

Nk'uko bigaragara, ikinyazina ngenera kigira igicumbi **-o** akenshi iyo gikurikiwe n'imbundo, umugereka w'ahantu n' indangahantu "ku", "kuri", "mu" cyangwa "muri". Ahandi hasigaye muri rusange, igicumbi k'ikinyazina ngenera kiba **-a**.

**Ingero:**

-Inka yo korora yitabwaho. **yo: i-o** i→ y/-J nt.9

-Musorome imboga zo hagati. **zo**:zi-o i→ϕ /-J nt.10

- Umurima wo mu kabande urera. **wo**: u-o, u→ϕ/-J nt.3

Ikinyazina ngenera gishobora gufata indomo, kigasimbura izina kisanishije na ryo.

**Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera**

| Inteko | Igicumbi - a | Igicumbi – o | Byafashe indomo | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | wa | wo | uwa | uwo |
| 2 | ba | bo | aba | abo |
| 3 | wa | wo | uwa | uwo |
| 4 | ya | yo | iya | iyo |
| 5 | rya | ryo | irya | iryo |
| 6 | ya | yo | aya | ayo |
| 7 | cya | cyo | icya | icyo |
| 8 | bya | byo | ibya | ibyo |
| 9 | ya | yo | iya | iyo |
| 10 | za | zo | iza | izo |
| 11 | rwa | rwo | urwa | urwo |
| 12 | ka | ko | aka | ako |
| 13 | twa | two | utwa | utwo |
| 14 | bwa | bwo | ubwa | ubwo |
| 15 | kwa | ko | ukwa | uko |
| 16 | ha | ho | aha | aho |

**Imyitozo ku binyazina ngenera**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Shaka ikinyazina ngenera mu nteruro cyangwa amatsinda y'amagambo bikurikira, unagaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe:**

1. Amasaha yo gukora.
2. Abana ba Rukundo.
3. Umukobwa wo mu gisabo.
4. Indabo za Kayitesi.
5. Igitabo k'ikinyarwanda.
6. Akarima k'igikoni.
7. Imbuto y'umugisha.
8. Imyitozo twakoze isa n'iyo mu gitabo.

**Ibisubizo:**

| Ibinyazina | | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| 1. | yo | a - o | a→ y/-J |
| 2. | ba | ba - a | a→ ϕ/-J |
| 3. | wo | u - o | u→ w/-J |
| 4. | za | zi - a | i→ ϕ/-J |
| 5. | k' | ka - a | a→ ϕ/-J |
| 6. | y' | i - a | i→ y/-J |
| 7. | iyo | i - i - o | i→ y/-J |

## Umwandiko: Akarima k'igikoni

## Igice cya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 150)

***Intego ngenamukoro***

umunyeshuri ahereye ku mwandiko yasomye, araba ashobora:

- Gusoma mu ijwi riranguruye atarya amagambo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa;
- Gusobanura amagambo no gukoresha mu nteruro ngufi ayo magambo yungutse.
- Gusesengura umwandiko no gusobanura akamaro k'akarima k'igikoni.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Akarima k'igikoni" igitabo cy'umwarimu, zimwe mu mboga rwatsi ziboneka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku karima k'igikoni, bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko basomye.

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe.**

1. **Niba iwanyu muteka imboga, muzitegura muzikuye he?**
   Turazihinga cyangwa tukazigura ku isoko.
2. **Iyo muzihinze, muzihinga hehe?**
   Tuzihinga mu murima cyangwa mu karima k'igikoni.

**II. Gusoma umwandiko mu matsinda.**

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Akarima k'igikoni"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**

   Uravuga ibyerekeye akarima k'igikoni.

2. **Akarima k'igikoni umwandiko urakavugaho iki?**

   Karavugwaho akamaro kako mu gutanga imboga zujuje ubuziranenge.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Sobanura itandukaniro riri hagati yo guhaha imboga ku isoko no kuzisoroma mu karima k'igikoni.**

   Mu isoko hava imboga zatakaje zimwe mu ntungamubiri kubera gusaza, naho izo mu karima k'igikoni ziba ari nshya, zigifite intungamubiri zose.

2. **Ni iki umuntu akenera igihe agiye kubaka akarima k'igikoni?**

Akenera itaka, ifumbire n'imifuka yo gutangira itaka cyangwa ibindi bintu byaritangira.

3. **Ese iwanyu abantu bagira uturima tw'igikoni? Sobanura impamvu bimeze gutyo.**

   (Aha umwarimu arakosora uburyo umunyeshuri ivuga uko iwabo bimeze.)

4. **Ese wowe wumva akarima k'igikoni ari ngombwa? Sobanura impamvu y'igisubizo utanze.**

   (Aha umwarimu arumva ibitekerezo by'umunyeshuri uburyo abitanga abihe agaciro bikwiye.)

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda bashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo babona ko ari mashya bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, basubiza ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo biri mu bitabo byabo.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

**Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko unakoreshe buri jambo mu nteruro.**

1. **Gutsuka:** Kunyerera ukava mu mwanya warimo.

   Mutere neza ayo meza ataza gutuma ibirahure bitsuka bikameneka.

2. **Umudugudu**: ahantu h'umusozi hatsitse ingo, ahantu hagenewe guturwa mu cyaro, abantu bakahubaka mazu yegeranye maze bakegerezwa ibikorwa remezo bituma batera imbere.

   Ntuye mu mudugudu wa Remera.

3. **Igikoni** : ahantu habugenewe hakorerwa imirimo yo guteka n'indi ijyanye na byo.

   Nabonye kwa Migambi bafite iziko rigezweho mu gikoni cyabo.

4. **Ifumbire** : ibintu byose bashobora gushyira mu murima kugira ngo urusheho kurumbuka, byaba ibituruka ku matungo nk'amase n'amahurunguru cyangwa ibyatsi byabaye imborera.

   Abahinzi benshi basigaye bakoresha ifumbire mvaruganda.

## Igice cya kabiri: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 151)

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego ngenamukoro***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**
   Akarima k'igikoni.
2. **Akarima k'igikoni kamaze iki?**
   Gahingwamo ibihingwa nk' imboga.

**II. Kungurana ibitekerezo**

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka, ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, abahe insanganyamatsiko abasabe kuyitangaho ibitekerezo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo buri tsinda rigaragaza ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha mu guhuza ibitekerezo byose no gufata umwanzuro ukwiye.

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

**Insanganyamatsiko:**

Mwungurane ibitekerezo ku buryo bunyuranye akarima k'igikoni kubakwamo iwanyu.

(Abanyeshuri baratanga ibitekerezo bitandukanye, umwarimu abafashe kubihuza neza)

## Igice cya gatatu: ikinyazina ngenga

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 151)

***Intego ngenamukoro:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ikinyazina ngenga .
- Gutahura uturango tw'ikinyazina ngenga .
- Gutahura ibinyazina ngenga mu nteruro, kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zakenerwa nko mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina ngenga, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'imimaro yayo mu nteruro.

**Musome interuro zikurikira maze amagambo y'umukara tsiri muvuge icyo yerekezaho n'inteko arimo.**

a) Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara.
b) Kayitesi **we** asobanukiwe akamaro k'imboga.
c) Akarima k'igikoni **ko** gatuma imboga rwatsi ziribwa zigisoromwa.
d) Abanyamugi, ntawurya imboga nka **bo**.
e) **Nge** na **we** ntidusa n'abatarya imboga.
f) Imboga zera ahantu **hose** mu Rwanda.
g) Iyo ifumbire ishize mu karima k'igikoni umuntu yongera**mo** indi.

**Inshoza y'ikinyazina ngenga**

Ikinyazina ngenga ni ijambo rihagararira nyakuvuga, nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa risobanura ibyo ari byo. Iyo ryerekeza kuri nyakuvuga cyangwa nyakubwirwa riterurwa n'indangangenga, ryakwerekeza kuri nyakuvugwa rikajya mu nteko zose.

**Ingero:**

- **Nge** na**we** ntidusa n'abatarya imboga.

  **Nge ( ngi-e):** iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere y'ubumwe.

  **Twe (tu – e)**: iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere y'ubwinshi

- Akarima k'igikoni **ko** gatuma imboga ziribwa zigisoromwa.

  **kô (ka–ô):** iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya 3 mu nteko ya 12.

**Uturango tw'ikinyazina ngenga**

Ikinyazina ngenga kigira ibicumbi bikurikira **: -e, -ê , –o, na –ô.**

Ikinyazina ngenga gifte igicumbi –**e** gikoreshwa muri ngenga ya mbere n'iya kabiri naho ikinyazina ngenga gifite igicumbi –**ê** gikora muri ngenga ya gatatu, inteko ya mbere(ng3nt.1).

Ikinyazina ngenga gifite igicumbi –**o** gikora muri ngenga yakabiri y'ubumwe mu gihe igicumbi –**ô** gikoreshwa ku binyazina ngenga byo muri ngenga gatatu guhera ku nteko ya kugeza ku nteko ya 16.

**- Igicumbi -e**

**Ingero:**

Ng.1 mu bumwe: nge

mu bwinshi: twe

Ng.2 mu bumwe: wowe

mu bwinshi: mwe

**- Igicumbi -ê**

**Urugero:**

Ng.3 nt.1: wê

**- Igicumbi –o**

**Urugero:**

Ng.2 mu bumwe: wowe

**-Igicumbi -ô**

**Ingero:**

Ng3 nt.2: bô

Ng3 nt.4: yô

Ng3 nt.7: cyô

Ng3 nt.16: hô

**Intego y'ikinyazina ngenga**

Ikinyazina ngenga kigira intego y'indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine Rkz – C

**Ingero:**

| Inteko cyangwa ngenga | Interuro | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| ng 1 bu | Ni n**ge** uzi guteka imboga ziryoshye. | n-gi-**e** | i→ϕ/-J |
| ng 2 bu | Na**we** ugomba kurya imboga. | u-e | u→w/-J |

| | | | |
|---|---|---|---|
| ng 1 bw | Si **twe** tudafite akarima k'igikoni**.** | tu-e | u→w/-J |
| ng 2 bw | **Mwe** ntimuzi gukora akarima k'igikoni**.** | mu-e | u→w/-J |
| ng 3 nt. 1 | Kamana **we** yanga kurya imboga ra! | u- ê | u→w/-J |
| nt. 2 | Abafite akarima k'igikoni ni **bo** barya imboga zuzuye | ba- ô | a→ϕ/-J |
| nt. 3 | Umwungu na **wo** ubaririrwa mu mboga. | u- ô | u→w/-J |
| nt. 4 | Imirima si **yo** y'ibura, habura ubushake bwo gutera imboga. | i- ô | i→y/-J |
| nt. 5 | Idegede na **ryo** ni uruboga. | ri- ô | i→y/-J |
| nt. 6 | Amababi y'imyumbati ni **yo** avamo imboga zitwa isombe. | a- ô | a→y/-J |
| nt. 7 | Igihepfu na **cyo** ni uruboga. | ki- ô | i→y/-J<br>ky→cy mu nyandiko |
| nt. 8 | Imboga n'imbuto nta kiryoha nka **byo**. | bi-ô | i→y/-J |
| nt. 9 | Isogi ni **yo** ruboga rwa gakondo kimwe na dodo | i- ô | i→y/-J |
| nt10 | Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara. | zi-ô | i→ϕ/-J |
| nt. 11 | Urutoryi na **rwo** ruri mu mboga. | ru- ô | u→w/-J |
| nt. 12 | Akaboga **ko** ntikabaririrwa mu mboga rwose. | ka- ô | a→ϕ/-J |
| nt. 13 | Utu tuboga ni **two** tundyoheye. | tu- ô | u→w/-J |
| nt. 14 | Ubututu na **bwo** ni imboga. | bu- ô | u→w/-J |
| nt. 15 | Ukuboko k'umutetsi ni **ko** kuryoshya imboga. | ku- o | u→ ϕ/-J |
| nt. 16 | Aha hantu ni **ho** twatera imboga rwatsi. | ha- ô | a→ ϕ/-J |

**Ikinyazina ngenga**

Ikinyazina ngenga gishobora kwiyomekaho umusuma ufite inyito yo gusobanura. Imisuma ishobora kwiyomekaho ni: **- we, - bwe, - nyine ,- mbi,- se**. Imisuma ntabwo igira intego.

**Ingero:**

wowe uraza: u – o – u–e    u→ w/-J

ibiti byombi: bi – ô –mbi    i→ y /-J

muze mwenyine: mu – e –nyine    u→ w/-J

baje bose: ba – ô – se    a → ϕ /-J

**Imbonerahamwe z'ikinyazina ngenga mpamya**

| Ngenga/ inteko | Ikinyazina | Icyongeweho –**se** | Icyongeweho –**nyine** | Icyongeweho –**mbi** | Icyongeyeho –**we/-bwe** |
|---|---|---|---|---|---|
| ng 1bu | (n)ge | - | (n)genyine | - | (n)ge**we** |
| ng 2 bu | we | wese | wenyine | - | wowe |
| ng 1 bw | twe | twese | twenyine | twembi | twebwe |
| ng 2 bw | mwe | mwese | mwenyine | mwembi | mwebwe |
| ng 3 nt. 1 | we | wese | wenyi | - | - |
| nt. 2 | bo | bose | bonyine | bombi | - |
| nt. 3 | wo | wose | wonyine | - | - |
| nt. 4 | yo | yose | yonyine | yombi | - |
| nt. 5 | ryo | ryose | ryonyine | - | - |
| nt. 6 | yo | yose | yonyine | yombi | - |
| nt. 7 | cyo | cyose | cyonyine | - | - |
| nt. 8 | byo | byose | byonyine | byombi | - |
| nt. 9 | yo | yose | yonyine | - | - |
| nt. 10 | zo | zose | zonyine | zombi | - |
| nt. 11 | rwo | rwose | rwonyine | - | - |
| nt. 12 | ko | kose | konyine | - | - |
| nt. 13 | two | twose | twonyine | twombi | - |
| nt. 14 | bwo | bwose | bwonyine | bwombi | - |
| nt. 15 | ko | kose | konyine | - | - |
| nt. 16 | ho | hose | honyine | hombi | - |

**Umwitozo ku kinyazina ngenga**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo riri kumvikana, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Shaka ikinyazina ngenga mu nteruro zikurikira maze uvuge inteko kirimo, ugaragaze uturemajambo twacyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

1. Kamuzinzi uyu ni **wê** wampingiye amashu mu gishanga.

   **we** **u- ê**    u→w/-J

2. Imboga **mwe** mukunda si zo **twebwe** dukunda.

   **mwe** mu-e    u→w/-J

   **twebwe** tu-e-bwe    u→w/-J

3. Za dodo ni **zô** mboga ziboneka henshi mu Rwanda ; si ko bimeze ?

   **zo** zi-ô i→ϕ/-J

4. **Wowe** ntujya urya ibishyimbo bitarimo imboga rwatsi.

   **wowe** u-o-u-e u→w/-J

5. Aba bana ni **bô** bazakora ibyo **mwebwe** mwananiwe.

   **bo** ba-ô a→ϕ/-J

   **Mwebwe** mu-e-bwe u→w/-J

6. Niba mwenda guhaga, murye imboga, ibindi **byô** muraba mubirya.

   **byo** bi-ô i →y/-J

**Ubumenyi bwinyongera**

**Imiterere y'umugemo**

Umugemo uba ugizwe n'ijwi shingiro rimwe cyangwa ukaba ugizwe n'amajwi shingiro menshi ariko n'ubwo yaba amajwi shingiro menshi arema umugemo umwe igihe yumvikanira icyarimwe mu mugo.

**1.** Iyo umugemo ugizwe n'ijwi shingiro rimwe, iryo jwi shingiro aba ari inyajwi igihe cyose kandi bene uwo mugemo uboneka mu ntangiriro y'ijambo gusa.

**Ingero:**

-Itama: **i**tama

-Umuti: **u**muti

- Oya: **o**ya

**2.** Iyo umugemo ugizwe n' amajwi shingiro menshi uba ugizwe n'urwunge rw'ingombajwi zisanzwe n'inyajwi. Ingombajwi n'ibihekane ntibishobora kurema umugemo bititwerereje inyajwi bityo rero ugasanga ko inyajwi ari yo shingiro ry' umugemo.

**Ingero:**

- Amakayi: a-ma-ka-yi
- Ijambo: i-ja-mbo
- Umunwa: u-mu-nwa

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda

Muri uyu mutwe, harimo imyandiko iganisha ku kwihaza mu biribwa hashingiwe ku guteza imbere ubuhinzi bw'ibihingwa ngandurarugo. Hagarutswe ku kamaro k'imboga n'imbuto n'uburyo bwo kubyihazamo hategurwa uturima tw'igikoni. Ku byerekeye ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi, muri uyu mutwe, twasanzemo **ubutinde bw'imigemo**: tubona ko umugemo ubanguka wandikwa hakoreshejwe inyajwi imwe, naho utinda ukandikwa hakoreshejwe inyajwi ebyiri. Twabonye **ikinyazina ngenera** kibumbatiye inyito yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera, **n'ikinyazina ngenga** gihagararira nyakuvuga, nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa risobanura ibyo ari byo . Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: -a na o. Ikinyazina ngenga cyo kikagira ibicumbi -e ,- ê, –o,–ô.

## Isuzuma risoza umutwe wa kenda

(Mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 155)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa mbere, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa mbere, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**

   Ni umugani muremure.

2. **Ni iki cyateye umuhinzi gushyira umutego mu murima we?**

   Umuhinzi yashyize umutego mu murima kubera ko inyamaswa zari zimurembeje zimwonera.

3. **Ubwenge bwa Bakame bwatumye icika umutego inshuro ebyiri. Yabigenje ite?**

   Ubwa mbere yafashwe n'umutego, isaba ikinyogote kuyikuramo, kimaze kubikora ihita igihirikira muri wa mutego, umuhinzi aba ari cyo afatiramo. Ubwa kabiri Bakame yafashwe n'umutego, isaba ingunzu kugikuramo, na yo iyikuramo, Bakame iba iyihirikiyemo na yo.

4. **Kugira ngo afate Bakame burundu umuhinzi yakoresheje iki?**

   Kugira ngo Bakame ifatwe, umuhinzi yayiteze ishusho y'umuntu ikoze

mu ibumba. Bakame yagize ngo ni umugabo, imukubita inshyi, amaboko aheraho, imukubita imigeri, amaguru aheramo, isigara itendetse ku ibumba.

5. **Garagaza ko inyamaswa zitarusha abantu ubwenge ugendeye ku mwandiko.**

   Umuhinzi yafashe Bakame n'ubwo na yo yari inyaryenge ugereranyije n'izindi nyamaswa.

6. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wabwira iki abantu bangiza iby'abandi?**

   (Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye) Ariko si byiza kwangiza iby'abandi kuko ibyo tutifuza gukorerwa ntitukabikorere abandi.

**II. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura amagambo akurikira unayakoreshe mu nteruro iboneye.**
   a) **Uburo**: ubwoko bw'ibimera bihingwa bikagira impeke nto cyane ugereranyije n'amasaka.
   b) **Inkundura** : ubutaretsa.
   c) **Kona**: kujya mu myaka kw'inyamaswa cyangwa itungo ikayirya.
   d) **Zandembeje**: zimumereye nabi.
2. **Simbuza ijambo ry'umukara tsiri impuzanyito zayo.**
   a) Bakame isigara **yinaganitse** ku ibumba.
      Bakame isigara **yitendetse** ku ibumba.
   b) Ukuguru na ko **guheraho**.
      Ukuguru na ko kugumaho.
3. **Simbuza amagambo y'umukara tsiri imbusane zayo**.
   a) Bakame **yongera** kumwiba.
      Bakame **ireka / ihagarika** kumwiba.
   b) Ukuguru nako **guheramo.**
      Ukuguru nako **kuvaho/gusohokamo.**

**III. Ikibonezamvugo**

1. **Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo unayashakire uturemajambo, amategeko y'igenamajwi n'inteko zayo.**
   a) Nyiri umurima aba ari **cyo** asangamo.
      **cyo ni ikinyazina ngenga. nt. 7**
      **cyo: ki-o i→y/-J ky→ cy mu nyandiko.**

b) Irikubise urundi na **rwo** rurafatwa.

**rwo ni ikinyazina ngenga. nt. 11**

**rwo: ru-o u→w/-J**

c) Akaguru **ka** Bakame na **ko** karafatwa.

**ka ni ikinyazina ngenera. nt. 12**

**ka: ka – a a→ϕ/-J**

**ko ni ikinyazina ngenga. nt. 12**

**ko: ka – o a→ϕ/-J**

d) Nze nkwereke uko abakobwa **b**'ino babyina?

**ba ni ikinyazina ngenera nt. 2**

**ba : ba – a a→ϕ/-J**

e) Umutego **w**'umuhinzi wafashe Bakame.

**wa ni ikinyazina ngenera nt. 3**

**wa : u – a u→w/-J**

**2. Andika amagambo y'umukara tsiri ugaragaza ubutinde bw'imigemo.**

a) Bakame ibona **byakomeye**.

**byaakomeye**

b) **Ibumba ntiryakoma.**

**Ibuumba ntiryaakoma**

c) Nuko **amagambo** ashira ivuga.

**amagaambo**

d) Nkwereke uko **abakobwa** b'ino babyina.

**abakoobwa**

## Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Inyito "ibihingwa ngandurarugo" ivuze iki?**
   Bivuga ibihingwa bitanga amafunguro yo gutunga urugo.
2. **Tanga ingero z'ibihingwa ngandurarugo.**
   Ibinyabijumba, ibinyamisogwe, ibinyampeke, imboga n'imbuto.
3. **Indyo yuzuye irangwa n'iki?**
   Indyo yuzuye ni irimo ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara.
4. **Sobanura imyandikire y'umugemo ubanguka n'umugemo utinda.**
   Umugemo ubanguka wandikwa hakoreshejwe inyajwi imwe naho umugemo

utinda ukandikwa hakoreshejwe inyajwi ebyiri.

5. **Tanga ingero z'amagambo ane asa ariko mu buryo bw'imvugirwe agatandukanywa n'ubutinde bw'imigemo.**

   Guhuma ≠ guhuuma

   Gutaka ≠ gutaaka

   Gukoba ≠ gukooba

   Gutara ≠ gutaara

6. **Tahura mu nteruro zikurikira, ibinyazina ngenera n'ibinyazina ngenga ugaragaze uturemajambo twabyo n'amategeko y'igenamajwi.**

   a) Amata yo kunywa barayateka naho ayô gucunda yo bakayabuganiza.

      **yo (ya mbere): ikinyazina ngenera : a - o      a→y/-J**

      **ayo : ikinyazina ngenera: a – a - o      a→y/-J**

      **yô (ya kabiri) : ikinyazina ngenga : a - ô      a→y/-J**

   b) Umwana wa Kamana wê ariyubaha

      **wa: ikinyazina ngenera u – a      u →w/-J**

      **we: ikinyazina ngenga  u –  ê      u →w/-J**

   c) Imana itera amapfa ni yô itera aho bahahira.

      **yo: ikinyazina ngenga  i - ô      i→y/-J**

   d) Twese tuzubaka u Rwanda

      **twese: ikinyazina ngenga  tu – e –se      u →w/-J**

   e) Kanyana yagiye ku ishuri wenyine.

      **wenyine : ikinyazina ngenga u – ê – nyine      u →w/-J**

## Imyitozo nyagurabushobozi

**Andika amatsinda icumi(10) y'amagambo abirabiri atandukaniye ku butinde bw'imigemo bwonyine kandi udashyizemo ayo twakoresheje mu isomo.**

Umwarimu azareba ko bazi gutanga amagambo atandukaniye ku butinde gusa; nta masaku ajemo.

Ingero:

a. Kugemura(mu gihe warwaje umuntu)/ kugemuura(ingemwe ngo uzitere ahandi).
b. Gutara(ibitoki) /gutaara(ibintu bidahagije).

## Iyungure amagambo

**Abantu ni magirirane**: abantu baberaho gufashanya no kuzuzanya.

**Abari**: abakobwa, inkumi…

**Abategarugori**: abagore.

**Agakungu** : imyitwarire mibi umuntu aba afatanyije n'abandi bantu, guhora ugendana n'abantu bamwe kandi bafite ingeso mbi.

**Agaragiwe** : yungirijwe, aherekejwe.

**Agasanduku k'iposita:** kamwe mu dusanduku twinshi tuba ku biro by'iposita dushyirwamo ubutumwa bwanditseho nomero zatwo. Agasanduku kaba kigengwaho n'ikigo runaka.

**Akaga** : ibyago bikomeye.

**Akanayiyambaza**: akanayisunga, akanayisaba

**Akarande**: ibintu bimaze igihe kirekire cyane, byamenyerewe.

**Amabwiriza**: amagambo umuntu abwira undi amuyobora, amubwira uko agomba kwitwara mu bintu.

**Amadovize**: amafaranga y'amahanga.

**Amahumbezi**: akayaga gake gahuhera kagatanga umwuka mwiza, amafu.

**Amakenga:** ubwitonzi burimo n'igenzura butuma umuntu adapfa guhubukira ibintu.

**Amakimbirane** : ibibazo umuntu agirana n'abandi,imibanire mibi n'abandi.

**Amaraporo**: inyandiko zigaragaza ibintu byakorewe muri gahunda runaka zigahabwa umuyobozi wo ku rwego rwisumbuyeho.

**Amashyo**:inka nyinshi ziri hamwe

**Amayombo**: amayugi y'imbwa, inzogera z'imbwa ziri mu muhigo.

**Anurira** : aryoha cyane.

**Anyuzwe**: yishimye, nta ngingimira, yabyemeye n'umutima we wose.

**Ashoramo**: atangamo kugira ngo imirimo ikorwe neza.

**Ashya ubwoba**: agira ubwoba bwinshi cyane.

**Avubukamo**: asohokamo, aturukamo.

**Bagakeburana**: bagakosorana, bakagirana inama.

**Bagashikira**: bagahururira.

**Biramuyobera** : bimubera urujijo.

**Dusangira akabisi n'agahiye**: dukundana cyane by'umwihariko.

**Gufata igihe**: kujya kuba ku muntu ugukoresha kugira ngo umukorere, igihe runaka nikirangira abe yakugabira maze witahire.

**Guhanyanyaza**: kwanga guhagarika igikorwa kigaragara nk'ikitari bukunde.

**Guhatanira ikintu:** guhangana n'abandi mu bikorwa bigamije kwegukana ikintu.

**Guhekura** : kwicirwa urubyaro.

**Guhererekanya**: gukoresha ikintu kimwe muri benshi, gutizanya…

**Guhunika**: kubika imyaka ahantu izamara igihe kirekire.

**Gukendera**: kwenda gushira kw'ikintu.

**Gukomoza**: kuvuga ku kintu ho gatoya.

**Gukora ku ifaranga**: gutunga amafaranga.

**Gukumira**: guhagarika, gutangira.

**Gupfunyikira umuntu ikibiribiri**: kumubeshya ko hari icyo umuhaye, kumuha ikintu kitagifite agaciro…

**Guponda sima**: kuyitunganya bayivangamo amazi n'umucanga ngo bayikoreshe.

**Gusaakaara:** kugera ahantu hensh, gukwira ahantu hatandukanye.

**Gushoreza** : kwinjiza banyujije mu mazuru nk'umwuka.

**Gusigana** : kwanga gukora ikintu utegereje ko gikorwa n'undi kandi byakagombye kuba mu nshingano zawe.

**Gusiganuza**: gusobanuza ushiritse ubute.

**Gusobanura amavuta**: kuyatandukanya n'amata igihe bamaze gucunda.

**Gutahira**: kurongorera kwa sobukwe kubera ubukene bwo kutagira aho uba.

**Gutahiriza umugozi umwe:** kuzuzanya, gukora ibishyigikira ibya bagenzi bawe.

**Gutenda**: kujya kuba kwa sobukwe ukora imirimo y'amaboko kugira ngo bazaguhe umugeni. Byakoraga umusore w'umukene wabuze inkwano cyangwa uwabaga ari imfubyi

**Gutonesha**: gukundwakaza, gukunda bamwe abandi ukabatsikamira.

**Gutsimbarara**: kwanga kuva ku gitekerezo umuntu yatangiranye, kwanga kurekura ikintu ufite.

**Gutsuka**: kunyerera ukava mu mwanya warimo.

**Icyari**: ni inzu y'inyoni naho kwarika ni uburyo inyoni ubwazo ziyubakira inzu mu byatsi.

**Icyuho**: mu mwandiko icyuho ni inzira cyangwa aho ikintu cyakwinjirira.

**Igenamigambi:** gahunda y'itegurwa ry'ibikorwa abantu biyemeza kuzagenderaho mu gihe bihaye.

**Igicuba**: igikoresho badahishaga amazi bashyira mu kibumbiro aho inka zanyweraga amazi. Muri iki gihe igicuba bagiterekamo amata.

**Iguciye urwaho**: ikubonye wowe utayibonye , ikuguye gitumo.

**Ikamurebera izuba** : ikamwihorera.

**Ikerekezo** : intego umuntu yiha ngo azayigereho.

**Ikiniga**: ukunanirwa kuvuga kubera agahinda n'umubabaro.

**Ikinyogote**: ni inyamaswa iba mu gasozi igira amahwa ku ruhu rwayo ku mugongo no mu mbavu.

**Ikitegererezo**: intangarugero, icyo abandi bashobora gufataho urugero.

**Ikobe:** urusaku rutewe n'ibyishimo.

**Imbarutso**: ku mutego ni akantu inyamaswa ikoma umutego ugahita uyifata. Mu mvugo ishushanya, imbarutso ni igikorwa kiba intandaro y'ikintu.

**Imbogamizi**: ibibangamira abantu, intambamyi.

**Imburagihe:** igihe gikwiriye kitaragera, mu buryo butari bwo.

**Imidugararo**: amahane, ibibazo, umwiryane, amakimbirane, impagarara, …

**Imihangayiko**: ibibazo bitesha umuntu umutwe.

**Imivu**: amazi menshi atemba iyo imvura igwa.

**Imivunde**: imyumbati yinnye ikinurwa yaba yumye cyangwa itumye.

**Impanga**: ubundi bivuga abantu bavukiye icyarimwe kandi babyawe n'umuntu umwe

**Imyumvire**: imitekerereze, uburyo umuntu afata ibintu, uko atekereza…

**Inanga**: igikoresho cya kinyarwanda cy'umuziki.

**Indakoreka:** umuntu ukora ibyo yishakiye kandi bibi kandi ntiyemere gukosorwa.

**Indangagaciro remezo**: indangagaciro y'ibanze, indangagaciro shingiro…

**Indiri**: intaho (cyanecyane rikoreshwa ku nyamaswa).

**Ingorabahizi**: bikomeye cyane kwikuramo.

**Intandaro**: imvano, impamvu, inkomoko…

**Intangarugero**: ukora ibyiza bishimwa n'abo bari kumwe.

**Inzogera irirenga**: arapfa, yitaba Imana.

**Ipfunwe:** ikimwaro cyangwa isoni umuntu aterwa no kuba atakoze ibikwiye.

**Iposita:** ni ibiro bishinzwe gutwara no kwakira impapuro z'itumanaho n'ibindi

bintu biturutse cyangwa bijya kure.

**Irudubi**: bibi bikabije, kure habi, nabi bikabije…

**Irungu**: kuba wenyine udafite uwo muvugana.

**Ishema:** umunezero umuntu aterwa no kuba yakoze ibikwiye.

**Ishyaka**: umurava, ubutwari.

**Isugi**: umukobwa utarigeze akora imibonano mpuzabitsina. Ku gikoresho, bavuga ko ari isugi iyo kitarakoreshwa na rimwe.

**Itsinda**: abantu bari hamwe ku murimo umwe.

**Iyitaho**: igikorwa cyo kwita ku kintu, ukagikenura.

**Iyo gihera**: kure cyane.

**Izabukuru**: igihe umuntu ageramo cyo gucika intege kubera ubusaza.

**Kadasuma**: kadasakuza, katavuga cyane, kadahinda…

**Karahabutaka**: ikintu kinini cyane.

**Kokama:** gucengera mu muntu ku buryo bidapfa kumuvamo (ubundi iyi mvugo ikoreshwa ku bintu bibi).

**Kokayine**: ubwoko bw'ikiyobyabwenge.

**Kona**: kurya imyaka kw'inyamaswa ziyangiza.

**Ku isoko ry'umurimo** : mu ipiganwa ryo kubona akazi cyangwa mu gutunganya ibintu runaka.

**Ku ruhimbi** : aho batereka amata cyangwa babika ibikoresho cyanecyane ibijyanye n'amata.(ari nko ku rusika cyangwa ku gatanda bubatse).

**Kuba igikanka**: kunanuka cyane bikabije.

**Kubungabunga umutekano**: kwita ku mutekano, gucunga umutekano ngo uhoreho…

**Kuganura**: kurya bwa mbere ku byo bejeje, gusangira umusaruro wa mbere...

**Kugariza** : guhangayikisha; gushaka kugirira nabi.

**Kugaya** : kunenga; kugaragaza ko ikintu kidakwiye.

**Kugira amaboko**: kugira inshuti nyinshi.

**kugira ishyaka**: kugira umwete, kugira ubutwari, kwiyongeramo imbaraga…

**Kumara amavuta**: umuhango wakorwaga n'abageni bakoze ubukwe. Bageraga aho bari burare bakabanza gukirana…

**Kumira nkeri:** kurohama mu mazi ugapfa, ugasoma amazi menshi ugahwera.

**Kunegekaza**: kuzahaza, guca intege…

**Kuva ku izima**: kwemera icyo wari wanze nyuma y'igihe kirekire.

**Kwagura**: kongera ubugari cyangwa ubunini.

**Kwegukana:** gutwara ikintu ugitsindiye abandi.

**Kwibaruka**: kubyara.

**Kwibasira**: kwitabira kugirira nabi umuntu cyangwa ikintu runaka.

**Kwica ugakiza:** kugira ububasha burenze ubw'abo muri kumwe, ariko ukabukoresha uko wiboneye nta we ugisha inama.

**Kwigiza nkana:** kwijijisha, gusa n'uwirengagiza ibintu kandi ubizi neza.

**Kwihanangiriza**: kwiyama umuntu bamusaba kutazasubira amakosa yakoze.

**Kwihera ijisho**: kwirebera.

**Kwitabira:** gufata umwanya wo kuboneka mu gikorwa runaka.

**Kwitotomba**: kuvuga amagambo menshi kubera ikintu giteye umuntu uburakari.

**Kwiyegamiza**: kwicara maze umurwayi akakwegamaho ngo aruhuke.

**Mu ruturuturu**: mu museso, mu gitondo cya kare, butaracya neza.

**Mugasizora**: mugakabya; mukarengera.

**Mukaba isandi**: mugasakuza cyane; mugasahinda.

**Nkoma agatima**: ntekereza.

**Ribura isoko**: ritakaza agaciro.

**Rubagimpande**: indwara y'imitsi ikunda gufata abantu bashaje.

**Rwanda rw'ejo** : abakiri bato, abakibyiruka.

**Ryihagazeho**: rifite agaciro kanini.

**Tembure**: ni agapapuro gato kariho igishushanyo n'amafaranga kagura kagenewe komekwa ku ibahasha kugira ngo iposita yemere kuyigeza aho igomba kujya.

**Twasemberera**: twaba ducumbitse ariko mu buryo budahesheje ishema.

**Ubumanzi**: ubunyangamugayo, umuco wo kwanga umugayo…

**Ubuziranenge**: kuba ikintu ari umwimerere kandi nta mwanda gifite.

**Ubwangwe**: ubunebwe.

**Umucakara:** umuntu ukora imirimo y'uburetwa, ivunanye cyane kandi nta gihembo.

**Umudugudu**: ahantu hagenewe guturwa mu cyaro, abantu bakahubaka

**Umuhondo** (amata): amata y'inka ikibyara.

**Umuruho**: imibereho mibi umuntu abamo igihe kirekire.

**Umutiba**: igikoresho babikamo imyaka kiboshye nk'igitebo ariko kikaba kirekire kurusha uko ari kigari.

**Umwete**: ubushake bwo gukora vuba, kutiganda…

**Urugwiro**: ubugwaneza, kwakirana umuntu ubwuzu, urukundo…

**Uruhererekane** : urukurikirane rw'ibintu runaka bifite icyo bihuriyeho.

**Urukumbuzi** : kumva wifuje guhura no kuganira n'umuntu mwigeze kubana.

**Uwafuditse**: uwakoresheje, uwakoze amafuti, uwakoze amakosa

## Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe


1. INTEGENYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA IKICIRO RUSANGE, Kigali, 2015
2. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Ubuyobozi bukuru bw'ubushakashatsi n'ubuhanga mu nyigisho, *IKIBONEZAMVUGO K'IKINYARWANDA, IYIGANTEGO N'IGENAMAJWI, IZINA* na *NTERA, Igitabo cy'umunyeshuri Imyaka 2 ya mbere Amashami yose, 1988*
3. Igazeti ya Leta no 41 yo ku wa 13/10/2014, *Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda, 2014*
4. BIZIMANA, S. n'abandi, *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, Igitabo cya Mbere,* IRST, 1998
5. BIZIMANA, S., *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, Igitabo cya gatatu, umusogongero ku buvaanganzo,* IRST, 1998
6. MUTAKE Tarisisi, Ikinyarwanda , Ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe "Risanzwe" les éditions de la Régie de l'imprimerie scolaire, 1991
7. INKORANYA Y'IKINYARWANDA MU KINYARWANDA, IRST, 2004.
8. FOUNTAIN PUBLISHERS, *IKINYARWANDA, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu amashuri yisumbuye Fountain Publishers,* 2013.
9. RUGAMBA C., Nkubambuze umugani, igitabo cya kabiri, INRS, BUTARE, 1988.
10. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO (NCDC), *IKINYARWANDA, Imyandiko rusange,* 2008
11. Microsoft Encarta, 2009.
12. DPES, *Ikinyarwanda Gusoma no gusesengura imyandiko I, bifatiye kuri SMITH, P, Le récit populaire au Rwanda,* Armand Colin, Paris, 1975, imp. 334 – 338